# Ikinyarwanda – Amashuri yisumbuye

## Umwaka wa 3

Igitabo cy'umwarimu

**Uburenganzira bw'umuhanzi**

© 2020 Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB)
Iki gitabo ni umutungo wa Leta y'u Rwanda
Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo bufitwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

## Ishakiro

IJAMBO RY'IBANZE ........ i

GUSHIMIRA ........ iii

INTANGIRIRO ........ iv

**Umutwe wa 1: Uburinganire n'ubwuzuzanye ........ 1**

Umwandiko: Uburinganire n'ubwuzuzanye ........ 3

Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(isomo1) ........ 3

Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko(isomo) ........ 7

Ibiganiro mpaka ........ 9

Intera ya mbere: Uko ibiganiro mpaka bikorwa(Isomo1) ........ 9

Umwandiko: Uburinganire n'ubwuzuzanye mu miyoborere ........ 13

Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(isomo1) ........ 13

Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko(isomo) ........ 17

Umwitozo w'ubumenyi ngiro ........ 19

Ikibonezamvugo: ........ 20

Inshamake y'ibyizwe muri uyu mutwe wa mbere ........ 27

Isuzuma risoza umutwe wa mbere ........ 28

Ubumenyi bw'inyongera ........ 28

Imyitozo nzamurabushobozi ........ 31

Imyitozo igenewe abafite inege nke mu myigire yabo ........ 31

Imyitozo nzamurabushobozi ........ 31

Imyitozo igenewe abanyeshuri bihuta cyane kurenza abandi: ........ 31

**Umutwe wa 2: Ubuzima ........ 32**

Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(amasomo 2) ........ 34

Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko( isomo 1) ..................38

Umwitozo w'ubumenyi ngiro ..................40

Ikibonezamvugo ..................42

Intera ya kane: Amasaku mu nteruro(amasomo3) ..................42

Umwandiko: Inkingo n'akamaro kazo ..................45

Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(isomo 1) ..................45

Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko(isomo 1) ..................49

Umwitozo w'ubumenyi ngiro ..................51

Intera ya mbere: ..................51

Ubumenyi bw'inyongera ..................53

Isuzuma risoza umutwe wa kabiri ..................54

Imyitozo nzamurabushobozi igenewe abafite intege nke mu myigire yabo..56

Imyitozo nyongerabushobozi igenewe abanyeshuri bihuta cyane kurenza abandi: ..................57

**Umutwe wa 3: Kubungabunga umuco ..................58**

Umwandiko: Imigenzo, imiziririzo no kubungabunga umuco nyarwanda .....60

Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(amasomo 2) ..................60

Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko( isomo 1) ..................64

Umwitozo w'ubumenyi ngiro ..................66

Intera ya mbere: ..................66

Insigamugani: Utabusya abwita ubumera ..................68

Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(isomo 1) ..................68

Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko(isomo 1) ..................72

Umwitozo w'ubumenyi ngiro ..................74

Ubuvanganzo ..................76

Intera ya kane: Insigamugani ..................76

Umwandiko: Ikinamico: Iyo wemeye inama...! ....................................................79
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(amasomo 2) .....................79
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko( isomo 1) ..................84
Umwitozo w’ubumenyi ngiro.......................................................................86
Ubuvanganzo ..............................................................................................87
Intera ya mbere: Ikinamico .........................................................................87
Ikibonezamvugo .........................................................................................90
Intera ya mbere: Ikinyazina nyamubaro ......................................................90
Ihangamwandiko .......................................................................................94
Intera ya mbere: Umwandiko ntekerezo(isomo 1).........................................94
Ubumenyi bw’inyongera.............................................................................98
Isuzuma rusange risoza umutwe wa gatatu ..................................................99
Imyitozo nsindagira bumenyi.....................................................................103

**Umutwe wa 4: Ibidukikije ..............................................106**

Umwandiko: Amatungo yo mu rugo..........................................................108
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(amasomo 2)....................108
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko( isomo 1) ................111
Umwitozo w’ubumenyi ngiro.....................................................................114
Ikibonezamvugo .......................................................................................115
Intera ya kane: Amoko y’inshinga .............................................................115
Umwandiko: Inyamaswa...........................................................................117
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(amasomo 2)....................117
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko(isomo 1)..................121
Umwitozo w’ubumenyi ngiro.....................................................................123
Ikibonezamvugo .......................................................................................125
Intera ya mbere: Uturemajambo tw’inshinga(amasomso 3)..........................125

Ubumenyi bw'inyongera ........ 130
Isuzuma rusange risoza umutwe wa kane. ........ 131
Imyitozo nzamurabushobozi igenewe abafite intege nke mu myigire yabo... 133
Imyitozo nyagurabushobozinsindagirabumenyi ........ 134

**Umutwe wa 5: Ibyiza bitatse u Rwanda ........ 135**

Umwandiko: Wari uzi u Rwanda? ........ 137
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(isomo 1) ........ 137
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko(Isomo 1) ........ 142
Umwitozo w'ubumenyi ngiro ........ 144
Ikibonezamvugo ........ 145
Intera ya mbere: Ikinyazina mpamagazi(isomo1) ........ 145
Umwandiko: Igihozo ........ 148
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(isomo 1) ........ 148
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko(isomo1) ........ 151
Ubuvanganzo ........ 153
Intera ya mbere: Ibihozo ........ 153
Umwandiko: Ikirezi cyange ........ 154
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(isomo1) ........ 154
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko(isomo1) ........ 158
Intera ya kane: Indirimbo ........ 159
Ubumenyi bw'inyongera ........ 161
Isuzuma risoza umutwe wa gatanu ........ 161
Imyitozo nzamurabushobozi: abafite intege nke mu myigire yabo ........ 163
Imyitozo nyungurabushobozi igenewe abanyeshuri bihuta cyane kurenza abandi: ........ 164

**Umutwe wa 6: Umuco w'amahoro ..............................166**

Umwandiko: Ingaruka za jenoside ....................168

Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(amasomo) ....................168

Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko(isomo) ....................171

Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro ....................173

Intera ya 2: Inyandiko mvugo(amasomo 2) ....................175

Umwandiko: Jenoside ntikongere ukundi! ....................178

Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(amasomo 2) ....................178

Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko(isomo 1) ....................182

Intera ya mbere: Umwitozo w'ubumenyi ngiro ....................184

Intera ya mbere: Ikinyazina kibaza(isomo 1) ....................185

Ikitonderwa: kangahe ....................188

Intera ya 2: Ikinyazina mboneranteko ....................188

Inshamake y'ibyizwe muri uyu mutwe wa gatandatu ....................191

Ubumenyi bw'inyongera ....................191

Isuzuma rusange risoza umutwe wa gatandatu ....................192

Imyitozo nzamurabushobozi ....................194

Imyitozo nyagurabushobozi igenewe abanyeshuri bihuta cyane kurenza abandi: ....................195

**Umutwe wa 7: Itumanaho ..............................196**

Umwandiko: Ibikoresho by'itumanaho ....................197

Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(amasomo 2) ....................197

Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko(amasomo 2) ....................202

Intera ya 1: Umwitozo w'ubumenyi ngiro ....................204

Intera ya kabiri: Inyandiko zikoreshwa mu butegetsi: Umwirondoro ....................206

Umwandiko: Itumanaho n'akamaro karyo ....................209

Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(amasomo 2) ....................209
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko(amasomo 2) ...........213
Ihangamwandiko ............................................................................215
Intera ya gatatu: Amatangazo ..........................................................215
Inshamake y'ibyizwe muri uyu mutwe wa karindwi..................................218
Ubumenyi bw'inyongera ....................................................................218
Isuzuma rusange risoza umutwe wa karindwi...........................................219
Imyitozo nzamurabushobozi igenewe abafite intege nke mu myigire yabo.221
Imyitozo nyagurabushobozi igenewe abanyeshuri bihuta cyane kurenza abandi: ..........................................................................................................221

**Umutwe wa 8: Ubufatanye no gukorera hamwe .......222**

**(Umubare w'amasomo: 13) ..........................................222**

Umwandiko: Kwishyira hamwe..............................................................224
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko (Isomo 1).........................224
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko (isomo 1) ................228
Umwandiko: Gira inka Munyarwanda......................................................230
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko..........................................230
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko ..................................234
Umwitozo w'ubumenyi ngiro ................................................................235
Inkuru ishushanyije: Kagenzi mu iterambere.............................................237
Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko (isomo 1) .........................237
Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko (isomo 1) ................240
Umwitozo w'ubumenyi ngiro ................................................................242
Ubuvanganzo .....................................................................................243
Inkuru ishushanyije.............................................................................243
Umwandiko: Inyandiko y'ikinyamakuru ..................................................245

Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko (Isomo1) ..........................245

Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko (Isomo 1) ................248

Umwitozo w'ubumenyi ngiro ..........................................................................249

Ubuvanganzo ......................................................................................................250

Intera ya 1: Inyandiko y'ikinyamakuru (Isomo 1)...........................................250

Inshamake y'ibyizwe muri uyu mutwe wa munani .........................................252

Ubumenyi bw'inyongera.......................................................................................252

Isuzuma risoza umutwe wa munani ..................................................................253

Imyitozo nzamura bushobozi igenewe abafite intege nke mu myigire yabo255

Umwitozo ngarurabushobozi ..............................................................................256

**Umutwe wa 9 : Uburezi n'uburere...............................257**

**(Umubare w'amasomo: 12) ..........................................257**

Umwandiko: Uburere buruta ubuvuke.............................................................259

Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ( amasomo 2) ................259

Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko (isomo 1) ................264

Ubumenyi rusange bw'ururimi............................................................................266

Intera ya mbere: Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda. (amasomo 2).........266

Amagambo yandikwa afatanye .........................................................................266

Amagambo yandikwa atandukanye..................................................................270

Umwandiko: Akamaro k'ishuri ..........................................................................274

Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko (amasomo 2)...................274

Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko (Isomo 1) ................278

Umwitozo w'ubumenyi ngiro ..........................................................................280

Intera ya mbere: andika ibitekerezo hubahirizwa amategeko y'imyandikire. ..........................................................................................................280

Umwandiko: Akamaro k'itorero .......................................................................281

Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko (Isomo 1)........................281

Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko (Isomo 1)................285

Umwitozo w'ubumenyi ngiro...............................................................................287

Intera ya mbere: Kwitoza no gushishikarira gusoma. (isomo 1)..................287

Ubuvanganzo.........................................................................................................288

Intera ya mbere: Imigani migufi (Isomo 1).......................................................288

Inshamake y'ibyizwe muri uyu mutwe wa kenda: ..........................................291

Ubumenyi bw'inyongera.......................................................................................291

Isuzuma rusange risoza umutwe wa kenda.......................................................293

Imyitozo nzamurabushobozi igenewe abafite intege nke mu myigire yabo 296

Imyitozonyagurabushobozi igenewe abanyeshuri bihuta cyane kurenza abandi: ..........................................................................................................................297

Ibitabo, inyandiko n'imbuga nkoranyambaga byifashishijwe..........................298

## IJAMBO RY'IBANZE

Barimu, barezi,

Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwarimu, umwaka wa gatatu, ikiciro rusange. Iki gitabo kizabafasha mu myigishirize ishingiye ku bushobozi bw'umunyeshuri mu kunoza imyigishirize y'ibiteganijwe. Intego u Rwanda rufite mu burezi ni ugukora ku buryo umunyeshuri agera ku rwego rushimishije rujyanye n'ikiciro arimo. Ibyo bigamije gutegurira abanyeshuri gukoresha neza amahirwe y'akazi aboneka mu muryango nyarwanda.

Mu rwego rwo kuzamura ireme ry'uburezi, Guverinoma y'u Rwanda ishyira imbaraga mu gutegura imfashanyigisho zijyanye n'integanyanyigisho kugira ngo bifashe abanyeshuri mu myigire yabo. Hari impamvu nyinshi zituma abanyeshuri biga, ibyo bize bikabaha ubushobozi bwo gukora. Muri zo twavuga ibyigwa biteguye neza, abarimu beza, uburyo bw'imyigishirize, uburyo isuzuma rikorwa ndetse n'imfashanyigisho zateguwe.

Muri iki gitabo, twitaye cyane ku myitozo ifasha abanyeshuri mu myigire yabo. Iyo myitozo bayubakiraho batanga ibitekerezo ndetse banivumburira udushya, binyuze mu bikorwa bifatika bikorwa na buri wese ku giti ke cyangwa bari mu matsinda mato. Iyo myitozo ibafasha kandi kwimakaza indangagaciro zizatuma haboneka ubudasa kuri bo ubwabo ndetse no ku Gihugu muri rusange. Bafashijwe n'abarimu abanyeshuri bazunguka ubushobozi bushya bazifashisha mu buzima bwabo buri imbere.

Mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi, imyigire yubakiye ku munyeshuri, aho ategurirwa ibikorwa bimwinjiza mu isomo, bikamufasha kwiyungura ubumenyi, kongera ubushobozi ndetse no kwimakaza indangagaciro zikwiye. Ibi bitandukanye n'imyigire ya kera yari ishingiye ku bumwenyi gusa, aho umwarimu yafatwaga nk'uzi byose. Ikindi kandi, ubu buryo buzafasha abanyeshuri gukora ibikorwa bitandukanye, batekereza ku byo bakora kandi banakoresha ubumenyi basanganwe muri iyo myigire.

Ni muri urwo rwego, mu mikoreshereze y'iki gitabo, mukwiye kwita kuri ibi bikurikira:

- Gutegura isomo n'imfashanyigisho ziboneye.
- Gushyira abanyeshuri mu matsinda mwita ku bushobozi bwa buri wese, ntimukore amatsinda y'abahanga gusa cyangwa ay'abadakurikira neza gusa.
- Guha abanyeshuri uruhare mu myigire yabo bajya impaka mu matsinda, bakorera imyitozo mu matsinda cyangwa buri wese ku giti ke kandi bakora ubushakashatsi.
- Gutegurira abanyeshuri uburyo buzamura ubushobozi bwabo mukoresheje imyitozo ituma batekereza byimbitse, bakemura ibibazo, bakora ubushakashatsi, bahanga udusha kandi bababasha gusabana, gukorera hamwe no kubana n'abandi.
- Gufasha no koroshya uburyo bw' imyigire muha agaciro imyitozo abanyeshuri bakorera mu ishuri.

- Kuyobora abanyeshuri mu guhuza ibyo bakoze.
- Gushyigikira imyitozo yakorewe mu ishuri na buri munyeshuri ku giti ke, mu matsinda mato ndetse no mu matsinda magari no gukoresha isuzuma rishingiye ku bushobozi hakoreshejwe uburyo buboneye bwo gusuzuma.

Mu kuborohereza kwigisha amasomo yanyu, ibigize iki gitabo cy'umwarimu birasobanuye kugira ngo mugikoreshe ku buryo bworoshye. Iki gitabo kigizwe n'ibice bitatu:
Igice cya mbere: Gisobanura imiterere y'igitabo n'uburyo bukoreshwa mu kwigisha.
Igice cya kabiri: Kigizwe n'ingero z'imiteguro y'amasomo atandukanye.
Igice cya gatatu: Kerekana uko buri somo riri mu gitabo cy'umunyeshuri ryigishwa.
Nubwo iki gitabo cy'umwarimu gifite ibisubizo by'imyitozo yose iri mu gitabo cy'umunyeshuri, ni ngombwa kubanza gusubiza buri kibazo na buri mwitozo mbere yo kumva no kugira icyo muvuga ku bisubizo by'abanyeshuri.
Twizeye ko iki gitabo kizagufasha kwigisha neza Ikinyarwanda, gukundisha abanyeshuri ururimi rw'Ikinyarwanda, umuco kibumbatiye, umuco wo gusoma no guhanga bigana ubuvanganzo bize, kugira ngo bakurane inyota yo kugira ubushobozi bwo gusabana n'abandi mu Kinyarwanda.

**Dr. NDAYAMBAJE Irénée**
**Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda/REB**

## GUSHIMIRA

Ndashimira abarimu bigisha  mu mashuri yisumbuye bitanze kugira ngo iki gitabo gishobore gukosorwa.

Ndashimira kandi abakozi b'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi  mu Rwanda, cyanecyane abo mu Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho bagize uruhare rukomeye muri uyu mushinga wo gukosora iki  gitabo.
Habaye hari ubundi bwunganizi ku byanozwa muri iki gitabo twabwakira kugira ngo buzifashishwe mu ivugururwa ryacyo.

**MURUNGI Joan**
**Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho/CTLRD**

## Intangiriro

Abanyeshuri biga neza iyo bagira uruhare mu myigire yabo kandi badafata mu mutwe gusa, ahubwo bagira ibikorwa bakora. Imbonezamasomo muri iki gitabo isaba umwarimu guha abanyeshuri uruhare runini mu myigire yabo, ikamuyobora mu kwigisha adafata umunyeshuri nk'aho nta kintu asanzwe azi, nk'aho agomba kumutsindagiramo ubumenyi. Mu yandi magambo, imusaba guhera ku byo umunyeshuri azi byo mu buzima abamo, agakangura ubwenge bw'umunyeshuri bigatuma abasha kwivumburira ibindi bishya atari azi. Nubwo gukorera mu matsinda byimakajwe ngo abana ubwabo bakurane umuco wo gutahiriza umugozi umwe no guterana inkunga, ni ngombwa ko umwarimu yita kuri buri munyeshuri kugira ngo amukosore mu mivugire, imisomere ndetse n'imyandikire ye. Iyi myigishirize izaha umunyeshuri uruhare runini rwo kwitoza kumva, kuvuga, gusoma, kwandika, gutekereza, gushyira mu gaciro no kwerekana imbamutima ze ashize amanga kandi anifitiye ikizere mu byo avuga n'ibyo akora. Mu myigishirize y'Ikinyarwanda, iki gitabo gisaba umwarimu guhera ku mfashanyigisho zifatika, zifite aho zihuriye n'umuco, amateka, ibidukikije n'imibereho y'Abanyarwanda kandi zijyanye n'ikigero cy'abanyeshuri.

Iki gitabo kigabanijwemo imitwe ikenda kandi buri mutwe ugaragaza umubare w'ibyigwa birimo. Buri mutwe ugiye ugabanyijemo ibyigwa bikubirwa mu ntera.

Hari ikigwa cy'umwandiko, ikibonezamvugo, ubuvanganzo, ubumenyi bw'ururimi,ubumenyingiro.
Mbere ya buri mutwe hateguwe iby'ingenzi umwarimu azibandaho muri ibyo byigwa byose. Ni ukuvuga ko mbere yo kwinjira mu byigwa bya buri mutwe, umwarimu abona umuyoboro w'ibyo akeneye kwimakaza yigisha; ari byo ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe, ubumenyi bw'ibanze, ubumenyi nsanganyamasomo buvugwaho, ubushobozi rusange, amagambo fatizo n'uburyo bwo kwita ku bafite ibibazo byihariye.

### 1. Imiterere ya buri kigwa n'imbonezamasomo zacyo

Muri iki gitabo herekanwa uburyo umwarimu yakwigisha ibyo byigwa bishingiye ku ngingo zisabwa mu nteganyanyigisho.

#### 1.1. Ikigwa cya mbere: Umwandiko

**Intera ya mbere: Gusoma no Kumva umwandiko**

**Ibikorwa by'umunyeshuri**

Muri iyi ntera ni ho abanyeshuri basoma umwandiko, bagasubiza ibibazo byo kumva umwandiko, bakanasobanura amagambo akomeye ari na ko bayakoresha mu nteruro ngo bagaragaze ko yumvikanye neza mu mvugiro runaka. Muri iyi ntera abanyeshuri baboneramo ubushobozi nsanganyamasomo bwo gushakira ibibazo ibisubizo,

ubushakashatsi, ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi.

**Imbonezamasomo muri iyi ntera**

Iyi ntera yo kumva no gusobanura umwandiko igabanyijemo ibyiciro bitatu: ivumburamatsiko, gusoma umwandiko no gusubiza ibibazo ku mwandiko.

## Ivumburamatsiko

Muri iki gice k'ivumburamatsiko umwarimu ahera ku mashusho ajyanye n'umwandiko, agasaba abanyeshuri kuyitegereza, akayababazaho ibibazo by'ivumburamatsiko byerekeza ku mwandiko bagiye gusoma. Bitewe n'uko imyandiko yose iba idafite amashusho, umwarimu ashobora no guhera ku kaganiro cyangwa ku bibazo byo mu buzima busanzwe byerekeza ku nsanganyamatsiko ikubiye muri uwo mwandiko, ku majwi cyangwa amashusho yafashwe ku byuma by'ikoranabuhanga cyangwa se akifashisha izindi mfashanyigisho zifatika bitewe n'umwandiko bagiye gusoma. Iyo birangiye aboneraho kubwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko, inkuru, indirimbo cyangwa umuvugo ujyanye n'ibibazo mvumburamatsiko.

## Gusoma

Iki gice cyo gusoma gikorwa mu buryo bubiri: gusoma bucece no gusoma baranguruye.

**a) Gusoma bucece**

Uko abanyeshuri bagiye gusoma bwa mbere umwandiko mushya, umwarimu abasaba kuwusoma bucece akagenda agenzura uko bikorwa. Abasaba no kugenda bandika amagambo batumva neza kugira ngo baze kuyasobanura nyuma. Ubu buryo bwo gusoma ni ingenzi ku munyeshuri kuko bumutegura kuza gusoma neza aranguruye ijwi, atanategwa. Iyo barangije gusoma bucece ababaza ibibazo byo gusuzuma ko basomye. Ibyo bibazo abibabaza yabanje kubasaba kubumba ibitabo byabo. Ni ibibazo byoroheje bidasaba ibitekerezo byimbitse.

**b) Gusoma baranguruye ijwi**

Mbere yo gushakisha ibisubizo by'ibibazo, abanyeshuri basabwa gusoma baranguruye ijwi kugira ngo bitoze imisomere iboneye kandi ababateze amatwi na bo barusheho kumva neza ibyo bari basomye bucece. Umunyeshuri rero usoma agasabwa gusoma aranguruye ijwi, adategwa, agaragaza isesekaza kandi anubahiriza utwatuzo n'iyitsa. Umunyeshuri umwe asoma igika kimwe, yakirangiza mugenzi we akamwakira ku gika gikurikiyeho kugira ngo hasome benshi bashoboka. Bagakomeza bakuranwa batyo kugeza umwandiko urangiye.

Umwarimu asabwe kugenda akosora abanyeshuri basoma nabi. Mu gihe ashakisha umunyeshuri usoma, agenda anagenzura ubukesha bw'abanyeshuri mu kwitabira gusoma. Abo abona batabyitabira, agakora uko ashoboye na bo akabatoranyamo

abasoma kugira ngo abatinyure bimenyereze gusoma nta mususu. Iyo umwandiko urangiye bose batabashije gusoma ubutaha abatasomye ni bo aheraho kugira ngo na bo babone amahirwe yo gusoma umwandiko. Iyo umwarimu abona ko hari abanyeshuri bakijijinganya mu gusoma, akora uko ashoboye kugira ngo na bo bashobore gusoma neza, bumvikanisha ibitekerezo byabo, batajijinganya. Abo kandi ni na bo yibandaho kugira ngo agenzure niba bagenda batera intambwe.

**Gusubiza ibibazo ku mwandiko**

Iyo gusoma baranguruye ijwi birangiye, umwarimu afasha abanyeshuri gukora amatsinda akabasaba gusubiza ibibazo ku mwandiko. Ayo matsinda kandi ntagomba kuba ari amwe buri gihe. Ni amatsinda agizwe n'abanyeshuri batandukanye; ab'ibitsina byombi, ab'intege nke n'abari imbere mu myigire, abafite ibibazo mu myigire n'abatabifite, abafite ubumuga n'abatabufite… Iyo abanyeshuri bakorera mu matsinda bishakamo umuyobozi w'itsinda, n'uwandika ibyo bumvikanyeho mu itsinda, akaba ari na we uza kubigaragariza abandi. Nk'uko amatsinda agenda ahinduka, ni na ko n'abayobozi n'abanditsi bayo bagenda bahinduka ku buryo buri munyeshuri izi nshingano zo mu itsinda zimugeraho. Iyo bari mu matsinda umwarimu agenda agenzura imikorere ya buri tsinda, abakeneye ubufasha mu gusobanukirwa n'ibyo basabwa gukora akabubaha.

**Ibibazo byo kumva umwandiko**

Muri iki gitabo hateganyijwemo ibibazo byo kumva umwandiko n'ibisubizo byabyo. Bene ibi bibazo biteguye uko bigenda birutana mu ntera, ku buryo hari ibyo ahita abonera ibisubizo mu mwandiko, ibindi akabibonera ibisubizo abanje gukoresha ubundi bumenyi asanganywe ku giti ke. Kuri ibi bibazo, umwarimu ashobora kongeraho ibindi bituma agera ku ngingo nsanganyamasomo zitari zabajijweho ziteganywa kwimakazwa.

Imbonezamasomo y'iki gitabo iteganya ko umwarimu yagabanya ibibazo mu matsinda anyuranye, amatsinda nk'abirabiri akagenda akora ibibazo runaka bitewe n'umubare wabyo cyangwa buri tsinda rigasubiza ibibazo byose byo kumva umwandiko. Iyo igihe umwarimu yabahaye kirangiye umwanditsi w'itsinda amurika ibisubizo itsinda rye ryagezweho, maze umwarimu akayobora abanyeshuri mu kubinoza. Mu rwego rwo gukoresha neza igihe, itsinda rimwe rimurika ibyo ryagezeho andi matsinda asigaye agakurikira ibyo rivuga. Ryarangiza, amatsinda asigaye akuzuza ibyo irya mbere ritavuze cyangwa agakosora ibyo bavuze bidahuye n'ibyasabwaga akabikorera ubugororangingo. Bityo, hakavaho kuza gusubira mu byavuzwe n'itsinda ryabanje.

Nubwo bwose iyi mikorere y'amatsinda ivuzweho mu ntera ya mbere yo kumva no gusobanura umwandiko, ikomeza gukoreshwa no mu zindi ntera zisigaye.

### Inyunguramagambo

Muri iki gice, umunyeshuri asabwa kugaragaza ubumenyi afite asobanura inyunguramagambo zagaragajwe mu magambo ye bwite no gushyira mu ngiro ubwo bumenyi azikoresha mu nteruro.

Ibisobanuro by'ayo magambo babishakisha bifashishije inkoranyamagambo n'urutonde rw'amagambo ruri mu gitabo cy'umunyeshuri mu gice cyo kwiyungura amagambo cyangwa bakifashisha imbuga nkoranyambaga ku bafite za mudasobwa zikoresha interineti. Muri iki gice umunyeshuri asobanura ijambo mu magambo ye, bitaba ibyo, agatanga impuzanyito cyangwa imbusane yaryo. Ibisobanuro by'inyunguramagambo bigaragara muri iki gitabo cy'umwarimu ariko biziyongeraho iby'ayandi magambo azagaragazwa n'abanyeshuri igihe basoma.

Nyuma yo kunoza ibisobanuro by'amagambo akomeye bafatanyije n'umwarimu, abanyeshuri bahabwa umwitozo wo gukoresha amagambo. Muri iki gitabo, uyu mwitozo uri mu byiciro binyuranye. Umunyeshuri asabwa gukoresha mu nteruro ziboneye ayo magambo bamaze kunguka, gutahura amagambo mu kinyatuzu cyangwa kuyuzuzamo bamuhaye ibibazo asubiza , kuzurisha amagambo mu nteruro, guhuza amagambo n'ibisobanuro byayo babishyize mu mpushya cyangwa inziga ebyirebyiri.

### Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

Muri iyi ntera ya kabiri, gusesengura umwandiko bihera ku bikorwa by'umunyeshuri byo gusesengura umwandiko biba bigaragara mu gitabo ke. Muri uyu mwitozo abanyeshuri bahabonera ubushobozi nsanganyamasomo bwo gushakira ibibazo ibisubizo, ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi.

Imbonezamasomo y'iyi ntera igaragaza ibice bitatu, ari byo isubiramo, gusoma no gusesengura.

### Isubiramo

Mu isubiramo umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kubibutsa umwandiko baheruka gusoma n'ibyari biwukubiyemo

#### Gusoma umwandiko

Mbere yo gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko byateguwe mu gitabo cy'umunyeshuri, umwarimu asaba abanyeshuri kubanza kuwusoma baranguruye ijwi hanyuma ibibazo bakanabyandika ku kibaho.

#### Gusesengura

Ibyo gusoma birangiye, abanyeshuri bajya mu matsinda bagasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko maze nyuma y'igihe umwarimu yabageneye, ibisubizo bikamurikwa mu ruhame; itsinda ritangiye andi akaryunganira. Bitewe n'uko abona

abanyeshuri be n'intego ashaka ashobora kubaha ibindi bibazo byababafasha neza kugera ku bisubizo yifuza.

Muri iki gice, umunyeshuri asabwa nko gushaka ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko, kuvuga insanganyamatsiko iri mu mwandiko, kugaragaza ibice by'umwandiko, kugaragaza ingingo z'ingenzi zivugwa mu mwandiko, guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe, kugaragaza uturango tw'umuco n'utw'amateka, kimwe no gusobanura ikeshamvugo ryakoreshejwe mu mwandiko.

Ibi byateguwe kugira ngo umunyeshuri yumve umwandiko ku buryo bwimbitse, acengerwe neza n'insanganyamatsiko yateguriwe cyanecyane ko ibyigwa bishingiye ku nsanganyamatsiko zarobanuwe ngo umwana w'Umunyarwanda aziteho by'umwihariko.

### 1.2. Ikigwa cya kabiri: Ubumenyi ngiro bw'umunyeshuri

## Intera ya 1: Kungurana ibitekerezo/Kujya impaka/Guhanga umwandiko/ Gutora umuvugo…

Muri iki kigwa umwitozo w'ubumenyi ngiro abanyeshuri bashobora kuvuga, kwandika no guhanga. Ni muri uyu mwitozo abanyeshuri babonera ubushobozi nsanganyamasomo bwo gushakira ibibazo ibisubizo no gusabana mu Kinyarwanda cyanecyane ko baba bahuza ibyo biga n'ibyo babona bikorwa mu buzima bwa buri munsi. Muri iki kigwa kandi abanyeshuri bihigira ingingo nsanganyamasomo bazijyaho impaka bakanunguranaho ibitekerezo.

### a) Kungurana ibitekerezo

Iyo ari ukungurana ibitekerezo, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma insanganyamatsiko igaragara mu gitabo cy'umunyeshuri no kuyunguranaho ibitekerezo. Izo nsanganyamatsiko zisomwa baranguruye ijwi kugira ngo bifashe abafite ubumuga bwo kutabona, zikanandikwa ku kibaho kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva babibone aho byanditse. Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo ujya aha abandi umwanya wo gutanga ibitekerezo byabo no kugira icyo yavuga ku bitekerezo by'abandi. Mu gihe bungurana ibitekerezo umwarimu agenzura uko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira abibashishikarize. Nyuma yo kungurana ibitekerezo umwarimu afasha abanyeshuri gukora umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo. Bikandikwa ku kibaho.

### b) Kujya impaka

Iyo ari ukujya impaka, umwarimu abwira abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari insanganyamatsiko bajyaho impaka. Mu rwego rwo gufasha abafite ubumuga bwo kutumva neza cyangwa kutabona, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma insanganyamatsiko baranguruye ijwi hanyuma akayandika ku kibaho kugira ngo abafite

ubumuga bwo kutumva babibone aho byanditse. Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda abiri bakurikije aho bumva babogamiye. Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro mpaka akamusaba gutangiza ikiganiro mpaka no kukiyobora akurikije amabwiriza agenga ibiganiro mpaka. Mu gihe bajya impaka, umwarimu agenzura uburyo abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo n'imyitwarire yabo muri izo mpaka bajya.  Iyo barangije umwarimu afatanya n'abanyeshuri bajyaga impaka ndetse n'indorerezi gukora umwanzuro w'impaka ukandikwa ku kibaho.

**c) Guhanga**

Iyo ari uguhanga, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma no kwandika ku kibaho ikibazo gisaba guhanga kiri mu gitabo cy'umwarimu. Akibaha nk'umukoro ushobora gukorerwa mu matsinda cyangwa ugakorwa n'umuntu ku giti ke.  Abaha kandi igihe cyo kubikora cyagera bagakosorera hamwe igihangano mu matsinda bagendeye ku turango tujyanye n'igihangano bahaweho umukoro. Icyo gihe, igihangano iyo kidasomwe cyandikwa ku kibaho, maze buri tsinda rikagaragaza uko ribona icyo gihangano, ryerekana ibyiza n'inenge bikirimo, igihe bihari. Nuko  umwarimu akabafasha kubikorera ubugororangingo. Umwarimu kandi ashobora kubikosora agenda agaragariza buri wese ibyiza n'ibitagenda neza mu gihangano ke.

**d) Gutora umuvugo**

Iyo ari ugutora umuvugo, buri munyeshuri ahabwa igihe cyo kuwufata mu mutwe nyuma akajya imbere y'abandi akawuvuga. Bagenzi be bagenda basuzuma niba yubahirije isesekaza n'iyitsa cyangwa niba atasimbukaga imikarago cyangwa ngo arye amagambo.

## 1.3. Icyigwa cya gatatu: Ikibonezamvugo/inshoza y'ubuvanganzo/ubumenyi bw'ururimi

Muri iki gice ni ho abanyeshuri bigira ikibonezamvugo n'ubuvanganzo. Ikibonezamvugo n'ubuvanganzo bihera ku ngero zivanwa mu mwandiko wizwe. Nuko  umunyeshuri akaziheraho atahura ibyo asabwa mu kibonezamvugo cyangwa ubuvanganzo.

**Imbonezamasomo**

Imbonezamasomo y'ikibonezamvugo cyangwa iy'ubuvanganzo igaragaramo ivumburamatsiko, gusesengura  no kumurika ibyavuye mu matsinda ndetse n'imyitozo.

**Ivumburamatsiko**

Mu ivumburamatsiko, umwarimu asaba abanyeshuri kwitegereza  interuro zavuye mu mwandiko baheruka kwiga, zirimo amagambo yerekeza ku kibonezamvugo bagiye kwiga cyanecyane amagambo yandikishije ibara ry'umukara tsiri cyangwa aciyeho akarongo nyuma  akababaza  ibibazo biganisha ku kibonezamvugo kigwa.

**Gusesengura**

Muri iki gice umwarimu asaba abanyeshuri gukora amatsinda angana n'ibyigwa bikubiye muri icyo kibonezamvugo akabagabanya ibyo bagomba gukora kuri buri kigwa. Umwarimu abaha igihe cyo kubikora akanababwira aho bakorera ubwo bushakashatsi, aakabarangira n' ibitabo binyuranye bakwifashisha.Ubushakashatsi bwabo bukorerwa mu ishuri ndetse no mu isomero cyangwa kuri mudasobwa zifite interineti mu bigo zibamo.

**Kumurika ibyavuye mu matsinda**

Nyuma yo kwegeranya ibyo bakuye mu bushakashatsi, abanyeshuri bamurika ibyo bagezeho mu matsinda. Iyo itsinda rimwe rimurika ibyavuye mu bushakashatsi bwabo, andi matsinda ayobowe n'umwarimu abafasha kubinonosora, bikandikwa ku kibaho. Nyuma yaho umwarimu agasaba abanyeshuri bose kubyandika mu makayi yabo.

**Imyitozo**

Iyi myitozo yateguwe hashingiwe ku ntego zihariye z'isomo zigaragara mu nteganyanyigisho. Umwarimu asaba abanyeshuri gukora iyo myitozo cyangwa akaba yabaha indi ariko ijyanye n'intego z'isomo. Iyo barangije kuyikora, bayikosora bayobowe n'umwarimu, bakandika ku kibaho ibisubizo by'ukuri.

**2. Uburyo bwo gukora isuzuma**

Amasuzuma aba mu ngeri nyinshi hashingiwe ku barikoresha. Muri iki gitabo hateguwe gusa amasuzuma atangwa n'umwarimu agenzura umunsi ku munsi imikorere, imyitwarire n'ubwitabire bwa buri munyeshuri mu gihe yiga, yaba ari mu itsinda na bagenzi be, yaba asubiza ibyo abajijwe, yaba asoma cyangwa se atora imivugo. Nyuma y'isuzuma ryo kwitegereza ukwitabira amasomo k'umunyeshuri ku giti ke cyangwa akorera mu itsinda, umwarimu asuzuma umunyeshuri mu byiciro bibiri. Akoresha imyitozo kugira ngo arebe niba intego z'isomo yatanze zagezweho, cyangwa agatanga isuzuma ryo kunoza imyigire n'imyigishirize. Ni muri urwo rwego rero umwarimu yateguriwe imyitozo n'ibisubizo byayo akazajya ayiha abanyeshuri asuzuma ko ibyo yabigishije babyumvise neza uwo munsi, akanategurirwa isuzuma rikusanya ibyizwe mu mutwe wose, maze umwarimu akazajya aritanga mu rwego rwo kugenzura ko umunyeshuri yumva neza iby'uwo mutwe mbere y'uko batangira undi mutwe.

Iri suzuma risoza umutwe ryateguwe hashingiwe ku bushobozi bw'ingenzi bugamijwe muri buri mutwe, kandi rigaragaramo n'imyitozo ijyanye n'ubuzima bwa buri munsi umunyeshuri abamo, ku buryo kubisubiza biba bimutoza umuco wo gukemura ibibazo runaka ashyira mu bikorwa ibyo yize.

Iyo nyuma yo gusubiza ibibazo by'isuzuma risoza umutwe hagaragaye abatabashije kugera ku bushobozi bukenewe, bahabwa imyitozo nzamurabushobozi naho abageze ku bushobozi bwifuzwa bagahabwa imyitozo nyagurabushobozi.

Umwarimu ntagomba gutangira undi mutwe mu gihe ibisubizo by'isuzuma rispoza umutwe bimwereka ko abanyeshuri batakenetse ibiwukubiyemo. Mu bibazo byateguwe harimo ibijyanye no kwitegereza, ibibazo basubiza bandika n' ibibazo basubiza bavuga.

### Imitegurire y'ibibazo by'isuzuma

Muri iki gitabo ibibazo by'isuzuma byateguwe hashingiwe ku ntego zihariye z'isomo no ku bigenderwaho mu isuzuma rya buri mutwe bigaragara mu nteganyanyigisho. Ibibazo byinshi ni ibisaba umunyeshuri gushyira mu bikorwa ibyo yize, si ibibazo bimusaba kuvuga ibyo yafashe mu mutwe gusa. Ibibazo biri mu nzego hashingiwe ku rwego rw'intego Bulumu (Bloom). Mu nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi, ibibazo biri ku ntera zo hejuru ku rwego rw'intego rwa Bulumu (Bloom) ni byo twahaye umwanya ugaragara kurusha ibibazo bishingiye ku ntera zo hasi zijyanye n'ubumenyi no kumva.

### 3. Imfashanyigisho zikenerwa

Kuri buri ntera hagaragazwa imfashanyigisho umwarimu yakoresha kugira ngo isomo ryumvikane neza. Izi mfashanyigisho si zo umwarimu azakoresha gusa kuko na we ashobora gukenera izindi mfashanyigisho zifatika zo kwifashisha ashingiye ku miterere y'ishuri n'abanyeshuri be. Ni ngombwa kandi ko habaho isomero kuri buri kigo mu rwego rwo gufasha umwarimu n'umunyeshuri kwibonera imfashanyigisho cyane ko mu mbonezamasomo zijyanye n'ibyigwa bimwe na bimwe umwarimu asabwa kohereza abanyeshuri mu isomero akabarangira ibitabo bakoresha mu bushakashatsi bwabo.

Muri iki gitabo hanateganyijwemo ko umwarimu azifashisha n'imfashanyigisho zisaba ibyuma by'ikoranabuhanga kugira ngo babashe kujyana n'aho Igihugu kigeze. Hateganyijwe ko umwarimu n'abanyeshuri bazifashisha nka terefoni cyangwa mudasobwa zifite interineti mu gihe bakora ubushakashatsi ku mbuga nkoranyambaga, bagakoresha imfashanyigisho z'iyumvabona (tereviziyo na sinema), imfashanyigisho zitegwa amatwi (amajwi yafashwe) ndetse n'ibinyamakuru. Hakenewe kandi imfashanyigisho z'abafite ibibazo byihariye nk'abafite ubumuga bwo kutabona cyangwa bwo kutumva...

### 4. Uburyo bwo kwita ku bafite ibibazo byihariye

Mu mbonezamasomo y'iki gitabo, umwarimu asabwa kwita ku bafite ibibazo byihariye kugira ngo bashobore kujyana n'abandi. Mu myigishirize igaragara mu ntera zinyuranye z'iki gitabo, umwarimu yerekwa uburyo bumwe na bumwe yakwifashisha abitaho na we akazongeraho ubwe bitewe n'imbogamizi zihariye abonanye umunyeshuri umuri imbere. Ni ngombwa ko umwarimu akwiye no kugira amahugurwa ku mikoreshereze y'imfashanyigisho zigenerwa abafite ibibazo byihariye kugira ngo abashe kwita kuri

buri munyeshuri aho ari hose.

## 5. Uburyo bwo kwimakaza ubushobozi nsanganyamasomo

Imyitozo iri muri iki gitabo iteguwe ku buryo ubushobozi nsanganyamasomo bugaragaramo hose. Ni ngombwa ko mu gukora iyo myitozo, umwarimu akora uko ashoboye kugira ngo ubwo bushobozi abanyeshuri babugire koko. Ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo bugaragarizwa cyane mu bibazo bimwe na bimwe byo kumva umwandiko, ibyo gusesengura umwandiko n'ibyo kungurana ibitekerezo cyangwa ibyo kugibwaho impaka biba bisaba umunyeshuri gutekereza byimbitse kugira ngo abe yakemura ikibazo ahuye na cyo yifashishije ibyo yize. Ubushobozi bwo guhanga udushya muri iki gitabo bugaragarira mu myitozo inyuranye yo guhanga n'iyo gukina bigana nko mu gihe bize ikinamico cyangwa bigana abakinankuru bo mu mwandiko bize.

Ubushakashatsi bwo bugaragarizwa mu myitozo y'inyunguramagambo aho umunyeshuri asabwa gukoresha inkoranyamagambo na mudasobwa zifite interineti aho bishoboka ashaka ibisobanuro by'amagambo akomeye. kandi mu byigwa bisaba umunyeshuri kwitabira amasomero cyangwa imbuga nkoranyambaga, agahabwa ibibazo yakwifashisha kugira ngo asesengure ikibonezamvugo cyangwa ingeri y'ubuvanganzo bwigwa muri iyo ntera. Gusabana mu Kinyarwanda bigaragarira mu myitozo inyuranye yo kujya impaka no kungurana ibitekerezo aho umunyeshuri asabwa kuvugira mu ruhame no kujora ibitekerezo bya bagenzi be. Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi bigaragarira cyane mu myitozo yo gukorera mu matsinda afatanya na bagenzi be. Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi bigaragarira mu mikoro agenga ahabwa, aba agomba gukora ari wenyine cyangwa abaza abo babana. Umwarimu rero arasabwa gutsindagira ubwo bushobozi na we aha umwanya abanyeshuri kandi akumva ibyo bakuye mu bushakashatsi bakoze.

## 6. Uburyo bwo kwimakaza ingingo nsanganyamasomo

Muri iki gitabo ingingo nsanganyamasomo zahawe agaciro cyanecyane ko imyinshi mu myandiko yateguriwe gusesengurwa no guherwaho mu kwiga ikibonezamvugo, ubumenyi bw'ururimi yemwe n'ubuvanganzo ari zo yagiye ishingiraho nk'uko n'abateguye integanyanyigisho bari bazishingiyeho mu kugena insanganyamatsiko za buri mutwe. Si imyandiko gusa ibonekamo ingingo nsanganyamasomo, kuko zigaragara no mu myitozo inyuranye yo kujya impaka no kungurana ibitekerezo. Nk'uburinganire n'ubwuzuzanye buvugwa cyane mu myandiko ku buringanire n'ubwuzuzanye mu mutwe wa mbere aho abanyeshuri basabwa kujya impaka ku kamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abashakanye, mu buyobozi no mu mibanire y'abantu muri rusange. Iterambere ry'ubukungu ryibandwaho mu mutwe

wa kenda mu iterambere n'ikoranabuhanga, mu myandiko ivuga ku kamaro k'itorero mu muvugo wa Gira Inka Munyarwanda no mu nkuru ishushanyije.

Kwimakaza umuco w'amahoro bigaragarira mu nyigisho kuri jenoside. Umwarimu azikomozaho mu gusesengura imyandiko yo mu mutwe wa gatandatu mu gihe aganira n'abanyeshuri ku ngaruka za jenoside no ku buryo buboneye bwo kuyikumira. Uburezi budaheza buvugwaho mu mutwe wa kenda uvuga ku burezi n'uburere.

Umwarimu arasabwa kwibanda cyane kuri izi ngingo nsanganyamasomo. Integanyanyigisho ubwayo iteganya insanganyamatsiko zihimbwaho imyandiko ihereye ku ngingo nsanganyamasomo. Ahatari umwandiko zishingiyeho, umwarimu azisanga mu myitozo ibazwa mu kumva cyangwa gusesengura umwandiko ndetse no mu yo kungurana ibitekerezo no kujya impaka. Umwarimu na we ubwe yemerewe kongera indi myitozo ku yateguwe mu rwego rwo kurera no kuyobora umwana w'Umunyarwanda mu nzira yo gukura akurana uburere n'ubujijuke bujyana n'aho isi igeze muri iki gihe.

## 7. Inyongera

Mu ntangiriro y'iki gitabo, harimo imbonerahamwe zikubiyemo ibyigwa mu mitwe yo mu gitabo cy'umunyeshuri n'imbata y'isomo umwarimu yagenderaho na we ategura andi masomo asigaye.

a) **Imbonerahamwe z'imitwe yo mu gitabo cy'umunyeshuri**
Umwarimu yoroherejwe kumenya mu buryo bwihuse aho ashakira isomo runaka muri iki gitabo kugira ngo mu gihe akifashisha hamwe n'icy'umunyeshuri adatakaza umwanya arambura impapuro nyinshi arishakisha. Imitwe n'ibiyirimo byashyizwe mu mbonerahamwe areberamo akajya gushaka isomo azi aho riherereye, anazi ubushobozi umunyeshuri azaba yifitemo arangije kwiga iryo somo.

b) **Imbata y'amasomo**
Muri iki gitabo, hashyizemo urugero rw'umuteguro w'isomo mu rwego rwo korohereza umwarimu gutegura amasomo anyuranye nko kumva umwandiko n'inyunguramagambo, gusesengura umwandiko, kwigisha imyandiko yihariye nk'imivugo cyangwa amabaruwa, ibiganiro mpaka, kwigisha ubumenyi bw'ururimi nk'imyandikire y'Ikinyarwanda, n'ikibonezamvugo.

c) **Umuteguro w'isomo.**
Ku mpera ya buri mutwe, nyuma y'isuzuma risoza umutwe hateganyijwe imyitozo nzamurabushobozi yazajya yifashishwa mu gihe hari uwo byagaragaye ko akeneye indi myitozo imuzamura nkuko atarumva neza ibikubiye mu mutwe baba barangije kwiga. Hari kandi n'imyitozo nyagurabushobozi igenewe abanyeshuri

bihuta cyane kurenza abandi igihe bahari. Iyi myitozo umwarimu ayiheraho agashaka n'indi bitewe n'uko abona uwo ashaka gufasha ahagaze.

## Imbonerahamwe z'imitwe y'igitabo k'Ikinyarwanda cy'umwaka wa gatatu w'amashuri yisumbuye

| |
|---|
| **Umutwe wa mbere: Uburinganire n'ubwuzuzanye** |
| **Umubare w' amasomo : 8** |
| **Ubushobozi bw' ingenzi bugamijwe:**<br>– Gusesengura umwandiko ku nsanganyamatsiko y'uburinganire n'ubwuzuzanye.<br>– Kujya impaka ku nsanganyamatsiko y'uburinganire n'ubwuzuzanye.<br>– Gusesengura amazina y'urusobe. |
| **Umubare w'ibyigwa: 4** |
| **Imfashanyigisho zisabwa:**<br>Imyandiko ivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu myandiko, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo. |
| **Ibikorwa / uburyo bw'imyigishirize:**<br>– Kubaza abanyeshuri ibibazo by'ivumburamatsiko.<br>– Gusomesha umwandiko mu matsinda (bucece ndetse no kurangurura ijwi) abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo kumva umwandiko n'ibibazo bijyanye n'inyunguramagambo ndetse no gukoresha amagambo mu nteruro.<br>– Gukoresha isubiramo habazwa ibibazo byibutsa ibyizwe mu mwandiko no kongera gusoma umwandiko, abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.<br>– Gukoresha imyitozo y'ubumenyi ngiro yo kungurana ibitekerezo, no kujya impaka.<br>– Mu kibonezamvugo hifashishwa interuro zifasha abanyeshuri kuvumbura ikigwa ku mazina y'urusobe: inshoza y'amazina y'urusobe, uturango tw'amazina y'urusobe, amoko y'amazina y'urusobe n'intego y'amazina y'urusobe. |
| **Ubushobozi nsanganyamasomo buzibandwaho:**<br>–Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo.<br>– Gusabana mu Kinyarwanda.<br>– Ubufatanye n'imibanire ikwiye n'abandi.<br>– Ubushakashatsi<br>– Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi |
| **Ingingo nsanganyamasomo zizibandwaho:** |
| – Uburinganire n'ubwuzuzanye.<br>– Umuco wo kuzigama.<br>– Kurwanya jenoside.<br>– Uburezi budaheza. |

**Uburyo bwo gusuzuma ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe mu mutwe:**

- Gusoma no kumva imyandiko ivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye.
- Gusoma no gusesengura imyandiko ku buringanire n'ubwuzuzanye.
- Imyitozo yo gukoresha neza amagambo yungutse mu nteruro ziboneye.
- Imyitozo yo kungurana ibitekerezo no kujya impaka hatangwa ibitekerezo bihamye kandi byunganirana.
- Imyitozo yo gutahura mu nteruro amazina y'urusobe, kuyakoresha mu nteruro, kugaragaza inshoza n'uturango twayo ndetse no kuyasesengura hagaragazwa intego zayo.

| **Umutwe wa kabiri: Ubuzima** |
|---|
| **Umubare w' amasomo : 12** |
| **Ubushobozi bw' ingenzi bugamijwe:**<br>– Gusesengura imyandiko ku nsanganyamatsiko y'ubuzima.<br>– Gushyira ubutinde n'amasaku ku nteruro. |
| **Umubare w'ibyigwa: 5** |
| **Imfashanyigisho zisabwa:**<br>Imyandiko ivuga ku buzima bw'imyororokere no ku kamaro k'inkingo, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu myandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ifishi y'ikingira n'inkoranyamagambo. |
| **Ibikorwa / uburyo bw'imyigishirize:**<br>– Kubaza abanyeshuri ibibazo by'ivumburamatsiko.<br>– Gusomesha imyandiko mu matsinda (bucece ndetse no kurangurura ijwi) abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo kumva umwandiko n'ibibazo bijyanye n'inyunguramagambo ndetse no gukoresha amagambo mu nteruro.<br>– Gukoresha isubiramo habazwa ibibazo byibutsa ibyizwe mu mwandiko no kongera gusoma umwandiko, abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.<br>– Gukoresha imyitozo y'ubumenyi ngiro yo kuvugira mu ruhame bagaragaza ibitekerezo bihamye ku ngingo yo guharanira ubuzima bwiza.<br>– Mu kibonezamvugo hifashishwa interuro zifasha abanyeshuri kuvumbura ikigwa ku butinde n'amasaku mu nteruro n'amasaku mbonezanteruro. |
| **Ubushobozi nsanganyamasomo buzibandwaho:**<br>– Ubushobozi no gushakira ibibazo ibisubizo.<br>– Gusabana mu kinyarwanda.<br>– Ubufatanye n'imibanire ikwiye n'abandi.<br>– Ubushakashatsi.<br>– Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi |

| |
|---|
| **Ingingo nsanganyamasomo zizibandwaho:**<br>– Uburezi budaheza.<br>– Ubuzima bw'imyororokere<br>– Umuco wo kwita ku buziranenge. |
| **Uburyo bwo gusuzuma ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe mu mutwe:**<br>– Gusoma no kumva imyandiko ivuga ku buzima bw'imyororokere no ku kamaro k'inkingo.<br>– Gusoma no gusesengura imyandiko ivuga ku buzima bw'imyororokere no ku kamaro k'inkingo.<br>– Imyitozo yo gukoresha neza amagambo bungutse mu nteruro ziboneye.<br>– Imyitozo inyuranye yo kwandika interuro bagaragaza ubutinde n'amasaku. |

| |
|---|
| **Umutwe wa gatatu: Kubungabunga umuco nyarwanda.** |
| **Umubare w' amasomo: 16** |
| **Ubushobozi bw' ingenzi bugamijwe:**<br>– Gusesengura imyandiko ku ngingo yo kubungabunga umuco nyarwanda.<br>– Gusesengura ibinyazina nyamubaro.<br>– Gusesengura insigamigani n'ikinamico no gukina ikinamico.<br>– Kugaragaza uturango n'imbata by'umwandiko ntekerezo. |
| **Umubare w'ibyigwa: 10** |
| **Imfashanyigisho zisabwa:**<br>Imyandiko ivuga ku kubungabunga umuco nyarwanda, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu myandiko, igitabo k'ikibonezamvugo, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda n'inkoranyamagambo. |
| **Ibikorwa/uburyo bw'imyigishirize:**<br>– Kubaza abanyeshuri ibibazo by'ivumburamatsiko.<br>– Gusomesha imyandiko mu matsinda (bucece ndetse no kurangurura ijwi) abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo kumva umwandiko n'ibibazo bijyanye n'inyunguramagambo ndetse no gukoresha amagambo mu nteruro.<br>– Gukoresha isubiramo habazwa ibibazo byibutsa ibyizwe mu mwandiko no kongera gusoma umwandiko, abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.<br>– Gukoresha imyitozo y'ubumenyi ngiro yo kungurana ibitekerezo no kuvugira mu ruhame bagaragaza ibitekerezo bihamye ku ngingo yo kubungabunga umuco nyarwanda, gufata mu mutwe ikinamico no kuyikina.<br>– Hifashishijwe urugero rw'insigamugani ndetse n'ikinamico ngufi, hakorwa isesengurwa, hakavumburwa inshoza n'uturango twabyo.<br>– Hifashishijwe urugero rw'umwandiko ntekerezo, abanyeshuri bavumbura kandi bakagaragaza uturango n'imbata by'umwandiko ntekerezo.<br>– Mu kibonezamvugo hifashishwa interuro zifasha abanyeshuri kuvumbura ikigwa ku kinyazina nyamubaro: Inshoza, uturango n'intego by'ikinyazina nyamubaro. |

| |
|---|
| **Ubushobozi nsanganyamasomo buzibandwaho:**<br>– Ubushishozi no gushakira ibisubizo ibibazo ahura nabyo.<br>– Gufashanya no gusabana hakoreshwa neza ururimi rw'Ikinyarwanda.<br>– Ubushakashatsi, kwiga no guhora yiyungura ubumenyi.<br>– Guhanga udushya |
| **Ingingo nsanganyamasomo zizibandwaho**:<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye.<br>– Uburezi budaheza. |
| **Uburyo bwo gusuzuma ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe mu mutwe:**<br>– Gusoma no kumva imyandiko ivuga ku ngingo yo kubungabunga umuco nyarwanda.<br>– Gusoma no gusesengura imyandiko ivuga ku ngingo yo kubungabunga umuco nyarwanda.<br>– Gusoma, kumva no gusesengura insigamugani ndetse n'ikinamico.<br>– Imyitozo yo gukoresha neza amagambo bungutse mu nteruro ziboneye.<br>– Imyitozo yo kungurana ibitekerezo ndetse no kuvugira mu ruhame, umunyeshuri abwira abandi ibyo yumvise cyangwa atekereza ku ngingo yo kubungabunga umuco nyarwanda.<br>– Umwitozo wo guhanga ikinamico, gufata mu mutwe ikinamico no kuyikina neza bigana imiterere y'abanyarubuga.<br>– Umwitozo wo guhanga umwandiko ntekerezo bakurikije uturango twawo.<br>– Imyitozo yo gutahura no gukoresha mu nteruro ibinyazina nyamubaro no kubisesengura hagaragazwa intego n'amatageko y'igenamajwi. |

| |
|---|
| **Umutwe wa kane: Ibidukikije** |
| **Umubare w' amasomo:** 14 |
| **Ubushobozi bw' ingenzi bugamijwe:**<br>Gusesengura imyandiko ku ngingo yo gufata neza ibidukikije no gusesengura inshinga. |
| **Umubare w'ibyigwa: 6** |
| **Imfashanyigisho zisabwa:**<br>Imyandiko ivuga ku gufata neza ibidukikije, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu myandiko, amafoto y'amatungo n'inyamaswa, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo. |

**Ibikorwa / uburyo bw'imyigishirize:**

– Kubaza abanyeshuri ibibazo by'ivumburamatsiko.
– Gusomesha imyandiko mu matsinda (bucece ndetse no kurangurura ijwi) abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo kumva umwandiko n'ibibazo bijyanye n'inyunguramagambo ndetse no gukoresha amagambo mu nteruro.
– Gukoresha isubiramo habazwa ibibazo byibutsa ibyizwe mu mwandiko no kongera gusoma umwandiko, abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.
– Gukoresha imyitozo y'ubumenyi ngiro yo gukora urugendo shuri, kungurana ibitekerezo ku byagaragaye mu rugendo shuri.
– Mu kibonezamvugo hifashishwa inshinga z'amoko atandukanye zitondaguye zigafasha abanyeshuri kuvumbura ikigwa ku moko y'inshinga n'uturemajambo tw'ibanze tw'inshinga ( indanganshinga, igenantego, umuzi n'umusozo) bitewe n'ubwoko bwayo.

**Ubushobozi nsanganyamasomo buzibandwaho:**

– Guhanga udushya.
– Ubushobozi no gushakira ibibazo ibisubizo.
– Ubushakashatsi.
– Gufashanya no gusabana hakoreshwa neza ururimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo nsanganyamasomo zizibandwaho:**

– Uburinganire n'ubwuzuzanye
– Kwita ku bidukikije
– Kwita ku buziranenge
– Umuco wo kuzigama
– Uburezi budaheza

**Uburyo bwo gusuzuma ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe mu mutwe:**

– Gusoma no kumva imyandiko ivuga ku gufata neza ibidukikije.
– Gusoma no gusesengura imyandiko ivuga ku gufata neza ibidukikije.
– Imyitozo yo gukoresha neza amagambo bungutse mu nteruro ziboneye.
– Imyitozo inyuranye yo gusesengura inshinga bagaragaza uturemajambo tw'ibanze twazo.
– Umwitozo wo guhanga umwandiko ku bijyanye no gufata neza ibidukikije hubahirizwa ikeshamvugo.

**Umutwe wa gatanu: Ibyiza bitatse u Rwanda**

**Umubare w'amasomo: 10**

**Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:**

– Gusesengura imyandiko ivuga ku byiza bitatse u Rwanda.
– Gusesengura ibihozo n'indirimbo hagaragazwa inshoza n'uturango twabyo.
– Gukoresha mu nteruro amagambo yungutse yubahiriza amategeko y'imyandikire y'Ikinyarwanda.
– Gusesengura ibinyazina mpamagazi.

**Umubare w'ibyigwa: 8**

**Imfashanyigisho zisabwa:**

Imyandiko ivuga ku byiza bitatse u Rwanda, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu myandiko, amafoto y'ahantu nyaburanga, imfashanyigisho zumvikanisha indirimbo, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo.

**Ibikorwa / uburyo bw'imyigishirize:**

– Kubaza abanyeshuri ibibazo by'ivumburamatsiko.
– Gusomesha imyandiko mu matsinda (bucece ndetse no kurangurura ijwi) abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo kumva umwandiko n'ibibazo bijyanye n' inyunguramagambo ndetse no gukoresha amagambo mu nteruro.
– Gukoresha isubiramo habazwa ibibazo byibutsa ibyizwe mu mwandiko no kongera gusoma umwandiko, abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.
– Gukoresha imyitozo y'ubumenyi ngiro yo kungurana ibitekerezo.

– Hifashishijwe urugero rw'igihozo n'indirimbo, abanyeshuri barabisesengura bakavumbura inshoza n'uturango twabyo.
– Mu kibonezamvugo hifashishwa interuro zikoreshejwemo ibinyazina mpamagazi, zifasha abanyeshuri kuvumbura ikigwa ku binyazina mpamagazi: Inshoza, uturango n'intego y'ikinyazina mpamagazi.

**Ubushobozi nsanganyamasomo buzibandwaho:**

– Guhanga udushya.
– Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo.
– Gufashanya no gusabana hakoreshwa neza ururimi rw'Ikinyarwanda.
– Guhanga udushya.

**Ingingo nsanganyamasomo zizibandwaho:**

– Uburinganire n'ubwuzuzanye
– Umuco wo kuzigama
– Uburezi budaheza

**Uburyo bwo gusuzuma ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe mu mutwe:**

– Gusoma no kumva imyandiko ivuga ku byiza bitatse u Rwanda.
– Gusoma no gusesengura imyandiko ivuga ku byiza bitatse u Rwanda.
– Imyitozo yo gukoresha neza amagambo bungutse mu nteruro ziboneye hubahirizwa amategeko y'imyandikire y'Ikinyarwanda.
– Imyitozo inyuranye yo gutahura ibinyazina mpamagazi no kubikoresha mu nteruro, kubisesengura hagaragazwa intego n'amategeko y'igenamajwi.
– Imyitozo yo gukorera mu matsinda abanyeshuri bagahanga ibihozo n'indirimbo bubahiriza uturango twabyo ndetse bakabigeza kuri bagenzi babo.

| Umutwe wa gatandatu: Umuco w'amahoro |
|---|
| **Umubare w' amasomo : 12** |
| **Ubushobozi bw' ingenzi bugamijwe:**<br>– Gusesengura imyandiko ku ngingo y'umuco w'amahoro.<br>– Gusesengura ikinyazina kibaza n'ikinyazina mboneranteko.<br>– Gukora inyandiko mvugo y'inama. |
| **Umubare w'ibyigwa: 5** |
| **Imfashanyigisho zisabwa:**<br>Imyandiko ivuga ku ngingo zerekeye ingaruka za jenoside no gukumira jenoside, imyandiko ivuga ku muco w'amahoro, inyandiko mvugo y'inama, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo. |
| **Ibikorwa / uburyo bw'imyigishirize:**<br>– Kubaza abanyeshuri ibibazo by'ivumburamatsiko.<br>– Gusomesha imyandiko mu matsinda (bucece ndetse no kurangurura ijwi) abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo kumva umwandiko n'ibibazo bijyanye n' inyunguramagambo ndetse no gukoresha amagambo mu nteruro. |
| – Gukoresha isubiramo habazwa ibibazo byibutsa ibyizwe mu mwandiko no kongera gusoma umwandiko, abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.<br>– Gukoresha imyitozo y'ubumenyi ngiro yo kungurana ibitekerezo no kwitabira gusomera mu masomero mu rwego rwo kwiyungura ubumenyi.<br>– Hifashishijwe urugero rw'inyandiko mvugo y'inama, abanyeshuri bavumbura inshoza n'uturango twayo.<br>– Mu kibonezamvugo hifashishwa interuro zakoreshejwemo ibinyazina bibaza n'ibinyazina mboneranteko, zifasha abanyeshuri kuvumbura ikigwa ku binyazina bibaza n'ibinyazina mboneranteko: Inshoza, uturango n'intego zabyo. |
| **Ubushobozi nsanganyamasomo buzibandwaho:**<br>– Ubushobozi no gushakira ibibazo ibisubizo.<br>– Gufashanya no gusabana hakoreshwa neza ururimi rw'Ikinyarwanda.<br>– Ubushakashatsi, kwiga no guhora yiyungura ubumenyi. |
| **Ingingo nsanganyamasomo zizibandwaho:**<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye.<br>– Kurwanya jenoside.<br>– Uburezi budaheza. |
| **Uburyo bwo gusuzuma ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe mu mutwe:** |
| – Gusoma no kumva imyandiko ivuga ku muco w'amahoro.<br>– Gusoma no gusesengura imyandiko ivuga ku muco w'amahoro.<br>– Imyitozo yo gukoresha neza amagambo bungutse mu nteruro ziboneye.<br>– Umwitozo ukorerwa mu matsinda bandika inyandiko mvugo y'inama bakurikiye no kuyigeza kuri bagenzi babo.<br>– Imyitozo inyuranye yo gutahura no gukoresha mu nteruro ibinyazina bibaza n'ibinyazina mboneranteko no kubisesengura hagaragazwa intego n'amategeko y'igenamajwi. |

| |
|---|
| **Umutwe wa karindwi: Itumanaho** |
| **Umubare w' amasomo : 12** |
| Ubushobozi bw' ingenzi bugamijwe:<br>– Gusesengura imyandiko ku nsanganyamatsiko y'itumanaho.<br>– Kwandiko inyandiko z'ubutegetsi n'amatangazo anyuranye n'umwirondoro. |
| **Umubare w'ibyigwa: 5** |
| **Imfashanyigisho zisabwa:**<br>Imyandiko ivuga ku nsanganyamatsiko y'itumanaho rikoresha ikoranabuhanga, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu myandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, amatangazo anyuranye, imyirondoro y'abantu banyuranye n'inkoranyamagambo. |
| **Ibikorwa / uburyo bw'imyigishirize:**<br>– Kubaza abanyeshuri ibibazo by'ivumburamatsiko.<br>– Gusomesha imyandiko mu matsinda (bucece ndetse no kurangurura ijwi) abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo kumva umwandiko n'ibibazo bijyanye n' inyunguramagambo ndetse no gukoresha amagambo mu nteruro. |
| – Gukoresha isubiramo habazwa ibibazo byibutsa ibyizwe mu mwandiko no kongera gusoma umwandiko, abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.<br>– Gukoresha imyitozo y'ubumenyi ngiro yo kujya impaka.<br>– Hifashishijwe urugero rw'umwirondoro, abanyeshuri barawusesengura bagatahura inshoza y'umwirondoro n'ibice biwugize.<br>– Hifashishijwe ingero z'amatangazo anyuranye, abanyeshuri bayasesengura bavumbura inshoza yayo, amoko anyuranye y'amatangazo. |
| **Ubushobozi nsanganyamasomo buzibandwaho:**<br>– Guhanga udushya.<br>– Ubushishozi no gushakira ibisubizo ibibazo.<br>– Gufashanya no gusabana hakoreshwa neza ururimi rw'Ikinyarwanda. |
| **Ingingo nsanganyamasomo zizibandwaho:**<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye.<br>– Kwita ku buziranenge.<br>– Uburezi budaheza. |
| **Uburyo bwo gusuzuma ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe mu mutwe:**<br>– Gusoma no kumva imyandiko ivuga ku itumanaho.<br>– Gusoma no gusesengura imyandiko ivuga ku itumanaho.<br>– Imyitozo yo gukoresha neza amagambo bungutse mu nteruro ziboneye hubahirizwa amategeko y'imyandikire y'Ikinyarwanda.<br>– Imyitozo inyuranye yo kwandika inyandiko z'ubutegetsi n'umwirondoro hubahirizwa ibisabwa.<br>– Imyitozo yo kwandika amatangazo anyuranye no kuyageza kuri bagenzi babo. |

**Umutwe wa munani: Ubufatanye no gukorera hamwe**

**Umubare w' amasomo: 13**

**Ubushobozi bw' ingenzi bugamijwe:**
- Gusesengura imyandiko ku nsanganyamatsiko y'ubufatanye no gukorera hamwe.
- Gusesengura inkuru ishushanyije n'inyandiko y'ikinyamakuru.

**Umubare w'ibyigwa: 7**

**Imfashanyigisho zisabwa:**
Imyandiko ivuga ku nsanganyamatsiko y'ubufatanye no gukorera hamwe, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu myandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ibinyamakuru, inkuru ishushanyije n'inkoranyamagambo.

**Ibikorwa / uburyo bw'imyigishirize:**
- Kubaza abanyeshuri ibibazo by'ivumburamatsiko.
- Gusomesha imyandiko mu matsinda (bucece ndetse no kurangurura ijwi) abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo kumva umwandiko n'ibibazo bijyanye n' inyunguramagambo ndetse no gukoresha amagambo mu nteruro.
- Gukoresha isubiramo habazwa ibibazo byibutsa ibyizwe mu mwandiko no kongera gusoma umwandiko, abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.
- Gukoresha imyitozo y'ubumenyi ngiro yo kungurana ibitekerezo, gusoma inkuru zishushanyije n'inkuru z'ibinyamakuru, gufata mu mutwe inkuru ishushanyije no kuyikina.
- Hifashishijwe urugero rw'inkuru ishushanyije, abanyeshuri barayisesengura bagatahura inshoza y'inkuru ishushanyije n'uturango twayo.
- Hifashishijwe ingero z'inkuru z'ibinyamakuru binyuranye, abanyeshuri barazisesengura bavumbura inshoza y'inkuru y'ikinyamakuru n'uturango twayo.

**Ubushobozi nsanganyamasomo buzibandwaho:**
- Ubushishozi no gushakira ibisubizo ibibazo.
- Gufashanya no gusabana hakoreshwa neza ururimi rw'Ikinyarwanda.
- Ubushakashatsi.

**Ingingo nsanganyamasomo zizibandwaho:**
- Uburinganire n'ubwuzuzanye
- Uburezi budaheza.

**Uburyo bwo gusuzuma ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe mu mutwe:**
- Gusoma no kumva imyandiko ivuga ku nsanganyamatsiko y'ubufatanye no gukorera hamwe.
- Gusoma no gusesengura imyandiko ivuga ku nsanganyamatsiko y'ubufatanye no gukorera hamwe.

| |
|---|
| – Imyitozo yo gukoresha neza amagambo bungutse mu nteruro ziboneye hubahirizwa amategeko y'imyandikire y'Ikinyarwanda.<br>– Umwitozo wo gukorera mu matsinda bahanga inyandiko y'ikinyamakuru no kuyigeza kuri bagenzi babo.<br>– Umwitozo wo gukorera mu matsinda bahanga inkuru ishushanyije no kuyigeza kuri bagenzi babo. |

| |
|---|
| **Umutwe wa kenda: Uburezi n'uburere** |
| **Umubare w' amasomo : 12** |
| **Ubushobozi bw' ingenzi bugamijwe:**<br>– Gusesengura imyandiko ku ngingo yo guteza imbere uburezi n'uburere.<br>– Kwandika yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda no gukoresha uko bikwiye imigani migufi. |
| **Umubare w'ibyigwa: 6** |
| **Imfashanyigisho zisabwa:**<br>Imyandiko ivuga ku burezi n'uburere, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu myandiko, amabwiriza y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda n'ik'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo. |
| **Ibikorwa / uburyo bw'imyigishirize:**<br>– Kubaza abanyeshuri ibibazo by'ivumburamatsiko.<br>– Gusomesha imyandiko mu matsinda (bucece ndetse no kurangurura ijwi) abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo kumva umwandiko n'ibibazo bijyanye n'inyunguramagambo ndetse no gukoresha amagambo mu nteruro.<br>– Gukoresha isubiramo habazwa ibibazo byibutsa ibyizwe mu mwandiko no kongera gusoma umwandiko, abanyeshuri bagasubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.<br>– Gukoresha imyitozo y'ubumenyi ngiro yo kwandika yubahiriza amategeko y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda, gusomera mu masomero.<br>– Hifashishijwe ingero z'imyandikire ndetse n'amabwiriza y'imyandikire abanyeshuri bagaragaza ingingo zimwe na zimwe z'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.<br>– Hifashishijwe ingero z'imigani migufi inyuranye, abanyeshuri barayisesengura, bakavumbura inshoza y'imigani migufi n'uturango twayo. |
| **Ubushobozi nsanganyamasomo buzibandwaho:**<br>– Guhanga udushya.<br>– Ubushakashatsi.<br>– Ubushishozi no gushakira ibisubizo ibibazo.<br>– Gufashanya no gusabana hakoreshwa neza ururimi rw'Ikinyarwanda.<br>– Ubushakashatsi, kwiga no guhora yiyungura ubumenyi, gufashanya no gukorera hamwe. |

**Ingingo nsanganyamasomo zizibandwaho:**
- Uburinganire n'ubwuzuzanye
- Uburezi budaheza.
- Kwita ku muco w'ubuziranenge.

**Uburyo bwo gusuzuma ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe mu mutwe:**
- Gusoma no kumva imyandiko ivuga ku nsanganyamatsiko y'ubufatanye no gukorera hamwe.
- Gusoma no gusesengura imyandiko ivuga ku nsanganyamatsiko y'ubufatanye no gukorera hamwe.
- Imyitozo yo gukoresha neza amagambo bungutse mu nteruro ziboneye hubahirizwa amategeko y'imyandikire y'Ikinyarwanda.
- Umwitozo wo gukorera mu matsinda bahanga imyandiko n'inkuru yiganjemo imigani migufi.
- Imyitozo inyuranye yo gukosora no kwandika imyandiko bubahiriza amabwiriza y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda ku magambo afatana n'adafatana.

## Umuteguro w'isomo ntangarugero

**Izina ry'ishuri: G.S. MURAMBI** **Amazina y'umwarimu: MIZERO Justin**

| Igihembwe: | Itariki : | Inyigisho | Umwaka wa | Umutwe wa | Isomo rya | Igihe isomo rimara | Umubare w'aba-nyeshuri |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Cya mbere | ......... | Ikinyarwanda | gatatu Ikiciro Rusange | gatatu | ......... | Iminota 80 | 46 |
| Abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire no mu myigishirize n'umubare wabo: 2 (batabona neza)<br>Umwe utabona neza ibimwegereye n'undi utabona neza ibiri kure ye. | | | | | | | |

| | |
|---|---|
| **Umutwe wa gatatu** | **Kubungabunga umuco nyarwanda** |
| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe** | **Gusesengura ikinyazina nyamubaro** |
| **Isomo** | **Ikinyazina nyamubaro** |
| **Imiterere y'aho isomo ribera** | Isomo rizatangirwa mu ishuri. |
| **Intego ngena mukoro** | Ahereye ku nteruro yahawe, umunyeshuri arashobora:<br>– Kugaragaza neza uturango tw'ikinyazina nyamubaro<br>– Kugaragaza intego n'amategeko y'igenamajwi byacyo aho biri ngombwa. |
| **Imfashanyigisho** | Amashusho ajyanye no kwerekana, interuro zikoreshejemo ikinyazina nyamubaro, imfashanyigisho zifatika, imfashanyigisho zitegwa amatwi… |
| **Inyandiko n'ibitabo byifashishijwe** | Integanyanyigisho, igitabo cy'umwarimu umwaka wa gatatu ikiciro rusange, igitabo cy'umunyeshuri umwaka wa gatatu ikiciro rusange, ibitabo binyuranye by'ikibonezamvugo, imbuga nkoranyambaga. |

| Igihe buri gice kimara | Gusobanura igikorwa umwarimu n'umunyeshuri basabwa gukora | | Ubushobozi n'ingingo nsanganyamasomo |
|---|---|---|---|
| | Umwarimu ashyira mu matsinda abanyeshuri, agafasha abanyeshuri kwitegereza, gusoma, gutega amatwi no kujya impaka ngo batahure ikinyazina nyamubaro mu nteruro yatanze. Abanyeshuri baragaragaza kandi uturango twacyo kandi bagisesengure. | | |
| | **Ibikorwa by'umwarimu** | **Ibikorwa by'umunyeshuri** | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| **Intangiriro: Iminota 10** | – Kubaza abanyeshuri ibibazo by'isubiramo ku kinyazina.<br>– Kwandika interuro ku kibaho aca akarongo ku kinyazina nyamubaro cyangwa acyandikisha ibara ryihariye.<br>– Gusomesha interuro no kubaza abanyeshuri icyo bazi ku bwoko bw'amagambo aciyeho akarongo cyangwa yandikishije ibara ryihariye (Gushakira abatabona neza umwanya ubafasha gusoma neza). | – Gusubiza ibibazo by'isubiramo ku kinyazina.<br>– Gusoma interuro no kuvuga icyo bazi ku bwoko bw'amagambo aciyeho akarongo cyangwa yandikishije ibara ryihariye, abatabona neza bakegera ikibaho cyangwa bakakitarura kugira ngo babibone neza. | **Ubushobozi nsanganyamasomo:**<br>– Ubushishozi no gushakira ibisubizo ibibazo ahura na byo.<br>– Ubushakashatsi.<br>– Gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda.<br>**Ingingo nsanganyamasomo:**<br>– Uburezi budaheza.<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye. |
| **2. Isomo nyirizina: Iminota 50** | **Igikorwa cya mbere:**<br>– Gusaba abanyeshuri gukora amatsinda bakagaragaza imiterere y'ikinyazina nyamubaro mu yandi magambo biri kumwe.<br>– Gusaba abanyeshuri gutanga uturango n'intego by'ikinyazina nyamubaro basesengura.<br>– Kwitegereza no kugenzura ibikorwa byo mu matsinda areba imbogamizi bahuye na zo abafasha kuzikemura ubwabo.<br>– Gusaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda no kubikorera ubugororangingo. | – Gukora amatsinda bakagaragaza imiterere y'ikinyazina nyamubaro mu yandi magambo biri kumwe.<br>– Gutanga uturango n'intego by'ikinyazina nyamubaro basesengura.<br>– Kugaragaza imbogamizi bahuye na zo bazikemura ubwabo bagendeye ku nama za mwarimu.<br>– Kugaragaza ibyavuye mu matsinda no kubikorera ubugororangingo. | **Ubushobozi nsanganyamasomo:**<br>– Ubushishozi no gushakira ibisubizo ibibazo ahura na byo.<br>– Gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda.<br>– Gufashanya n'ubushakashatsi.<br>**Ingingo nsanganyamasomo:**<br>– Uburezi budaheza.<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye. |
| | **Igikorwa cya kabiri:**<br>– Gusaba abanyeshuri: kugaragaza uturango n'intego by'ikinyazina nyamubaro berekana amategeko y'igenamajwi aho ari ngombwa;<br>– kurondora ibicumbi by'ikinyazina nyamubaro banagira icyo bavuga ku ntego yacyo.<br>– Kwitegereza no kugenzura ibikorwa byo mu matsinda areba imbogamizi bahuye na zo | – Kugaragaza uturango n'intego by'ikinyazina nyamubaro berekana amategeko y'igenamajwi aho ari ngombwa;<br>– Kurondora ibicumbi by'ikinyazina nyamubaro<br>– Kugira icyo bavuga ku ntego y'ikinyazina nyamubaro.<br>– Kugaragaza imbogamizi bahuye na zo, bagakurikiza inama z'umwarimu ku buryo bazikemura. | **Ubushobozi nsanganyamasomo:**<br>– Gusabana mu rurimi rw'Ikinyarwanda.<br>– Gushakira ibisubizo ibibazo ahura na byo.<br>– Gufashanya n'ubushishozi.<br>**Ingingo nsanganyamasomo:**<br>– Uburezi budaheza.<br>– Uburinganire n'ubwuzuzanye. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | abafasha kuzikemurira ubwabo.<br>– Gusaba abanyeshuri kugaragaza ibyavuye mu matsinda no kubikorera ubugororangingo. | – Kugaragaza ibyavuye mu matsinda no gukurikira inyongera bahawe n'umwarimu. | |
| **Umusozo w'isomo: Iminota 20**<br>**Ikomatanya**<br><br>**Isuzuma**<br><br>**Umukoro** | Gukorana n'abanyeshuri inshamake ku binyazina nyamubaro.<br>Gutanga umwitozo wo kugaragaza ibinyazina nyamubaro mu nteruro banagaragaza intego n'amategeko y'igenamajwi aho biri ngombwa; ndetse no gukoresha ibinyazina nyamubaro mu nteruro.<br><br>Gusaba abanyeshuri gushaka interuro zikoreshejemo ikinyazina nyamubaro; kwerekana uturango n'intego y'ikinyazina nyamubaro n'amategeko y'igenamajwi aho biri ngombwa.<br>Gusaba abanyeshuri:<br>– Kurondora ibicumbi by'ikinyazina nyamubaro.<br><br>Gusaba abanyeshuri gukomeza:<br>– Gushaka uturango n'intego by'ikinyazina nyamubaro n'amategeko y'igenamajwi.<br>– Kurondora ibicumbi by'ikinyazina nyamubaro.<br>– Gushaka izindi ngero z'interuro zirimo ibinyazina nyamubaro no kubishakira intego. | Gufatanya n'umwarimu gukora inshamake ku binyazina nyamubaro.<br>– Kugaragaza ibinyazina nyamubaro mu nteruro.<br>– Kugaragaza intego n'amategeko y'igenamajwi y'ibinyazina nyamubaro.<br>– Gukoresha ibinyazina nyamubaro mu nteruro.<br><br>Gushaka interuro zikoreshejemo ikinyazina nyamubaro; kwerekana uturango n'intego y'ikinyazina nyamubaro n'amategeko y'igenamajwi aho biri ngombwa.<br><br>– Kurondora ibicumbi by'ikinyazina nyamubaro.<br><br>– Gushaka uturango n'intego by'ikinyazina nyamubaro n'amategeko y'igenamajwi.<br><br>– Kurondora ibicumbi by'ikinyazina nyamubaro.<br>– Gushaka izindi ngero z'interuro zirimo ibinyazina nyamubaro no kubishakira intego. | **Ubushobozi nsanganyamasomo**<br><br>– Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi<br><br>– Ubushakashatsi |
| Kwisuzuma (umurezi): Nyuma yo kubona uko abanyeshuri basubije ibibazo babajijwe n'ubwitabire bwabo mu gutanga ibisubizo, umwarimu asuzuma niba isomo ryumvikanye agereranyije n'intego yari yihaye. Niba hari imbogamizi yahuye na zo mu gutanga iri somo azabishakira umuti. Urugero nk'igihe hari abanyeshuri basigaye inyuma cyane cyangwa abihuta cyane kurenza abandi azabagenera imyitozo yo kubafasha. | | | |

# 1 Uburinganire n'ubwuzuzanye

**(Umubare w'amasomo: 8)**

| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:** |
| --- |
| - Gusesengura umwandiko ku nsanganyamatsiko y'uburinganire n'ubwuzuzanye.<br>- Kujya impaka ku nsanganyamatsiko y'uburinganire n'ubwuzuzanye.<br>- Gusesengura amazina y'urusobe. |
| **Ubumenyi bw'ibanze** |
| Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe agomba kuba afite ubumenyi ku cyo uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi ari cyo no kuba yarigeze kumva ibiganiro mpaka, agomba kandi kuba afite ubumenyi buhagije ku mazina mbonera n' ubwoko bw'uturemajambo tw'izina. |
| **Ingingo nsanganyamasomo** |
| - **Uburinganire n'ubwuzuzanye**<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa hasobanurwa ihame n'akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abashakanye, mu mashuri, mu kwita ku bana no mu buyobozi, hanasobanurwa ingaruka ziterwa no kutubahiriza iryo hame. Iyi ngingo kandi igomba kwitabwaho hubahirizwa uburinganire n'ubwuzuzanye mu gushyira abanyeshuri mu matsinda bagendeye ku bitsina byombi.<br>- **Umuco wo kuzigama**<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa hasobanurwa akamaro ko kumenya gucunga umutungo ndetse no kwizigamira.<br>- **Uburezi budaheza**<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa umwarimu yita ku banyeshuri bose cyanecyane abafite ubumuga ndetse no mu gushyira abanyeshuri mu matsinda nta vangura iryo ari ryo ryose rishingiweho. |
| **Ubushobozi nsanganyamasomo** |
| - bushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo: mu gukurikira neza ibivugwa no kujora ibyasomwe.<br>- Gusabana mu kinyarwanda hakoreshwa neza amagambo yungutse, anatanga ibitekerezo.<br>- Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi: bakorera hamwe mu matsinda, bungurana ibitekerezo kandi bubaha ibitekerezo bya bagenzi babo.<br>- Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi akora imikoro. |

**Amagambo n’ibitekerezo by’ingenzi:**

- Uburinganire n’ubwuzuzanye hagati y’abashakanye.
- Ubufatanye bw’abashakanye mu mirimo no mu gucunga umutungo.
- Uburinganire mu mashuri no kwita ku bana.
- Uburinganire mu buyobozi.

**Uburyo bwo kwita ku bafite ibibazo byihariye:**

Abana bafite ibibazo bagomba kwitabwaho by’umwihariko, hagendewe ku bibazo bafite. Abana bafite ibibazo bitabwaho ku buryo bwose bushoboka bubafasha gukurikira amasomo nk’abandi.

Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Asoma mu ijwi riranguruye yegereye kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva neza n’abafite ubumuga bwo kutabona babyumve. Ni ngombwa kandi gufasha ku buryo bwihariye abafite ibibazo byihariye.

## Ibyigwa bikubiye muri uyu mutwe n’umubare n’amasomo ya buri Kigwa

| Intera | Umubare w’amasomo |
|---|---|
| **1. Umwandiko: Uburinganire n’ubwuzuzanye** | |
| Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko «Uburinganire n’ubwuzuzanye» | Isomo 1 |
| Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko «Uburinganire n’ubwuzuzanye» | Isomo 1 |
| **2. Ibiganiro impaka** | Isomo 1 |
| Intera ya mbere: Uko ibiganiro mpaka ibiganiro mpaka bikorwa ndetse n'ababigize | Isomo 1 |
| **3.Umwandiko: Uburinganire n’ubwuzuzanye mu miyoborere** | Isomo 1 |
| Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko | Isomo 1 |
| Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko «Uburinganire n’ubwuzuzanye mu miyoborere» | Isomo 1 |
| **4. Umwitozo w'ubumenyi ngiro** | Amasomo 2 |
| Intera ya mbere: Kungurana ibitekerezo | |
| **5. Ikibonezamvugo** | |
| Intera ya mbere: Amazina y’urusobe | |

**Umwandiko: Uburinganire n'ubwuzuzanye**

**Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(isomo1)**

*Intego zihariye:*

Umunyeshuri yifashishije inkoranyamagambo n'umwandiko, araba ashobora:
- Gusoma umwandiko bucece no kuwusoma aranguruye ijwi
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gukoresha amagambo yungutse (mu mvugo cyangwa munyandiko) mu nteruro ngufi kandi ziboneye

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku uburinganire n'ubwuzuzanye, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko n'inkoranyamagambo

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko cyangwa ibikubiye mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**
   Umugabo uri guteka n'umugore umuzaniye ibindi bitekwa n'abana babiri bari kwiga.
2. **Hari ubwo wabonye umugabo uteka?**
   Yego. (Bamwe bashobora kuvuga mu ngo z'iwabo cyangwa n'ahandi nko mu buriro n'amahoteri.)
3. **Uhereye kuri aya mashusho ubonye, gerageza kuvumbura ibivugwa mu mwandiko ugiye gusoma.**
   Ibisubizo biraza kuba binyuranye bitewe n'uko abanyeshuri bagenda bagerageza gutahura insanganyamatsiko.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko, abasaba gukurikira no kureba ko ibyo bakekaga ariko bimeze koko mu mwandiko

## II. Gusoma umwandiko

### Gusoma bucece

Umwarimu yokongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko "**Uburinganire n'ubwuzuzanye.**" Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

*Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:*

1. **Uyu mwandiko uravuga ku biki?**

   Uravuga ku buringanire n'ubwuzuzanye mu muryango.

2. **Ni iki uvuga ku mirimo hagati y'umugabo n'umugore?**

   Uravuga ko kera hari imirimo yari igenewe abagabo n'indi yari igenewe abagore ariko ko ubu byahindutse, bose baruzuzanya.

3. **Ibyo uyu mwandiko uvuga ni ko bimeze mu ngo iwanyu aho muba?**

   Bamwe ni ko biri abandi baragerageza naho abandi si ko bimeze rwose.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, mu ijwi riranguruye kandi bubahiriza utwatuzo. Iyo abanyeshuri ari benshi umwe asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza igihe umwandiko urangiriye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uhari.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa bagiye bakora iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe bari gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo babasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III.Gusubiza ibibazo

Muri iki gice, umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda bajya kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bagafatanya n'umurezi kubinoza.

*Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:*

### a) Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Ni iki kigaragaza ko umwana yatoye umuco wo kuzigama?**

   Umwana watoye umuco wo kuzigama, ntasesagura ibyo afite n'ibyo mu rugo ntapfusha ubusa amakayi yaguriwe cyangwa ngo yake ababyeyi amafaranga arenze ayo akeneye kandi iyo asaguye ntagura ibidateganyijwe, ahubwo arayabika kugira ngo azamugoboke ikindi gihe.

2. **Ni hehe agaciro k'umugore kagaragarira mu Rwanda rwo hambere? Ubu kagaragarira he?**

   Kera agaciro k'umugore kagaragariraga mu rugo gusa. Ubu kagaragarira mu buzima bwose bw'Igihugu. Ni ukuvuga mu rugo no hanze yarwo: mu mirimo inyuranye, mu buyobozi, mu nzego zifata ibyemezo n'ahandi.

3. **Vuga nibura ikiza kimwe cyo kuvuka ku babyeyi bashyira hamwe**.

   Umwana uvutse ku babyeyi bashyira hamwe, akurana umuco wo gusabana na bagenzi be yubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu mirimo inyuranye, akura yubaha bagenzi be, akurana umuco wo kujya no kugisha inama ndetse n'umuco wo kuzigama…

4. **Ngo gushyira hamwe kw'abashakanye bituma iterambere rikataza. Sobanura.**

   Yego kuko buri wese akubita hirya no hino bagahuriza hamwe ibyo bagezeho maze bagakorera hamwe igenamigambi ribaganisha ku iterambere. Ntawupfusha ubusa muri bombi.

5. **Leta y'u Rwanda yakoze iki mu gushimangira ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango?**

   Yashyizeho amategeko abungabunga ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye, na yo ubwayo yagize uruhare mu gukora ibikorwa bishimangira iryo hame nko mu mashuri, mu mirimo itandukanye, mu nzego z'ubuyobozi… Yakoze kandi ubukangurambaga bushishikariza abantu kubahiriza iryo hame.

6. **Vuga imigani y'imigenurano nibura ibiri yavuzwe mu mwandiko**.

   Abagiye inama Imana irabasanga.

   Amafuti y'umugabo ni bwo buryo bwe.

   Umwe arya bihora.

7. **Rondora nibura ibintu bitatu bigaragaza ko mu muryango uyu n'uyu bumva neza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye**.

   Barafashanya kandi bakunganirana mu mirimo yo mu rugo, bajya inama yo gucunga umutungo wabo ndetse bakorera igenamigambi hamwe.

## b) Inyunguramagambo

## Ibibazo n'ibisubizo byabyo:

1. **Sobanura amagambo cg amatsinda y'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko**:

   a) **Akarande:** Ibintu bimaze igihe kirekire cyane, byamenyerewe.
   b) **Igenamigambi:** Gahunda y'itegurwa ry'ibikorwa abantu biyemeza kuzagenderaho mu gihe bihaye.

c) **Umucakara:** Umuntu ukora imirimo y'uburetwa, ivunanye cyane kandi nta gihembo.
d) **Akari aha kajya he?:** Ikintu cyananiranye, kidashobotse.
e) **Kwibombarika:** Kwitwararika, gucisha make n'iyo waba utabishaka kugira ngo hatabaho intonganya.
f) **Kokama:** Gucengera mu muntu ku buryo bidapfa kumuvamo (ubundi iyi mvugo ikoreshwa ku bintu bibi).
g) Guhabwa ijambo: guhabwa umwanya kugira ngo ugaragaze icyo ushoboye .
h) Uburinganire: ni igihe abagore n'abagabo baba bafite uburenganzira n'amahirwe bingana
i) Ubwuzuzanye: ni igihe umugabo n'umugore, buri wese aba afite inshingano agomab kuzuza bagamije iterambere rusange ry'umuryango wabo.

2. **Garagaza ijambo riri mu mwandiko risobanura nk'aya akurikira:**
   a) Igihe gikwiriye kitaragera: **Imburagihe.**
   b) Imibereho mibi umuntu abamo igihe kirekire: **Umuruho.**
   c) Ubwitonzi burimo n'igenzura butuma umuntu adapfa guhubukira ibintu: **Amakenga.**
3. **Garagaza amagambo abusanyije inyito n'aya akurikira:**
   a) Gutahiriza umugozi umwe ≠ **Kudashyigikirana, gutatanya imbaraga**.
   b) Ubwitonzi ≠ **Ubukubaganyi, ubuhubutsi**…
   c) Uburinganire ≠ **Ubusumbane.**

## Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umwarimu asaba abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. **Himba interuro ngufi kandi ziboneye zirimo nibura rimwerimwe muri aya magambo:**
   a) **Uburinganire**
   Uburinganire ni inkingi y'iterambere.
   b) **Ubwuzuzanye**
   Ubwuzuzanye mu muryango burakenewe kugira ngo urugo rutere imbere.
   c) **Kuzigama**
   Kuzigama imyaka bituma mu gihugu hadatera inzara.
2. **Uzuza izi nteruro wifashishije amagambo wungutse mu mwandiko**.
   a) Iyo watangiye **kuzigama** dukeduke ukiri muto ugira ubukire.
   b) Kuraza umwana kugira ngo asinzire ni **ukumubikira**.

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko(isomo)

*Intego zihariy*

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:
- Kugaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko
- Gusobanura ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ashingiye ku bivugwa mu mwandiko ndetse abihuza n'ubuzima busanzwe.
- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cyumwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ndetse n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

### I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango.
2. **Muri rusange uvuga ku biki?**
   Uvuga ku bijyanye n'uko abantu bose mu rugo bagomba kubahana bagafatanya imirimo yose.
3. **Wowe iyo witegereje neza ubona ubwuzuzanye bwageza ku ki umuryango?**
   Ubwuzuzanye bwatuma abagize umuryango bagera ku iterambere ku buryo bwihuse.

### II. Gusoma

Umwarimu asaba abanyeshuri bakabanza kongera gusoma umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango." Umunyeshuri umwumwe agenda asimburana na bagenzi be, basoma baranguruye ijwi ku buryo bufasha abafite ubumuga bwo kutumva neza, maze ibibazo byo gusesengura umwandiko bakanabyandika ku kibaho kugira ngo n'ufite ikibazo cyo kutumva abisome, hanyuma bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

### III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, agasaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Babanza kungurana ibitekerezo ku bisubizo bari butange, umwarimu

na we akazenguruka mu matsinda areba niba bose bitabira gutanga ibitekerezo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi n'umwanditsi hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

## Bimwe mu bibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.

1. **Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zikubiye muri uyu mwandiko**.

***Ingingo z'ingenzi:***

- Kera mu Rwanda umugore yari nk'umucakara.
- Hari imirimo yari yarahariwe abakobwa.
- Ubu umukobwa n'umuhungu bahabwa uburenganzira bungana.
- Uburinganire n'ubwuzuzanye buteza imbere umuryango n'igihugu muri rusange.

***Ingingo z'ingereka:***

- Umugore ntiyavuguruzaga umugabo kabone n'iyo umugabo yabaga yibeshye.
- Kera agaciro k'umugore kagarukiraga mu kubyara gusa.
- Umuhungu ni we wagombaga kwiga gusa umukobwa agasigara mu rugo.
- Umukobwa yashoboraga gushyingirwa aho atazi.
- Ubu abagore bajya inama n'abagabo babo.
- Nta vangura mu kazi.
- Abakobwa bariga bagatsinda neza...

2. **Ushingiye ku bivugwa mu mwandiko, garagaza indi mirimo waba uzi cyangwa wabonye igaragaza uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango**.
   *(Abanyeshuri baragaragaza imirimo itandukanye bitewe n'ibyo babonye, umwarimu abafasha kunoza ibisubizo bari butange.)*
3. **Ese nyuma yo kwiga uyu mwandiko ni iki wumva wungutse ku by'imibereho y'ababana mu muryango?**
   Abantu babana mu muryango bagomba kunganirana muri byose nta vangura rigaragaye cyangwa ubusumbane hagati y'abagize umuryango. Agasigane kaba mu ngo nyinshi ku bijyanye n'imirimo gatuma urugo rudatera imbere kubera ko abarugize baba babaye ba nyamwigendaho.

## Insanganyamatsiko:

Bivugwa ko "Imirimo yo mu rugo yose (kumesera abana, gukubura, guteka, gusana urugo…) umugabo n'umugore bashobora kuyikora ku buryo bungana". Hari rero abatabyumva gutyo bakavuga ko hari imirimo igenewe abagore n'indi igenewe abagabo. Wowe ubyumva ute?

***Ingero z'ibitekerezo byatangwa:***

- Ari abagabo cyangwa abagore bose barashoboye.

- Hari abagabo cyangwa abagore babaho umwe muri bo adahari wenda yaritabye Imana, kandi imirimo yose usigaye arayikora ntakabuza.
- Ahari ubufatanye, abagabo n'abagore basimburana mu mirimo yose.
- Bashobora no kurondora imirimo n'abayikora uko babyumva...

Umwarimu afatanyije n'abanyeshuri bagerageza gukosora abagifite imyumvire idahwitse ku buringanire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi.

### Ibiganiro mpaka

### Intera ya mbere: Uko ibiganiro mpaka bikorwa(Isomo1)

*Intego zihariye:*

Umunyeshuri yifashishije umwandiko uherutse kwigwa, araba ashobora:
- Gusobanura inshoza y'ikiganiro mpaka.
- Gukora ikiganiro mpaka.
- Gutanga no kumvikanisha ibitekerezo bye ashungura ibitekerezo by'abandi.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'izindi nyandiko zivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu yifashishije ibibazo byo mu buzima busanzwe, abaza abanyeshuri ibibazo bishobora gutuma na bo ubwabo batangira kujya impaka ku bibazo byabajijwe, bityo bakavumbura icyo ikiganiro mpaka ari cyo.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Iyo abantu batanze ibitekerezo bidahuye ku nsanganyamatsiko imwe batumva kimwe byitwa iki?**

   Byitwa kujya impaka.
2. **Birashoboka ko umubyeyi w'umugabo yajyana umwana we kwa muganga umugore agasigara mu rugo atarwaye?**
   Bamwe barabyemeza abandi bakabihakana.
3. **Ese hari imirimo ikwiye guharirwa abahungu n'ikwiriye guharirwa abakobwa? Yaba ari iyihe?**
   Ibisubizo hano byaba bitandukanye.
4. **Uburinganire mubona bushoboka? Musobanure igisubizo cyanyu**.
   Mu bisubizo byatangangwa harimo Yego na Oya.

Izi ngingo hari abakwemeranywa na zo, abandi na bo bakabona ko ibyavuzwe bidafite ishingiro cyangwa bitakijyanye n'igihe. Nguko uko impaka zivuka. Impaka zivugwa aha ngaha ni ibiganiro bihuza impande ebyiri zitumvikana ku nsanganyamatsiko iba yatanzwe, kandi izo mpaka zikaba zigamije kugera ku mwanzuro runaka.

## II. Ibiganiro mpaka

### Inshoza n'intego y'ibiganiro mpaka

Ibiganiro mpaka ni ibiganiro bikorwa n'abantu benshi bagamije kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko runaka. Usanga bihuza impande ebyiri z'abantu bamwe bashyigikiye insanganyamatsiko abandi batayishyigikiye.

Impaka zivugwa si izo kwiriza umunsi cyangwa iza ngo turwane, si izibyara amacakubiri ahubwo ni impaka zigamije gushakira ikibazo igisubizo runaka no kugera ku mwanzuro wubaka no kugena umurongo ngenderwaho. Ibiganiro mpaka biba bigamije guhuza impande zombi ngo barebe icyo bakumvikanaho gikwiye gukurikizwa ku mpande zombi.

Ibiganiro mpaka bibera mu mashuri byo bituma abanyeshuri baba intyoza mu kuvuga, bakaba imbonera mu gutega amatwi ibivugwa no mu gutanga ingingo zifite ireme. Bibatoza kutarondogora ahubwo bakagusha ku ntego kandi bakamenyera gukurikiranya ingingo bubahiriza inyurabwenge n'injyabihe y'ibivugwa. By'umwihariko, ibiganiro mpaka bitoza abanyeshuri kuvugira mu ruhame.

### Uko ibiganiro mpaka bikorwa ndetse n'ababigize

Ibiganiro mpaka bigirwa n'amatsinda atatu hatabariwemo indorerezi. Uruhare rw'izo mpande zose ruba rukenewe mu migendekere myiza y'ikiganiro. Izo mpande zose kandi ni magirirane.

a) **Uruhande rushyigikira insanganyamatsiko:** Ni itsinda ry'abashyigikiye insanganyamatsiko. Ibitekerezo, ingingo n'ibisobanuro batanga bigomba kutanyuranya n'insanganyamatsiko.

b) **Uruhande ruhakana insanganyamatsiko:** Ni itsinda ry'abantu batemera ibitekerezo n'ingingo bikubiye mu nsanganyamatsiko yatanzwe. Abafata umwanya wo kugira icyo bavuga, bagerageza kuyirwanya. Bagomba ariko kwifashisha ingingo n'ibisobanuro byumvikana ku buryo n'uruhande rwemeza rushobora kuva ku izima cyangwa rukagamburukaho gato.

c) **Umuhuza cyangwa umuyobozi w'ikiganiro mpaka:** Ni umuntu uba ushinzwe guhuza izo mpande zombi. Ashobora kuba umwe cyangwa benshi. Umubare w'abafasha umuhuza uterwa n'urwego rw'ikiganiro, igihe ibiganiro bizamara ndetse n'intego y'ibiganiro.

**Inshingano z'umuhuza**

Inshingano z'umuhuza zishobora kuba nyinshi ariko iz'ingenzi ni izi zikurikira:

- Gusobanura insanganyamatsiko.
- Gutanga umurongo ngenderwaho.
- Gutanga umwanya w'amagambo kuri buri ruhande.
- Gufasha mu kumvikanisha impande zombi.
- Kugeza impande zombi ku mwanzuro.
- Gufasha mu kubahiriza igihe.

Ibyo umuhuza agomba kuba yujuje

Umuhuza agomba kuba ari:

- Inararibonye
- Umuhanga mu byo baganiraho.
- Azwiho kwihangana.
- Kuba ashobora kuvuga rikumvikana.
- Kuba azwiho kutabogama.
- Kuba afite igitsure.
- Kuba ari inyangamugayo.

***Ingero z'ibiganiro mpaka bishobora kubaho***

- Ibiganiro mpaka bibera mu mashuri abanza n'ayisumbuye, umuhuza ashobora kuba ari umuntu umwe ntabamufasha. Impamvu ni uko bimara igihe gito kibarirwa mu masaha.
- Ibiganiro mpaka bitegurwa ku rwego rw'igihugu cyangwa bihuje impande zishyamiranye mu ntambara, umuhuza agira abamufasha. Impamvu ni uko biba bisaba ubumenyi bwinshi bunyuranye nk'amateka, poritiki, ubukungu n'ibindi. Nta muntu rero waba inzobere mu bintu byose. Indi mpamvu ituma umuhuza agira abamufasha, ni uko bene ibyo biganiro bishobora no gufata igihe kirekire nk'ibyumweru cyangwa amezi.

Abandi bashobora kugira uruhare mu kiganiro mpaka ni:

- **Umwanditsi:** Yandika ibitekerezo biba byagiye bitangwa n'impande zombi zijya kujya impaka ku nsanganyamatsiko yatanzwe.
- **Umucungagihe:** Aba ashinzwe kureba niba abahabwa umwanya wo gutanga ibitekerezo ku mpande zombi bubahiriza igihe bahawe. Ukirengeje aramuhagarika.
- **Abakemurampaka:** Ni ababa bashinzwe kugaragaza uruhande rwatsinze n'uruhande rwatsinzwe. Iyo ari mu myitozo ibera mu mashuri batanga amanota bakurikije imyitwarire ya buri ruhande.
- **Indorerezi:** Ni abantu bose baba bakurikiye kandi bateze amatwi impaka zirimo kuba. Abo uretse kumva, ntibagomba kwivanga mu biganiro; nta zindi nshingano baba bafite. Icyakora bemerewe kugaragaza amarangamutima ndetse bakaba babaza n'ibibazo, batagize uruhande babangamira.

**Mu gukora ikiganiro mpaka**

buri ruhande rugerageza kugaragaza ingingo no gutanga ibitekerezo bifatika kandi rukabishimangira ndetse rukabisobanura. Ingingo zitangwa hifashishijwe ingero zifatika kandi zumvikana neza.

Dore zimwe muri zo:

a) Amagambo n'ibitekerezo byatanzwe n'abakomeye byerekeranye n'iyo nsanganyamatsiko.
b) Ibyanditswe mu bitabo binyuranye.
c) Ubumenyi bwigwa mu mashuri n'ahandi.
d) Ubunararibonye bwa buri muntu…

**Umwitozo wo gukora ikiganiro mpaka:**

Umwarimu abwira abanyeshuri kurambura ibitabo byabo ahari ikibazo kibafasha kujya impaka. Mu rwego rwo gufasha abafite ikibazo cyo kutumva neza cyangwa kutabona neza, umwarimu asaba abanyeshuri gusoma icyo kibazo baranguruye ijwi no kucyandika ku kibaho. Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu matsinda abiri bakurikije aho bumva babogamiye. Bakishakamo umuyobozi w'ikiganiro mpaka umwarimu akamusaba gutangiza ikiganiro akurikije amabwiriza agenga ibiganiro mpaka.

**Insanganyamatsiko igibwaho impaka:**

"Ari abahungu cyangwa abakobwa, bose bashobora gukora imirimo yose yo mu rugo nta vangura. Ese hari iyo abahungu bashobora abakobwa ntibabe bayishobora? "
Mu gihe bajya impaka, umwarimu agenzura uburyo abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo n'imyitwarire yabo muri izo mpaka bajya. Hanyuma agafatanya n'abanyeshuri gufata umwanzuro w'impaka ikandikwa ku kibaho.

**Umwanzuro wagerwaho:**

Nta murimo n'umwe utakorwa n'umuhungu nta n'utakorwa n'umukobwa. Abana b'abahungu n'ab'abakobwa bagomba kwitabira gukora imirimo yose, batayivanguye. Bagomba kubyitabira bakabigira ibyabo.

**Umwandiko: Uburinganire n'ubwuzuzanye mu miyoborere**

**Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(isomo1)**

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko, araba ashobora:
- Gusoma umwandiko bucece no kuwusoma aranguruye ijwi
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gukoresha amagambo yungutse (mu mvugo cyangwa mu nyandiko) mu nteruro ngufi kandi ziboneye

**Imfashanyigisho:** Imyandiko ivuga ku uburinganire n'ubwuzuzanye, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko n'inkoranyamagambo.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko cyangwa ibikubiye mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**
   Turabona abantu bicaye imbere y'ibiro by'umurenge. Turabona n'umugore uri imbere yabo ameze nk'uri kugira icyo ababwira.
2. **Murabona abo bantu barimo gukora iki?**
   Barasa n'abari mu nama.

Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye kwiga umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu miyoborere."

## II. Gusoma umwandiko.

### Gusoma bucece

Umwarimu yongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko "**Uburinganire n'ubwuzuzanye mu miyoborere**." Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke. Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

*Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:*

1. **Uyu mwandiko uvuga ku biki?**
   Ku by'uburinganire mu Rwanda rwo hambere no mu Rwanda rw'ubu.
2. **Ni ibiki bivugwa ku bari n'abategarugori?**
   Abari n'abategarugori bakunze guhezwa kandi nyamara hari benshi bagaragaje ko bashoboye.
3. **Igihugu cyacu haba hari icyo cyakoze mu rwego rwo kwimakaza iterambere ry'umunyarwandakazi?**
   Igihugu cyacu kimaze kubona ikandamizwa rikorerwa umunyarwandakazi kimakaje ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.
4. **Ese mu miyoborere y'Igihugu abari n'abategarugori bagaragara?**
   Yego mu nzego zitandukanye z'ubuyobozi, abari n'abategarugori bagaragara.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, mu ijwi riranguruye kandi bubahiriza utwatuzo. Iyo abanyeshuri ari benshi umwe asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza igihe umwandiko urangiriye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uhari.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa bagiye bakora iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe bari gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo babasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III.Gusubiza ibibazo

Muri iki gice, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda baza kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bagafatanya n'umurezi kubinoza.

*Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:*

### a) Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Vuga nibura umugani umwe ugaragaza ko umugore atagiraga ijambo mu ruhame mu gihe cyo hambere**.
   Nta nkokokazi ibika isake ihari.
2. **Ni ikihe kintu k'ingenzi kigaragaza ko u Rwanda rushyigikiye bidasubirwaho ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye?**

Leta yashyize mu itegeko nshinga ihame ry'uburinganire rigena nibura mirongo itatu ku ijana by'abagore mu nzego zose z'ubuyobozi.

3. **Rondora ingero nibura eshatu zigaragaza uburinganire n'uruhare rw'umugore mu buyobozi bw'Igihugu mu Rwanda rwo hambere**.
   Umugabekazi yari umugore, hariho abasizi b'abagore, hari Nyagakecuru na Nyabingi bategekaga.
4. **Ni iki cyavuzwe mu mwandiko kigaragaza ko ubu mu Rwanda hari uburezi budaheza?**
   Bavugamo ko ubu umwana wese ari nk'undi; n'iyo yaba afite ubumuga ariga nk'abandi.
5. **Ni ikihe kintu cyavuzwe mu mwandiko cyagereranyijwe n'ubujiji bukomeye?**
   Umubyeyi wavuga ngo ndajyana umwana w'umuhungu ku ishuri uw'umukobwa arorere byaba ari ubujiji kuko bose ni ingirakamaro.
6. **Mu Rwanda hashyigikiwe uburezi budaheza umuntu uwo ari we wese. Garagaza amagambo ari mu mwandiko abyemeza**.
   Iyi gahunda igamije kwita ku mwana wese akiga neza kandi ibyo ashaka. Yaba umukobwa cyangwa umuhungu, yaba afite ubumuga cyangwa ubukene agomba gufatwa nka mugenzi we udafite ubusembwa cyangwa uturuka mu muryango wifashije.
7. **Mu nzego z'ubuyobozi abagore bahariwe kangahe ku ijana?**
   Abagore bahariwe nibura imyanya mirongo itatu ku ijana mu nzego zose z'Igihugu.

**b) Inyunguramagambo**

## Ibibazo n'ibisubizo byabyo:

1. **Shaka ibisobanuro by'amagambo cg amatsinda y'amagambo akurikira ugendeye ku mwandiko**.
   a) **Kwimakaza**: Guha urubuga ikintu ngo kibeho kimerewe neza.
   b) **Guhezwa:** Kubuzwa uburenganzira aho wari ubwemerewe.
   c) **Ingengamitekerereze:** Urusobe rw'ibitekerezo ruba rwarabaye karande, rukayobora abantu runaka bafite icyo bahuriyeho (nk'igihugu, ururimi n'ibindi).
   d) **Intyoza:** Umuntu uzobereye mu gutunganya ibintu ibi n'ibi.
   e) **Ubusembwa:** Inenge zigaragara ku kintu runaka, cyangwa ku muntu.
   f) **Mutima w'urugo:** Umugore wita ku rugo rwe uko bikwiye.
   g) **Uburezi budaheza:** Uburezi bwita ku bana bose: abahungu, n'abakobwa, abakuze n'abakiri bato, abafite ubumuga n'abatabufite.
2. **Garagaza andi magambo yakoreshejwe mu mwandiko asobanura:**
   a) Umukobwa, umwari cyangwa umwangavu: **Nyampinga**.
   b) Umugore cyangwa umutegarugori: **Mutima w'urugo**.
   c) Ubwitonzi bwo kudapfa guhubukira ibyo ubonye: **Amakenga**.
   d) Kujya ku butegetsi: **Kwima ingoma**.

3. **Garagaza imbusane z'aya amagambo akurikira:**
    a) Ibibondo ≠ **abantu bakuze**, **urubyiruko**.
    b) Indashyikirwa ≠ **ikigwari**.
    c) Kwimakaza ≠ **kurwanya**.
    d) Ubujiji ≠ **Ubujijuke**.

## Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umwarimu asaba abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo bungutse mu nteruro ngufi ziboneye, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. **Kora interuro ngufi kandi ziboneye wifashishije rimwerimwe muri aya magambo akurikira:**
    a) **Ibibondo**
    Ababyeyi bagomba kwita ku **bibondo** byabo.
    b) **Amakenga**
    Kugira **amakenga** birinda umuntu gukora amakosa menshi.
    c) **Nyampinga**
    **Nyampinga** w'u Rwanda agomba kumenyekanisha Igihugu mu mahanga.
    d) **Ubwuzuzanye:** Iyo umugabo n'umugore we badafite **ubwuzuzanye** mu rugo rwabo ntibatera imbere.
2. **Muri iki kinyatuzu harimo amazina arindwi ashobora kwitwa umuntu w'igitsina gore kuva avutse kugeza akuze. Yagaragaze unayakoreshe mu nteruro ziboneye**.

| | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| E | N | D | U | M | U | G | A | B | O |
| F | Y | A | M | U | T | U | M | Y | E |
| G | A | A | W | H | U | M | U | I | J |
| U | M | W | A | R | I | U | K | L | M |
| M | P | B | N | I | N | K | U | M | I |
| W | I | O | G | U | U | E | N | O | N |
| I | N | K | A | B | V | C | G | R | K |
| Z | G | U | V | U | W | U | U | S | I |
| A | A | M | U | G | O | R | E | T | K |
| Y | Z | U | N | R | M | U | S | G | O |

Amagambo ni aya akurikira: Umwari, umukobwa, umwangavu, inkumi, mugore, nyampinga, umukecuru.

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko(isomo)

*Intego zihariye:*

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:
- Kugaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko
- Gusobanura ihame ry'uburinganire mu miyoborere ashingiye ku bivugwa mu mateka y'u Rwanda.
- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cyumwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ndetse n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Witwa "Uburinganire n'ubwuzuzanye mu miyoborere".
2. **Muri rusange ni iki kivugwa kidakwiye?**
   Ikandamizwa ry'abari n'abategarugori n'ihezwa ryabo mu miyoborere.
3. **Mu mwandiko hari impinduka zavuzwemo ugereranyije no hambere?**
   Impinduka zirimo ni izo guha rugari abari n'abategarugori mu miyoborere.

## II. Gusoma

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko **"Uburinganire n'ubwuzuzanye mu miyoborere."** Abanyeshuri umwumwe bagenda basimburana, basoma baranguruye ijwi ku buryo bufasha abafite ubumuga bwo kutumva neza, maze ibibazo byo gusesengura umwandiko bakanabyandika ku kibaho kugira ngo n'ufite ikibazo cyo kutumva abisome, hanyuma bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Babanza kungurana ibitekerezo ku bisubizo bari butange, umwarimu na we akazenguruka mu matsinda areba niba bose bitabira gutanga ibitekerezo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi n'umwanditsi Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira

abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Bimwe mu bibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.**

1. **Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko**.

*Ingingo z'ingenzi:*

- Ikandamizwa ry'umwari n'umutegarugori ryacengezwaga mu bantu binyuze mu ngengamitekerereze nk'imigani n'izindi mvugo za buri munsi.
- Ihezwa rya ba nyampinga ryadindije iterambere.
- Igihugu cyashimangiye ihame ry'uburinganire n'uburezi budaheza.
- Itegeko nshinga rishimangira ihame ry'uburinganire riha abagore nibura 30% mu myanya ifata ibyemezo.

  Abakobwa bariga neza kandi bagatsinda abandi ni abayobozi kandi bayobora neza.

*Ingingo z'ingereka:*

- Umugabekazi yagiraga umwanya ukomeye mu miyoborere y'Igihugu ndetse yashoboraga gusimbura cyangwa gutegekera umwami mu gihe bibaye ngombwa.
- Hari abagore babaye ibihangange mu mateka y'u Rwanda: Ndabaga, Nyagakecuru...
- Gahunda z'uburezi budaheza ku bahungu no ku bakobwa.

2. **Sobanura ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ugendeye ku mwandiko.**
   Abagabo n'abagore baruzuzanya mu nzego z'imiyoborere. Kudindiza umugore kwaba ari ugupfukirana ibitekerezo byakubaka Igihugu kandi bagaragaza uruhare rutari ruto. Uburezi budaheza na bwo buha amahirwe angana abahungu n'abakobwa baba bafite ubumuga cyangwa batabufite. Leta yahariye abagore imyanya igera kuri 30% mu nzego zose z'ubuyobozi.

3. **Garagaza mu mwandiko ingingo zigaragaza umuco n'izigaragaza amateka. (Ibyakorwaga mu butegetsi mu Rwanda rwo hambere)**
   Mu muco w'Abanyarwanda hagiye hagaragaramo ingengamitekerereze idaha umugore agaciro akwiye. Ibyo bigaragarira mu migenurano bacaga.
   Mu mashuri hari amasomo yaharirwaga abahungu, ariko ubu ntibikibaho.
   Umugabekazi yashoboraga gutegekera umwami mu gihe akiri muto atarima ingoma.
   Mu mateka hariho abagore babaye abasizi nka Nyirarumaga.
   Mu mateka hari abagore bagaragaje ubutwari budasanzwe nka Ndabaga, nyagakecuru na nyabingi.

4. **Mu buzima bwacu bwa buri munsi ubona kubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bifite akahe kamaro mu nzego z'ubuyobozi?**

   Kubahiriza uburinganire n'ubwuzuzanye mu nzego z'ubuyobozi bifite akamaro

kanini, kuko bituma hagerwa kuri byinshi cyane ko nta mpano cyangwa bitekerezo biba bigipfukiranwe. Iri hame kuryubahiriza kandi bituma Igihugu cyacu kiza imbere mu ruhando mpuzamahanga.

**Umwitozo w'ubumenyi ngiro**

## Intera ya 1: Kungurana ibitekerezo

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko, araba ashobora:
- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe.
- Gutanga ibitekerezo ashize amanga ko kutubahiriza ihame ry'uburinganire byadindiza iterambere ry'umuryango n'iry'Igihugu muri rusange.
- Kujora ibitekerezo bya bagenzi be.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Ni uwuye mwandiko uherutse kwigwa?**
   Uburinganire n'ubwuzuzanye mu miyoborere.
2. **Havugwamo iki?**
   Havugwamo uko kera hari abagore bagiye bigaragaza mu buyobozi ariko ari mbarwa none ubu muri iki gihe abagore bose bahawe ijambo.

## II. Kungurana ibitekerezo

Kungurana ibitekerezo si ukujya impaka ahubwo ni umwanya buri muntu ahabwa akavuga icyo atekereza ku ngingo iyi n'iyi.

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma baranguruye ijwi insanganyamatsiko yo kunguranaho ibitekerezo igaragara mu gitabo cy'umunyeshuri, ibyo byafasha abafite ubumuga bwo kutabona neza kumva insanganyamatsiko. Insanganyamatsiko inandikwa ku kibaho kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva babibone aho byanditse. kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo ujya aha abandi umwanya wo gutanga ibitekerezo byabo no kugira icyo yavuga ku bitekerezo

by'abandi. Iyo hari aho ibitekerezo bivuguruzanya, umuyobozi afasha mu guhitamo igitekerezo gifite ireme ariko kikumvikanwaho n'abagize itsinda.

Mu gihe bungurana ibitekerezo umwarimu agenzura uko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira abibashishikarize. Nyuma yo kungurana ibitekerezo umwarimu agafasha abanyeshuri gukora umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo, bikandikwa ku kibaho.

**Insanganyamatsiko:**
"Kutubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'ibitsina byombi byadindiza iterambere ry'umuryango n'iry'Igihugu muri rusange."

**Umwanzuro:**
Kutubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'ibitsina byombi byadindiza iterambere kuko igihe hatabaye kuzuzanya no gufashanya mu mirimo yo mu rugo, gucungira hamwe umutungo kw'abagize umuryango cyangwa ngo habe igenamigambi rikorewe hamwe; icyo gihe iterambere ry'umuryango ntiryagerwaho. Mu gihe nta terambere ry'umuryango rigezweho birumvikana ko n'iterambere ry'Igihugu ridashobora kugerwaho, kuko iterambere ry'Igihugu rigomba guhera mu muryango.

## Ikibonezamvugo:

### Intera ya mbere: Amazina y'urusobe(amasomo 2)

(Mu gitabo cy'umunyeshuri)

**Ikitonderwa:** Mbere yo kwigisha amazina y'urusobe, umwarimu abanza gusubiramo abanyeshuri ikomorazina mvanshinga nubwo bwose mu nteganyanyigisho bitateganyijwe.

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri yifashishije umwandiko uherutse kwigwa, araba ashobora:
- Gutandukanya amazina mbonera n'amazina y'urusobe.
- Gusobanura imiterere y'amazina y'urusobe.
- Gusesengura amazina y'urusobe agaragaza amoko yayo, uturemajambo n'amategeko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri n'izindi nyandiko zivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu yifashishije amazina mbonera n'amazina y'urusobe, ayandika ku kibaho, (ashobora no kuyakoresha mu nteruro) agasaba abanyeshuri kuyitegereza maze ubwabo bakavumbura itandukaniro riri hagati y'amazina mbonera n'amazina y'urusobe, amoko n'uturango tw'amazina y'urusobe, ndetse n'intego.

***Urugero rw'amagambo yabaha:***

Itegereze aya mazina agaragara mu mwandiko ari muri izi mpushya ebyiri A na B, uyatekerezeho maze ugaragaze aho atandukaniye urebeye ku turemajambo tuyagize, imiterere n'ingano yayo.

| A | B |
|---|---|
| Umwana | Iterambere |
| Abana | Ingaramakirambi |
| Ibihugu | Abanyarwanda |
| Isambu | Abanyarwandakazi |
| Abagore | Nyampinga |
| Umusare | Impuzamashyirahamwe |

Aya mazina yagaragajwe arimo amazina mbonera n'ay'urusobe.

Amazina ari mu ruhushya A ni amazina mbonera naho ari mu ruhushya B ni amazina y'urusobe.

Mu rurimi rw'Ikinyarwanda amazina arimo amoko atandukanye bitewe n'imiterere y'intego cyangwa uturemajambo twayo. Habaho amazina mbonera ndetse n'amazina y'urusobe.

### Amazina ari mu ruhushya rwa mbere ni amazina mbonera.

Amazina mbonera ni amazina yoroheje, agizwe n'uturemajambo dutatu twibanze (D-RT-C) harimo n'atagira RT ariko afite indomo.

***Ingero:***

a) Umwana: u-mu-ana u → w/-J
b) Abana: a-ba-ana a → ø/-J
c) Ibihugu: i-bi-hugu k → g/-GR
e) Abagore: a-ba-gore Nta tegeko.
f) isambu: i-ø-sambu : Nta tegeko
g) umusore: u-mu-sore : Nta tegeko

Amazina ari mu ruhushya rwa kabiri ni amazina y'urusobe.

### Amazina y'urusobe

Izina ry'urusobe ni izina rimwe ariko rigizwe n'amagambo arenze rimwe cyangwa

uturemajambo turenze dutatu twibanze. Iyo risesenguwe rigira intego cyangwa uturemajambo turenze utw'izina mbonera kuko rishobora kugira indomo ebyiri, indanganteko ebyiri cyangwa ibicumbi bibiri. Rishobora kandi kuba rigizwe n'amagambo abiri yiyunze, ijambo riyometseho akabimbura cyangwa umusuma, inshinga n'ubundi bwoko bw'ijambo riyibereye icyuzuzo (mbonera cyangwa nziguro) amazina abiri yunzwe n'ikinyazina ngenera.

***Ingero:***

**Iterambere:** gutera + imbere (inshinga n'icyuzuzo).
**Mutima w'urugo:** Umutima + wa + urugo ( amazina abiri yunzwe n'ikinyazina ngenera).
**Abanyarwanda:** Abanya + u Rwanda ( izina ririmo akabimbura).
**Abanyarwandakazi:** abanya + u Rwanda + kazi ( izina ririmo akabimbura n'umusuma).
**Nyampinga:** nya + impinga (izina ritangiwe n'akabimbura).
**Ingaramakirambi:** Kugarama(inshinga) + ikirambi(izina)

## Uturango tw'izina ry'urusobe

Izina y'urusobe ni izina usanga rikomoka ku yandi magambo arenze rimwe ariko rikagira inyito imwe cyangwa se izina ryoroheje ryafashe utundi turemajambo twinyongera. Izina ry'urusobe rishobora kugira uturemajambo tw'izina twivanzemo utw'inshinga cyangwa ubundi bwoko bw'ijambo nk'ikinyazina, umugereka…

## Amoko y'amazina y'urusobe

a) Amazina y'urujyanonshinga
b) Amazina y'akabimbura
c) Amazina y'imisuma
d) Amazina yunzwe n'ikinyazina ngenera
e) Amazina y'imindurarwego

## Amazina y'urujyanonshinga

Aya mazina y'urujyanonshinga aba ashingiye ku nshinga yiyunze n'icyuzuzo cyayo, gishobora kuba icyuzuzo mbonera cyangwa icyuzuzo nziguro (izina, inshinga, ikinyazina, umugereka...) agakora izina rimwe.

***Ingero:***

| **Izina ry'urujyanonshinga** | **Inshinga** | **Icyuzuzo** |
|---|---|---|
| Iterambere | Gutera | Imbere |
| Umutegarugori | Gutega | Urugori |
| Impuzamashyirahamwe | Guhuza | Amashyirahamwe |
| Imbanzirizakubarusha | Kubanza | Kubarusha |

| | | |
|---|---|---|
| Ubwirakabiri | Kwira | Kabiri |
| Umugiraneza | Kugira | Neza |

### Amazina y'akabimbura

Ijambo "akabimbura" risobanura akaremajambo kabimbura ni ukuvuga kaza imbere. Ubusanzwe kubimburira abandi ni ukubabanziriza mu byo bakora. Izina ry'akabimbura rero ni izina rifite akaremajambo karibanjirije.

***Ingero:***

- Nyakubahwa
- Nyiricyubahiro
- Nyiramahirwe
- Semasaka
- Rwamanywa
- Kanyana
- Mukasekuru
- Mwenese
- Umunyarwanda

Utu turemajambo duciyeho akarongo kimwe n'utundi tutarondowe ni "**utubimbura**".

Utubimbura dukunze gukoreshwa mu Kinyarwanda ni: -**a**-, -**ka**-, -**nya**, **nyiri**-, **nyira**-, **se**-, **sa**-**ene**.

### Amazina y'imisuma

Umusuma ni akaremajambo kongerwa inyuma y'izina kakagira umumaro wo gusobanura neza iryo zina kagaragiye. Mu mazina habaho umusuma **-kazi**, -**azi**, ndetse n'imisuma igaragaza isano nka **-rume**, **-kuru**, **-kuruza, senge**.

***Ingero:***

- Inkokokazi
- umunyarwandakazi
- Umugabazi
- ikintazi
- Nyirarume
- Sogokuru
- Nyogokuru

### Amazina yunzwe n'ikinyazina ngenera

Ni amazina y'urusobe agizwe n'amazina abiri yunzwe n'ikinyazina ngenera. Ayo mazina abiri yunzwe n'ikinyazina ngenera ntagira inyito ebyiri, ahubwo arema inyito

imwe nubwo aba agizwe n'amagambo abiri. Ayo mazina aba yarabaye inyumane, agahora ari indotana

*Ingero:*

- **Insina z'amatwi:** aya mazina "insina" na "amatwi" yunzwe n'ikinyazina ngenera "za" kandi inyito yayo ni imwe, asobanuye ikintu kimwe.
- **Amaso y'ikirayi:** aya mazina "amaso" na "ikirayi" yunzwe n'ikinyazina ngenera "ya" kandi asobanuye ikintu kimwe.
- **Inkondo y'umura:** aya mazina "inkondo" na "umura" yunzwe n'ikinyazina ngenera "ya" kandi afite inyito y'ikintu kimwe.

**Amazina y'impindurarwego**

Ni amagambo cyangwa urujyano rw'andi matsinda y'amagambo, ahindura urwego yari ari ho akaba amazina, aboneka cyane mu mazina bwite

Ingero: - Kwibuka(SH) - Uwamariya (KZN+SH)

- Irambona(SH) - Sibomana (SH+KZN+ZN)

**Ikitonderwa:** Hari amazina aranga amasano abantu bafitanye na yo abarirwa mu mazina y'urusobe. Ayo mazina atandukana bitewe n'uvuga (muri ngenga ya mbere), ubwirwa (muri ngenga ya kabiri) ndetse n'uvugwa (muri ngenga ya gatatu).

*Urugero:*

Ngenga ya mbere:
**Databukwe**, **databuja**, **marume**, **masenge**, **sogokuru**, **nyogokuru**.
Ngenga ya kabiri:
S**obukwe**, **sobuja**, **nyokorome**, **nyogosenge**.
Ngenga ya gatatu:
**Sebukwe**, **sebuja**, **nyirarume**, **nyirasenge**, **sekuru**, **nyirakuru**.

## Intego y'amazina y'urusobe

Amazina y'urusobe agira intego zitari nk'iz'izina mbonera. Ashobora kugira uturemajambo tw'izina twivanzemo ubundi bwoko bw'uturemajambo. Izina ry'urusobe rishobora kugira indomo ebyiri, indangazina ebyiri, ibicumbi bibiri cyangwa rikagira indomo, indanganteko n'igicumbi ariko hakiyongeraho intego z'andi moko y'amagambo ashobora kwihagikamo cyangwa akaza inyuma y'igicumbi nk'icyuzuzo. Twavuga nk'utubimbura, ikinyazina, imigereka…

Amazina y'urusobe asesengurwa nk'uko andi mazina asanzwe asesengurwa bitewe n'ubwoko bwayo, ndetse buri jambo rigasesengurwa hagaragazwa intego zaryo. Iyo izina ry'urusobe ari izina ry'urujyanonshinga hagomba ubushishozi kuko hari igihe inshinga ishobora kuba yiyunze n'ijambo ridahinduka nk'umusuma cyangwa umugereka. Icyo gihe amagambo asanzwe atagoragozwa yandikwa uko yakabaye.

Amazina yubakiye ku tubimbura na yo agomba ubushishozi kuko utubimbura tutagira intego.

Iyo rimwe mu magambo agize izina ry'urusobe rikomoka ku nshinga icyo gihe iryo jambo risesengurwa hakurikijwe inkomoko yaryo.

### Dore uko bikorwa:

**Umucasuka:** Ni izina rigizwe n'amagambo abiri : Umuca n'isuka. Umuca ni ijambo rituruka cyangwa rikomoka ku nshinga guca, naho isuka ni izina mbonera.
Mu kugaragaza intego umuca rirasesengurwa ukwaryo n'isuka ukwaryo:
umuca: u-mu-ci-a
isuka: i-ø-suka
Ni ukuvuga ko uturemajambo duteye dutya:
**Umucasuka: u – mu – ci – a – ø – ø – suka** i→ ø/-J

**Impugukirwa:** Ikimenyetso "ϕ" gishyirwa aho akaremajambo k'ingenzi kabuze kandi kagombaga kuhaboneka.

### Andi magambo twatangaho ingero:

**Impuzamiryango:** Rigizwe n'amagambo abiri ari yo : «impuza» rituruka ku nshinga guhuza inkomoko yayo ikaba «guhura» n'imiryango.
i-n-hur-y-a-ø-mi-ryango n→m/-h, mh→mp mu nyandiko, r+y→z

**Umunyarwanda:** Iri ni ijambo ryubakiye ku kabimbura "nya"n'ijambo u Rwanda.
u-mu- nya - rwaanda Nta tegeko

**Nyiricyubahiro:** Iri ni ijambo ryubakiye ku kabimbura « nyiri » n'ijambo « icyubahiro».
nyiri – i – ki – ubah – ir – o i→ y/-J, ky→cy mu nyandiko i→ ø/-J.

**Nyiramahirwe:** Iri ni ijambo rigizwe n'akabimbura "nyiri" n'ijambo "amahirwe".
nyiri – a – ma – hir-w-e i→ ø/-J.

**semasaka:** Iri ni ijambo rigizwe n'akabimbura se n'ijambo "amasaka".
se – ø – ma - saka Nta tegeko.

**Ubwirakabiri:** Iri ni ijambo rigizwe n'ijambo "ubwira" rituruka ku nshinga kwira n'ikinyazina nyamubaro "kabiri".
u – bu – ir – a – ka – biri u→ w/-J

**Imbonekarimwe:** Iri ni ijambo rigizwe n'ijambo "imboneka" rituruka ku nshinga kuboneka na yo ituruka ku nshinga kubona, n'ikinyazina nyamubaro "rimwe".
i – n – bon – ik – a – ri – mwe n→ m/-b, i→ e/Co-

**Umugiraneza:** Iri ni izina rigizwe n'amagambo abiri " umugira" bituruka ku nshinga kugira, n'umugereka w'uburyo "neza".
u – mu – gir – a – neza Nta tegeko.

**Insina z'amatwi:** Aha harimo amazina abiri "insina n'amatwi" yunzwe n'ikinyazina ngenera "za".
i – n – tsina – zi – a – a – ma - twi   t→ ø / n- s, i→ ø/-J
i→ ø / -J : - a, → ø/-J

**Amazina agaragaza amasano abantu bafitanye:**

***Ingero:***

- **Databukwe:** Aha harimo amazina abiri "data" n'ijambo "ubukwe".
  ø – ø – data – ø – bu – ko – e   o→ w/-J
- **Marume:** Aha harimo amazina abiri "mama" rikoreshwa muri ngenga ya mbere impindurantego ya "mama" n'umusuma ugaragaza isano "rume".
  ø – ø – ma – rume   Nta tegeko.
- **Masenge:** Aha harimo amagambo abiri: impindurantego ya "mama", n'umusuma sano "senge" .
  ø – ø – ma – senge
- **Sogokuru:** Aha harimo amazina abiri: impindurantego ya "so" na "kuru" iva kuri ntera mukuru
  ø – ø – sogo – ø – kuru
- **Nyokobuja:** Aha harimo amazina abiri " nyoko" muri ngenga ya kabiri, n'ijambo "ubuja".
  ø – ø – nyoko – ø – bu – ja   Nta tegeko.
- **Nyirabuja:** Aha harimo amazina abiri "nyira" impindurantego ya "nyina" muri ngenga ya gatatu n'ijambo "ubuja".
  ø – ø – nyira – ø – bu – ja   Nta tegeko.
  **Nyirasenge:** ø – ø – nyira – senge (Aha harimo amagambo abiri "nyira", impindurantego ya nyina n'umusuma sano "senge"
- **Sekuru:** ø – ø – se + kuru   Nta tegeko. (Aha harimo amagambo abiri "se" n'umusema sano "kuru" riva kuri ntera "mukuru".

## Umwitozo ku mazina y'urusobe

Umwarimu atanga umwitozo ku mazina y'urusobe, agasaba buri munyeshuri gukora umwitozo ku giti ke maze akaza kubakosora, anareba niba isomo riri kumvikana bityo aho abona hari ikibazo hagashakirwa igisubizo.

1. **Tahura amazina y'urusobe yakoresheje mu nteruro zikurikira uyaceho akarongo**
   a) Abanyamategeko ni bo bakemura ibibazo byarenze abunzi.
   b) Umwana ubana na nyirakuru amenya byinshi.
   c) Uburinganire bugira uruhare mu iterambere.
   d) Umuntu nyamuntu agomba kuba umugiraneza aho ari hose.
   e) Hambere mu mashuri umunyarwandakazi yarahezwaga cyane.

2. **Shaka amazina y'urusobe ane maze uyakoreshe mu nteruro mbonezamvugo**
   - Kantengwa azajya gusura nyirarume mu biruhuko bitaha.
   - Ubugwaneza bw'inkware bwayigonze ijosi.
   - Umucasuka ni icyatsi kirandaranda.
   - Nyiramahirwe azatsinda ibizamini maze bamuhembe.
3. **Garagaza uturemajambo tw'aya mazina n'amategeko y'igenamajwi**
   a) Umushoramari: u – mu – shor – a – ø – ø – mari Nta neko
   b) Abategarugori: a – ba – teg – a – ø – ru – gori Nta neko
   c) Inkandagirabitabo: i – n – kand –ag –ir – a – ø – bi – tabo Nta neko
   d) Umunyamugisha: u – mu – nya – ø – mu - gisha Nta neko
   e) Ikimenyabose: i – ki – meny – a – ba – o – se a→ ø/-J
   f) Ubugwaneza: u – bu – gu – a – neza u → w/-J
   g) Nyirakuru: ø – ø –nyira – ø - kuru Nta neko
   h) Nyokobukwe: ø – ø – nyoko – ø – bu – ko – e o→ w/-J
   i) Nyogosenge: ø – ø – nyoko – senge k→ g/-GR,

## Inshamake y'ibyizwe muri uyu mutwe wa mbere

Imyandiko yo muri uyu mutwe ivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye hagati y'abashakanye haba mu mirimo inyuranye cyangwa mu micungire y'umutungo ndetse no mu buyobozi. Ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ryihutisha iterambere ry'umuryango n'iry'Igihugu muri rusange. Leta y'u Rwanda ishyigikiye bidasubirwaho uburinganire n'ubwuzuzanye, ndetse ishyiraho ingamba ziha umugore uburyo bwo kugira uruhare haba mu kwiyubakira Igihugu no mu nzego z'imiyoborere.

Mu bijyanye n'ubumenyi bw'ururimi, twabonye ikiganiro mpaka icyo ari cyo, ikiba kigamijwe mu kiganiro mpaka tunabona uko gikorwa.

Mu kibonezamvugo twabonyemo inshoza y'amazina y'urusobe. Izina ry'urusobe ni izina rigira uturemajambo turenze utw'izina mbonera. Mu moko y'amazina y'urusobe harimo amazina y'urujyanonshinga, amazina y'utubimbura, amazina y'imisuma n'amazina ahujwe n'ikinyazina ngenera n'amazina y'impindurarwego. Twabonye ko habamo amwe agaragaza amasano abantu bagirana. Twabonye uturango twayo n'uko bagaragaza intego zayo.

## Ubumenyi bw'inyongera

### Imigani migufi ivuga ku buringanire n'ubufatanye mu muryango

a) **Umwe arya bihora:**
Umurimo ukozwe n'umuntu umwe uratinda ariko ukozwe n'abantu bashyize hamwe urihuta ukarangira vuba.

b) **Abagiye inama imana irabasanga:**
Iyo abantu bagiye inama bagera kuri byinshi kuko nta mahane aba arimo. Bivugwa ko Imana iba yabashyigikiye bakagira umugisha mu byo bakora bikunguka.

c) **Ababiri bajya inama baruta umunani urasana**:
Abantu nubwo baba ari babiri ariko buzuzanya bagirana inama mu byo bakora, baruta abantu benshi ba nyamwigendaho cyangwa benshi badashyira hamwe ahubwo barangwa n'umwiryane n'amakimbirane.

d) **Ukurusha umugore aba akurusha urugo:**
Urugo rufite umugore w'umunyabwenge rurahirwa cyane kurusha ururimo umugore w'umupfapfa.

e) **Inkingi imwe ntigera inzu:**
Umuntu umwe nta cyo yabasha kwigezaho wenyine ni ngombwa abamufasha.

### Isuzuma risoza umutwe wa mbere

Nyuma yo kurangiza umutwe wa mbere, umwarimu aratanga isuzuma riteganyijwe risoza umutwe wa mbere, buri munyeshuri akarikora ku giti ke. Nyuma y'ikosora umwarimu asuzuma urwego abanyeshuri bagezeho kugira ngo niba hari ibigomba gusubirwamo bisubirwemo ndetse akareba abafite ibibazo byihariye kugira ngo abafashe mbere yo gutangira undi mutwe. Nyuma y'isuzuma umwarimu atanga imyitozo ku banyeshuri bafite intege nke mu myigire yabo.

## Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma

### I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. **Rondora inzego eshatu z'ubutegetsi mu Rwanda uko zavuzwe mu mwandiko**.
Ubutegetsi nshingamategeko, ubutegetsi nyubahirizategeko n'ubutegetsi bw'ubucamanza.

2. **Vuga nibura inshingano imwe ya rumwe mu nzego z'ubutegetsi mu Rwanda.**
*(Aha umwarimu areba rumwe mu rwego umunyeshuri yahisemo).*

3. **Ni iki cyavuzwe mu mwandiko kigaragaza ko u Rwanda rufite ubuyobozi budaheza igitsina gore?**
Mu buyobozi hari ihame rigenera abagore imyanya mirongo itatu ku ijana .

4. **Ni uruhe rwego rushinzwe gushyiraho amategeko no kugena ibihano ku batayubahirije?**
   Ni urwego rw'ubucamanza.
5. **Imfungwa zitandukaniye he n'abagororwa?**
   Imfungwa ni abahamwe n'icyaha, bagahabwa igihano cyo gufungwa burundu naho abagororwa ni abakatiwe igifungo k'igihe runaka bakirangiza bagasubira mu buzima busanzwe.
6. **Ni ryari itegeko ritangira gukurikizwa?**
   Ritangira gukurikizwa iyo ryasohotse mu Igazeti ya Leta.

## II. Inyunguramagambo

1. **Sobanura amagambo cyangwa imvugo zikurikira zigaragara mu mwandiko:**
   a) Kugaba amashami: Gukwirakwira ahantu henshi.
   b) Kwirengagiza: Kwanga kwita ku kintu runaka.
   c) Abagororwa: Abakatiwe igifungo k'igihe runaka bategereje ko kirangira bagasubira mu buzima busanzwe.
   d) Yimirije imbere: Ishyize imbere, yitayeho cyane.
2. **Tanga imbusane z'aya magambo**
   a) Iterambere≠ Idindira ry'ubukungu.
   b) ubutabera≠ akarengane.
   c) kwegereza≠ Guhungisha, gushyira kure.
3. **Koresha aya magambo wungutse mu nteruro ngufi kandi ziboneye.**
   a) Kugaba amashami
      Inkiko nkuru **zigabye amashami** hirya no hino mu Gihugu.
   b) Kwirengagiza
      Leta ntishobora **kwirengagiza** ihame ry'uburinganire mu Banyarwanda.
   c) Abagororwa
      **Abagororwa** bagize uruhare mu mirimo itandukanye ifitiye Igihugu akamaro.

## III.Ikibonezamvugo

1. **Vuga ubwoko bw'amazina aciweho akarongo mu nteruro zikurikira:**
   a) Urwego rw'<u>Ubutegetsi</u> Nyubahirizategeko na rwo rugabyemo amashami menshi atandukanye. (izina rusange risanzwe)
   b) Mu nteko hagaragaramo <u>abanyarwandakazi</u> batari bake. (izina ry'urusobe)
   c) Ngo igihano cy'urupfu gikwiriye guhabwa uwavukije ubuzima <u>inzirakarengane</u>. (Izina ry'urusobe)
2. **Tahura amazina y'urusobe agaragara muri izi nteruro uyaceho akarongo:**
   a) Ubuyobozi bufite **<u>igenamigambi</u>** ryiza bwihutisha **<u>iterambere</u>**.

b) **Abanyamahanga** benshi batangarira **indangagaciro** zacu.

3. **Garagaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe kuri aya magambo yandikishijwe ibara ry'ukara tsiri:**

a) Ubuyobozi bufite **igenamigambi** ryiza bwihutisha **iterambere**.
Igenamigambi: i-ø-gen-a-ø-mi- gamb-i nta tegeko rihari
Iterambere: i-ø-ter-a-ø-mbere nta tegeko rihari

b) **Abanyamahanga** benshi batangarira **indangagaciro** zacu.
Abanyamahanga: a-ba-nya-ø-ma-hanga nta tegeko rihari
Indangagaciro: i-n-rang-a-ø-ka-ciro r → d/n k→g/-GR

## IV. Ubumenyi rusange

1. **Ikiganiro mpaka ni iki?**
Ni ikiganiro gihuza impande ebyiri zikajya impaka ku nsanganyamatsiko iba yatoranyijwe hagamijwe kugaragaza ibyakumvikanwaho.
2. **Vuga unasobanure uruhande rumwe mu bagize ibiganiro mpaka.**
Umuhuza: Ni umuntu ushinzwe guhagarara hagati y'impande ebyiri, agatanga umurongo ngenderwaho…
3. **Kuki rimwe na rimwe biba ngombwa ko habaho ibiganiro mpaka mu mashuri yisumbuye?**
Ni ukubera impamvu zikurikira: Gutoza abanyeshuri kuvugira mu ruhame, kubamenyereza gusobanura ibitekerezo byabo…

## V. Ihangamwandiko

Hanga umwandiko mu mirongo itarenga makumyabiri n'itanu (25) kuri imwe muri izi nsanganyamatsiko:

a) **Akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye mu iterambere ry'Igihugu**.
**Ingingo:**
Kuzuzanya, kwihutisha iterambere, kudapfukirana ibitekerezo bya bamwe…

b) **Leta y'u Rwanda yashimangiye ihame ry'uburinganire**.
**Ingingo:**
- Itegeko nshinga rigaragaza ihame rya mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagore mu myanya ifata ibyemezo.
- Ibigo byita ku burezi bw'umwana w'umukobwa.
- Ibigo byita ku kurenganura abagore n'abakobwa bahohotewe.
- Iyubakwa ry'icyumba cy'umukobwa kuri buri kigo cy'amashuri.

**Imyitozo nzamurabushobozi**

**Imyitozo igenewe abafite inege nke mu myigire yabo**

1. Tahura amazina y'urusobe yakoreshejwe mu nteruro zikurikira uyaceho akarongo:

   a) Mu birori abanyacyubahiro bicara imbere. (abanyacyubahiro)
   b) Umwamikazi na we yagaba yubashywe cyane. (umwamikazi)
   c) Ikororanabuhanga ryatumye dukataza mu iterambere. (ikoranabuhanga/ iterambere)
   d) Abenegihugu baba bagomba kugira indangagaciro zibaranga.(abenegihugu/ indangagaciro)

2. Garagaza uturemajambo tw'aya mazina y'urusobe n'amategeko y'igenamajwi:

   a) Umunyamategeko : u – mu – nya – ø – ma – tegek - o nta tegeko
   b) Abanyamahirwe : a – ba – nya – ø – ma - hir-w-e nta tegeko
   c) Inkokokazi : i – n – koko - kazi nta tegeko
   d) Umunyamugisha : u – mu – nya – ø – mu – gisha nta tegeko
   e) Umugiraneza : u – mu – gir – a – neza nta tegeko
   f) Sogokuru : ø – ø –sogo – ø – kuru nta tegeko
   g) Nyokobuja : ø – ø – nyoko – ø – bu – ja nta tegeko
   h) Mabukwe : ø – ø – ma – ø – bu – ko – e o→ w/-J
   i) Nyirasenge : ø – ø – nyira –senge

**Imyitozo nzamurabushobozi**

**Imyitozo igenewe abanyeshuri bihuta cyane kurenza abandi:**

Egeranya ibitekerezo wumva byatangwa mu kiganiro mpaka kuri iyi nsanganyamatsiko: "Uburinganire n'ubwuzuzanye ni ingenzi mu buzima bw'abagize umuryango". Ibyo bitekerezo byandike ku rupapuro, ariko ubigaragaze mu byiciro bibiri: ikiciro gishyigikiye ibikubiye mu nsanganyamatsiko n'ikiciro kibihakana.

Ingero z'ibisubizo: Umwarimu azareba ko aba banyeshuri bashobora gutanga ibitekerezo binyuranye (ari ibishyigikira insanganyamatsiko ari n'ibiyihakana).

# 2 Ubuzima

**(Umubare w'amasomo: 7)**

| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:** |
|---|
| - Gusesengura imyandiko ku nsanganyamatsiko y'ubuzima;<br>- Gushyira ubutinde n'amasaku ku nteruro |
| **Ubumenyi bw'ibanze** |
| Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe agomba kuba azi gusoma neza umwandiko, gukoresha ibimenyetso by'utwatuzo, gukoresha inkoranyamagambo y'Ikinyarwanda, azi umugemo icyo ari cyo, kugaragaza ubutinde bw'imigemo n'amasaku ku magambo. |
| **Ingingo nsanganyamasomo** |
| - **Uburezi budaheza**<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa umwarimu yita ku banyeshuri bose cyanecyane abafite ubumuga ndetse no mu gushyira abanyeshuri mu matsinda nta vangura iryo ari ryo ryose rishingiweho.<br>- **Ubuzima bw'imyororokere**<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa binyujijwe mu bikubiye mu mwandiko, byateguwe hifashishijwe imfashanyigisho ya Minisiteri y'Ubuzima y'amahugurwa ku byerekeye ubuzima bw'imyororokere, bityo abanyeshuri bahugukire kumenya ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere yabo.<br>- **Umuco wo kwita ku buziranenge**<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa hibutswa ko imiti ndetse n'inkingo duhabwa n'ababishinzwe, tugomba kubyitabira ariko kandi bikabikwa neza kugira ngo bidatakaza ubuziranenge. Si ibyo gusa rero n'ibindi birimo nk'ibyo duhaha ku masoko bigomba kuba byujuje ubuziranenge. |
| **Ubushobozi nsanganyamasomo** |
| - Ubushobozi no gushakira ibibazo ibisubizo: akurikira neza ibivugwa, anajora ibyo yasomye cyangwa yasomewe.<br>- Gusabana mu rurimi rw'ikinyarwanda ; akoresha neza amagambo mu nteruro, atanga ibitekerezo.<br>- Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi : agira uruhare mu bikorwa byo mu matsinda, yubaha ibitekerezo bya bagenzi be.<br>- Kwiga no guhora yiyungura ubumenyi: mu bushakashatsi akora no gukora imikoro ahabwa |

| **Amagambo n'ibitekerezo by'ingenzi:** |
|---|
| - Ubuzima bw'imyororokere, ingimbi, umwangavu, ubumuga, gukubita igihwereye, imyanya myibarukiro, urusoro, imihango y'abakobwa, ukwezi k'umugore, gucura, SIDA, abajyanama b'ubuzima, inkingo, ibyorezo, ibikatu, kanseri y'inkondo y'umura,<br>- Umugemo, ubutinde, amasaku. |
| **Uburyo bwo kwita ku bafite ibibazo byihariye:**<br>Abana bafite ibibazo bagomba kwitabwaho by'umwihariko, hagendewe ku bibazo bafite. Abana bafite ibibazo bitabwaho ku buryo bwose bushoboka bubafasha gukurikira amasomo nk'abandi.<br>Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Asoma mu ijwi riranguruye yegereye kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva neza n'abafite ubumuga bwo kutabona babyumve. Ni ngombwa kandi gufasha ku buryo bwihariye abafite ibibazo byihariye. |

## Ibyigwa bikubiye muri uyu mutwe n'umubare w'amasomo ya buri kigwa

| Isomo | Umubare w'amasomo |
|---|---|
| **1. Umwandiko: Ubuzima bw'imyororokere** | |
| Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko «Ubuzima bw'imyororokere». | Amasomo 2 |
| Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko «Ubuzima bw'imyororokere». | Isomo 1 |
| 2. Umwitozo w'ubumenyi ngiro: | Amasomo 2 |
| Intera ya 1: kungurana ibitekerezo ku ngingo yo guharanira ubuzima bwiza. | |
| 3. Ikibonezamvugo<br>Intera ya 1: Amasaku mu nteruro. | Amasomo 3 |
| **4. Umwandiko: Inkingo** | |
| Intera ya mbere : Gusoma no kumva umwandiko «**Inkingo**». | Isomo 1 |
| Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko «**Inkingo**». | Isomo 1 |
| 5. Umwitozo w'ubumenyi ngiro:<br>Intera ya 1: Kungurana ibitekerezo ku ngaruka zo kudakingirwa. | Amasomo2 |

**Umwandiko: Ubuzima bw'imyororokere**

**Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(amasomo 2)**

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya magambo n'umwandiko, araba ashobora:
- Gusoma umwandiko bucece no kuwusoma aranguruye ijwi
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gukoresha amagambo yungutse (mu mvugo cyangwa mu nyandiko) mu nteruro ngufi kandi ziboneye

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku buzima bw'imyororokere no ku kamaro k'inkingo, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, n'inkoranyamagambo.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga, akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko cyangwa ibikubiye mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**
   Turabona abanyeshuri b'abakobwa n'abahungu bicaye mu ishuri bareba ishusho umwarimu abereka ku kibaho.
2. **Murabona abo bana bameze bate?**
   Turabona abahungu bafite utwanwa duke naho abakobwa batangiye kumera amabere.
3. **Uriya mugore murabona ari muntu ki?**
   Ni umwarimukazi.
4. **Iriya shusho abanyeshuri barangamiye iriho iki?**
   Turabonaho umubyeyi utwite.

Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye kwiga umwarimu arabwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko "**Ubuzima bw'imyororokere**".

## II. Gusoma umwandiko

### Gusoma bucece

Umwarimu yongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko "Ubuzima bw'imyororokere." Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.
Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Uyu mwandiko uravuga ku biki?**
   Uravuga ku buzima bw'imyororokere.
2. **Ni ibiki ubuvugaho?**
   Uravuga ko ubuzima bw'imyororokere bugomba gusobanurirwa abana kuva bakiri bato bagakura bazi iby'imyororokere.
3. **Ibyo uyu mwandiko uvuga byabereye he?**
   Byabereye mu muryango wa Kampire, abigeza ku baturanyi be, bisorezwa ku kigo nderabuzima.
4. **Mu mwandiko bavuga ko byabaye ryari?**
   Byabayeho nyuma y'uko umukobwa wa Kampire abyaye umwana upfuye kuko atari yarasobanuriwe ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, mu ijwi riranguruye kandi bubahiriza utwatuzo. Iyo abanyeshuri ari benshi umwe asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza igihe umwandiko urangiriye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uhari.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa bagenda bakora iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe bari gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo babasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III. Gusubiza ibibazo

Muri iki gice, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda bajya kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bagafatanya n'umwarimu kubinoza.

*Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:*

a) **Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. **Uyu mwandiko uravuga kuri ba nde?**
   Kampire, umwana we w'umukobwa, abandi babyeyi baturanye, n'umuforomokazi witwa Bwiza n'umuforomo Karenzi.
2. **Abavugwa muri uyu mwandiko bahujwe n'ikibazo kijyanye n'ibiki? Byari byagenze bite?**
   Baravuga ku kibazo kijyanye n'ubuzima bw'imyororokere. Hari umukobwa wakubise igihwereye bitewe n'uko atasobanuriwe ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere akiri muto.
3. **Sobanura impamvu ivugwa mu mwandiko yatumye uriya mukobwa atajyanwa mu ishuri.**
   Impamvu ni uko yari afite ubumuga bwo mu mutwe budakabije. Kera abafite ubumuga ntibahabwaga uburenganzira bwabo.
4. **Ni ryari umukecuru Kampire yamenyeye ikibazo umukobwa we afite? yabyifashemo ate?**
   Yabimenye akererewe cyane; agerageje kumutabara biba iby'ubusa kuko amazi yari yarenze inkombe, akubita igihwereye.
5. **Gereranya imyumvire ya Kampire n'iya bariya babyeyi bandi ku bijyanye no kuganiriza abana ku buzima bw'imyororokere**.
   Bigaragara ko bose bari bafite imyumvire imwe kuko bumvaga ngo kizira kuvuga ku bijyanye n'imyororokere uko byakabaye, bagashaka kujya babitsinda.
6. **Erekana umwanzuro ababyeyi bafashe nyuma yo kubona ko nibikomeza bityo bazakomeza guhura n'ingorane**.
   Bafashe umwanzuro wo kugana ikigo nderabuzima ngo basobanuze uko babyifatamo.
7. **Shaka mu mwandiko ingero eshatu zerekana ko bamwe mu babyeyi bagira isoni zo kubwiza ukuri abana babo ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere**.
   Bamwe babwira abana babo ko iyo umwana avuka aca mu mukondo; abandi bakababwira ko umwana bamukura kwa muganga; naho abandi bakabwira abakobwa babo ngo baramenye ntihazagire umuhungu ubajya hejuru.
8. **Hitamo igisubizo kiri cyo muri ibi bikurikira wifashishije umwandiko:**
   1. Uriya mukobwa ntiyize ishuri kuko:
      a) Yari munini cyane.
      b) Atabishakaga.
      c) Abafite ubumuga batitabwagaho.
      d) Atagiraga nyina.

   **Igisubizo:** c) Abafite ubumuga batitabwagaho.

2. Ababyeyi bageze ku kigo nderabuzima bakiriwe na:
   a) Kiza, umuforomokazi w'umuhanga cyane.
   b) Bwiza, umuforomokazi w'umuswa cyane.
   c) Keza, umuforomokazi w'umuhanga cyane.
   d) Bwiza, na Karenzi, abaforomo b'abahanga cyane.

   **Igisubizo:** d) Bwiza na Karenzi, abaforomo b'abahanga cyane.
3. Ubuzima bw'imyororokere bugomba kwitabwaho no gusobanurirwa abana bakiri bato kugira ngo:
   a) Bakure batazi imihindagurikire y'imibiri yabo bizabarinde ingorane zari zibategereje.
   b) Bakure bazi imihindagurikire y'imibiri yabo bizabarinde ingorane zari zibategereje.
   c) Bakure bazi gutegura amafunguro neza.
   d) Ibirayi bigabanyizwe igiciro kuko bihenze cyane.

**Igisubizo:** b) Bakure bazi imihindukire y'imibiri yabo bizabarinde ingorane zari zibategereje.

4. Ukwezi k'umugore kugira:
   a) Iminsi iri hagati ya 21 na 35.
   b) Iminsi itarenga 30.
   c) Ibyumweru bibiri n'igice.
   d) Buri gihe iminsi 35.

**Igisubizo:** a) Iminsi iri hagati ya 21 na 35.

## b) Inyunguramagambo

### Ibibazo n'ibisubizo byabyo:

1. **Shaka ibisobanuro by'amagambo cyangwa amatsinda y'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) **Amazi yarenze inkombe:** Ntagaruriro, ntakigikozwe.
   b) **Gukubita igihwereye:** Kubyara umwana upfuye.
   c) **Biba iby'ubusa:** Ntibyagira icyo bitanga.
   d) **Gucura:** Kureka kubyara by'umugore kubera gukura, guca imbyaro.
   e) **Igihe cy'uburumbuke:** Igihe umugore cg umukobwa ashobora gusama.
   f) **Urusoro:** Umububmbe usûkuuma uba mu nda y'umugore umaze iminsi mike asamye inda, ukazavamo umwana. Umwana ugisamwa .
   g) **Kwisama wasandaye:** (Gushaka gukumira ikintu cyangwa kwisubiraho bitagishobotse), Gushaka kugorora ibyo wakoze cyangwa wavuze kandi bitagifite igaruriro.

### Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro

ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

**Ibibazo n'ibisubizo:**

1. **Koresha amagambo cyangwa itsina ry'amagambo akurikira mu nteruro ngufi kandi ziboneye:**
   a) **Guheba**
   Uwize neza ntashobora **guheba** ibyo akurikiye.
   b) **Kugusha ishyano**
   Gutwara inda idateganyijwe ni **ukugusha ishyano**.
   c) **Urujijo**
   Ababyeyi bakwiye kujijuka bakareka guha abana babo amakuru abateza **urujijo**.
   d) **Ukororoka**
   Mu gihe umukobwa amaze kuba umwangavu imyanya myibarukiro ye yitegura ibijyanye n'**ukororoka**.
   e) **Urusoro**
   Umwana agomba gutangira gufatwa neza kuva akiri **urusoro** mu nda ya nyina.
2. **Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo ukuye mu mwandiko:**
   a) Iyo umwana adasobanuriwe ubuzima bw'imyororokere ashobora gusama cyangwa gutera inda **idateganyijwe**.
   b) Kampire yaje kubiganiriza abandi babyeyi baturanye, abagezaho ishyano **yagushije.**
   c) Abantu benshi usanga badafite ubumenyi buhagije ku buzima bw'**imyororokere**.
   d) Ababyeyi bageze ku kigo nderabuzima bakiriwe na **Bwiza**, umuforomokazi w'umuhanga rwose.
   e) Iyo umukobwa amaze gukura imyanya **myibarukiro** ye itangira kwitegura ibijyanye n'ukororoka.

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko( isomo 1)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Kugaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.
- Gusobanura ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere ashingiye ku bivugwa mu mwandiko ndetse abihuza n'ubuzima busanzwe.
- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku buzima bw'imyororokere no ku kamaro k'inkingo, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ifishi y'ikingira n'inkoranyamagambo ndetse n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Ubuzima bw'imyororokere.
2. **Muri rusange uvuga ku biki?**
   Uvuga ku bijyanye n'uko abantu bagomba gusobanurirwa ubuzima bw'imyororokere kuva bakiri bato.
3. **Gusobanukirwa ubuzima bw'imyororokere abantu bakiri bato bimaze iki?**
   Bituma umuntu akura asobanukiwe neza, bigatuma atazagira ibibazo ku mihindukire y'umubiri we uko agenda akura.

## II. Gusoma

Umwarimu abwira abanyeshuri bakabanza kongera gusoma umwandiko "**Ubuzima bw'imyororokere**." Umunyeshuri umwumwe agenda asimburana na bagenzi be, basoma baranguruye ijwi ku buryo bufasha abafite ubumuga bwo kutumva neza, maze ibibazo byo gusesengura umwandiko bakanabyandika ku kibaho kugira ngo n'ufite ikibazo cyo kutumva abisome, hanyuma bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, agasaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Babanza kungurana ibitekerezo ku bisubizo bari butange, umwarimu na we akazenguruka mu matsinda areba niba bose bitabira gutanga ibitekerezo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi n'umwanditsi hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

## Bimwe mu bibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.

1. **Nimwerekane ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko**.

*Ingingo z'ingenzi:*

Amakuru atari yo ku buzima bw'imyororokere n'uko iki kibazo cyakemuka; imihindagurikire y'umubiri w'umuntu mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu; ukwezi k'umugore; inama ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere.

*Ingingo z'ingereka:*

Ibijyanye n'ubumuga; kudashyirwa mu ishuri, ingaruka zo kutabwiza abana ukuri, indwara zandurira mu myanya ndangabitsina.

2. **Ibivugwa muri uyu mwandiko bihuriye he n'ubuzima busanzwe?**
   Uyu mwandiko uhuye cyane n'ubuzima busanzwe kuko ugaragaza ukuntu ababyeyi benshi bagira isoni zo kuganiriza abana babo ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere. Icyakora icyo kibazo kigenda gikemuka kubera inama z'abaganga n'abandi babafasha mu bikorwa byo kubungabunga ubuzima. Si aho gusa, ahubwo hari n'amakuru anyuzwa mu bitangazamakuru no mu makinamico, ndetse no mu mashuri.
3. **Usomye umusozo w'uyu mwandiko urasanga umwanditsi asaba iki umwangavu cyangwa ingimbi izawusoma?**
   Umwanditsi arabasaba gukangukira gucunga neza ubuzima bw'imyororokere no kubusobanukirwa bakiri bato.
4. **Wumva kwigisha hakiri kare ibice by'umubiri ndetse n'iby'imyanya myibarukiro n'akamaro kabyo hari icyo byamarira abangavu cyangwa ingimbi mu rwego rwo kurinda ubuzima bwabo no kugabanya ubwiyongere bw'abaturage butajyanye n'umusaruro beza**?
   Byabagirira akamaro cyane kuko byababafasha kwirinda ingorane zirimo izo kwandura indwara zandurira mu myanya ndangagitsina harimo n'agakoko gatera SIDA, ndetse no gutera cyangwa gutwara inda zidateganyijwe bituma ubwiyongere bw'abaturage butajyana n'umusaruro wabo.

## Umwitozo w'ubumenyi ngiro

## Intera ya mbere: Kwitoza kuvugira mu ruhame(amasomo 2)

***I ntego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko, araba ashobora:
- Gutanga ibitekerezo bihamye kandi ashize amanga.
- Kuvugira mu ruhame imbere ya bagenzi be.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umuwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku buzima bw'imyororokere no ku kamaro k'inkingo, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ifishi y'ikingira n'inkoranyamagambo.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Ni irihe somo duheruka kwiga?**
   Duheruka kwiga umwandiko witwa "Ubuzima bw'imyororokere".
2. **Ni bande bashishikarizwaga cyane gusobanukirwa n'ubuzima bw'imyororokere?**
   Ni abakiri bato (ingimbi n'abangavu).
3. **Twabonye ko kubimenya bakiri bato bifite akahe kamaro?**
   Kubimenya bakiri bato bituma bakura bazi uko bazifata n'uko bazacunga ubuzima bwabo mu mikurire yabo.

## II. Kwitoza kuvugira mu ruhame.

Umwarimu abwira abanyeshuri gukora umwitozo wo kuvugira mu ruhame badasoma. Abanyeshuri bagenda basimburanwa umwumwe, kugeza bose bakoze uwo mwitozo wo kuvugira mu ruhame. Umwarimu akurikirana uko abanyeshuri biyerekana, uko bifata imbere y'abandi nuko bavuga bashize amanga, abagaragaje intege nke bakunganirwa.

Umwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza icyo umwandiko ubasigiye ku bijyanye n'insanganyamatsiko ivuga ku ngingo yo guharanira ubuzima bwiza.

### Ikivugwaho :

Bwira bagenzi bawe ibyo uyu mwandiko ugusigiye uhereye ku ngingo yo guharanira ubuzima bwiza.

### Ingingo nkuru umwandiko wibandaho:

Ingingo nkuru umwandiko wibandaho ni uko abantu bakwiye kumenya amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere; imihindagurikire y'umubiri w'umuntu mu gihe cy'ubugimbi n'ubwangavu n'inama ku bijyanye n'ubwo buzima.

Umuntu akwiye kwigishwa ibyo guharanira kubungabunga ubuzima guhera akiri muto. Mu kubungabunga ubuzima rero harimo no gusobanukirwa ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere. Ibi bifasha umuntu gukumira ingorane nyinshi zo mu buzima.

**Ikibonezamvugo**

**Intera ya kane: Amasaku mu nteruro(amasomo3)**

*Intego zihariye:*

Umunyeshuri yifashishije umwandiko uherutse kwigwa, araba ashobora:
- Gutandukanya amasaku y'amagambo yanditse yonyine n'igihe ayo magambo yakoreshejwe mu nteruro.
- Gusobanura imihindagurikire y'amasaku mu nteruro.
- Kwandika interuro agaragaza ubutinde n'amasaku by'amagambo ku nteruro yubahiriza imvugo inoze.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'Umwarimu, igitabo cy'Umunyeshuri , igitabo k'ikibonezamvugo, igitabo kivuga ku butinde n'amasaku by'umugemo no mu nteruro.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu yifashishije interuro zirimo amagambo ashobora guhindura imiterere y'ubutinde n'amasaku bitewe n'uko akoreshejwe; ni ukuvuga ari yonyine cyangwa ari mu nteruro, ayandika ku kibaho, agasaba abanyeshuri kuyitegereza maze ubwabo bakavumbura itandukaniro ry'imiterere y'ubutinde n'amasaku aramutse ari yonyine cyangwa akoreshejwe mu nteruro. Banatahura kandi impamvu itera iyo mihindagurikire.

**Ikibazo cyabazwa:**

Nimugaragaze uburyo ayo magambo yagiye ahindura ubutinde n'amasaku byayo, aramutse ari yonyine cyangwa bitewe n'ayo bikurikiranye mu nteruro. Noneho mugaragaze ubutinde n'amasaku ku nteruro yose.

a) Biba aho wa mukobwa yakura nk'**abandi** bose.
**Abaândi/nk'âbaândi**
Biba aho wâa mukoôbwa arakûra nk'**âbaândi** bôose.

b) Ariko biba iby'ubusa akubita igihwereye.
**ubusâ/ iby'ûbusâ**
Arîko biba iby**'ûbusâ** akubita igihwêereye.

c) N'**andi** makuru nk'**ayo** atera urujijo mu bana.
**andî/ n'âandî**; **ayo/ nk'aâyo**
N'â**andî** makurû nk'aâyo ateera urujijo mu bâana.

d) Bumva nta bumenyi buhagije bafite ku buzima bw'**imyororokere** n'**uburyo** bwo kwigisha abana babo ibijyanye na bwo.
**imyoôrorokere/ bw'îmyoôrorokere; uburyô/ n'ûburyô**
Buumva ntâa bumenyi buhaagîje bafitê ku buzima bw'î**myoôrorokere** n'**ûburyô**

bwô kwîigiisha abâana bâabo ibijyâanye na bwô.

e) Biyemeza kugana ikigo nderabuzima kibegereye ngo basobanuze by'**imvaho**.
   **imvâahô/by'îimvâahô**
   Biiyemeza kugana ikigô nderabuzima kibeêgereye ngo basobâanuze by'**îimvâahô**.

f) Bakiriwe na **Bwiza**, umuforomokazi w'**umuhanga** rwose.
   **Bwiizâ/ na Bwîizâ**; **umuhaânga/ w'ûmuhaânga**
   Baâkiiriwe na **Bwîizâ**, umuforomokazi w'ûmuhaânga rwôose.

g) Ku ruhande rw'**igitsina** gabo na ho, iyo umwana w'**umuhungu** akiri muto, imyanya myibarukiro ye iba isa n'**isinziriye**.

   **igitsîna/ rw'îgitsîna**; **umuhuûngu/ w'ûmuhuûngu**; **isîinziriye/ n'îisîinziriye**
   Ku ruhaânde rw'îgitsîna gabo na hô, iyô umwâana w'**ûmuhuûngu** akirî mutô, imyaânya myîibarukiro yê iba isâ n'îisîinziriye.

## Ubutinde n'amasaku by'aya magambo muri ibyo byiciro byombi biratandukanye.

Aya magambo hari aho yagiye ahindura amasaku yayo bitewe n'andi byashyizwe hamwe (mu itsinda cyangwa mu nteruro). Turabona ko hari amagambo yagiye atuma habaho ihinduka ry'amasaku n'ubutinde kuri ariya magambo.

Umwarimu ayobora abanyeshuri mu gukora inshamake ku bijyanye n'amasaku mu nteruro.

Imiterere y'amasaku kamere mu ijambo ndetse n'ubutinde ishobora guhinduka bitewe n'uko iryo jambo rishyizwe hamwe n'andi cyanecyane mu nteruro.

## Amasaku mbonezanteruro

Ni amasaku aza ku magambo aho atari asanzwe bitewe n'uko yakoreshejwe mu nteruro cyangwa bitewe n'andi magambo bijyanye. Ni ukuvuga ko imiterere y'amasaku kamere mu ijambo ndetse n'ubutinde ishobora guhinduka bitewe nuko iryo jambo rishyizwe hamwe n'andi mu itsinda ry'amagambo cyanecyane mu nteruro. Mu rukurikirane rw'amagambo mu nteruro, hari amoko y'amagambo atuma habaho imihindagurikire y'amasaku. Ayo ni nk'**ibyungo na** na **nka** ndetse n'**ibinyazina ngenera** bifite igicumbi **–a** (wa, ba, ya rya, za…).
Mu nteruro amasaku asanzwe ashobora guhinduka bitewe n'ibyungo cyangwa ibinyazina.

*__Ingero:__*

- Ihenê n'**îi**nkâ
- Umwâana wa g**â**taanu.
- Rimwê na k**â**biri.
- Umugabo n'**û**mugorê barûuzuzanya.

- Ageenda nk'**Â**bagesera.
- Abâana b'**â**bahûungu baanganya uburêengaanzirâ n'**â**ab'âbakoôbwa.
- Ageenda nka K**â**maana.
- Saavê ituuwe nka K**î**buungo.
- Umureenge wa R**û**heeru nî uwô mu Karêerê kaa Nyaruguru.
- Musâanze yuubatse nk'**Û**mujyî wa K**î**galî.
- Akuunda amâazi nk'**î**ifî.
- Umuhoro w'**â**abâana ushira doondidoondi.
- Inâama z'u**ûr**i**i**ya muforomokazi zaâgize umumaro.

**Ikitonderwa:**

a) Hashobora kuboneka n'andi moko y'amagambo ahindura amasaku kamere y'ijambo bijyanye. Urugero nk'indangahantu "i"

***Ingero:***

- Saavê
- Agiiye i S**â**avê.
- Rwaankûba
- Bâriîya bâana biiga i Rw**â**ankûba.

b) Ariya magambo atera ihinduka ry'amasaku mu nteruro iyo akoresheje impindurantego zayo zifite inyajwi o, ni ukuvuga icyungo **no** na **nko** n'ibinyazina ngenera bifite igicumbi **–o**, ni yo afata isaku nyejuru.
   - Kuryâ n**ô** kuryâama biraangana.
   - Amâazi y**ô** kunywâ barayâteeka.

**Umwitozo ku masaku mu nteruro**

Umwarimu atanga umwitozo ku mazina y'urusobe, agasaba buri munyeshuri gukora umwitozo ku giti ke maze akaza kubakosora, anareba niba isomo riri kumvikana bityo aho abona hari ikibazo hagashakirwa igisubizo.

1. **Andika interuro zikurikira ugaragaza ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku**:
   a) Umukobwa w'uriya mubyeyi yari yakundaga kubaza ibintu byinshi.
      **Umukoôbwa w'uûriiya mubyêeyi yakûundaga kubâza ibibâzo byiînshi**.
   b) Ivuga nk'izindi ngo: "Ngiyo kanwa kabi".
      **Ivuga nk'îziîndi ngo: "Ngiiyô kanwa kabî**"/**kâbi**".
   c) Ababyeyi n'abana bagomba kuganira.
      **Ababyêeyi n'âabâana bagoomba kugaaniira**.
   d) I Save higa abanyeshuri benshi.
      **I Sâavê hiiga abanyêeshuûri beênshi**.
   e) Inama zo kwa muganga zifasha abantu benshi.
      **Inâama zô kwaa mugaanga zifasha abaantu beênshi**.
2. **Tanga ingero eshatu z'amagambo anyuranye ushobora gukoresha mu nteruro**

**agatera ihinduka ry’amasaku muri iyo nteruro**.

a) Icyungo **na**
Urugero: Inkâ **n’î**ntaama bishobora kubâana.

b) Indangahantu **i**
Urugero: **I Kâ**baroôndo harashyûuha.

c) Ikinyazina ngenera **ba**
Urugero: Abâana **b’û**muyobozi barûubahwa.

## Umwandiko: Inkingo n’akamaro kazo

## Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(isomo 1)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranyamagambo n’umwandiko, araba ashobora:
- Gusoma umwandiko bucece no kuwusoma aranguruye ijwi
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe.
- Gukoresha amagambo yungutse (mu mvugo cyangwa mu nyandiko) mu nteruro ngufi kandi ziboneye

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy’umwarimu, igitabo cy’umunyeshuri, imyandiko ivuga ku buzima bw’imyororokere no ku kamaro k’inkingo, amashusho ajyanye n’ibivugwa mu mwandiko, imfashanyigisho z’iyumvabona , ifishi y’ikingira n’inkoranyamagambo.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko cyangwa ibikubiye mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw’ibibazo yababaza n’ibisubizo byabyo:***

1. **Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**
   Turabona abagore bateruye abana bari kumwe n’abagabo babo ku kigo nderabuzima, imbere yabo hari umuforomokazi atera urushinge ku rutugu rw’umwana.
2. **Murabona abo bana bangana iki (mu bujyanye n’imyaka)?**
   Turabona bakiri bato.
3. **Muratekereza ko uriya muforomokazi abavura iyihe ndwara?**
   Ari kubakingira indwara zitandukanye bitewe n’inkingo bahabwa.
4. **Ni iyihe mpamvu muvuze ko ari kubakingira?**

Kuko tumenyereye ko inshinge z'inkingo ari zo zikunda guterwa ku rutugu. Ikindi urabona ari gahunda yihariye ku bana kuko ari bo barimo kuhavurirwa bonyine.

Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye kwiga, umwarimu arabwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko "**Inkingo n'akamaro kazo**".

## II. Gusoma umwandiko.

### Gusoma bucece

Umwarimu yongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko "**Inkingo n'akamaro kazo**". Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.
Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Uyu mwandiko uravuga ku biki**?
   Uravuga ku nkingo.
2. **Ni ibiki uzivugaho**?
   Uravuga ku bijyanye n'akamaro kazo, abo zigenerwa ndetse n'igihe zitangirwa.
3. **Umwandiko uvuga ko inkingo zigenewe bande**? Muri rusange zigenewe abana, ariko n'abakuru bashobora kuzihabwa ku ndwara z'ibyorezo cyangwa mu bihe bidasanzwe.
4. **Abana b'abakobwa bujuje imyaka 12 bavuzweho iki mu mwandiko**?
   Bavuzweho ko bakingirwa kanseri y'inkondo y'umura.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, mu ijwi riranguruye kandi bubahiriza utwatuzo. Iyo abanyeshuri ari benshi umwe asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza igihe umwandiko urangiriye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uhari.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa bagiye bakora iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe bari gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo babasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III.Gusubiza ibibazo

Muri iki gice, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya banebane,

bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda bajya kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bagafatanya n'umwarimu kubinoza.

*Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:*

a) **Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. **Ni ibiki mu mwandiko bavuga ko byagiye byibasira ubuzima bw'abantu?**
   Ni indwara zinyuranye harimo n'iz'ibyorezo.
2. **Rondora indwara z'ibyorezo zavuzwe mu mwandiko**.
   Izo ndwara z'ibyorezo ni: mugiga, iseru, akaniga, imbasa, igituntu, kokorishi, agakwega (tetanosi), impiswi, indwara y'umwijima wo mu bwoko bwa epatite B, SIDA, ebora, kanseri, diyabete.
3. **Sobanura uburyo indwara z'ibyorezo zishobora kwirindwa uhereye no ku bivugwa mu mwandiko**.
   Indwara z'ibyorezo zishobora kwirindwa mu gihe abantu bakwitabira gahunda y'inkingo kuko kwirinda biruta kwivuza.
4. **Sobanura akamaro k'inkingo**.
   Izo nkingo zifite akamaro ko kurinda no gukumira indwara zitarinjira mu mubiri w'umuntu.
5. **Erekana indwara zavuzwe mu mwandiko zitarabonerwa urukingo. Mu mwandiko bavuga ko hari gukorwa iki kuri izo ndwara?**
   Izo ndwara ni SIDA, ebora, kanseri na diyabete. Mu mwandiko bavuga ko mu rwego mpuzamahanga hagishakishwa inkingo z'izi ndwara kandi ko dukwiye kubitega amaso kuko ngo "Ntawuvuma iritararenga."
6. **Wavuga iki ku buryo bwo kubika no gutanga inkingo ubihuza n'ubuziranenge?**
   Kubika no gutanga inkingo bigomba gukoranwa ubwitonzi n'ubushishozi kugira ngo zitangwe mu buryo bwujuje ubuziranenge. Impamvu ni uko ubuziranenge butubahirijwe ( mu gihe inkingo zibitswe nabi zikangirika) cyangwa se zigatangwa nabi, zishobora gutera abantu indwara cyangwa ubundi bumuga aho kubarinda.
7. **Gahunda y'inkingo igenewe abana gusa? Byerekane wifashishije umwandiko.**
   Gahunda y'inkingo ntigenewe abana gusa; ahubwo n'abantu bakuru barayikeneye mu bihe bimwe na bimwe. Urugero nko ku bagore batwite, abantu bagiye mu ngendo zitandukanye aho bashobora guhuriramo n'indwara z'ibikatu. Urugero nk'abasirikari cyangwa abaporisi bagiye mu butumwa bwo kubungabunga umutekano. Abana b'abakobwa bujuje imyaka

cumi n'ibiri na bo bahabwa urukingo rwa kanseri y'inkondo y'umura.

8. **Hari abantu bamwe birengagiza gahunda y'inkingo. Wumva hari ingaruka mbi byatera? Sobanura igisubizo cyawe**.
   Ingaruka mbi zirahari. kwirengagiza gufata inkingo byakururira umuntu akaga gakomeye kuko bishobora kumuzanira ubumuga budakira cyangwa se n'urupfu.

**b) Inyunguramagambo**

## Ibibazo n'ibisubizo byabyo:

1. **Shaka ibisobanuro by'amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko**:
   a) **Ibisumizi:** Ibintu byose byibasira umuntu ngo bimugirire nabi, bimutunguye.
   b) **Umusubizo:** Ubutaretsa, buri kanya.
   c) **Kugenda nka nyomberi:** Kugenda ubutazagaruka.
   d) **Urukingo:** Umuti umuntu aterwa kugira ngo umurinde gufatwa n'indwara.
   e) **Ubumuga:** Uburwayi budakira.
   f) **Kuvunira ibiti mu matwi:** Kwanga kumva ibyo abantu bakubwira ku bushake.
   g) **Kugosorera mu rucaca:** Kubwira umuntu utakumva.
   h) **Kokorishi:** Indwara ifata abana bato bagakorora cyane bakagira n'umuriro.
   i) **Rubeyore, Akaniga, Agakwega:** Ni indwara zifata abana bato bakagira umuriro, bakazana uduheri ku mubiri, bakagira ibicurane. Zitandukanywa n'ubwoko bw'udukoko tuzitera.
2. **Shaka impuzanyito z'aya amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko/kwibasirwa:**
   a) **Kugarizwa:** Kugotwa.
   b) **Amagara:** Ubuzima.
3. **Shaka imbusane z'aya magambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) **Aba kera** ≠ ab'ubu.
   b) **Abana** ≠ abakuru.
   c) **Rimwe na rimwe** ≠ kenshi na kenshi.

## Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo bungutse mu nteruro ngufi ziboneye, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. **Koresha aya magambo cyangwa itsinda ry'amagambo dusanga mu mwandiko mu nteruro wihimbiye:**
   **a) Ibyorezo**
   Dukwiye kwirinda indwara z'**ibyorezo** kugira ngo zitadutwara ubuzima.
   **b) Impuguke**
   Abaganga b'**impuguke** baracyari bake ugereranyije n'umubare w'abarwayi.

c) **kubungabunga**
Abantu bose bagomba **kubungabunga** ubuzima bw'abo bashinzwe.

d) **Kugosorera mu rucaca**
Hari abantu bamwe batita ku bibareba, wanabibakangurira ugasanga ari nko **kugosorera mu rucaca**.

e) **Ubuziranenge**
Imiti dukoresha igomba kuba yujuje **ubuziranenge** kugira ngo itadutera izindi ndwara.

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko(isomo 1)

*Intego zihariye:*

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:
- Kugaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.
- Gusobanura akamaro k'inkingo ashingiye ku bivugwa mu mwandiko no kubihuza n'ubuzima busanzwe.
- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku buzima bw'imyororokere no ku kamaro k'inkingo, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ifishi y'ikingira n'inkoranyamagambo ndetse n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Witwa "Inkingo n'akamaro kazo."
2. **Muri rusange uvuga ku biki?**
   Uvuga ku bijyanye n'akamaro k'inkingo, abo zigenerwa ndetse n'igihe zitangirwa.
3. **Inkingo zimaze iki?**
   Zirinda umuntu gufatwa n'indwara z'ibyorezo zishobora kumuhitana cyangwa kumugaza.

## II. Gusoma

Umwarimu asaba kongera gusoma umwandiko **"Inkingo n'akamaro kazo."** Abanyeshuri umwumwe bagenda basimburana, basoma baranguruye ijwi ku buryo bufasha abafite ubumuga bwo kutumva neza, maze ibibazo byo gusesengura

umwandiko bakanabyandika ku kibaho kugira ngo n'ufite ikibazo cyo kutumva abisome, hanyuma bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane akabasaba gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Babanza kungurana ibitekerezo ku bisubizo bari butange, umwarimu na we akazenguruka mu matsinda areba niba bose bitabira gutanga ibitekerezo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi n'umwanditsi hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

***Urugero rw'bibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko :***

1. **Erekana ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko**.

   Ingingo z'ingenzi:
   Indwara z'ibyorezo n'inkingo zazo; akamaro k'inkingo mu kubungabunga ubuzima; ingaruka zo kutitabira gahunda y'inkingo.
   Ingingo z'ingereka:
   Ibijyanye n'ubuziranenge; ubutumwa bw'abaporisi n'abasirikari.
2. **Iyo urebye aho mutuye usanga gahunda y'inkingo yitabirwa ite?**
   Muri rusange gahunda y'inkingo iritabirwa ariko ukabona hari bamwe na bamwe babikora ari uko inzego z'ubuzima zigombye kubahozaho ijisho. Hari n'igihe ababyeyi bamwe bibagirwa itariki yo gukingirizaho kuko baba batanasobanukiwe neza akamaro k'inkingo.
3. **Nyuma yo gusoma uyu mwandiko ni izihe nama ugiye gutanga aho mutuye kugira ngo iyo gahunda yo kwitabira inkingo irusheho kunozwa?**
   Kubwira abantu ibyerekeye inkingo n'akamaro kazo mu buzima bw'umuntu, kubwira abantu ingaruka mbi zituruka ku kutitabira gahunda y'inkingo no gushishikariza abantu kwitabira gufata inkingo bakurikiza amabwiriza bahabwa n'abajyanama b'ubuzima.
4. **Ibivugwa muri uyu mwandiko bihuriye he n'ubuzima busanzwe bwa buri munsi mu rwego rwo guharanira ubuzima bwiza?**
   Ibivugwa muri uyu mwandiko bihuye n'ubuzima busanzwe kuko uvuga kuri gahunda y'inkingo n'akamaro kazo mu buzima bwacu bwa buri munsi.

**Umwitozo w'ubumenyi ngiro**

**Intera ya mbere:**

## Kungurana ibitekerezo

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko,araba ashobora:

- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe
- Gutanga ibitekerezo bye ashize amanga ku ngaruka zo kudakingiza ndetse no kujora ibitekerezo bya bagenzi be.
- Kwitoza kuvugira mu ruhame abwira bagenzi be ibyo atekereza ahereye ku ngingo y'inkingo n'akamaro kazo.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku buzima bw'imyororokere no ku kamaro k'inkingo, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, ifishi y'ikingira n'inkoranyamagambo.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ububumbatiye.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga?**
   Duheruka kwiga umwandiko witwa "Inkingo n'akamaro kazo."
2. **Ukurikije ibyavuzwe mu mwandiko ni bande barebwa cyane n'inkingo?**
   Ni abana.
3. **Ese ni izihe ngaruka zo kutitabira inkingo?**
   Ingaruka zo kutitabira inkingo zirimo kurwara indwara zitandukanye ndetse no kuba zakururira umwana ubumuga budakira ndetse n'urupfu.

## II. Kungurana ibitekerezo

Kungurana ibitekerezo si ukujya impaka ahubwo ni umwanya buri muntu ahabwa akavuga icyo atekereza ku ngingo iyi n'iyi.

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma baranguruye ijwi insanganyamatsiko yo kunguranaho ibitekerezo igaragara mu gitabo cy'umunyeshuri, ibyo byafasha abafite ubumuga bwo kutabona neza kumva insanganyamatsiko. Insanganyamatsiko inandikwa ku kibaho kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva babibone aho byanditse. Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo ujya aha abandi umwanya wo

gutanga ibitekerezo byabo no kugira icyo yavuga ku bitekerezo by'abandi. Iyo hari aho ibitekerezo bivuguruzanya, umuyobozi afasha mu guhitamo igitekerezo gifite ireme ariko kikumvikanwaho n'abagize itsinda.

Mu gihe bungurana ibitekerezo umwarimu agenzura uko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira abibashishikarize. Nyuma yo kungurana ibitekerezo umwarimu afasha abanyeshuri gukora umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo, bikandikwa ku kibaho.

**Insanganyamatsiko:**

"Kudakingirwa nta cyo bitwaye nta n'ingaruka byagira ku buzima."

## Bimwe mu bitekerezo byatangwa:

### Uruhande rumwe (ruvuga ko nta ngaruka):

- Kudakingirwa nta cyo bitwaye mu gihe umwana avutse mu muryango umubonera ibihagije byo kumutunga kuko agira ubudahangarwa bw'umubiri, bityo inkingo ntizibe ngombwa.
- Si ku mwana gusa kandi, ahubwo n'umuntu mukuru wese ubayeho neza, akaba atajya arwara nta mpamvu yo kwikingiza. Aba afata indyo yuzuye imuha ubudahangarwa bw'umubiri. Izo ndwara zitwa iz'ibyorezo rero na zo ntizamuhangara.
- Naho ku bakobwa bahabwa urukingo rwa kanseri y'inkondo y'umura umuntu ntiyagombye kubitindaho cyane. None se ba mama na ba nyogokuru ko batahawe urwo rukingo hari icyo babaye?
- Ikindi kandi si ngombwa kwijombaguza izo nshinge kuko hari n'igihe zijya zigira ingaruka ku mubiri. Ugasanga ku mubiri harabyimbye ndetse urushinge rukaba rwatera ubumuga bw'ingingo runaka.
- Zitwara amafaranga menshi igihugu cyakoresha mu bikorwa by'iterambere.

### Urundi ruhande (uruvuga ko hari ingaruka):

- Kudakingirwa ni bibi cyane kuko iyo urebye usanga hari abantu bagiye bahura n'ubumuga wakurikirana neza ugasanga bwaratewe n'indwara z'ibyorezo nk'imbasa na mugiga.
- Abantu benshi bagiye bahitanwa na bene izo ndwara nka mugiga. Bakabona baragagaye gusa ntibamenye icyo bazize.
- Ubushakashatsi bwagaragaje izo ndwara ndetse n'uburyo bwo kuzirinda zitaratugeraho nta mpamvu yo kwibuza ayo mahirwe. Cyane ko nta n'amafaranga bisaba kuko Leta iba yatwishyuriye.
- Ibyo kuba ba nyogokuru batarakingiwe kanseri y'inkondo y'umura byo si byo twagenderaho. None se ko batize ishuri, bakaba batarambaye inkweto, abenshi bakaba barabaga muri nyakatsi, bakararana n'amatungo mu nzu n'ibindi, ubwo natwe twakomeza kubigana kandi amajyambere yaraje?

- Ibyo kuvuga ngo inkingo ziteza ingaruka ku mubiri byo byaba ari ugukabya. Bigize aho biba yaba ari impanuka nk'izindi zose, nk'uko wagenda mu nzira ugasitara cyangwa ugatemba kuko twese twarakingiwe kandi ntabaturimo bagize ibyo bibazo.
- Ahubwo uwazatubonera n'urukingo rw'izi ndwara zananiranye nka SIDA, ebora, diyabete n'izindi. Uzi ukuntu zirimo kutumaraho inshuti n'abavandimwe!

**Umwanzuro:**

Kudakingirwa bifite ingaruka zikomeye ku buzima bw'umuntu zirimo ubumuga ndetse n'urupfu byagombaga kutabaho umuntu aramutse akingiwe. Abaye atari nange cyangwa wowe bibayeho, no kurwaza uwagezweho n'ingaruka zo kudakingirwa bitubera umutwaro ndetse no ku Gihugu muri rusange. Indwara zidakingiwe kandi iyo zidakuruye ubumuga ntizibura guhitana ubuzima bw'abantu. Nitwitabire guhabwa izi nkingo nk'uko Minisiteri y'Ubuzima idahwema kubidukangurira.

## Incamake y'ibyizwe muri uyu mutwe wa kabiri

Muri uyu mutwe twasesenguye imyandiko ivuga ku nsanganyamatsiko y'ubuzima. Twabonye ko ubuzima bw'imyororokere bugomba kwigishwa abana bakiri bato, baba abahungu ndetse n'abakobwa. Ibi bikazabafasha kumenya uko bitwara mu gihe k'imihindukire y'imibiri yabo kandi bikanabafasha no kurwanya ingorane zaterwa no kudasobanukirwa imikorere y'imibiri yabo. Mu kubungabunga ubuzima kandi harimo no kwitabira gahunda y'inkingo kuko zituma ubuzima bw'umwana bugira umutekano n'ubudahangarwa kuva akiri mu nda ya nyina kugeza igihe avutse no mu mikurire ye.

Mu kibonezamvugo twabonye imikoreshereze y'amasaku mu nteruro. Twabonyemo amwe mu magambo akunze gutera ihinduka ry'ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku by'amagambo mu nteruro, nk'ibyungo **na** na **nka**, ibinyazina ngenera bifite igicumbi **–a** ndetse n'indangahantu "**i**".

## Ubumenyi bw'inyongera

### Imigani migufi ijyanye n'insanganyamatsiko y'ubuzima

**a) Ukura utabaza ugasaza utamenye:**

Uyu mugani ushatse kuvuga ko mu buzima bw'umuntu ahora yiyungura ubumenyi abukuye ku bandi. Icyo adasobanukiwe agahanuza ku bamuruta cyangwa se abamurusha ubunararibonye. Si byiza rero kwicecekera mu gihe umuntu ahuye n'ibyo adasobanukiwe kuko byamugusha mu bibazo. Kutabaza ibijyanye n'ubuzima ni uko kutabaza byagira ingaruka mbi ku buzima.

b) **Igiti kigororwa kikiri gito**:
Uyu mugani ushatse kuvuga ko umwana agomba kwitabwaho akagirwa inama kuva akiri muto atararengerana. Abana bagomba gutozwa ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere bakiri bato kugira ngo bakure babijijukiwe.

c) **Gusaza ni ugusahurwa**:
Uyu mugani ushatse gusobanura ko iyo umuntu amaze kugera mu zabukuru intege zimubana nke ibyo yajyaga yishoboza bigatangira kumunanira. Mu buzima busanzwe bawuca bitewe n'uko babonye umuntu ubuzima butangiye kunanira bitewe n'imbaraga nke zo mu busaza.

d) **Uwagumiwe n'amenyo ahagamwa n'amazi**:
Uyu mugani ushatse gusobanura ko iyo ingorane zibasiye umuntu usanga n'ibindi byinshi ashatse gukora ngo bimuteze imbere bigenda byanga kabone n'iyo byaba byoroshye kubigeraho. Mu buzima busanzwe ubundi buri muntu amera amenyo nta ngorane, aha rero ni ukuvuga ko mu buzima bwa muntu hari igihe azirwa n'ibyago kandi akenshi ugasanga abo byibasiye bikunda no kugenda bibakurikirana.

e) **Akatari amagara barahaha**:
Uyu mugani ushatse gusobanura ko ubuzima (amagara) buruta ibindi bintu byose kuko utabona aho ubugura ngo ubusubize uwabutakaje. Uyu mugani uhuye n'insanganyamatsiko y'ubuzima kuko usanga ntacyaruta ubuzima, ibindi byose wabiburira ahantu hamwe ukaba wabibona ahandi.

**Isuzuma risoza umutwe wa kabiri**

Nyuma yo kurangiza umutwe wa kabiri, umwarimu aratanga isuzuma riteganyijwe buri munyeshuri ararikora ku giti ke. Nyuma y'ikosora umwarimu asuzuma urwego abanyeshuri bagezeho kugira ngo niba hari ibigomba gusubirwamo bisubirwemo ndetse akareba abafite ibibazo byihariye kugira ngo abafashe mbere yo gutangira undi mutwe. Nyuma y'isuzuma umwarimu atanga imyitozo ku banyeshuri bafite intege nke mu myigire yabo.

## Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma

### I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. **Sobanura impamvu umugore utwite agomba kwitabira gahunda yo kwipimisha igihe cyose akimara kumenya ko yasamye**.
   Kugira ngo uwo mubyeyi ahabwe inama zose ndetse n'amabwiriza bireba umugore utwite. Agomba guhabwa inama, imiti cyangwa inkingo byose bimuteganyirizwa muri icyo gihe cyose cyo gutwita kugeza igihe azabyarira.
2. **Ni izihe ngaruka umwana udahawe inkingo uko bikwiye ashobora guhura na zo?**
   Umwana udahawe inkingo uko bikwiye bishobora kumuviramo kwibasirwa

n'indwara z'ibyorezo zishobora kumutera ubumuga butandukanye cyangwa se bikaba byanamuviramo n'urupfu.

3. **Erekana indwara zigenerwa inkingo zavuzwe mu mwandiko**.
   Izo ndwara ni imbasa, igituntu, akaniga, mugiga, tetanosi, indwara y'umwijima yo mu bwoko bwa epatite B ndetse na kanseri y'inkondo y'umura ikingirwa abana b'abakobwa bujuje imyaka 12.
4. **Uyu mwandiko hari aho uvuga ku buringanire n'ubwuzuzanye. Byerekane wifashishije n'amagambo y'umwandiko**.
   Abana b'abakobwa rero bagomba kwitabwaho, bakarindwa icyabahohotera icyo ari cyo cyose kuko n'ubundi kera wasangaga umwana w'umukobwa atitabwaho, ndetse n'igihe akuze akaba umugore ugasanga akandamizwa n'umugabo we, ntahabwe agaciro nk'uko bikwiriye. Nyama ahubwo ari we mutima w'urugo, akwiye kuzuzanya n'umugabo we bakaruteza imbere.
5. **Uhereye no ku bivugwa mu mwandiko sobanura akamaro ko kwigisha abana bacu ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere bakiri bato**.
   Bizababafasha kumenya imihindagurikire y'imibiri yabo uko bagenda bakura n'uko bagomba kubyitwaramo. Ibi rero bizatuma bashobora kwirinda ingorane bagombaga kuzaterwa no kudasobanukirwa.
6. **Erekana ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zikubiye muri uyu mwandiko**.
   **Ingingo z'ingenzi**: Kwita kuri gahunda y'inkingo; gusobanurira abana ubuzima bw'imyororokere; kwita ku buzima.
   **Ingingo z'ingereka:** Ibijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye; ibijyanye no kwita ku buziranenge.
7. **Erekana ibice bigize uyu mwandiko**.
   Uyu mwandiko ugizwe n'ibice bitatu by'ingenzi:
   Igice cya mbere umuntu yafata nk'intangiriro kigizwe n'igika cya mbere gikubiyemo umwinjizo w'ibigiye kuvugwa mu mwandiko.
   Igice cya kabiri kigizwe n'ibika bisigaye ukuyemo icya nyuma. Ni igice kirambura ingingo zose z'umwandiko.
   Igice cya gatatu ari na cyo cya nyuma kigizwe n'igika cya nyuma. Gikubiyemo inshamake y'ubutumwa bukubiye mu mwandiko kinatanga inama zo gusigasira ubuzima kugira ngo tutazarangara bukaduca mu myanya y'intoki.
8. **Vuga irindi somo mu yo mwiga rifitanye isano n'ibivugwa muri uyu mwandiko unasobanure impamvu**.
   Isomo ry'ibinyabuzima. Impamvu ni uko muri iryo somo ari ho dusanga cyane ibijyanye no gusobanura ibyerekeye imikorere y'umubiri w'umuntu.

## II. Inyunguramagambo:

1. **Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) **Akitwararika:** Akabyitaho by'umwihariko/ akabyitondera.
   b) **Kuvutswa:** Kubuzwa icyari kikugeneye.

c) **Kwibasirwa:** Kugirirwa nabi kandi kenshi.
d) **Biduhekura:** Bitwicira abacu.
e) **Kabutindi:** Ikintu kigirira abantu nabi cyane.

2. **Tanga impuzanyito z'aya magambo cg itsinda ry'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) **Kubungabungwa:** Kwitabwaho, kurindwa, gusigasirwa.
   b) **Kunyuza mu ryoya:** Gucisha iy'ibusamo.
   c) **Umusubizo:** Ubudatuza.
   d) **Mu gihirahiro:** Mu rujijo.
   e) **Busagambe:** Burambe.
   f) **Kwibaruka:** Kubyara.
3. **Shaka imbusane z'aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko**:
   a) **Umwiryane:** Ubwumvikane.
   b) **Gutangira:** Gusoza, kurangiza.
   c) **Nyinshi:** Nke, nkeya.

### III. Ikibonezamvugo:

1. **Andukura izi nteruro ugaragaza ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku ariko ugabanya ibimenyetso**:
   a) Uriya mukobwa yiga i Save.
   **Urîiya mukoôbwa yiiga i Sâavê**.
   b) Ubuzima bw'umuntu bukenera ibintu binyuranye.
   **Ubuzima bw'ûmuuntu bukenera ibiintu binyurânye**.
   c) Twirinde indwara z'ibyorezo twitabira gahunda y'inkingo.
   **Twiirîinde indwâara z'îbyoorezo twîitaabira gahuûnda y'înkiingo**.
   d) Mu by'ukuri rero ntawudakeneye kubaho.
   **Mu by'ûkurî reerô ntâawudâkenêye kubâhô/ntaawudâkenêye**.
   e) Ni yo mpamvu ubuzima bwa muntu bugomba kwitabwaho guhera umwana akiri mu nda ya nyina umubyara.
   **Ni yô mpaâmvu ubuzima bwaa muuntu bugoombâ kwîitaabwahô guhêera umwâana akîri muu nda ya nyina umûbyaara**.
   f) Umwana udahawe inkingo nk'uko bikwiye ashobora no gupfa.
   **Umwâana udâhaawê inkiingo nk'ûukô bikwiiyê ashobora nô gupfâ.**

## Imyitozo nzamurabushobozi igenewe abafite intege nke mu myigire yabo

### Mushyire ubutinde n'amasaku ku nteruro zikurikira:

1. Abantu bagomba no kwirinda ibindi bibi byose byashyira ubuzima bwabo mu bibazo nk'imyiryane, ubwiyahuzi, ubusinzi, ubusambanyi, ibiyobyabwenge ndetse n'ibindi. Bagaharanira kugira ubuzima bwiza, bita ku isuku, gukangukira gukunda umurimo no kuwunoza kuko ari byo bizababakura mu gihirahiro bikabageza ku

iterambere rirambye.

Abaantu bagoomba nô kwîiriinda ibiîndi bibî byôose byaashyirâ ubuzima bwâabo mu bibâzo nk'îimyîiryaanê , ubwîiyahuzi, ubusîinzi, ubusâambanyi, ibiyôbyabêenge ndetsê n'îbindi. Bagaharanira kugira ubuzima bwiizâ , bîita kwisuku, gukaangukira gukûunda umurimo nô kuwûnoza kukô arî byô bizâabakûura mu gîhirahiro bikabageza ku iteerambere riraambyê

2. **Ese amagambo ahorana ubutinde n'imiterere y'amasaku bimwe buri gihe?**
   Oya amagambo ashobora guhindura ubutinde n'imiterere y'amasaku bitewe n'uko yakoreshejwe.
3. **Ni ayahe magambo ashobora gutera imihindagurikire y'ubutinde n'amasaku mu nteruro:**
   Ni ibyungo "na" na "nka", ibinyazina ngenera bifite igicumbi –a ndetse n'indangahantu "i".
4. **Garagaza ubutinde n'amasaku ku nteruro zikurikira:**
   a) Umwana utabonye urukingo ashobora kurwara indwara z'ibyorezo.
      Umwâana utâaboonyê urukiingo ashobora kurwâara indwâara z'îbyoorezo.
   b) Hari ubumuga buturuka ku kutitabira inkingo.
      Haari ubumûga buturûka ku kutîitâbiira inkiingo.
   c) Abana bagomba kwigishwa ubuzima bw'imyororokere bakiri bato.
      Abâana bagoomba kwîigiishwa ubuzima bw'îmyoôrorokere bâkiri batô.
   d) Amagara araseseka ntayorwa.
      Amagarâ araseeseka ntâayoorwâ.

## Imyitozo nyongerabushobozi igenewe abanyeshuri bihuta cyane kurenza abandi:

**Kosora iyi nteruro ukurikije inyandiko igaragaza ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku ariko ugabanya ibimenyetso**:

Si umwaâna gûsa kandi ukeneye inkiîngo kuko n'aâbakuze bajya bazihabwa rimwe naa rimwê igihe bibaye ngombwa. Aha ni nko mu gîihe hateye indwara z'ibyorezo nka tetanosi cyangwa indwara y'umwijiima yo mu bwokô bwa epatite B. Abasirikari n'abaporisi iyo bagiye mu bikorwa byo kubungabunga amahoro mu bice binyûranye byo ku isi na bo bateganyirizwa inkingo kugira ngo badahurira n'izo kaabûtiindi mu mashyamba zikabanyuza mu ryoya.

→ **Si umwâana gusa kaândi ukêneye inkiingo kukô n'âbakûze bajyâ bâzihaabwa (bajya bâzihaabwa) rimwê na rîmwe igihe bibaayê ngoombwâ. Aha nî nkô mu gihe hateeyê indwâara z'îbyoorezo nka tetanôosi cyâangwâ indwâara y'ûumwîijimâ yô mu bwôoko bwaa epatiîte B. Abasirikari n'âbapôorisî iyô bagiiyê mu bikorwâ byô kubûungabuunga amahôro mu bicê binyurânye byô ku isî na bô bateganyirizwa inkiingo kugira ngo badahuurîra n'iîzo kaabutiindi mu mashyaamba zikabanyuza mu ryoôya**.

# 3 Kubungabunga umuco nyarwanda (Umubare w'amasomo: 6)

| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:** |
|---|
| - Gusesengura imyandiko ku ngingo yo kubungabunga umuco nyarwanda.<br>- Gusesengura ibinyazina nyamubaro.<br>- Gusesengura insigamigani n' ikinamico no gukina ikinamico.<br>- Kugaragaza uturango n'imbata by'umwandiko ntekerezo. |
| **Ubumenyi bw'ibanze** |
| Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe agomba kuba azi: gusoma neza umwandiko, gukoresha ibimenyetso by'utwatuzo, gukoresha inkoranya y'Ikinyarwanda, zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda nk'ibitekerezo byo muri rubanda n'imigani migufi, inshoza y'ibinyazina na zimwe mu ngero zabyo ndetse akaba azi umwandiko ntekerezo icyo ari cyo. |
| **Ingingo nsanganyamasomo** |
| - **Uburinganire n'ubwuzuzanye.**<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa hakomozwa ku mibanire igaragara mu mugani wa Nyashya na Baba ndetse n'ubutwari bwagaragajwe na Ndabaga. Iyi ngingo kandi igomba kwitabwaho hubahirizwa uburinganire n'ubwuzuzanye mu gushyira abanyeshuri mu matsinda bagendeye ku bitsina byombi nta vangura.<br>- **Uburezi budaheza.**<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa umwarimu yita ku banyeshuri bose cyanecyane abafite ubumuga ndetse no mu gushyira abanyeshuri mu matsinda nta vangura iryo ari ryo ryose rishingiweho. |
| **Ubushobozi nsanganyamasomo** |
| - Ubushobozi no gushakira ibibazo ibisubizo; akakira neza ibivugwa, anajora ibyo yasomye cg yasomewe.<br>- Gusabana mu kinyarwanda atanga ibitekerezo mu matsinda mato no mu itsinda rigari kandi akoresha neza amagambo yungutse.<br>- Ubufatanye, imibanire; afatanye n'abandi m'ubumenyi ngiro, mu buzima bwa buri munsi; afatanya n'abandi mu gukora imyitozo bahawe kandi yubaha ibitekerezo bya bagenzi be. |
| **Amagambo n'ibitekerezo by'ingenzi:** |
| Imigenzo, imiziririzo, kubungabunga, umuco nyarwanda, ibihangano, ubuvanganzo bwo muri rubanda, indangagaciro, umugani insigamugani, umuganura, ikinamico, imibonano mpuzabitsina, SIDA, ikinyazina nyamubaro, ihangamwandiko ntekerezo. |

| |
|---|
| **Uburyo bwo kwita ku bafite ibibazo byihariye:**<br>Abana bafite ibibazo bagomba kwitabwaho by'umwihariko, hagendewe ku bibazo bafite. Abana bafite ibibazo bitabwaho ku buryo bwose bushoboka bubafasha gukurikira amasomo nk'abandi.<br>Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Asoma mu ijwi riranguruye yegereye kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva neza n'abafite ubumuga bwo kutabona babyumve. Ni ngombwa kandi gufasha ku buryo bwihariye abafite ibibazo byihariye. |

## Ibyigwa bikubiye muri uyu mutwe n'umubare w'amasomo ya buri kigwa

| Ibyigwa | Umubare w'amasomo |
|---|---|
| **1. Umwandiko: Imigenzo, imiziririzo no kubungabunga umuco nyarwanda**<br>Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko «Imigenzo, imiziririzo no kubungabunga umuco nyarwanda». | Amasomo 2 |
| Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko «Imigenzo, imiziririzo no kubungabunga umuco nyarwanda». | Isomo 1 |
| 2. kungurana ibitekerezo ku ngingo yo kubungabunga umuco nyarwanda.<br>Intera ya mbere: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: | Isomo 1 |
| **3. Umwandiko (insigamugani): "Utabusya abwita ubumera":**<br>Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko.<br>Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko «Utabusya abwita ubumera». | Isomo 1<br>Isomo 1 |
| 4. Kungurana ibitekerezo ku muhango w'umuganura.<br>Intera ya mbere: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: | Isomo 1 |
| **5. Insigamugani**<br>Intera ya mbere: **Ubuvanganzo:** | Isomo 1 |
| **6. Umwandiko: (Ikinamico): "Iyo wemeye inama!..."**<br>Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko. | Amasomo 2 |
| Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko« Iyo wemeye inama!». | Isomo 1 |
| 7. Gukina ikinamico.<br>Intera ya mbere: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: | Isomo 1 |
| 8. Ikinamico.<br>Intera ya mbere: Ubuvanganzo | Isomo 1 |
| 9. Ikinyazina nyamubaro.<br>Intera ya mbere: Ikibonezamvugo: | Amasomo 2 |
| 10. Ihangamwandiko<br>Intera ya mbere: Umwandiko ntekerezo. | Isomo 1 |

## Umwandiko: Imigenzo, imiziririzo no kubungabunga umuco nyarwanda

### Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(amasomo 2)

*Intego zihariye:*

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko, araba ashobora:
- Gusoma bucece no gusoma aranguruye umwandiko
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo akomeye
- Gukoresha amagambo yungutse (mu mvugo cyangwa mu nyandiko) mu nteruro ngufi kandi ziboneye

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku kubungabunga umuco nyarwanda, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda n'inkoranyamagambo.

### I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko cyangwa ibikubiye mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**

   Turabonaho abantu bicaye mu ihema barangamiye ababyinnyi b'abakobwa n'ab'abahungu.
2. **Murabona abo babyinnyi bambaye bate?**

   Abakobwa bambaye ishabure naho abahungu bambaye imigara.
3. **Mutekereza ko aba babyinnyi babyina ubuhe bwoko bw'imbyino?**

   Barabyina imbyino za kinyarwanda.

Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye kwiga, umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko: **"Imigenzo, imiziririzo no kubungabunga umuco nyarwanda"**.

## II. Gusoma umwandiko.

### Gusoma bucece

Umwarimu yongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko "**Imigenzo, imiziririzo no kubungabunga umuco nyarwanda**".

Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.
Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Uyu mwandiko uravuga ku biki?**
   Uravuga ku muco nyarwanda.
2. **Ni ibiki uwuvugaho?**
   Uravuga ku buvanganzo, imigenzo, imiziririzo no kubungabunga umuco nyarwanda.
3. **Ibyo uyu mwandiko uvuga byabaye ryari?**
   Byabayeho kuva kera, birakomeza n'ubu ariko harimo ibigenda bihinduka.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, mu ijwi riranguruye kandi bubahiriza utwatuzo. Iyo abanyeshuri ari benshi umwe asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza igihe umwandiko urangiriye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uhari.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa bagiye bakora iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe bari gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo babasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III. Gusubiza ibibazo

Muri iki gice, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda bajya kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bagafatanya n'umurezi kubinoza.

*Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:*

a) **Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. **Ubuvanganzo bwo muri rubanda bugenewe ba nde? Buhimbwa na nde?**
   Bene ubu buvanganzo usanga bugenewe umuntu uwo ari we wese muri rusange hatitawe ku kiciro runaka. Ababuhimba ntibakunze kumenyekana; ahubwo tubona tubukoresha gusa.
2. **Rondora zimwe mu ngeroi z'ubuvanganzo bwo muri rubanda zavuzwe mu mwandiko:**
   Ibisakuzo, uturingushyo, imigani migufi n'imiremire, ibitekerezo, imbyino n'indirimbo zo mu birori n'izijyanye n'imirimo yabo nk'amasare, amahigi, amavumvu n'izindi zikubiyemo umuco nyarwanda.
3. **Sobanura akamaro k'ubuvanganzo ugendeye ku bivugwa mu mwandiko.**
   Bufasha abantu kuruhuka, kurushaho gutekereza neza, kugirana inama no guhugurana mu mibereho yabo, gususurutsa no guhimbaza ibirori n'ibindi.
4. **Mu biranga umuco nyarwanda habamo n'imyambarire. Umukenyero n'umwitero byagereranyijwe n'iki mu mwandiko? Sobanura impamvu**.
   Byagereranyijwe n'imigenzo n'imiziririzo. Impamvu ni uko na byo byuzuzanya. Nk'uko umukenyero n'umwitero bidapfa gusigana imigenzo na yo ntiwayivuga yonyine utavuze n'imiziririzo kuko bidasigana.
5. **Tanga ingero imiziririzo imwe n'imwe yatoza abana kubungabunga isuku y'ibikoresho n'ibyo bikoresho ubwabyo**.
   ***Ingero:*** "Kirazira kwicara ku isekuru, ku rusyo, ku ngata, ku ityazo (ngo byari ugukenya cyangwa gukungurira ababyeyi), kumena igisabo. Ku miziro ishingiye ku myumvire, twavuga nko kubuza umuntu kunywa amata ahagaze, kuyanywa se yariye inyama (ngo byica inka, amata akazamo amaziri) n'ibindi.
6. **Mu magambo aringaniye erekana ukuntu Igihugu cyacu cyafashe ingamba zo kwita ku muco nyarwanda**.
   Hariho Minisiteri ishinzwe umuco hakanaba haragiyeho n'Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco. Hari kandi gahunda zinyuranye zishimangira zikanabungabunga umuco nyarwanda n'indangagaciro zawo. nk'iy'umuganda, iy'ubudehe, iy'ubwisungane mu kwivuza, iya Gira inka Munyarwanda, iy'Itorero ry'Igihugu n'izindi.
7. **Erekana aho umwandiko uvuga ku butwari bw'abantu b'igitsina gore**.
   Havuzwe igitekerezo cya Ndabaga wabaye intwari cyane agashobora gukura se ku rugerero akora imirimo yari igenewe abahungu. Ibi bikagaragaza ko abantu b'ibitsina byombi bakwiye guhabwa amahirwe angana mu buzima ntihabeho gutonesha bamwe.

8. **Wumva ute gahunda za Radiyo Rwanda mu kubungabunga umuco nyarwanda?**
   Izi gahunda zirimo nka gahunda y'inkera y'igitaramo, iya "Ni nyampinga", n'iya "Radiyo iwacu" tubona ko zidukangurira kwita ku muco wacu, abantu bakagenda bungurana ibitekerezo ku byo Abanyarwanda bagiye banyuramo. Ni muri urwo rwego habaho kureba ibitunganye, ibyiza tukabisigasira ndetse n'ibishya bitagize icyo bitwaye tukabyakira.

**b) Inyunguramagambo**

## Ibibazo n'ibisubizo byabyo:

1. **Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko**.
   a) **Ubuvanganzo:** Ni ibihangano biri mu mvugo cyangwa se mu nyandiko bigaragaza umuco w'abantu runaka.
   b) **Uturingushyo:** Utuvugo duto turimo uturango tw'ubusizi usanga dukunze kubwirwa abana ngo badufate mu mutwe kugira ngo bibatoze gukangura ubwenge bwabo buge bufata vuba.
   c) **Amasare:** Indirimbo ziririmbwa n'abasare igihe bari mu murimo wabo wo kugashya kwambutsa abantu mu mato.
   d) **Bigasakara:** Bikava ahantu hamwe bigakwira n'ahandi henshi.
2. **Huza amagambo yo mu ruhushya A n'ibisobanuro byatanzwe bijyanye na yo mu ruhushya B**.

| Uruhushya A | Uruhushya B |
|---|---|
| 1. Amahigi<br>2. Amavumvu<br>3. Kuzahura<br>4. Kubungabunga<br>5. Kwimakaza | a) Kongerera imbaraga icyari cyarasubiye inyuma.<br>b) Gufata neza ikintu ngo kidahungabana.<br>c) Indirimbo abakora umwuga wo guhiga inyamaswa baririmba bari muri uwo murimo.<br>d) Guha agaciro, guteza imbere.<br>e) Indirimbo z'aborozi b'inzuki. |

**Ibisubizo: 1=c, 2=e, 3=a, 4=b, 5=d**

## Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. **Koresha amagambo akurikira mu nteruro ngufi kandi ziboneye:**
   a) **Bikabarangaza.**

Iyo abantu bakitse imirimo bashaka ibyo bahugiraho **bikabarangaza**.

b) **Ibihangano.**
**Ibihangano** by'Abanyarwanda bigomba guhabwa agaciro.

c) **Ingirakamaro.**
Kubungabunga umuco wacu wa kinyarwanda ni igikorwa k'**ingirakamaro**.

d) **Ubupfura.**
Mu ndangagaciro z'Abanyarwanda dusangamo n'iy'**ubupfura**.

2. **Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo ukuye mu mwandiko:**

a) Mu buzima bw'umuntu habaho igihe cyo gukora n'igihe cyo **kuruhuka**.

b) Ibisakuzo, uturingushyo, imigani migufi n'imiremire, ibitekerezo, imbyino n'indirimbo bikubirwa mu ijambo rimwe ry'**ubuvanganzo**.

c) Musenyeri **Bigirumwami Aloys** ni umwe mu bakusanyije ubuvanganzo bwo muri rubanda.

d) Abanyarwanda bahimbaga **ibihozo** bakabyifashisha baguyaguya abana ngo bareke kurira n'abageni bagiye kurushinga.

e) Ntiwavuga **imigenzo** ngo usige imiziririzo. Ni ibintu bibiri bidasigana, ni nk'umukenyero n'**umwitero**.

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko( isomo 1)

***ntego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Kugaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko
- Gusobanura ingingo z'umuco zigaragara mu mwandiko ndetse azihuza n'ubuzima busanzwe.
- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku kubungabunga umuco nyarwanda, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda n'inkoranyamagambo ndetse n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Ni uwuhe mutwe w'umwandiko duheruka kwiga**?

Imigenzo, imiziririzo no kubungabunga umuco nyarwanda.

2. **Muri rusange uvuga ku biki**?
   Uvuga ku buvanganzo bwo muri rubanda, imigenzo n'imiziririzo ndetse no ku ngamba zo kubungabunga umuco nyarwanda.
3. **Kuki ari ngombwa kubungabunga umuco nyarwanda**?
   Ni ukugira ngo utazavaho uducika tugatakaza indangagaciro zacu.

## II. Gusoma

Umwarimu asaba abanyeshuri bakabanza kongera gusoma umwandiko "**Imigenzo, imiziririzo no kubungabunga umuco nyarwanda.**" Umunyeshuri umwumwe agenda asimburana na bagenzi be, basoma baranguruye ijwi ku buryo bufasha abafite ubumuga bwo kutumva neza, maze ibibazo byo gusesengura umwandiko bakanabyandika ku kibaho kugira ngo n'ufite ikibazo cyo kutumva abisome, hanyuma bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, agasaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Babanza kungurana ibitekerezo ku bisubizo bari butange, umwarimu na we akazenguruka mu matsinda areba niba bose bitabira gutanga ibitekerezo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi n'umwanditsi. Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Subiza ibibazo bikurikira ugendeye no ku bivugwa mu mwandiko.**

1. **Muvuge ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko**.
   **Ingingo z'ingenzi:**
   Ingero z'ubuvanganzo bwo muri rubanda n'akamaro kabwo, imwe mu migenzo n'imiziririzo mu muco nyarwanda, ingamba zo kubungabunga umuco nyarwanda.
   **Ingingo z'ingereka:**
   Ibijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye, ubutwari,...
2. **Mu mwandiko haravugwamo ingingo z'umuco nyarwanda. Zisobanure unagaragaze aho insanganyamatsiko y'uyu mwandiko ihuriye n'ubuzima busanzwe tubamo?**
   - Abanyarwanda bagiye bahanga ibihangano binyuranye by'ubuvanganzo. Ababihanze ntibababihangiye ubusa. Bibafasha gutoza urubyiruko ubupfura, ubunyangamugayo, ubutwari no kugira ishyaka ryo gukunda ababyeyi n'Igihugu cyabo. Ibyo bihangano byerekana ko mu muco nyarwanda habamo imigenzo n'imiziririzo. Na yo ifite byinshi itoza urubyiruko. Urugero twafata ni nk'uko mbere hariho umuco wo kujya ku rugerero ibwami, umubyeyi

ugiyeyo akazakurwa n'umwana we.
- Umuco w'ubufatanye.
- Umuco wo guhana igihango no kutagitatira n'ibindi.

Aho insanganyamatsiko ihuriye n'ubuzima busanzwe bwa buri munsi ni uko ubuvanganzo bwo muri rubanda bukoreshwa buri gihe, hakaba n'imwe mu migenzo n'imiziririzo ikigenderaho. Ingamba zo kubungabunga umuco nyarwanda na zo zireba buri wese akanasabwa kuzishyira mu bikorwa.

3. **Gira icyo uvuga ku kubungabunga imigenzo n'imiziririzo by'umuco nyarwanda**.
   Kubungabunga imigenzo n'imiziririzo by'umuco nyarwanda bikwiye kwitabwaho na buri wese. Ibi byatuma abantu batibagirwa kwitwararika ibintu runaka byagiye byitabwaho n'abakurambere bacu, bikanafasha kudapfa abantu guhubukira ibyo babonye byababagirira nabi.
4. **Kwimakaza umuco nyarwanda n'indangagaciro zawo mubona bimaze iki?**
   Bifite akamaro gakomeye cyane kuko bituma dukomeza kwihesha agaciro nk'Abanyarwanda, bityo bikaturinda gukora ibidakwiye byatuma abandi badutakariza ikizere. Binatuma umuco wacu utamirwa n'imico y'ahandi ngo uzimirire muri yo.

## Umwitozo w'ubumenyi ngiro

## Intera ya mbere:

## Kungurana ibitekerezo

*Intego zihariye:*

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko,araba ashobora:
- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe.
- Gutanga ibitekerezo bye bihamye ashize amanga, ku kamaro ko kwimakaza umuco nyarwanda.
- Kujora ibitekerezo bya bagenzi be.
- Kubwira bagenzi be ibyo yumvise cyangwa atekereza ahereye ku ngingo yo kubungabunga umuco nyarwanda.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku kubungabunga umuco nyarwanda, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka

kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga**?
   Umwandiko witwa "Imigenzo, imiziririzo no kubungabunga umuco nyarwanda".
2. **Ni izihe ngingo nkuru uwo mwandiko wibandaho**?
   Ingingo nkuru uwo mwandiko wibandaho ni ingero z'ubuvanganzo bwo muri rubanda n'akamaro kabwo, imwe mu migenzo n'imiziririzo mu muco nyarwanda, ingamba zo kubungabunga umuco nyarwanda.
3. **Ni akahe kamaro k'ingenzi ko kubungabunga umuco nyarwanda**?
   Ni ukugira ngo utaducika.

## II. Kungurana ibitekerezo

Kungurana ibitekerezo si ukujya impaka ahubwo ni umwanya buri muntu ahabwa akavuga icyo atekereza ku ngingo iyi n'iyi.

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma baranguruye ijwi insanganyamatsiko yo kunguranaho ibitekerezo igaragara mu gitabo cy'umunyeshuri, ibyo byafasha abafite ubumuga bwo kutabona neza kumva insanganyamatsiko. Insanganyamatsiko inandikwa ku kibaho kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva babibone aho byanditse. Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo ujya aha abandi umwanya wo gutanga ibitekerezo byabo no kugira icyo yavuga ku bitekerezo by'abandi. Iyo hari aho ibitekerezo bivuguruzanya, umuyobozi afasha mu guhitamo igitekerezo gifite ireme ariko kikumvikanwaho n'abagize itsinda.

Mu gihe bungurana ibitekerezo umwarimu agenzura uko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira abibashishikarize. Nyuma yo kungurana ibitekerezo umwarimu afasha abanyeshuri gukora umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo, bikandikwa ku kibaho.

### Insanganyamatsiko:

"Kwimakaza ubuvanganzo nyarwanda bifite akahe kamaro muri iki gihe?"

### Umwanzuro:

Kwimakaza ubuvanganzo nyarwanda bifite akamaro kanini muri iki gihe kuko mu buvanganzo nyarwanda ni ho hagaragarira imitekerereze, imigenzo, imyumvire ndetse n'umuco w'Abanyarwanda. Bugomba kwimakazwa rero kugira ngo Abanyarwanda muri rusange badatakaza umuco wabo kandi kugira ngo bose bawumenye binyuze mu ngeri zitandukanye z'ubuvanganzo nyarwanda.

Kwimakaza ubuvanganzo nyarwanda kandi bifite akamaro kuko bituma abanyamahanga bakunda umuco wacu nk'Abanyarwanda, na byo bitewe na za ngeri z'ubuvanganzo tudahwema kwimakaza.

Mu kwimakaza ubuvanganzo nyarwanda ariko birasaba ubushishozi ku ngingo zimwe na zimwe kuko hari ibintu bitagifite agaciro ukurikije n'aho isi igeze. Ni ukuvuga ko mu buvanganzo hari ibigomba gushunguramo. Urugero nko kubyina batambaye inkweto, imigenzo yakorerwaga umubyeyi wabyaye (nko mu gihe cyo kurya ubunnyano), imiziririzo imwe n'imwe na kirazira (nko kubuza abagore kurya inyama z'ihene,....)

Ntawabura kuvuga kuri kirazira yabuzaga abantu gutatira igihango ikwiye gusigasirwa, nyamara uburyo bahanaga igihango banywana bikaba bitakigezweho kuko ibikoresho bakoreshaga bikeba ku nda bikaba byarashoboraga kwanduza indwara. Kandi no kunywana amaraso na byo si ibyo gushyigikirwa.

### III. Kwitoza kuvugira mu ruhame

Umwarimu atanga umwitozo wo kwitoza kuvugira mu ruhame bavuga ibyo bumvise cyangwa batekereza bahereye ku ngingo yo kubungabunga umuco nyarwanda. Abanyeshuri bose bagenda basimburana umwumwe, kugeza bose bakoze umwitozo wo kuvugira imbere y'abandi bashize amanga. Umwarimu atanga insanganyamatsiko iri buvugweho.

**Insanganyamatsiko:**

" Bwira bagenzi bawe ibyo wumvise cyangwa utekereza uhereye ku ngingo yo kubungabunga umuco nyarwanda."

**Ibitekerezo byatangwa:**

Nkurikije ibyo maze kumva navuga ko umuco nyarwanda ufite ingingo zinyuranye, hakaba hari izitakigendanye n'igihe tugezemo. Izo zigomba kuvaho cyangwa zikagira uburyo zihuzwa n'aho tugeze. Naho izitagize icyo zitwaye tukazibungabunga ndetse n'izo twafata ku mico y'ahandi (kubera ubusabane bw'imico) ariko tubona zatugirira akamaro tukazisigasira zikinjizwa mu muco wacu.

## Insigamugani: Utabusya abwita ubumera

## Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(isomo 1)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko, araba ashobora:

- Gusoma bucece no gusoma aranguruye umwandiko
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo akomeye
- Gukoresha amagambo yungutse (mu mvugo cyangwa mu nyandiko) mu nteruro ngufi kandi ziboneye

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku kubungabunga umuco nyarwanda, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko cyangwa ibikubiye mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**
   Turabona abagore basya imbere yabo hari undi mugore.
2. **Murabona bariya bagore bameranye bate?**
   Uhagaze atunze urutoki umwe mu barigusya amubwira ngo: "Wa munebwe we"! Bigaragara ko arimo kumucyurira.

Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye kwiga umwarimu arabwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko "Utabusya abwita ubumera."

## II. Gusoma umwandiko.

### Gusoma bucece

Umwarimu yongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko **"Utabusya abwita ubumera"**. Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Ibivugwa mu mwandiko byakomotse kuri nde?**
   Kuri Karake ka Rugara.
2. **Ni ibiki umuvugaho?**
   Yararenzwe yitwara nabi akajya anatoteza abo bahoze bakorana umwuga wo gusya.
3. **Ibyo uyu mwandiko uvuga byabereye he?**
   Byabereye i Bumbogo bwa Huro. (Ubu ni mu Karere ka Gakenke mu Ntara y'Amajyaruguru).
4. **Mu mwandiko bavuga ko byababaye ryari?**
   Byabaye ahasaga umwaka wa 1600.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, mu ijwi riranguruye kandi bubahiriza utwatuzo. Iyo abanyeshuri ari benshi umwe asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza igihe umwandiko urangiriye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uhari.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa bagiye bakora iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe bari gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo babasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III. Gusubiza ibibazo

Muri iki gice, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda bajya kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bagafatanya n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

### a) Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Rondora abanyarubuga bavugwa muri uyu mwandiko.**
   Karake, Kigeri Rwabugiri, abanyamuhango b'umuganura, Nyamwasa, ingabo za Mibambwe Gisanura, abakobwa b'abasyi, Rugara, umugore wa Rugara.
2. **Karake yasezerewe kwa Nyamwasa azira iki?**
   Byatewe n'uko Karake yubuye ingeso yo gusinda. Umugabo we Nyamwasa yaza agasanganirwa n'umugono agasanga umugore yasinziriye uburiri ari ibirutsi gusa. Bimunaniye kwihangana aramusenda.
3. **Ni uwuhe murimo uvugwa cyane muri uyu mwandiko? Ese uyu murimo wari uhuriye he na gahunda z'ubuyobozi bw'Igihugu muri icyo gihe?**
   Ni umurimo wo gusya. Aho wari uhuriye na gahunda z'ubuyobozi bw'Igihugu ni uko uyu murimo wo gusya wakorwaga mu rwego rwo gutunganya umuganura wari umunsi mukuru ukomeye wo gutuma umwami arya bwa mbere ku myaka yeze.
4. **Inkuru ivugwa muri uyu mwandiko yabereye mu bihe bice by'Igihugu?**
   Iyi nkuru ibera mu Bumbogo bwa Huro (mu Karere ka Gakenke, Intara y'Amajyaruguru).
5. **Huza buri nimero y'ikibazo muri ibi bikurikira n'inyuguti y'igisubizo cyacyo.**

*Urugero:*

i) **Erekana amasano agaragara muri uyu mwandiko.**

   c. Karake ni umukobwa wa Rugara, Rugara na we akamubera se. Karake nanone ni umugore wa Nyamwasa uyu na we akamubera umugabo. Rugara ni sebukwe wa Nyamwasa uyu na we akaba umukwe we.

ii) **Gereranya imibereho ya Karake mbere, mu gihe na nyuma yo kuba umugore wa Nyamwasa.**

   a. Mbere yo kuba umugore wa Nyamwasa Karake yari umuntu usanzwe akorana umurimo we wo gusya na bagenzi be. Mu gihe yari umugore wa Nyamwasa kubera gukundwakazwa cyane yaranzwe no kwishyira hejuru cyane agasuzugura bagenzi be. Naho nyuma yo kuba umugore wa Nyamwasa yaranzwe no gusuzugurika kubera ko yasenzwe n'umugabo we bitewe n'imyitwarire mibi.

iii) **Gereranya umuganura uvugwa muri uyu mwandiko n'umuganura ukorwa muri iki gihe.**

   d. Umuganura wa kera wari umuhango wo kuganuza cyangwa gutuma umwami arya bwa mbere ku mwero w'imyaka yo mu Gihugu (cyanecyane amasaka n'uburo). Icyo gihe habagaho n'urusobe rw'amategeko yagengaga uwo muhango. Ni byo bitaga inzira y'umuganura. Muri iki gihe umuganura ugenerwa gahunda y'ibirori mu rwego rw'Igihugu ariko na buri muturage yita kuri gahunda z'umuco ugasanga na we agerageza kubahiriza umuganura iwe mu rugo.

iv) **Sobanura uko mu mwandiko bagaragaje imibanire ya Karake na bagenzi be basyanaga nyuma y'aho aviriye kwa Nyamwasa**.

   b. Nyuma yo kuva kwa Nyamwasa, Karake yagumye iwabo. Ariko agarutse gusya hamwe na bagenzi be bakoranaga uwo murimo imibanire ye na bo ntiyabaye myiza na gato, kuko ibyo gusya byamutonze kubera igihe kinini yari amaze yaritetesheje, maze bakajya bamuhinyora bamwisekera nk'uko yari amaze iminsi abibakora.

### b) Inyunguramagambo

## Ibibazo n'ibisubizo byabyo:

1. **Shaka ibisobanuro by'amagambo cyangwa amatsinda y'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) **Izenezene:** ukuvuga urandaga akenshi hari mo agasuzuguro.
   b) **Ubukundwakare:** ukuba yubashywe kandi atoneshejwe birengeje.
   c) **Guseta inzira ibirenge:** Kugenda wanga,utabishaka.
   d) **Baramwubahuka:** Baramutinyuka;baramusuzugura.
   e) **Impingane:** Ikintu gikomeye kugikora.
2. **Shaka impuzanyito z'amagambo cyangwa amatsinda yayo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:**

a) **Inteko yabo:** Ikicaro cyabo.
b) **Urutoto:** Igitugu yabategekeshaga.
c) **Baramukwena:** Baramuseka, baramumwaza.
d) **Bamuhinyora:** Bamusekana imbereka.
e) **Biramutonda:** Biramugora, biramunanira.

3. **Shaka imbusane z'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) **Abatware** ≠ abagaragu.
   b) **Baranzika** ≠ baranzura, barasoza.
   c) **Arasayisha** ≠ aritonda.
   d) **Ipfunwe** ≠ ibyishimo.
   e) **Amagorwa** ≠ umunezero.

## Imyitozo y'inyunguramagambo

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro agenda abaza umwumwe interuro yatanze.

1. **Koresha amagambo akurikira mu nteruro ngufi kandi ziboneye:**
   **a) Umuganura**
   Mu Rwanda umunsi w'**umuganura** uba mu kwezi kwa Kanama.
   **b) Kwizenutsa**
   Abantu bakwiye kujya bakora imirimo yabo n'umwete bakareka **kwizenutsa**.
   **c) Kumucungura**
   Kuko Rugara nta wundi yari afite wo **kumucungura** yoherejeyo Karake.
   **d) Arashoberwa**
   Iyo umuntu ahuye n'ibintu bikomeye kandi bimurenze **arashoberwa** akabura uko abigenza.
   **e) Guhuga**
   Karake yarakundwakajwe bimutera **guhuga** yongeye gusya biramutonda.

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko(isomo 1)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:
- Kugaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko
- Gusobanura insanganyamatsiko ikubiye mu mwandiko no kuyihuza n'ubuzima busanzwe.
- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku kubungabunga umuco nyarwanda, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda, inkoranyamagambo ndetse n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Utabusya abwita ubumera.
2. **Muri rusange uvuga ku biki?**
   Uvuga kuri Karake ka Rugara witwaye nabi bikabije akaba iciro ry'imigani.
3. **Uyu mwandiko uri mu buhe bwoko bw'imyandiko?**
   Ni insigamugani.

## II. Gusoma

Umwarimu asaba abanyeshuri bakabanza kongera gusoma umwandiko "**Utabusya abwita ubumera**." Umunyeshuri umwumwe agenda asimburana na bagenzi be, basoma baranguruye ijwi ku buryo bufasha abafite ubumuga bwo kutumva neza, maze ibibazo byo gusesengura umwandiko bakanabyandika ku kibaho kugira ngo n'ufite ikibazo cyo kutumva abisome, hanyuma bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu ashyira abanyeshuri matsinda mu ya banebane, agasaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Babanza kungurana ibitekerezo ku bisubizo bari butange, umwarimu na we akazenguruka mu matsinda areba niba bose bitabira gutanga ibitekerezo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi n'umwanditsi hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

*Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo bishoboka:*

1. **Garagaza ibice by'ingenzi bigize uyu mwandiko**.
   Uyu mwandiko ugizwe n'ibice bitatu by'ingenzi:

   Igice cya mbere umuntu yafata nk'intangiriro kigizwe n'igika cya mbere. Iki gice gikubiyemo imvano y'inkuru ivugwa mu mwandiko, igihe yabereyeho, aho

yabereye n'uwo yabayeho.

Igice cya kabiri cyafatwa nk'igihimba kigizwe n'ibika bisigaye ukuyemo igika cya nyuma. Iki gice gikubiyemo uko iyo nkuru yagenze mu buryo burambuye.

Igice cya gatatu cyafatwa nk'umusozo kigizwe n'igika cya nyuma. Gikubiyemo iherezo ry'iyo nkuru n'uburyo yabaye gikwira kuva icyo gihe kugeza magingo aya.

2. **Mugaragaze ingingo z'umuco zigaragara muri uyu mwandiko**.
   Uko umuhango w'umuganura wategurwaga;
   Ibyo gusenda umugore witwaye nabi cyangwa se urugo rwananiye;
   Ibyo gucungura umuntu mu murimo runaka adashobora kwikorera;
   Ibyo gukomokwaho n'umugani kubera ibintu bidasanzwe byakubayeho.
3. **Erekana insanganyamatsiko ikubiye muri uyu mwandiko?**
   Muri uyu mwandiko hakubiyemo insanganyamatsiko yo kutirengagiza abari mu makuba nyamara na we warayahozemo, kutishongora no kutarengwa.
5. **Huza iyo nsanganyamatsiko n'ubuzima bwa buri munsi**.
   Aho iyi nsanganyamatsiko ihuriye n'ubuzima busanzwe bwa buri munsi ni uko inshuro nyinshi usanga iyo umuntu yibereye mu munezero hari igihe abona ingorane z'abandi nta cyo zitwaye cyangwa se akabona ari ibisanzwe, mu gihe nyamara wenda na we yabanje kuzibamo zikamugora. Ugasanga ari na ho bajya bakurizaho umugani ngo: "Agahwa kari ku wundi karahandurika".
5. **Nyuma yo gusoma uyu mwandiko sobanura impamvu wiswe insigamugani**.
   Ni insigamugani kuko ni imvugo yaturutse ku muntu wabayeho, bitewe n'imibereho bamukomozaho iyi mvugo isa n'umugani. Byumvikane rero ko uwo muntu yasize imvugo isa n'umugani na n'ubu abantu bagikoresha. Niyo mpamvu umwandiko wiswe insigamugani.kuko usobanura inkomoko y'imvugo "utabusya abwita ubumera"

## Umwitozo w'ubumenyi ngiro

## Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko, araba ashobora:

- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe.
- Gutanga ibitekerezo bye bihamye ashize amanga.
- Kujora ibitekerezo bya bagenzi be.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku kubungabunga umuco nyarwanda, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga?**
   Duheruka kwiga umwandiko witwa " Utabusya abwita ubumera".
2. **Uwo mwandiko uri mu buhe bwoko bw'imyandiko**?
   Imyandiko yitwa "insigamigani"
3. **Nyuma yo gusoma iyo nsigamugani mwakuyemo irihe somo**?
   Si byiza kwishongora ku bantu mwaruhanye ngo ni uko wowe wageze mu yindi ntera y'ubuzima kuko ubuzima ni gatebe gatoki ntabwo uba uzi uko ejo uzamera.

## II. Kungurana ibitekerezo

Kungurana ibitekerezo si ukujya impaka ahubwo ni umwanya buri muntu ahabwa akavuga icyo atekereza ku ngingo iyi n'iyi.

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma baranguruye ijwi insanganyamatsiko yo kunguranaho ibitekerezo igaragara mu gitabo cy'umunyeshuri, ibyo byafasha abafite ubumuga bwo kutabona neza kumva insanganyamatsiko. Insanganyamatsiko inandikwa ku kibaho kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva babibone aho byanditse. Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo ujya aha abandi umwanya wo gutanga ibitekerezo byabo no kugira icyo yavuga ku bitekerezo by'abandi. Iyo hari aho ibitekerezo bivuguruzanya, umuyobozi afasha mu guhitamo igitekerezo gifite ireme ariko kikumvikanwaho n'abagize itsinda.

Mu gihe bungurana ibitekerezo umwarimu agenzura uko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira abibashishikarize. Nyuma yo kungurana ibitekerezo umwarimu afasha abanyeshuri gukora umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo, bikandikwa ku kibaho.

**Insanganyamatsiko:**

a) **Ese mu miryango y'aho mutuye bubahiriza bate umuhango w'umuganura?**

**Ibitekerezo byatangwa:**

Mu miryango y'aho dutuye umuhango w'umuganura ntiwitabwaho. Twumva bavuga ko kera bawukoraga, ariko kuri ubu ni ukubyumva kuri radiyo ko wizihirijwe aha n'aha, ubundi bikarangirira aho. N'aho bakiwukora usanga ari hake cyane.

b) **Nyuma yo gusoma uyu mwandiko wakora iki ngo umuhango w'umuganura urusheho kwitabwaho mu miryango yacu?**

**Ibitekerezo byatangwa:**
Nyuma yo kwibutswa iby'umuganura muri uyu mwandiko, icyo nakora ni ukubikangurira abantu aho ntuye kugira ngo binatume barushaho kwitabira n'ibikorwa by'ubuhinzi maze tukarushaho kwihaza mu biribwa.

## Ubuvanganzo

## Intera ya kane: Insigamugani

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri yifashishije umwandiko uherutse kwigwa, araba ashobora:
- Gusobanura inshoza y'insigamugani.
- Gutahura uturango tw'insigamugani.
- Gutandukanya insigamugani n'ubundi bwoko bw'imyandiko.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku kubungabunga umuco nyarwanda, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu yifashishije ibibazo byo mu buzima busanzwe, abaza abanyeshuri ibibazo bishobora gutuma na bo ubwabo bavumbura inshoza ndetse n'uturango tw'insigamugani, bityo bagatahura itandukaniro ry'insigamugani n'andi moko y'imyandiko bakunda kubona.

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, hanyuma akabasaba kongera gusoma umwandiko maze bagasubiza ibibazo bikurikira:

***Urugero rw'ibibazo yabaha:***

a) Ku bwawe urabona impamvu yatumye abantu bakomeza kujya bakoresha iyi mvugo ngo: "Utabusya abwita ubumera"ari iyihe?

b) Nimutange izindi ngero z'imvugo ziteye nk'iyi "Utabusya abwita ubumera" mujya mwumva abantu bakoresha.
c) Izo mvugo zose zakomotse ku bantu?
d) Hari imvugo ziteye nk'iyi bitiriye inyamaswa cyangwa ibindi. Ni ukubera iki?
e) Gerageza gutanga inshoza y'insigamugani.

Nyuma y'igihe yabageneye umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe bavuye mu matsinda, buri tsinda rikageza ku bandi ibisubizo byaryo.

***Ingero z'ibyagaragazwa:***

- Impamvu abantu bakomeje gukoresha iriya mvugo ni uko babonye iyi mvugo ifite isomo ibasigiye kandi ikomotse ku bintu bibaye ku muntu uzwi neza.
- Izindi ngero z'imvugo ziteye nk'iyi : "Ntabyera ngo de!", Yaje nk'iya Gatera, Naho Miseke ndarwana, Inzoga ni mucyurabuhoro, Yagiye nk'abagesera, Yanyoye nzobya,... impyisi iti : "Kuvuga ari ugutaruka, iriya musheru ipfana iki na mutamu!", "Bati: "Gikeri utahe na Ntashya", kiti: "Mpuriye he n'ibiguruka."
- Oya. Izi mvugo zose ntizakomotse ku bantu: Harimo izikoreshwa zitarakomotse ku byabaye ku bantu; ahubwo zakomotse ku magambo bitiriye imyamaswa, inyoni n'ibindi bitari abantu.
- Ayo magambo bayitiriye inyamaswa cyangwa ibindi kubera ko babaga bashaka kuvuga ku bantu ariko bakabatinyira icyubahiro bafite mu gihugu cyangwa se imiryango yabo.

## Inshoza y'insigamugani

Insigamugani ubwayo ni ijambo rigizwe n'inshinga "gusiga" ndetse n'icyuzuzo cyayo "umugani". Gusiga bivuga kurekera ikintu ahantu uvuye cyangwa wari uri. Naho umugani ubusanzwe ni igitekerezo kimeze nk'inkuru bahimba ikemerwa na rubanda. Gusiga umugani rero ni ugusiga inkuru ahantu runaka wari uri abahasigaye bakajya bahora bayikwibukiraho. Insigamugani ni imvugo ziteye nk'imigani y'imigenurano, ziba zarakomotse ku bantu runaka babayeho mu mateka (bazwi kandi bakomeye) bitewe n'aho babaye , imibereho yabo, ibyo baba baravuze n' ibyo bakoze, rubanda bakajya bazikoresha mu mvugo, basa n'abakuriza ku byabaye. Izo nsigamigani zikomoka ku bantu babayeho mu mateka, bazita **insigamigani nyirizina**.Naho umwandiko w'insigamigani cyangwa ikirari k'insigamigani ni umwandiko usobanura inkomoko y'imvugo iyi n'iyi.

***Urugero:***

- "Utabusya abwita ubumera" ni insigamugani nyirizina. Ni imvugo yabaye kimomo, biturutse kuri Karake warenzwe cyane, akajya annyega abasyi, uburo abwita ubumera, nyamara igihe yongeye gusya byaramunaniye, ibyo yasuzuguraga bimubera insobe. Rubanda babonye uko bimugendekeye imvugo ye bayigira

iciro ry'umugani, uwo babonye wese wihaye gusuzugura ibyo atari gukora kandi bigoye bakamuninura bakoresheje ya mvugo.

Si ku bantu gusa kandi insigamugani ishobora gukomokaho; ahubwo hari izagiye zikomoka ku migani bacira ku nyamaswa, inyoni n'ibindi bitari abantu, ariko ari abantu barenguriraho. Izi zikitwa **insigamigani nyitiriro**.

*Urugero:*

- Bati: "Gikeri utahe na Ntashya." Kiti: "Mpuriye he n'ibiguruka?"
- Babajije inyamanza bati: "Mbe kanyamanza ko ufite akaguru gato? Irasubiza iti: "N'aka ngakesha Rusengo, Rusenzi yari agiye kukabazamo ubwato bwo kwiyambukiriza abagenzi!"

## Uturango tw'insigamugani

Insigamugani ni imvugo igizwe n'amagambo make, ariko ifite igisobanuro kimbitse. Ni imvugo ifite uwo yakomotseho cyangwa icyo yitiriwe. Insigamugani nyirizina igira igihe kizwi (umwaka) n'ahantu yabereye hazwi mu mateka ndetse n'uwo yakomotseho akaba azwi neza n'impamvu yayo ikaba yagaragazwa. Insigamugani ni imvugo rubanda baba baramenyereye gukoresha mu mvugo iteye nk'umugani mugufi, bakunze kwita umugani w'umugenurano.

*Urugero:*

- Imvugo "Utabusya abwita ubumera" twabonye ari imvugo ngufi ariko isobanura byinshi.
- Yadutse mu mwaka wa 1600
- Yakomotse kuri Karake ka Rugara w'i Bumbogo (mu Karere ka Gakenke, Intara y'Amajyaruguru).
- Iyi mvugo yakomotse ku bintu byabayeho mu mateka (ku mibereho ya Karake).

### *Imyitozo ku nsigamugani*

Umwarimu atanga umwitozo ku nsigamugani, agasaba buri munyeshuri ku giti ke kugana isomero ry'ishuri agashakamo ibitabo bimufasha gusubiza ibibazo yabajijwe. Nyuma y'igihe cyatanzwe umwarimu agakosora abanyeshuri, anareba niba isomo riri kumvikana bityo aho abona hari ikibazo hagashakirwa igisubizo. Bashobora kwifashisha igitabo " ibirari by'insigamigani niba kiboneka mu isomero cg ibindi byavuzwe ku nsigamigani.

1. **Tandukanya insigamigani nyirizina n'insigamigani nyitiriro utange n'urugero kuri buri kiciro**.
   Insigamigani nyirizina ziba zarakomotse ku bantu bazwi mu mateka, aho bari batuye n'ibyababayeho mu gihe runaka bikavaho iyo migani yabageenuriweho cg bo ubwabo bagenuye.
   ***Urugero:*** "Utazi akaraye i Fumbwe araza ifu".

Naho insigamigani nyitiriro zitirirwa inyamaswa baba baraciriyeho imigani, ariko nyine mu by'ukuri atari zo bavuga ahubwo barengurira ku bantu batashatse gushyira ku ka rubanda bitewe n'impamvu runaka ( nk'umwanya bafite mu muryango ).

***Urugero:*** Babajije igishwi bati: "Kuki ubyina nabi?" kiti: "Nibwo nkiza nimunyerekere."

2. **Kora ubushakashatsi ugaragaze akamaro k'insigamigani mu buzima bw'abanyarwanda.**

   Nyuma yo gusoma *"Ibirari by'insigamigani",* abanyeshuri bazavumbura ko insigamigani zigira uruhare mu kwibutsa amateka yabaye ku bantu runaka no mu gihe iki n'iki, bigatuma umuntu aboneraho isomo ryo kwita ku bintu runaka byamugirira akamaro. Bishobora no kumuha isomo ryo kudakora iki cyangwa kiriya cyamugirira nabi bitewe n'isomo rikubiye muri ya nsigamugani yumvise.

3. **Tandukanya insigamugani n'umugani meremure**.

   Insigamugani ni imvugo cyangwa se imigani iba yarakomotse ku bantu bazwi mu mateka (aho babaye, ibyababayeho byakomotseho iyo mvugo, aho byabereye n'igihe byabereye). Umwandiko w'ikirari k'insigamugani utangira uvuga uwo iyo mvugo yakomotseho, igihe n'aho byabereye, ugazoza werekana uko iyo mvugo yabaye gikwira. Naho umugani muremure wo ntukoresha imvugo zakomotse ku bantu bazwi. Ikindi kandi umugani muremure urangwa no kubamo amakabyankuru n'ibitangaza bidashobora kubaho, ugasanga inyamaswa n'ibintu bidafite ubuzima byitwara ndetse bikavuga nk'abantu. Umugani muremure ugira amagambo awutangira azwi ndetse n'andi awusoza.

   ***Urugero:*** "Kera habayeho..." ugasozwa na "Si nge wahera..."

## Umwandiko: Ikinamico: Iyo wemeye inama...!

## Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(amasomo 2)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranyamagambo n'umwandiko, araba ashobora:
- Gusoma umwandiko bucece no kuwusoma aranguruye ijwi
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gukoresha amagambo yungutse (mu mvugo cyangwa mu nyandiko) mu nteruro ngufi kandi ziboneye

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku kubungabunga umuco nyarwanda, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda n'inkoranyamagambo.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko cyangwa ibikubiye mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki**?
   Abantu benshi bicaye mu cyumba, umukobwa uri kumwe na nyina imbere ye hari igikapu na matora.
2. **Murabona uriya mubyeyi n'umukobwa we bari mu biki?**
   Uriya mukobwa agiye kwiga. Nyina yari kumusezeraho.
3. **Bariya bantu bicaye muratekereza ko bakora iki?**
   Barareba ibyo abo ku kabuga mu cyumba bakina.

Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye kwiga umwarimu arabwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko: "**Iyo wemeye inama!...**"

## II. Gusoma umwandiko.

### Gusoma bucece

Umwarimu yongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko "**Iyo wemeye inama!...**"
Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.
Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Vuga izina ry'umukobwa uvugwa cyane muri uyu mwandiko**.
   Ni Nyamwezi.
2. **Uwo mukobwa yakoraga iki**?
   Yari umunyeshuri.
3. **Ni ibiki avugwaho**?
   Avugwaho ko yishoye mu ngeso z'uburaya bikamuviramo gutwara inda no kwandura SIDA.

4. **Izo ngeso mbi Nyamwezi yazishowemo na nde?**
   Yazishowemo n'umusore witwa Masumo.

## Gusoma baranguruye

Umwarimu atoranya abanyeshuri bangana n'umubare w'abanyarubuga bo mu ikinamico, akabwira buri wese uwo asoma yigana, bagerageza kubahiriza isesekaza rikwiye. Umwarimu cg undi munyeshuri ashobora kugenda abasomerainyobozi z'ingenzi, kugira ngo abasomerwa barusheho gusobanukirwa.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa bagiye bakora iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe bari gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo babasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III. Gusubiza ibibazo

Muri iki gice, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda bajya kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bagafatanya n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

### a) Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Erekana imyifatire ya Nyamwezi mu gihe cyo kwitegura ibizamini bya Leta**.
   Mu gihe yiteguraga gukora ibizamini bya Leta Nyamwezi yaranzwe no gukora cyane, binamuviramo kunanuka kubera guhangayikira ibyo bizamini. Yanavugaga ko yumva atameze neza kandi akumva afite ubwoba.
2. **Nyamwezi yifashe ate amaze kumenya ko amanota y'ibizamini bya Leta yasohotse? Naho se nyuma yo kumenya ko yabonye ibaruwa?**
   Amanota y'ibizamini amaze gusohoka Nyamwezi yabuze amahwemo yihutira kubimenyesha nyina. Anamubwira ko azatuza ari uko amenye umusaruro we. Naho nyuma yo kumenya ko yabitsinze yarishimye cyane, ashimira abarezi be, na Leta yabegereje amashuri. Maze yihuta ajya kubimenyesha nyina ngo batangire gushaka ibikoresho.
3. **Nyamwezi amaze kubona ibaruwa imwemerera kujya mu ishuri ricumbikira abanyeshuri yagiriwe inama na ba nde? Izo nama zari ziteye zite?**

Rebero, umurezi uhagarariye ishuri yigamo, yamwibukije ko ayo mahirwe abonye atagomba kuyatera inyoni ngo agire ibindi bimurangaza nk'uko benshi bajya babigenza. Yamwibukije kandi kuzabahagararira neza. Naho Nyirakamana ari we nyina umubyara, yamugiriye inama yo kuziga ashyizeho umwete, anamukangurira kuzitabira ishuri adakererewe.

4. **Ishuri Nyamwezi yatsindiye kujya kwigaho ryitwa ngo iki? Mu mwandiko barivuzeho iki?**
   Ryitwa Urwunge rw'Amashuri Indatwa n'Inkesha. Ryavuzweho kuba ari ishuri ry'ikitegererezo, rikaba rifite ibikoresho bihagije n'abarezi babishoboye. Umuntu uryizemo aba afite amahirwe menshi yo kugera kure mu buzima.
5. **Ni izihe ngaruka Nyamwezi yahuye na zo nyuma yo kwitwara nabi?**
   Gutwara inda atateganyije no kwandura SIDA.
6. **Gereranya imyitwarire ya Nyamwezi ku ishuri mu gihe yari akiga mu Kiciro Rusange no mu gihe yari ageze mu Kiciro cya Kabiri cy'Amashuri Yisumbuye**.
   Mu gihe yari mu Kiciro Rusange yitwaraga neza agakurikira amasomo ye. Nyamara aho agereye mu Kiciro cya Kabiri yatangiye kwitwara nabi, yishora mu ngeso y'ubusambanyi. Byamuviriyemo gutwara inda mu buryo budateganyijwe no kwandura SIDA, bikaba byaramuviriyemo no guta ishuri.
7. **Garagaza imyitwarire ya Nyirakamana ku bijyanye n'uruhare rwe mu myigire y'umukobwa we**.
   Yageragezaga kwita ku myigire y'umwana we, akamushakira ibikoresho akeneye nubwo bwose yari umupfakazi. Yagiye anamugira inama zikwiye umunyeshuri.
8. **Gereranya imyitwarire ya Nyiramwiza n'iya Nyamwezi mu buzima bwabo bw'ishuri**.
   Mu gihe Nyiramwiza yabaye umunyeshuri mwiza wita ku murimo we uko bikwiye kandi akitwara neza, Nyamwezi we yize neza igihe gito ubundi akwamira mu ngeso mbi zirimo n'ubwomanzi. Inama mugenzi we Nyiramwiza amugira ntazikozwe.

**b) Inyunguramagambo**

## Ibibazo n'ibisubizo byabyo:

1. **Shaka ibisobanuro by'amagambo cyangwa amatsinda y'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko**:
   a) **Ubwomanzi:** Imyitwarire mibi iganisha ku busambanyi.
   b) **Kuba nk'imbwa yuriye urugi:** Kunanuka birengeje urugero.
   c) **Kuririra mu myotsi:** Guhura n'akaga gakabije ariko akenshi ukaba wabigizemo uruhare.

d) **Agahomamunwa:** Ikintu gitangaje ndetse kibabaje ku buryo budasubirwaho.
e) **Bizakubyarira amazi nk'ibisusa:** Bizagukururira ibyago n'ingorane.

2. **Huza amagambo yo mu ruziga A n'ibisobanuro byatanzwe mu ruziga B**.

**A**

1. Iyo bigwa
2. Bitagifite igaruriro
3. Gukwama
4. Ipata n'urugi
5. Kumvirana

**B**

a) Guta umurongo.
b) Kuba abantu bafitanye ubumwe bukomeye bitavugwa.
c) Kumva ibyo batakubwiye.
d) Ahantu kure cyane.
e) Byararenze,

**Ibisubizo: 1= d, 2=e, 3=a, 4=b, 5=c**

## Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. **Koresha amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira mu nteruro ngufi kandi ziboneye:**

a) **Mu gihirahiro**
Iyo umunyeshuri ategereje amanota y'ibizamini bya Leta aba asa n'uri mu **gihirahiro**.

b) **Kubura byose nk'ingata imennye**
Jya wumvira inama nziza abantu bakugira **utazabura byose nk'ingata imennye**.

c) **Iya rubika**
Umuhinzi w'umunyamwete azinduka **iya rubika** kugira ngo izuba rikambe agwije umubyizi.

d) **Kurutanga**
Abantu badakurikiza inama bagirwa bakunda **kurutanga** mu bantu.

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko( isomo 1)

*Intego zihariye:*

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Kugaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.
- Guhuza insanganyamatsiko ikubiye mu mwandiko n'ubuzima busanzwe.
- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku kubungabunga umuco nyarwanda, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda, inkoranyamagambo n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Witwa "Iyo wemeye inama!"
2. **Muri rusange uvuga ku biki?**
   Uvuga ku mukobwa w'umunyeshuri witwa Nyamwezi waje kwiyandarika akabikuramo gutwara inda mu buryo budateganyijwe no kwandura virusi itera SIDA.
3. **Ibyo byago Nyamwezi yagize yabyakiriye ate?**
   Yavuze ko agiye kwemera akabyara umwana we amashuri akazayakomeza nyuma kandi yiyemeza gukurikiza inama abaganga bagira abafite ubwandu bwa SIDA. Muri make yariyakiriye.

## II. Gusoma

Umwarimu abwira abanyeshuri bakabanza kongera gusoma umwandiko "**Iyo wemeye inama!...**" Umunyeshuri umwumwe agenda asimburana na bagenzi be, basoma baranguruye ijwi ku buryo bufasha abafite ubumuga bwo kutumva neza, maze ibibazo byo gusesengura umwandiko bakanabyandika ku kibaho kugira ngo n'ufite ikibazo cyo kutumva abisome, hanyuma bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, agasaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Babanza kungurana ibitekerezo ku bisubizo bari butange, umwarimu na we akazenguruka mu matsinda areba niba bose bitabira gutanga ibitekerezo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi n'umwanditsi hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.***

1. **Erekana ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko**.

   Ingingo z'ingenzi:
   - Ibizamini bya Leta n' amabaruwa ahabwa abanyeshuri.
   - Impanuro z'abarezi n'ababyeyi ku bo bashinzwe kurera.
   - Uburyo abanyeshuri b'abakobwa bashukishwa impano zirimo terefone, ibinyobwa, amafaranga n'ibindi.
   - Ingaruka mbi zo kudakurikiza inama nziza umuntu agirwa.

   Ingingo z'ingereka:
   - Kunanuka no kondora uwananutse.
   - Kuririmba kw'inyoni.
   - Imyemerere ishingiye ku bicuro.
   - Kwipimisha k'umugore utwite
   - kuvugisha ukuri
   - Kwemera ingaruka z'ibyo wakoze
2. **Huza insanganyamatsiko y'uyu mwandiko n'ubuzima busanzwe ubamo**.

   Aho bihuriye ni uko uyu mwandiko uvuga ku munyeshuri wateshutse ku nshingano ye yo kwiga akajya mu ngeso mbi kandi ntakurikize inama nziza agirwa n'umubyeyi we, abarezi ndetse na bagenzi be. Byamuviriyemo gutwara inda atateganyije no kwandura virusi itera SIDA. Mu buzima busanzwe tubamo usanga hari abantu bajya bateshuka ku nshingano zabo, banagirwa inama zo kugaruka mu murongo ntibazikurikize. Ingaruka rero ni uko bibakwamana bakisama basandaye.
3. **Erekana ukoresheje amagambo yawe inyigisho ukuye muri uyu mwandiko**.

   Mu mwandiko harimo inyigisho ikomeye yo kudateshuka ku nshingano yo gukurikira amasomo, gukurikiza inama nziza duhabwa n'ababyeyi, abarezi, abayobozi na bagenzi bacu. Harimo kandi inyigisho yo kutishora mu ngeso mbi z'ubwomanzi.

**Icyitonderwa:** Mbere yo gusoza iri somo umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabaha umukoro wo gufata mu mutwe iyi kinamico, bakitoza kuyikina hanyuma bakazayikinira mu ishuri. Abasaba kandi kuzashaka imfashanyigisho bazifashisha bakina.

**Umwitozo w'ubumenyi ngiro**

**Intera ya gatatu: Gukina ikinamico**

***Intego zihariye:***

Abanyeshuri bahereye ku ikinamico bahawe, baraba bashobora:
- Gukinira mu ruhame yigana abanyarubuga bo mu ikinamico yasomye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku kubungabunga umuco nyarwanda, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda n'inkoranyamagambo.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byibutsa ikinamico bize n'insanganyamatsiko ikubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo bababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Ikinamico twize yitwa ngo iki?**
   Yitwa "Iyo wemeye inama!..."
2. **Ijambo ikinamico mwumva rivuze iki?**
   Ni ugukina umuco.
3. **Ibikubiye mu mwandiko byarabaye koko?**
   Oya ni umukino ugaragaza ibishobora kubaho.
4. **Mwumvise iriya kinamico yigisha iki?**
   Yigisha abanyeshuri kutiyandarika no kutishora mu busambanyi.

## II. Gufata mu mutwe no gukina ikinamico

Umwarimu asaba abanyeshuri bari mu matsinda anyuranye , bagahitamo abakinnyi bakurikije uko abanyarubuga bitwaye mu ikinamico maze buri mukinnyi agahabwa ibyo agomba gukina, akabagenera igihe cyo kuzaba barangije kubifata mu mutwe no kubyitoza. Nyuma y'igihe cyagenwe, itsinda rimwe rimwe rikina mu ruhame imbere y'abandi, na bo bagakurikira bitonze. Nyuma yo gukina hatangwa inama ku byanozwa kugira ngo abakina barusheho gushimisha abo bakinira.

**Ikibazo uko giteye:**

Muhitemo abakinnyi, mufate mu mutwe iyi kinamico mumaze gusoma, maze muzayikinire abandi, mwigana imiterere y'abakinnyi mwahisemo.

## Ubuvanganzo

## Intera ya mbere: Ikinamico

*Intego zihariye:*

Umunyeshuri yifashishije umwandiko uherutse kwigwa, araba ashobora:
- Gusobanura inshoza y'ikinamico.
- Gutahura uturango tw'ikinamico.
- Gukina yigana abanyarubuga nk'uko bivugwa mu ikinamico.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku kubungabunga umuco nyarwanda, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda n'inkoranyamagambo.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu yifashishije ibibazo ku ikinamico yizwe, abaza abanyeshuri ibibazo bishobora gutuma na bo ubwabo batahura inshoza y'ikinamico, bakanavumbura uturango tw'ikinamico.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. Umwandiko "Iyo wemeye inama!..." urabona uteye ute?
2. Abanyarubuga mu mwandiko "Iyo wemeye inama!..." basangira bate ibiganiro?
3. Ibyo abanyarubuga bakina hari aho bihuriye n'imibereho y'abantu babaho cyangwa umuco wabo?

Ibisubizo bitangwa biratandukanye bitewe n'uko abanyeshuri babyumva.

Nyuma y'igihe yabageneye umwarimu ahuriza hamwe ibisubizo byatanzwe, agafasha abanyeshuri gutahura no kugaragaza neza inshoza y'ikinamico ndetse n'uturango twayo.

### Inshoza y'ikinamico

Ikinamico ni ubugeni bwo gukinira imbere y'imbaga y'abarebyi ibikorwa byigana imibereho, imico n'imyitwarire y'abantu aba n'aba, igamije gutanga inyigisho iyi n'iyi mu buzima. Ikinamico iba ikoze ku buryo bw'ibiganiro aho abayikina baba bagerageza kwigana imyitwarire y'abantu runaka. Hari aho usanga umwe mu bakinnyi agera aho akivugisha wenyine imbere y'abamureba. Ariko hari n'ikinamico ishobora gukinwa n'umuntu umwe, rimwe na rimwe akihinduranyamo abanyarubuga benshi. Ibyo bituma uyikurikiye abona ibikinwa ari nk'ukuri.

Turebye uburyo amakinamico agera ku bo yagenewe, dusanga habaho ikinamico zikinirwa ku rubuga imbere y'imbaga ndetse n'izindi zinyuzwa kuri radiyo cyangwa se zikerekanirwa kuri tereviziyo. Naho bitewe n'ibikorwa bikinwa, ikinamico

ishobora kuba isekeje, ibabaje cyangwa ari imberabyombi. Mu ikinamico habamo insanganyamatsiko zitandukanye zihura n'ubuzima bw'abantu bwa buri munsi. Twavuga nk'urukundo, ingorane abantu barugiramo, urwango, ubuhemu, , ku bucuruzi, ku myemerere n'ibindi.

Iyo usesenguye neza usanga ikinamico ubwayo ari umukino, bityo ibiyigize bikaba ari byo ngeri y'ubuvanganzo. Gusa hari ibintu bimwe na bimwe byo mu buvanganzo nyarwanda gakondo usanga bijya gusa na yo. Nk'imisango y'ubukwe, inzira z'ubwiru, imihango yo kubandwa no guterekera, kuragura no kuraguza, kwita izina n'ibindi.

## Uturango tw'ikinamico

Bimwe mu biranga ikinamico harimo:

a) **Umutwe w'ikinamico:** Ni nk'ipfundo riba riri bupfundurwe uko abakinnyi, bagenda bakina.
b) **Umwinjizo:** Ni inshamake nto cyane itera amatsiko umusomyi cyangwa umuntu ugiye gukurikira ikinamico.
c) **Abanyarubuga:** Ni abakinnyi b'ikinamico, habamo abanyarubuga bakuru n'abanyarubuga bungirije.
d) **Inyobozi:** Ni nk'ibisobanuro bigaragaza kandi bigasobanura aho umukino ukinirwa n'uko hateye ndetse bikayobora abakinnyi uko bari bukine ( imyifatire) agakino runaka.
e) **Imvugano:** Ni amagambo y'ikiganiro abakinnyi baba bari bugirane.
f) **Inyishyu:** Ni igisubizo umukinnyi atanga mu kiganiro agirana n'abandi bakinnyi.
g) **Umwivugisho:** Ni amagambo umukinnyi yivugisha igihe ari ku rubuga wenyine nta wundi munyarubuga bari kumwe.
h) **Agakino:** Ni itsinda ry'ibikinirwa hamwe n'abantu bamwe.
i) **Akabugankuru:** Ni aho agakino kabera.

## Guhitamo abakinnyi b'ikinamico

Umuhanzi w'ikinamico agomba guteganya imiterere y'abakinnyi yageneye ikinamico ye. Ibi ni byo utoza abazayikina agomba kwitwararika kugira ngo atabusanya n'intego y'umuhanzi. Inyinshi mu ikinamico nyarwanda usanga zigaragaza abakinnyi bafite amazina ahuye n'ibyo bakina. Urugero: Mbarimombazi, Bihemu, Rusisibiranya, Nyirampyisi, Kinigamazi n'andi. Nyamara abahanga mu by'ikinamico bakemeza ko atari byiza guhuza izina ry'umukinnyi n'ibyo akina kuko bimara amatsiko abazayireba cyangwa abazayisoma. Ahubwo imiterere y'umukinnyi yagombye kwivumburirwa n'abo akinira bitewe n'imyifatire ye ku rubuga.

## Uko ikinamico ikinwa

Ikinamico iba igabanyijemo ibice. Iyo ari ikinamico yo ku kabuga aho ikinirwa (urukiniro) hagenda hahinduka uko buri gice kirangiye. Buri gice na cyo kiba kigabanyijemo uduce (imiseruko) tugenda duhinduka buri gihe uko hinjiye umukinnyi

mushya cyangwa se hagize usohoka mu rukiniro. Abakinnyi b'ikinamico ku rukiniro baba bagomba gusa neza nk'uko abanyarubuga bagaragajwe mu myifatire yabo. Ni yo mpamvu mu guhitamo abakinnyi hagomba kurebwa umuntu uri bwigane neza umunyarubuga runaka. Mu gukina ikinamico kandi inyobozi ni ngombwa cyane zigomba gukurikizwa.

**Imyitozo ku ikinamico**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda agereranyije bitewe n'umubare w'abanyeshuri afite, hanyuma akabasaba gukora neza umwitozo ku ikinamico uri mu bitabo byabo.

**Uko umwitozo uteye:**

Umaze gufatanya na bagenzi bawe muri mu itsinda rimwe gusubiza ibibazo bibiri bibanza, mukore ikibazo cya nyuma muhanga ikinamico izakinirwa mu ishuri ryanyu.

1. **Vuga uburyo bunyuranye ikinamico ishobora kugera ku bo yagenewe**.
   Hari ikinamico igera ku bo yagenewe ikiniwe ku rubuga imbere y'abarebyi, hakaba n'ikinamico igera ku bo yagenewe inyujijwe kuri radiyo cyangwa kuri tereviziyo ikinwe nka sinema.
2. **Sobanura impamvu atari byiza ko umuhanzi aha abakinnyi bo mu ikinamico ye amazina ahuye n'ibyo bakina**.
   Impamvu ni uko guhuza amazina n'ibyo bakina bituma amatsiko y'abagenewe ikinamico agabanuka, bityo ntibagire amashyushyu yo kuyikurikira.
3. **Mukore amatsinda maze muhange ikinamico ku nsanganyamatsiko mwihitiyemo. Buri mukinnyi arigana ibikorwa bijyanye na we akurikije uko mwabigennye mu ikinamico yanyu maze muyikinire imbere ya bagenzi banyu**.

Buri tsinda rirahitamo insanganyamatsiko n'abakinnyi bakina bigana insanganyamatsiko bahisemo. Umwarimu agenda agenzura imitegurire ya buri tsinda, akabagira inama zibafasha kunoza umukino ujyanye n'insanganyamatsiko bahisemo.
Ingero z'insanganyamatsiko zahimbwaho ikinamico:

- Urukundo mu rubyiruko , ubuhemu bugaragara mu buzima bw'abantu, ibyiza by'ishuri, kurwanya akarengane, kubungabunga ibidukikije, kwita ku muco nyarwanda n'izindi umwarimu yabona zafasha abanyeshuri...

### Ikibonezamvugo

### Intera ya mbere: Ikinyazina nyamubaro

*Intego zihariye:*

Umunyeshuri ahereye ku nteruro yahawe araba ashobora:
- Gusobanura inshoza y'ikinyazina nyamubaro.
- Gutahura imiterere y'ikinyazina nyamubaro.
- Gutahura ibinyazina nyamubaro mu nteruro, kubisesengura no kugaragaza amategeko y'igenamajwi.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku kubungabunga umuco nyarwanda, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda n'inkoranyamagambo.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu yifashishije interuro zirimo ibinyazina nyamubaro ziri mu gitabo cy'umunyeshuri, asaba abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri bakitegereza amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri, bagatahura imiterere n'imimaro yayo mu nteruro.

Soma izi nteruro zikurikira, nurangiza witegereze neza amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri uvuge icyo agaragaza n'imiterere yayo mu nteruro.

***Urugero rw'interuro zatangwa:***

a) Imikino na yo inyuzwa mu mvugo maze abantu **babiri** cyangwa **batatu** ugasanga bararushanwa kuvuga neza cyangwa gufindura imvugo izimije.
b) Bikubirwa mu ijambo **rimwe** ry'ubuvanganzo.
c) Si uyu mumaro **umwe** musa wo gususurutsa no guhimbaza ibirori ahubwo ibihangano bigira imimaro **itandatu** cyangwa irenzeho.
d) Imigenzo n'imiziririzo ni ibintu **bibiri** bidasigana.

Amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri (**babiri**, **batatu**, **rimwe**, **umwe**, **itandatu**, **bibiri**),  yerekana umubare w'ibintu.
Nyuma yo gusubiza ibi bibazo , umwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza inshoza n'uturango tw'ikinyazina nyamubaro, akabafasha kunoza neza ibitekerezo bagezeho ubwabo.

### Inshoza n'uturango tw'ikinyazina nyamubaro

Ikinyazina nyamubaro ni ikinyazina giherekeza izina kikaba kibumbatiye inyito y'umubare w'ibyo iryo zina rivuga. Ikinyazina nyamubaro kigabanyijemo amatsinda arindwi, kuva ku mubare rimwe kugera kuri karindwi. Imibare y'inyuma ya karindwi

ni amazina nyamubaro. Ibinyazina nyamubaro bishobora no gusimbura izina ry'ibyo bisobanura. Ikinyazina nyamubaro gishobora kwisubiramo ndetse icyo gihe kikandikwa gifatanye.

Ibicumbi by'ikinyazina nyamubaro ni ibi bikurikira: **- mwe**, **- biri**, **- tatu**, **- ne**, **- tanu**, **-tandatu** na **– rindwi**. Ibi bicumbi ni byo byonyine bishobora kwisanisha bigafata indangakinyazina. Igicumbi - mwe kiba KZN nyamubaro mu nteko z'ubumwe gusa ibindi bicumbi bisigaye bikisanisha mu nteko z'ubwinshi gusa.

***Intego y'ikinyazina nyamubaro***

Intego y'ikinyazina nyamubaro muri rusange igizwe n'uturemajambo tubiri ari two indangakinyazina (Rkz) n'igicumbi (C). Ibinyazina nyamubaro bigira ibicumbi kuva kuri "**rimwe**" kugera kuri "**rindwi**", andi ni amazina. ***Ingero:*** ***Rkz – C***

- Umuntu **umwe**: u - mwe
- Abantu **babiri**: ba - biri
- Abantu **batatu**: ba - tatu
- Abantu **bane**: ba - ne
- Abantu **batanu**: ba - tanu
- Abantu **batandatu**: ba - tandatu
- Abantu **barindwi**: ba - rindwi
- Abantu umunani, ikenda:
  **Umunani** ni izina : u – mu- nani nt.3
  **Ikenda** ni izina: i – ki – enda i→ø/-J nt.7

## Ikitonderwa:

a) Ni ngombwa kumenya gutandukanya ikinyazina nyamubaro n'umugereka ugaragaza inshuro cyangwa ingano. Ikinyazina kisanisha ku izina naho umugereka wo ntiwisanisha ahubwo uba ufitanye isano n'inshinga.

***Ingero:***

- Twize imibare **itatu** uyu munsi (Ikinyazina nyamubaro)
- Twize kumubare **kane** uyu munsi. (Umugereka w'ingano cyangwa inshuro)

b) Mu nteko ya cumi (nt.10) ibicumbi by'ibinyazina nyamubaro bigira impindurantego (indi shusho) bigahinduka kuva kuri "biri" kugera kuri "tandatu", bikaba **– byiri**, **-shatu**, **-nye**, **-shanu**, **-sheshatu** ndetse n'indangakinyazina yabyo ikaba "**e**" aho kuba "**zi**."

***Ingero:*** ***Rkz - C***

- inka **ebyiri**: e - byiri
- inka **eshatu**: e - shatu
- inka **enye**: e - nye

- inka **eshanu**: e - shanu
- inka **esheshatu**: e - sheshatu

c) Ikinyazina nyamubaro gishobora gufata indomo.

***Urugero:***

- **Ababiri** bishe umwe : a – ba – biri

d) Ikinyazina nyamubaro gishobora kwisubiramo, kikandikwa gifatanye

***Urugero:***

- Umunyeshuri **umwumwe**: u – mwe – u – mwe e→ø/-J
- Abanyeshuri **babiribabiri**: ba – biri – ba – biri
- Mukore imirongo ya **banebane**: ba – ne – ba – ne nt.2

Imbonerahamwe y'ikinyazina nyamubaro n'intego yacyo

| | Intego ku binyazina bifite ibicumbi bikurikira: -mwe, -biri, -tatu, -ne,-tanu,-tandatu,-rindwi | | | | | | | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| **Inte-ko** | -mwe | -biri | -tatu | -ne | -tanu | -tandatu | -rindwi | |
| 1. | u-mwe | - | - | - | - | - | - | Nta tegeko. |
| 2. | - | ba-biri | ba-tatu | ba-ne | ba-tanu | ba-tandatu | ba-rindwi | Nta tegeko. |
| 3. | u-mwe | - | - | - | - | - | - | Nta tegeko. |
| 4. | - | i-biri | i-tatu | i-ne | i-tanu | i-tandatu | i-rindwi | Nta tegeko. |
| 5. | ri-mwe | - | - | - | - | - | - | Nta tegeko. |
| 6. | - | a-biri | a-tatu | a-ne | a-tanu | a-tandatu | a-rindwi | Nta tegeko. |
| 7. | ki-mwe | - | - | - | - | - | - | Nta tegeko. |
| 8. | - | bi-biri | bi-tatu | bi-ne | bi-tanu | bi-tandatu | bi-rindwi | Nta tegeko. |
| 9. | i-mwe | - | - | - | - | - | - | Nta tegeko. |
| 10. | - | e-byiri | e-shatu | e-nye | e-shanu | e-sheshatu | zi-rindwi | Nta tegeko. |
| 11. | ru-mwe | - | - | - | - | - | - | Nta tegeko. |
| 12. | ka-mwe | - | - | - | - | - | - | Nta tegeko. |
| 13. | - | tu-biri | tu-tatu | tu-ne | tu-tanu | tu-tandatu | tu-rindwi | t→d/-GR |
| 14. | Bu mwe | bu-biri | bu-tatu | bu-ne | bu-tanu | bu-tandatu | bu-rindwi | Ntategeko. |
| 15. | ku-mwe | ku-biri | ku-tatu | ka-ne | ku-tanu | ka-tandatu | ka-rindwi | Nta tegeko. |
| 16. | ha-mwe | ha-biri | ha-tatu | ha-ne | ha-tanu | ha-tandatu | ha-rindwi | Nta tegeko. |

**Ikitonderwa:** Mu nt 15, ibicumbi by'ubwinshi bishobora kwisanisha ku ijambo "ukuntu"

## Imyitozo ku kinyazina nyamubaro

Umwarimu atanga umwitozo ku kinyazina nyamubaro, agasaba buri munyeshuri gukora umwitozo ku giti ke maze akaza kubakosora, anareba niba isomo riri

kumvikana bityo aho abona hari ikibazo hagashakirwa igisubizo.

1. **Garagaza ibinyazina nyamubaro biri mu nteruro zikurikira unagaragaze intego n'amategeko y'igenamajwi**.

   a) Uriya mwana umwe ateke, babiri bo bage kuvoma amazi.

   **Umwe** ni ikinyazina nyamubaro u – mwe Nta tegeko.

   **Babiri** ni ikinyazina nyamubaro ba – biri Nta tegeko.

   b) Imbwa ebyiri ntizinanirwa igufwa.

   **Ebyiri** ni ikinyazina nyamubaro e - byiri Nta tegeko.

   c) Umunyeshuri uzaba uwa mbere azahembwa ibitabo bine.

   **Bine** ni ikinyazina nyamubaro bi – ne Nta tegeko.

   d) Hagende haza umwumwe.

   **Umwumwe** ni ikinyazina nyamubaro kisubiyemo u – mwe – u – mwe e→ø/-J

   e) Bamwe bagende, ariko batatu basigare ndabakeneye.

   **Batatu** ni ikinyazina nyamubaro ba - tatu Nta tegeko.

2. **Uzuza imbonerahamwe ikurikira ku kinyanzina nyamubaro ukurikije ibisabwa nurangiza ubikoreshe neza mu nteruro ziboneye**.

| **Inteko** | **Ikinyazina nyamubaro** | **Intego** | **Amategeko y'igenamajwi** |
|---|---|---|---|
| 4. | ibiri | i-biri | **Nta tegeko** |
| 6. | **ane** | a-ne | Nta tegeko. |
| 9. | imwe | **i - mwe** | **Nta tegeko** |
| **10.** | eshanu | **e - shanu** | **Nta tegeko** |
| 13. | **dutandatu** | tu-tandatu | **t→d/-GR** |

3. **Koresha neza ibinyazina nyamubaro bifite ibicumbi bitandukanye, mu nteruro eshanu wihimbiye**.

   Abanyeshuri baratanga interuro zitandukanye, umwarimu akosore areba niba ibinyazina nyamubaro byakoreshejwe neza mu nteruro bihimbiye.

**Ihangamwandiko**

**Intera ya mbere: Umwandiko ntekerezo(isomo 1)**

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri yifashishije umwandiko ntekerezo, araba ashobora:
- Kugaragaza imiterere y'umwandiko ntekerezo.
- Guhanga umwandiko ntekerezo.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku kubungabunga umuco nyarwanda, umwandiko ntekerezo, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo, igitabo cy'ubuvanganzo nyarwanda n'inkoranyamagambo.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu yifashishije umwandiko ntekerezo (ashobora kwifashisha umwe mu myandiko ntekerezo yizwe), abaza ibibazo bifitanye isano n'umwandiko ku buryo abanyeshuri bavumbura ibijyanye n'isomo ry'ubumenyi bw'ururimi bagiye kwiga.

***Urugero rw'ibibazo yababaza (aramutse yifashishije umwandiko wizwe):***

1. **Mwitegereje umwandiko "Imigenzo, imiziririzo no kubungabunga umuco nyarwanda", murabona imisusire yawo iteye ite?**
   Uyu mwandiko ufite umutwe ukagira n'ibika byinshi.
2. **Gira icyo uvuga ku ruhererekane rw'ibitekerezo biwugize**.
   Mu gika cya mbere hagaragaramo muri make ibigiye kuvugwaho ariko mu buryo bwo gutera amatsiko. Ibika bikurikiyeho bigenda bisobanura ingingo z'ingenzi z'umwandiko mu buryo burambuye, igitekerezo kimwe gihereza ikindi mu gika gikurikiyeho, bityobityo. Igika cya nyuma cyo kigaragaramo inshamake ku byavuzwe ndetse n'ingamba zijyanye na byo.
3. **Urabona amagambo agiye ahuza ibika ameze ate?**
   Amagambo ahuza ibika ni amagambo ateye ku buryo afasha mu kunga ibitekerezo ku buryo wumva bifite uruhererekane rurimo inyurabwenge. Ibi bituma ibitekerezo by'umwandiko ntekerezo bigenda byuzuzanya mu buryo busa n'ubw'umwubatsi ugereka itafari ku rindi ariko hagati akagenda ashyiramo icyondo cyangwa isima kugira ngo amatafari afatane neza bitume inyubako ikomera.

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, bagatahura inshoza n'imiterere y'umwandiko ntekerezo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi uza kumurika ibyo itsinda ahagarariye ryagezeho. Umwarimu akurikirana uko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo mu matsinda, hanyuma igihe cyo kumurika ibyo amatsinda yagezeho akabafasha kunoza no kunonosora ibitekerezo bitangwa.

## Inshoza y'ihangamwandiko ntekerezo

Ihangamwandiko ntekerezo ni igikorwa cyo guhimba umwandiko urambura ingingo (ibitekerezo) zawe witekerereje ariko zigendanye n'insanganyamatsiko yatanzwe. Insanganyamatsiko ishobora kuba interuro ivuga ku buzima busanzwe cyangwa ijyanye n'umwandiko wasomwe, umugani mugufi, imwe mu mvugo z'Ikinyarwanda n'ibindi.

## Imiterere y'umwandiko ntekerezo

Umwandiko ntekerezo ugaragaza ibice bine by'ingenzi ari byo: umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo. Muri rusange, uretse umutwe ugirwa n'umurongo umwe wakabya ntirenge ibiri, intangiriro n'umusozo biba bigizwe n'igika kimwekimwe naho igihimba kikaba cyagira ibika birenze kimwe bitewe n'ingingo ziri butangwe zishyigikira ibitekerezo by'uwandika.

## Guhanga umwandiko ntekerezo

Hari ibigomba kubahirizwa kugira ngo umuntu akore ihangamwandiko neza:

- Gukusanya ibitekerezo byose bishoboka bijyanye n'insanganyamatsiko.
- Gutegura uko ibitekerezo bigenda bikurikirana.
- Kuvangura ibitekerezo by'ingenzi n'iby'inyongera.
- Kubitondeka neza ku rupapuro ku buryo bigenda byuzuzanya. Ibitekerezo bishobora gutondekwa hakurikijwe uburemere bwabyo.
- Gutunganya ibitekerezo neza no kubyandika ku rupapuro.
- Umwandiko ugomba kwandikwa nta makosa y'imyandikire kandi ukarangwa n'isuku.

## Uko ibice by'ihangamwandiko bikorwa

**Umutwe:**

Umutwe ugirwa n'itsinda ry'amagambo make agizwe n'umurongo umwe cyangwa ibiri. Uba ukubiyemo insanganyamatsiko. Umutwe wandikwa mu buryo bugaragara (akenshi mu nyuguti nkuru) kandi ugacibwaho umurongo. Ushobora kwandikwa uko wakabaye igihe ari nk'umugani w'umugenurano, cyangwa imvugo runaka izwi. Ushobora kandi guhimbwa mu magambo make igihe insanganyamatsiko yatanzwe igizwe n'ibisobanuro byinshi.

**Intangiriro:**

Mu ntangiriro uwandika avuga muri make ibyo agiye kwandikaho asa n'ukomoza cyangwa usobanura umutwe kandi akabikora mu buryo bwo gutera amatsiko. Ni na yo mpamvu uwandika ashobora kugaragaza ibibazo bike, bitera amatsiko umusomyi, ndetse ibyo bibazo bikaba biri butangirwe ibisubizo mu gihimba. Mu ntangiriro uwandika atangira avuga ku nsanganyamatsiko mu buryo busanzwe ashingiye ku byo asanzwe azi, abona, yumva...

**Igihimba:**

Igihimba gishobora kugira ibika byinshi bitewe n'uburebure bw'umwandiko cyangwa ingingo ziri butangwe zishimangira ibitekerezo by'umwanditsi. Mu gihimba bagaragaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka mu buryo burambuye kandi busobanutse hakanatangwa n'ingero zifatika aho bishoboka. Buri gika kiba gikubiyemo ingingo runaka.

Uhanga umwandiko agomba kwita ku magambo ahuza ibika ku buryo umusomyi yumva bifite uruhererekane rurimo inyurabwenge. Ibi bituma ibitekerezo by'umwandiko ntekerezo bigenda byuzuzanya mu buryo bwumvikana kandi buboneye. Dore ingero z'amagambo yakoreshwa mu kunga ibika: Mbere na mbere..., ku ruhande rumwe...., ku rundi ruhande...., ikindi kandi..., byongeye kandi..., burya rero..., usibye n'ibi..., si ibyo gusa..... ahubwo..., nyamara ariko.... ntitwabura kuvuga ko...., ntitwakwirengagiza ko..., ntawarondora... ngo abirangize..., ariko kandi nanone...

Aya magambo yose ashobora gutangira ibika cyangwa agakoreshwa mu gika hagati. Byose biterwa n'uko uwandika ashaka kugaragaza ibitekerezo n'ingingo zunganirana mu gushyigikira insanganyamatsiko cyangwa zikaba zavuguruzanya igihe umwanditsi yafashe impu zombi.

**Umusozo:**

Umusozo ni igice gisoza umwandiko kivuga muri make ibyavuzwe mu ntangiriro no mu gihimba ndetse n'ingamba zijyanye na byo. Umusozo uba ugizwe n'igika kimwe. Uwandika agaragazamo umwanzuro ku nsanganyamatsiko n'uruhande abogamiyeho. Umusozo utangizwa n'amagambo yerekana ko uwandika agana ku mwanzuro.

Dore ingero zakoreshwa: Tugana ku musozo twavuga ko...., birumvikana rero ko..., nkuko tumaze kubibona... ku bw'izo mpamvu zose zimaze kuvugwa...

**Ikitonderwa:** Uhanga umwandiko ntekerezo agomba no kwita ku misusire y'umwandiko. Agomba kubahiriza imbata y'umwandiko ntekerezo, uburebure bwawo, isuku n'imigaragarire, inozamvugo ndetse n'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

## Imyitozo ku ihimbamwandiko ntekerezo

Umwarimu atanga umwitozo ku ihangamwandiko ntekerezo , agasaba buri munyeshuri gukora umwitozo ku giti ke, akabakosora areba niba isomo riri kumvikana bityo aho abona hari ikibazo hagashakirwa igisubizo.

## Ibibazo ku ihimbamwandiko ntekerezo:

1. Umwandiko ntekerezo ugira ibice bingahe? Bivuge.
   Umwandiko ntekerezo ugira ibice bine by'ingenzi ari byo: umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo.
2. Hanga umwandiko ntekerezo ku nsanganyamatsiko wahawe uyiramburemo umwandiko ntekerezo muremure utari munsi y'imirongo makumyabiri (20)

n'amagambo atari munsi ya 160 wubahiriza amabwiriza y'ihangamwandiko.

**Insanganyamatsiko:**

Ni ngombwa ko urubyiruko ruhagurukira kubungabunga umuco nyarwanda kuko byagaragaye ko guta umuco ntaho bitaniye no guta ubumuntu.

**Ibitekerezo byatangwa:**

- Igihugu kitagira umuco kiracika.
- Umuntu utaye umuco na we aba ataye ubumuntu.
- Umuco niwo uba ukubiyemo imitekerereze, imyifatire, imigenzo…bigatandukanya abantu aba n'aba kuko baba batabihuje.
- Kubungabunga umuco nyarwanda ni ingirakamaro kuko byatuma umuco wacu utaducika.
- Umuco nyarwanda ugomba gusigasirwa ibyiza biwurimo bikimakazwa, ibibi bigahabwa akato, kandi tugomba gushungura ibintu bishya byinjira mu muco wacu biturutse ahandi, ibibi tukabirwanya twivuye inyuma, ibyinjizwamo na byo hakarebwa niba nta cyo byakwangiza.

## Inshamake y'ibyizwe muri uyu mutwe wa gatatu

Muri uyu mutwe twasesenguye imyandiko ivuga ku nsanganyamatsiko yo kubungabunga umuco nyarwanda. Abanyarwanda bisanzuriraga mu buvanganzo bwo muri rubanda kandi bakanyuzamo ubutumwa butandukanye. Twakomoje ku migenzo n'imiziririzo, tunabona kandi zimwe mu ngamba zadufasha gukomeza gusigasira ibyiza by'umuco nyarwanda.

Twasesenguye insigamugani, tubona ko ari imvugo ziba zarakomotse ku bantu bazwi mu mateka. Ibi akaba ari byo bita insigamigani nyirizina. Naho imvugo zikomoka ku migani bacira ku nyamaswa, inyoni n'ibindi bitari abantu, ariko ari abantu barenguriraho, zo zikitwa insigamigani nyitiriro.

Twabonye ko Ikinamico ari ubugeni bwo gukinira imbere y'imbaga y'abarebyi ibikorwa byigana imibereho, imico n'imyitwarire y'abantu aba n'aba igamije gutanga inyigisho mu buzima. Ikinamico iba igabanyijemo ibice kandi iba ikoze

ku buryo bw'ibiganiro aho abayikina baba bagerageza kwigana imyitwarire y'abantu runaka. Amakinamico asekeje, ababaje cyangwa mberabyombi, ashobora kwerekanirwa ku rubuga mu ruhame, akanyuzwa kuri radiyo cyangwa se akerekanirwa kuri tereviziyo.

Mu kibonezamvugo twabonye ko ikinyazina nyamubaro ari ikinyazina giherekeza izina kerekana umubare kuva kuri rimwe kugera kuri karindwi, indi mibare ikaba ari amazina. Ikinyazina nyamubaro gishobora no gusimbura izina

ry'icyo gisobanura, ndetse kikaba cyakwisubiramo kikandikwa gifatanye. Intego y'ikinyazina nyamubaro muri rusange igizwe n'uturemajambo tubiri ari two indangakinyazina (Rkz) n'igicumbi (C). Mu nteko ya 10 kigira impindurantego ku ndangakinyazina, aho kuba "zi" bikaba "e" n'igicumbi kigahinduka kuva kuri kabiri kugera kuri gatandatu. Gishobora no gufata indomo.

Si ibyo gusa; twanabonye ihangamwandiko ntekerezo n'uko rikorwa. Ihangamwandiko ntekerezo ni igikorwa cyo guhimba umwandiko urambura ingingo zigendanye n'insanganyamatsiko yatanzwe. Imbata y'umwandiko ntekerezo igaragaza ibice bine ari byo: umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo.

### Ubumenyi bw'inyongera

**Imigani migufi ihuye n'insanganyamatsiko yo kubungabunga umuco nyarwanda.**

1. **Aho wambariye inkindi ntuhambarira ibicocero**:
   Aho wagiriye icyubahiro si byiza kwemera kuhasebera. Aho uhuriye n'insanganyamatsiko yo kubungabunga umuco nyarwanda ni uko muri kamere y'Abanyarwanda baharanira kubungabunga ibyiza bagezeho. Bityo akaba ari yo mpamvu aho bagiriye ubuzima bwiza batifuza kuhasebera.
2. **Uwambaye injamba ntagira ijambo:**
   Ubundi injamba ni imyambaro ishaje kandi ifite umwanda, mbese igaragara nabi cyane. Uyu mugani rero ushatse kuvuga ko iyo umuntu yambaye nabi bikabije usanga aho abandi bateraniye nta gaciro ahabwa, bityo ntapfe guhabwa umwanya wo gutanga ibitekerezo, yewe yanawuhabwa ibyo avuze bigahabwa agaciro gake cyane.

   Aho uhuriye n'insanganyamatsiko yo kubungabunga umuco nyarwanda ni uko Abanyarwanda muri kamere yabo baharanira kwihesha agaciro, ugasanga bakora uko bashoboye ngo biteze imbere babone uko bubahwa n'ibyo bavuze cyangwa bakoze bihabwe agaciro kubera urwego bariho.
3. **Uticaranye na se ntamenya icyo sekuru yasize avuze/ Uwanze kumvira se na nyina yumvira ijeri/ Nyamwanga kumva ntiyanze no kubona/ Intamenya irira ku muziro/ Inyamaswa idakenga yishwe n'umututizi**.
   Iyi migani ishatse gusobanura ko umuntu akwiye kugira umuco wo gutega amatwi ababyeyi cyangwa abandi bamuruta mu gihe bamugira inama nziza bikazamugirira akamaro mu buzima bwe.

   Aho ihuriye n'insanganyamatsiko yo kubungabunga umuco nyarwanda ni uko kuva kera Abanyarwanda bari bafite uwo muco wo kwigira ku babakuriye.
4. **Ifuni ibagara ubucuti ni akarenge**:
   Uyu mugani ushatse gusobanura ko iyo abantu bashaka kunoza umubano wabo bagomba kugendererana kenshi.

Aho uhuriye n'insanganyamatsiko yo kubungabunga umuco nyarwanda ni uko mu muco w'Abanyarwanda habamo ubufatanye kandi bukagenda bukomezwa n'uko bagenda basurana.

5. **Kora ndebe iruta vuga numve**:
   Uyu mugani ushatse gusobanura ko umuntu agomba guhabwa agaciro kubera ibikorwa yakoze aho kumva amagambo gusa adashyirwa mu bikorwa.
   Aho uhuriye n'insanganyamatsiko yo kubungabunga umuco nyarwanda ni uko usanga muri kamere yabo Abanyarwanda batajya bishimira umuntu uhora yirata ibyiza azakora cyangwa asaba abandi kubikora, nyamara atajya abishyira mu bikorwa ngo abandi bamurebereho.

**Isuzuma rusange risoza umutwe wa gatatu**

(Mu gitabo cy'umunyeshuri)

Nyuma yo kurangiza umutwe wa gatatu, umwarimu aratanga isuzuma riteganyijwe buri munyeshuri arikora ku giti ke. Nyuma y'ikosora umwarimu asuzuma urwego abanyeshuri bagezeho kugira ngo niba hari ibigomba gusubirwamo bisubirwemo ndetse akareba abafite ibibazo byihariye kugira ngo abafashe mbere yo gutangira undi mutwe. Nyuma y'isuzuma umwarimu atanga imyitozo ku banyeshuri bafite intege nke mu myigire yabo.

## Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma

### I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. **Erekana akamaro k'ubuhanzi ku Banyarwanda ugendeye ku mwandiko**.
   Ku Banyarwanda ubuhanzi bwari inzira yo kuruhuka no kwidagadura, cyanecyane igihe bakitse imirimo. Ubuhanzi bubamo no gutyaza ubwenge ndetse no kwigishanya.
2. **Garagaza ibyiciro by'ubuhanzi bw'Abanyarwanda nk'uko byavuzwe mu mwandiko utange n'ingero ebyiri kuri buri kiciro muri byo**.
   Ibyo byiciro ni bibiri: Hari ibijyanye n'ubuvanganzo ku ruhande rumwe. ***Urugero:*** Ibisigo nyabami n'amazina y'inka.
   Hakaba n'ibijyanye n'ubugeni n'ubukorikori ku rundi ruhande. Urugero: Imitako inyuranye yaba iboshye mu birere, ishinge, urukangaga, ubusuna, umuvumu n'ibindi; cyangwa ibikoresho bibaje mu biti by'amoko atandukanye, hakaba n'ibikoze mu bindi bintu binyuranye.
3. **Tanga urugero rw'imwe mu ngingo z'ubuvanganzo bw'Abanyarwanda zitagihangwaho muri iki gihe usobanure n'impamvu**.

Ubusizi nyabami: Impamvu butagihangwaho ni uko ingingo bwafatiragaho yari iyo gusingiza cyangwa kurata abami n'ingoma zabo, kuri ubu bikaba bitakiriho.

4. **Gereranya ubuhanzi bw'Abanyarwanda ba kera n'ubwo muri iki gihe**.
   Ubuhanzi bw'Abanyarwanda ba kera bufitanye isano n'ubw'ab'ubu kuko ubuhanzi bushya bwinshi usanga bushinze imizi mu nganzo ya kera. Icyakora abo muri iki gihe bagerageza kurushaho kubunoza bakagira n'ibishya bagenda bongeraho bijyanye n'aho isi igeze.
5. **Sobanura impamvu Abanyarwanda bakwiriye kwita ku buhanzi bwabo**.
   Bagomba kubusigasira kugira ngo butava aho buzima bukibagirana cyangwa se bukitwarirwa n'abanyamahanga akaba ari bo babubyaza umusaruro kandi atari bo baburuhiye.
6. **Erekena impamvu uruhare rw'ubuyobozi ari ngombwa mu kurengera uburenganzira bw'umuhanzi**.
   Uruhare rw'ubuyobozi ni ngombwa mu kurengera uburenganzira bw'umuhanzi kugira ngo barwanye abashaka kwiba ibihangano by'abandi.
7. **Vuga irindi somo mu yo mwiga rifitanye isano n'ibivugwa muri uyu mwandiko unasobanure impamvu**.
   Isomo ry'amateka. Impamvu ni uko uyu mwandiko uvuga ku buhanzi bw'Abanyarwanda, bityo ibikubiyemo bikaba bigaragara mu byagiye biranga amateka yabo.
8. **Sobanura uko wumva wagira uruhare mu guteza imbere ubuhanzi nyarwanda**.
   Nagira uruhare mu guteza imbere ubuhanzi nyarwanda ntanga umusanzu wange bwite mu gukora ibihangano nyarwanda, byaba ibifatiye ku bya kera cyangwa ibijyanye n'igihe tugezemo. Ariko muri byose nkibuka kubikora nita ku kubungabunga umuco wacu.

## II. Inyunguramagambo

1. **Tanga ibisobanuro by'amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko**.
   a) **Ibisigo nyabami:** Ingeri y'ubuvanganzo nyarwanda yari igizwe n'imivugo irata (isingiza)abami n'ingoma zabo.
   b) **Kubogama:** Kutavugisha ukuri mu gukemura impaka z'abantu ahubwo ugahengamira ku ruhande rumwe.
   c) **Ubwiru:** Yari imihango idahinduka yakorwaga ibwami mu ibanga kuri buri kintu runaka cyabaga giteganyijwe gukorwa ibwami.
   d) **Gutera ikirenge mu cy'undi:** Kumukurikiza, kumwigana.
   e) **Inganzo:** Ubuhimbyi buba mu mutwe w'umusizi butuma akomeza kubona amagambo meza, ahantu umusizi yiherera ari guhanga.
2. **Shaka impuzanyito z'aya amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko**:

a) Rusahuzi: **Umujura, igisambo.**
b) Harinjijwemo: **Harongewemo.**
c) Binyuranye: **Bitandukanye.**

3. **Shaka imbusane z'aya amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko**:
   a) Abanyarwanda ≠ **Abanyamahanga.**
   b) Araruhutse ≠ **Arananiwe.**
   c) Buhanitse ≠ **Buciriritse.**

4. **Huza amagambo yo mu ruhushya A n'ibisobanuro byayo byo mu ruhushya B**.

| **A** | **B** |
|---|---|
| 1. Abisi<br>2. Aho isi igeze<br>3. Gusigasira<br>4. Kugoka<br>5. Gukika imirimo | a) Kuyiruhuka cyangwa kuyirangiza.<br>b) Kubungabunga ikintu ngo kitangirika.<br>c) Abahanzi b'amazina y'inka.<br>d) Igihe tugezemo<br>e) Kuvunikira cyangwa kuruhira ikintu mu buryo bukomeye. |

Ibisubizo: 1→ c      2→d      3→b      4→e      5→a.

## III. Ikibonezamvugo

1. **Erekana ibinyazina nyamubaro biri mu nteruro zikurikira unagaragaze intego n'amategeko y'igenamajwi yabyo**.
   a) Mu ishuri ryacu hahembwe abanyeshuri batatu.
      **Batatu: ba – tatu**      Nta tegeko
   b) Ababurana ari babiri umwe aba yigiza nkana.
      **Babiri: ba – biri**      Nta tegeko
      **Umwe: u – mwe**      Nta tegeko
   c) Umurima umwe muzawuhinge naho indi ibiri muzayiraze.
      **Umwe: u – mwe**      Nta tegeko
      **Ibiri: i – biri**      Nta tegeko
   d) Hagende haza banebane.
      **banebane: ba – ne – ba – ne**      Nta tegeko
2. **Koresha ibinyazina nyamubaro bikurikira mu nteruro ziboneye**.
   a) Eshanu
   b) Barindwi
   c) Itandatu
   d) Hatatu

*(Abanyeshuri batanga interuro zitandukanye umwarimu akareba niba bakoresheje neza ibinyazina nyamubaro).*

*Ingero:*

- Nujya ku isoko uzangurire inkoko **eshanu**.
- Abanyeshuri **barindwi** ni bo bagize amanota arenze mirongo irindwi ku ijana.
- Hashize imyaka **itandatu** tumenyanye.
- Ku munsi mukuru twahahiye ahantu **hatatu** hatandukanye.

## IV. Ubuvanganzo

1. **Insigamugani ni iki**?
   Insigamugani ni imvugo iba yarakomotse ku muntu runaka uzwi wabayeho bitewe n'imibereho ye, ibyo yakoze, ibyo yavuze... iyo mvugo ikaba iciro ry'umugani. Insigamugani ishobora kuba nyirizina iyo yarakomotse ku muntu cyangwa ikaba nyitiriro iyo yarenguriwe ku nyamaswa, ku nyoni, ariko bashaka kuvuga ku bantu runaka baba bubashywe, bityo bakabatsinda.
2. **Tandukanya insigamugani n'umugani muremure**.
   Insigamugani ni imvugo cyangwa se imigani iba yarakomotse ku bantu bazwi mu mateka ( aho babaye, ibyababayeho byakomotseho iyo mvugo, aho byabereye n'igihe byabereye ). Umwandiko w'ikirari k'insigamugani utangira uvuga uwo iyo mvugo yakomotseho, igihe n'aho byabereye, ugasoza werekana uko iyo mvugo yabaye gikwira. Naho umugani muremure wo ntukoresha imvugo zakomotse ku bantu bazwi. Ikindi kandi umugani muremure urangwa no kubamo amakabyankuru, ibitangaza bidashobora kubaho, ugasanga inyamaswa n'ibintu bidafite ubuzima byitwara ndetse bikavuga nk'abantu. Umugani muremure ugira amagambo awutangira azwi ndetse n'andi awusoza. Urugero : "Kera habayeho..." ugasozwa na "Si nge wahera..."
3. **Tanga ingero nibura enye z'ubuvanganzo bwo muri rubanda, unazisobanure.**
   Abanyeshuri baratanga ingeri zitandukanye z'ubuvanganzo, umwarimu akosore areba neza niba ibyo abanyeshuri bagaragaje aribyo).
   Ingero: Umugani muremure, imigani migufi, ibitekerezo byo muri rubanda, ibisakuzo, amagorane, uturingushyo, imivugo...

## V. Ihangamwandiko

Hanga umwandiko ntekerezo ukurikije imbata yawo, wubahiriza uturango twawo kandi ugaragazemo ingingo zivuga ku mibereho n'umuco by'Abanyarwanda.

### Ibigomba kubahirizwa:

Umwandiko ugomba kuba ufite umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo. Ugomba kuba wubahirije ikeshamvugo kandi uvuga ku ngingo y'imibereho y'Abanyarwanda ndetse n'umuco wabo. (Muri izo ngingo umuntu yavugamo ubuvanganzo bwo muri rubanda, imigenzo n'imiziririzo, ubuhanzi bunyuranye, ingamba zo kubungabunga umuco nyarwanda n'ibindi).

**Imyitozo nzamurabushobozi: igenewe abafite intege nke mu myigire yabo:**

1. **Garagaza uturango tw'insigamugani**.
   Insigamugani ni imvugo igizwe n'amagambo make. Insigamugani igira uwo yakomotseho cyangwa icyo yitiriwe. Insigamugani nyirizina igira igihe kizwi (umwaka) n'ahantu yabereye hazwi mu mateka ndetse n'uwo yakomotseho akaba azwi neza n'impamvu yayo ikaba yagaragazwa. Insigamugani ni imvugo rubanda baba baramenyereye gukoresha mu mvugo iteye nk'umugani mugufi, bakunze kwita umugani w'umugenurano.

2. **Ikinamico ni iki**?
   Ikinamico ni ubugeni bwo gukinira imbere y'abarebyi igikorwa runaka bigana umuco w'abantu. Ikinamico iba igamije gutanga ubutumwa runaka, rimwe na rimwe bashaka gukosora ibikorwa bitari byiza bigaragara mu buzima bw'abantu.

3. **Ikinamico zirimo amoko angahe ukurikije uko zigezwa ku bo zigenewe**?
   Habaho ikinamico ikinirwa mu ruhame imbere y'abantu, hari kandi n'ikinamico inyuzwa kuri radiyo no kuri tereviziyo.

4. **Garagaza ibicumbi by'ibinyazina nyamubaro**.
   Ibicumbi by'ibinyazina nyamubaro ni – mwe, - biri, - tatu, - ne, - tanu, - tandatu, - rindwi.

5. **Ibinyazina nyamubaro bihindura intego mu nteko ya kangahe? Bigaragaze**.
   Ibinyazina nyamubaro bihindura intego mu nteko ya 10, indangakinyazina ikaba "e" aho kuba "zi" hanyuma n'ibicumbi bigahinduka – byiri, - shatu, - nye, - shanu, -sheshatu.

6. **Umwandiko ntekerezo ugira ibice bingahe? Bivuge**.
   Umwandiko ntekerezo ugira ibice bine: Umutwe, intangiriro, igihimba, umusozo.

## Imyitozo nsindagira bumenyi

1. **Iyo bavuze ubuvanganzo nyarwanda wumva iki?**
   Ubuvanganzo nyarwanda ni ibyahimbwe byose by'umwimerere, bigahimbwa n'Abanyarwanda bagaragaza umuco wabo. Ubuvanganzo nyarwanda bugaragarira mu buhanzi, mu bugeni ndetse no mu bukorikori butandukanye.
2. **Kuki tugomba kubungabunga umuco nyarwanda?**
   Tugomba kubungabunga umuco nyarwanda kugira ngo utaducika tugatakaza indangagaciro zacu nk'Abanyarwanda. Kuko igihugu kitagira umuco kiracika ndetse n'umuntu utagira umuco agatakaza ubumuntu.

3. **Ni ibiki bigomba kwitabwaho mu kubungabunga umuco nyarwanda?**
   Mu kubungabunga umuco wacu ibibi biwurimo bigomba kurekwa, ibyiza bigasigasirwa, kandi ibiva mu mico y'ahandi mbere yuko byinjizwa mu muco wacu hakabanza kurebwa ibyubaka naho ibyakwangiza umuco twari dusanganwe tukabirwanya.

4. **Tandukanya insigamugani, umugani muremure n'umugani w'umugenurano**.
   Insigamugani ni imvugo cyangwa se imigani iba yarakomotse ku bantu bazwi mu mateka (aho babaye, ibyababayeho byakomotseho iyo mvugo, aho byabereye n'igihe byabereye ). Umwandiko w'ikirari k'insigamugani utangira uvuga uwo iyo mvugo yakomotseho, igihe n'aho byabereye, ugasoza werekana uko iyo mvugo yabaye gikwira.
   Umugani muremure wo ntukoresha imvugo zakomotse ku bantu bazwi. Ikindi kandi umugani muremure urangwa no kubamo amakabyankuru (ibitangaza bidashobora kubaho, usanga inyamaswa n'ibintu bidafite ubuzima byitwara ndetse bikavuga nk'abantu). Umugani muremure ugira amagambo awutangira azwi ndetse n'andi awusoza. Urugero : "Kera habayeho..." ugasozwa na "Si nge wahera..."
   Umugani w'umugenurano ni imvugo ngufi ikoresha amagambo make ariko igisobanuro cyayo kibaka kimbitse. Umugenuraro uba ugizwe n'ibice bibiri by'interuro byuzuzanya. Umugenurano usobanurwa mu buryo bubiri. Uburyo bwa mbere bugizwe n'igisobanuro cy'amagambo aba agize umugani w'umugenurano naho uburyo bwa kabiri ni uburyo bw'amarenga bitewe n'icyo umugani mugufi werekezaho.

**Imyitozo nyagurabushobozi igenewe abanyeshuri bihuta cyane kurenza abandi**

1. **Umwandiko ntekerezo utaniye he n'umwandiko shusho ndetse n'inkuru?**
   Umwandiko ntekerezo ni igikorwa cyo guhimba umwandiko urambura ingingo (ibitekerezo) zawe witekerereje ariko zigendanye n'insanganyamatsiko yatanzwe. Insanganyamatsiko ishobora kuba interuro yo mu buzima busanzwe cyangwa ijyanye n'umwandiko wasomwe, umugani mugufi, imwe mu mvugo z'Ikinyarwanda n'ibindi.
   Umwandiko shusho ni umwandiko uba ugaragaza ishusho ry'ikintu runaka ku buryo uwusoma ahita agira ishusho y'ibivugwa mu mwandiko. Uwandika umwandiko shusho aba asa n'ushushanya ikivugwa mu mwandiko.
   Inkuru ni inyandiko ivuga ibyabaye cyangwa ibihimbano ariko ikabivuga mu buryo bw'ibarankuru.
2. **Garagaza ukoresheje uturemajambo impamvu ibinyazina nyamubaro bigarukira kuri karindwi, indi mibare kugera ku icumi igafatwa nk'amazina**?
   Ubusanzwe ikinyazina nyamubaro kigira intego igizwe n'uturemajambo tubiri ari two: indangakinyazina n'igicumbi (Rkz – C). Imibare rero irenze karindwi usanga yitwara nk'amazina mu rwego rw'intego kuko igira uturemajambo nk'utw'izina ari two: indomo, indanganteko n'igicumbi (D – RT – C ).

   ***Urugero:***

   | | |
   |---|---|
   | Umunani : u – mu – nani | Nta tegeko. |
   | ikenda : i – ki – enda | i→ ø/-J |

icumi : i – ø – cumi Nta tegeko.

3. **Garagaza uburyo ibinyazina nyamubaro bihindura uturemajambo mu nteko ya cumi**.

Ibinyazina nyamubaro bihindura intego mu nteko ya cumi guhera ku gicumbi - biri kugera kuri - tandatu. Ibyo bicumbi bihinduka: - byiri, - shatu, - nye, - shanu, - sheshatu.

Indangakinyazina na yo ihinduka "e" aho kuba "zi".

***Urugero:***

| | |
|---|---|
| Inka ebyiri: e – byiri | Nta tegeko rihari. |
| Inka eshatu: e – shatu | Nta tegeko rihari. |
| Inka enye: e - nye | Nta tegeko rihari. |

# 4 Ibidukikije

**(Umubare w'amasomo: 14)**

| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:** |
|---|
| Gusesengura imyandiko ku ngingo yo gufata neza ibidukikije no gusesengura inshinga. |
| **Ubumenyi bw'ibanze** |
| Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe agomba kuba afite ubumenyi buhagije ku isesengura ry'amazina agaragaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi. |
| **Ingingo nsanganyamasomo** |
| - **Uburinganire n'ubwuzuzanye**.<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa hasobanurwa ihame n'akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abashakanye, mu mashuri, mu kwita ku bana no mu buyobozi, hanasobanurwa ingaruka ziterwa no kutubahiriza iryo hame. Iyi ngingo kandi igomba kwitabwaho hubahirizwa uburinganire n'ubwuzuzanye mu gushyira abanyeshuri mu matsinda bagendeye ku bitsina byombi.<br>- **Kwita ku bidukikije**<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa hasobanurwa akamaro ko gufata neza ibidukikije, uburyo bwo korora ariko ibidukikije bidahungabanyijwe, ndetse abanyeshuri bagashishikarizwa gufata neza ibidukikije.<br>- **Kwita ku buziranenge**<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa hasobanurwa uburyo ibiribwa bidutungira ubuzima ndetse n'ibikoresho dukoresha bigomba kwitonderwa bikagiririrwa isuku ihagije kandi bikabikwa neza mu rwego rwo kudatakaza ubuziranenge bwabyo kuko butakaye byadukururira indwara z'urudaca.<br>- **Umuco wo kuzigama**<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa hasobanurwa uburyo bushobora gutuma umuntu yiteza imbere, azigama amafaranga abona muri banki no mu bigo by'ishoramari riciririritse. Utabikije muri banki amafaranga ye akaba yayashora mu yindi mishinga ibyara inyungu.<br>- **Uburezi budaheza**.<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa umwarimu yita ku banyeshuri bose cyanecyane abafite ubumuga ndetse no mu gushyira abanyeshuri mu matsinda nta vangura iryo ari ryo ryose rishingiweho. |

**Ubushobozi nsanganyamasomo**

- Ubushishozi no gushakira ibibazo ibizubizo akurikira.
- Gusabana mu kinyarwanda akoresha mu mvugo amagambo mashya yungutse.
- Gufashanya n'abandi atanga ibitekerezo bifite ireme, kandi yubaha ibitekerezo by'abandi

**Amagambo n'ibitekerezo by'ingenzi:**

Ibidukikije, amatungo, inyamaswa, ibyanya, ikiraro, kubungabunga ibidukikije.

**Uburyo bwo kwita ku bafite ibibazo byihariye:**

Abana bafite ibibazo bagomba kwitabwaho by'umwihariko, hagendewe ku bibazo bafite. Abana bafite ibibazo bitabwaho ku buryo bwose bushoboka bubafasha gukurikira amasomo nk'abandi.

Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Asoma mu ijwi riranguruye yegereye kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva neza n'abafite ubumuga bwo kutabona babyumve. Ni ngombwa kandi gufasha ku buryo bwihariye abafite ibibazo byihariye.

## Ibyigwa bikubiye muri uyu mutwe n'umubare w'amasomo ya buri Kigwa

| Ibyigwa | Umubare w'amasaha |
|---|---|
| **1. Umwandiko: Amatungo**<br>Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko «Amatungo». | Amasomo 2 |
| Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko «Amatungo». | Isomo 1 |
| 2. Umwitozo w'ubumenyingiro<br>Intera ya mbere: Kungurana ibitekerezo. | Isomo 2 |
| 3. Ikobonezamvugo<br>Intera ya mbere: Amoko y'inshinga. | Amasomo 1 |
| **4. Umwandiko: Inyamaswa**<br>Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko. | Amasomo 2 |
| Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko «Inyamaswa». | Isomo 1 |
| 5. Umwitozo w'ubumenyingiro<br>Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo no guhanga umwandiko. | Isomo 2 |
| 6. Ikibonezamvugo<br>Intera ya mbere: Uturemajambo tw'inshinga (indanganshinga, indangagihe, igicumbi n'umusozo). | Amasomo 3 |

**Umwandiko: Amatungo yo mu rugo**

**Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(amasomo 2)**

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranyamagambo n'umwandiko, araba ashobora:
- Gusoma umwandiko bucece no kuwusoma aranguruye ijwi
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gukoresha amagambo yungutse (mu mvugo cyangwa mu nyandiko) mu nteruro ngufi kandi ziboneye

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri , imyandiko ivuga ku gufata neza ibidukikije, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, amafoto y'amatungo n'inyamaswa, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo ndetse n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko cyangwa ibikubiye mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**
   Ikiraro kirimo inka za kijyambere; iruhande hari ikindi gito kirimo intama nyinshi, ibiraro bifite aho amatungo arira.
2. **Mwaba mwarabonye ahantu hubatse amazu ameze atya?**
   Hari abayabonye, hari n'abatarayabonye.
3. **Aya mazu akorerwamo iki?**
   Yororerwamo amatungo yo mu rugo.
4. **Amatungo yo mu rugo se amaze iki?**
   Araribwa, aragurishwa bakabona amafaranga, atanga amata , ifumbire.

## II. Gusoma umwandiko.

### Gusoma bucece

Umwarimu yongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko "**Amatungo yo mu rugo.**" Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike

bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

*Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:*

1. **Uyu mwandiko uravuga ku biki?**
   Uravuga ku mugabo Ndamage n'iby'ubworozi bwe.
2. **Ese mu mwandiko baravuga ko ubworozi bwe abukora ate?**
   Ubworozi bwe abukora mu buryo bw'umwuga.
3. **Ni iki bavuze ku bworozi bw'inka ze?**
   Bavuze ko ubworozi bw'inka ze bumuteje imbere; ngo yajyaga yorora inka zitari nziza bitaga "baratihembe"none ageze ku nka za kijyambere zitanga umukamo utubutse.
4. **Ibyo uyu mwandiko uvuga ni ko bimeze mu ngo iwanyu aho muba?**
   Bamwe ni ko biri; hari aborora abandi ntiborora hari n'aborora ariko inka zitari iza kijyambere...

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, mu ijwi riranguruye kandi bubahiriza utwatuzo. Iyo abanyeshuri ari benshi umwe asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza igihe umwandiko urangiriye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uhari.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa bagiye bakora iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe bari gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo babasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III. Gusubiza ibibazo

Muri iki gice, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda bajya kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bagafatanya n'umurezi kubinoza.

*Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:*

### a) Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Inka Ndamage yari atunze mbere zari zarahimbwe irihe zina? Ni ukubera iki?**
   Bazitaga "baratihembe" kuko zitatangaga umukamo uhagije.
2. **Vuga nibura ingaruka ebyiri zo kurya inyama zitapimwe na muganga w'amatungo**.

Kwandura indwara, gupfa.

3. **Ni iyihe ndwara yavuzwe mu mwandiko ivurwa n'ubuki?**
   Ubugendakanwa.
4. **Vuga akandi kamaro k'ubuki waba uzi**.
   Bwengwamo inzoga, busigwa ku migati, buvura inkorora…
5. **Ni ibiki bigaragaza ko umwandiko udutoza kuzigama?**
   Mu mwandiko batubwira ko kuzigama ari akabando k'iminsi.
6. **Rondora indi mimaro y'amatungo itavuzwe mu mwandiko**.
   Uruhu rw'intama ruvamo inkosha cyangwa ingobyi bahekamo abana, izindi mpu ziragurishwa zikavamo amafaranga, umukandara n'urukweto ndetse n'impapuro izi dukoresha.
7. **«Ukena ufite itungo rikakugoboka» sobanura iyi mvugo**.
   Iyo woroye itungo uba ushobora kuzaryiyambaza mu gihe kiri imbere; ukarigurisha cyangwa ukarigwatiriza ukabona icyo ukeneye. Hari nubwo wagurisha gusa ibikomoka ku itungo nk'amata cyangwa ifumbire ukikenura.
8. **Uzuza iyi mbonerahamwe:**

| **Bavuga** | **Ntibavuga** |
|---|---|
| Kwagika (imizinga y'inzuki) | **Kumanika imitiba/imizinga**. |
| **Ikiraro/ikibuti** | Inzu y'amatungo. |
| **Urwuri** | Isambu bororeramo amatungo. |
| Umuvumvu | **Umworozi w'inzuki**. |

### b) Inyunguramagambo

## Ibibazo n'ibisubizo byabyo:

1. **Sobanura amagambo akurikira dusanga mu mwandiko**:
   a) **Ingweba:** Inka za kijyambere zitanga umukamo mwinshi.
   b) **Urwuri:** Isambu ngari bororeramo amatungo.
   c) **Ibicuba:** Ibikoresho bakoresha badahira inka, gishobora no kubuganizwamo amata, kinagemurwamo amata.
   d) **Ikimuri:** Amavuta y'inka.
   e) **Icyomoro:** Umuti uvura ibikomere.
   f) **Kwigengesera:** Kwitwararika, kwitonda, gukorana ubushishozi bwinshi kugira ngo hatagira ibiza kwangirika.
   g) **Imizinga:** Ibyima birimo inzuki, imitiba irimo inzuki.
   h) **Inturire:** Ikigage kirimo ubuki.

i) **Inkangaza:** Urwagwa rurimo ubuki.

2. **Garagaza impuzanyito z'aya magambo akurikira dusanga mu mwandiko:**
   a) **Kugoboka:** Kurwanaho, kurengera.
   b) **Ziranura:** Ziraryoha.
3. **Vuga imbusane z'aya magambo akurikira dusanga mu mwandiko:**
   a) **Kwangiza** ≠ kubungabunga.
   b) **Umukungu**≠ Umukene.

## Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. **Koresha neza inshinga zikurikira muri ngenga ya gatatu mu nteko y'ubumwe, wubake interuro ngufi kandi ziboneye**
   **a) Kugobaka**
   Ikimazs Kamanzi yari yoroye cyaramugobotse yabuze amafaranga y'ishuri.
   **b) Kwigengesera**
   Kubuganiza amata mu gisabo bisaba **kwigengesera** kugira ngo utayabogora.
   **c) Kuzigama**
   Ushora amafaranga mu gutera ishyamba aba azigamye kandi abungabunze ibidukikije.
   **d) Kwagika**
   Umuvumvu iyo yagika yubaka ingombe inyuma y'urugo aho abana batagera.
2. **Uzuza interuro zikurikira ukoresheje aya magambo yatanzwe: Ikirungurira, ikimuri,umuvumvu,ifumbire, ikibuti.**
   a) Kamana ni **umuvumvu** wabigize umwuga, afite imitiba irenga magana abiri.
   b) Inka ntizirara mu **kibuti** keretse inkoko n'inkwavu.
   c) Bajya bavuga ko amata avura **ikirungurira.**
   d) Kugira ngo haboneke umusaruro uhagije, bakoresha **ifumbire** mvaruganda.
   e) Abakunda ibirunge bakoresha **ikimuri**.

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko( isomo 1)

*Intego zihariye:*

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:
- Kugaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko
- Gusobanura akamaro k'amatungo yo mu rugo ashingiye ku bivugwa mu mwandiko ndetse abihuza n'ubuzima busanzwe.
- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku gufata neza ibidukikije, imfashanyigisho z'iyumvabona, ndetse n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Amatungo yo mu rugo.
2. **Muri rusange uvuga ku biki?**
   Uvuga ku bworozi bwa Ndamage.
3. **Ndamage yorora amatungo maremare gusa?**
   Oya Ndamage yorora amatungo maremare n'amagufi nk'inkoko, imbata, dendo, inkwavu...
4. **Rondora bimwe mu bintu bigaragaza ko Ndamage ari umukire**.
   Yihaza mu biribwa, abaturanyi be ni we ubagoboka abaha amata, amagi, ubuki... Yaguze imodoka, atunze inka za kijyambere, afite urwuri...

## II. Gusoma

Umwarimu asaba abanyeshuri bakabanza kongera gusoma umwandiko "**Amatungo yo mu rugo**." Umunyeshuri umwumwe agenda asimburana na bagenzi be, basoma baranguruye ijwi ku buryo bufasha abafite ubumuga bwo kutumva neza, maze ibibazo byo gusesengura umwandiko bakanabyandika ku kibaho kugira ngo n'ufite ikibazo cyo kutumva abisome, hanyuma bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, agasaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Babanza kungurana ibitekerezo ku bisubizo bari butange, umwarimu na we akazenguruka mu matsinda areba niba bose bitabira gutanga ibitekerezo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi n'umwanditsi hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

**Bimwe mu bibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.**

1. **Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko**

   Ingingo z'ingenzi:

   - Kera umworozi witwa Ndamage yororaga inka zidatanga umukamo none

ubu yorora izitanga umukamo utubutse.
- Inka azororera mu rwuri, amatungo magufi akayororera mu biraro n'ibibuti iwe.
- Ndamage amaze kwiteza imbere.
- Ndamage acuruza ibikomoka ku matungo ariko avuga ko bisaba kwingengesera kuko bisaba kwita ku buziranenge bwabyo.
- Korora amatungo hatangizwa ibidukikije.
- Ndamage afasha abaturanyi be abaha amata, amagi, ubuki...
- Ni ngombwa guteganyiriza ejo hazaza wizigamira mu mabanki cyangwa mu bindi bigo by'imari.

Ingingo z'ingereka:
- Ndamage yaguze imodoka.
- Hari indwara ziterwa n'umwanda cyangwa ibikomoka ku matungo bidatunganye neza: impiswi, amibe, igituntu…
- Iyo amaganga aretse ahantu haba indiri y'imibu.
- Ndamage atangiye kwamamara.

2. **Ufatiye kuri uyu mwandiko, ni iki wowe ubwawe wiyemeje gukora kugira ngo uteganyirize ejo hazaza?**
Hari abashobora kuvuga ko bagiye korora amatungo; abandi ko bagiye gutangira kujya babika udufaranga babona, abandi ko batazajya bapfusha ubusa na duke bafite...
3. **Hari itungo waba wariyororeye wowe ubwawe? Niba rihari bwira bagenzi bawe uko waribonye n'icyo ryakugejejeho**.
(Aha ibitekerezo bitangwa biratandukanye, kuko hari ababa barigeze korora n'abatari babigerageza na rimwe, umwarimu arafasha abanyeshuri kunoza ibitekerezo neza).
4. **Ni iyihe nama wagira abantu bagura amata yanyuze mu ruganda aba apfunyitse mu dukarito?**
Ni ukujya bashishoza neza, bakareba niba ayo mata baguze apfunyitse neza, bakareba kandi itariki yanditseho niba atararenza igihe yagenewe kugira ngo ataba yaratakaje ubuziranenge bityo akaba yakwangiza ubuzima cyangwa akabatera indwara.
5. **Ni iyihe nama wagira aborozi ngo borore ariko ntibangize ibidukikije**?
Aborozi bagomba gukora ubworozi bwabo ariko bakita ku bidukikije ntibabyangize. Aho bororeye bakahagirira isuku kugira ngo hataba indiri y'udukoko dushobora gutera indwara nk'imibu. Aborozi kandi bagomba kujya batera ubwatsi bw'amatungo ku miringoti mu rwego rwo kurwanya isuri. Ibipfunyika bivamo imiti y'amatungo bigomba gushyirwa ababugenewe, ntibijugunywe ahabonetse hose kuko bishobora kwangiza ibidukikije.

### Umwitozo w'ubumenyi ngiro

## Intera ya gatatu: Kungurana ibitekerezo nyuma yo gukora urugendo shuri.

*Intego zihariye:*

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko, araba ashobora:
- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be nyuma yo gukora urugendo shuri.
- Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga abwira abandi ibyo yumvise cyangwa atekereza ahereye ku ngingo yo gufata neza ibidukikije.
- Kujora ibitekerezo bya bagenzi be.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivuga ku bidukikije.

I. **Gukora urugendo shuri**
Umwarimu abwira abanyeshuri be ko bagiye gukora urugendo shuri ahantu hororerwa amatungo (hari ikiraro cy'amatungo), asobanurira abanyeshuri be ko urugendo bagiye gukora atari ugutembera bagiyemo ko ahubwo bagiye kwiga. Abasaba kugira ubwitonzi n'ubushishozi ndetse bakaza kwitegereza neza ibikorerwa aho bagiye mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije. Hanyuma bakaza kubyunguranaho ibitekerezo.

### Uko urugendo shuri rukorwa

Abanyeshuri babifashijwemo n'umwarimu bagena ahazasurwa bitewe n'uburyo ndetse n'umwanya bafite uko bingana. Iyo umunsi w'urugendo ugeze, buri munyeshuri yitwaza ikaramu n'ikaye agenda yandikamo ibyo yabonye. Iyo bagezeyo bafata umwanya wo kugera no kwitegereza ahashoboka hose, bakagenda bandika ibyo babona byose bibafitiye akamaro bajyanishije n'isomo bigaga. Ni byiza gufata umuntu uhamenyereye akabasobanurira kandi na bo bakamubaza ibyo bifuza kumenya.

II. **Kungurana ibitekerezo**.
Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda agizwe n'abanyeshuri batandatu, akabaha ibibazo bari bwunguraneho ibitekerezo, buri tsinda rikitoramo umuyobozi uri bumurikire abandi ibyo itsinda ahagarariye ryagezeho. Umwarimu akurikirana uko buri munyeshuri yitabira gutanga ibitekerezo mu itsinda arimo. Hanyuma bakaza guhuriza hamwe ibyo bagezeho umwarimu akabafasha kubinoza neza.

### Ibibazo byo kunguranaho ibitekerezo

1. Ni ubuhe bwoko bw'amatungo mwasuye?
2. Ni iki mwishimiye mumaze kubona kiriya kiraro cy'amatungo?

3. Ni iki mwanenze mubona gikwiriye gukosorwa?

Ibitekerezo byagerwaho byaterwa n'aho abanyeshuri bakoreye urugendo shuri ndetse n'ibyo bahabonye.

### Ikibonezamvugo

### Intera ya kane: Amoko y'inshinga

*Intego zihariye:*

Umunyeshuri yifashishije umwandiko uherutse kwigwa, araba ashobora:
- Gusobanura inshoza y'inshinga.
- Gutahura amoko y'inshinga.
- Gutandukanya inshinga isanzwe n'inshinga nkene.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, umwandiko uvuga ku gufata neza ibidukikije, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu arashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri hanyuma yifashishije interuro zikoreshejwemo amoko y'inshinga anyuranye, arazandika ku kibaho, abazeho ibibazo bituma abanyeshuri batahura amoko y'inshinga.

***Urugero rw'ikibazo yababaza:***

Musome izi nteruro, mugaragaze imbundo z'izi nshinga zandikishije ibara ry'umukara tsiri, hanyuma muzitondagure mu nzagihe.

a) Ndamage **ni** umugabo **atuye** mu Bweramvura.
b) Ngo **afite** na gahunda yo **korora** za mbeba za kizungu.
c) **Afite** zimwe **bita** ingweba.
d) Ndamage **azi** neza ko iyo **bidasukuye** cyangwa bibitse nabi **bigira** ingaruka mbi ku buzima.

### Dore ibisubizo bishobora gutangwa:

**Ni:** Ntijya mu mbundo, no mu nzagihe, ahubwo isimbuzwa inshinga "kuba", "azaba".
**Atuye:** Imbundo ni gutura naho inzagihe yayo ni azatura.
**Afite:** Ntijya mu mbundo, ahubwo isimbuzwa, kugira, mu nzagihe isimbuzwa "azagira" cyangwa ikitabaza indo " azaba afite".
**Korora:** Imbundo ni korora naho inzagihe ni kuzorora.
**Bita:** Imbundo ni kwita naho inzagihe ni bazazita.
**Azi:** Ntijya mu mbundo , isimbuzwa "kumenya", mu nzagihe isimbuzwa "azamenya", cyangwa ikitabaza indi "azaba azi".
**Bidasukuye:** Imbundo ni gusukura naho inzagihe bizasukurwa.

**Bigira:** Imbundo ni kugira naho inzagihe ni bizagira.

Mu nshinga tubonye haruguru harimo izishyirwa mu nzagihe zigatakaza umwimerere wazo, izindi ntizitakaze umwimerere dushingiye ku mbundo yazo. Ni ukuvuga ko hari iziteza urujijo kuko zihita zisimbuzwa izindi bihuje inyito cyangwa zikitwereza izindi z'inyunganizi. Izo ni nka: **afite**, **ni**, **azi**. Izindi ntiziteza urujijo mu rwego rw'ikibonezamvugo. Na zo ni nka: **atuye**, **bita**, **korora**, **bigira**.

Inshinga rero zirimo amoko abiri y'ingenzi ari yo "**inshinga zisanzwe n'inshinga nkene cyangwa mburabuzi**."

## Inshinga isanzwe

Yitwa inshinga isanzwe iyo ibasha guhinduranya ibihe bikuru by'inshinga n'umusozo kandi igicumbi cyayo ntigitakare cyangwa ngo gihindure ishusho. Inshinga isanzwe iba ifite imbundo izwi neza kandi igakorana n'imisozo y'inshinga.

***Ingero:***

| Imbundo | Indagihe ng.3 bu | Inzagihe ng.3 bu | Impitagihe ng.3 bu |
|---|---|---|---|
| Gutura | Atuye | Azatura | Yatuye. |
| Korora | Arorora | Azorora | Yaroroye/yoroye. |
| Kumva | Arumva | Azumva | Yumvise. |
| Kugurisha | Agurisha | Azagurisha | Yagurishije. |

## Inshinga nkene

Inshinga nkene ni inshinga zidakora nk'izisanzwe. Bazita kandi inshinga mburabuzi. Ntizijya mu buryo bw'imbundo, ntizitondagurwa mu bihe byose kandi zubakiye ku bicumbi bidakorana n'imisozo y'inshinga ariko zimwe muri zo zikorana n'imisozo y'inshinga imwe n'imwe.

Iyo zihinduriwe ibihe bikuru by'inshinga, ishusho yazo irahinduka, zigasimbuzwa izindi bihuje cyangwa zikitabaza izindi z'inyunganizi. Ibicumbi by'inshinga nkene ni ibi bikurikira: **-ri, -zi, -fite, -ruzi**. Hari n'inshinga nkene **"ni"** igira impindurantego yayo **"si"** mu ndango ihakana. Inshinga nkene **"ni"** ntitondagurwa, bivuze ko itanasesengurwa.

- Ndamage **ni** umworozi afite inka za kijyambere. (mu ndagihe)
- Ndamage **si** umworozi nta tungo agira. (mu ndagihe)
- Ndamage **azaba** umworozi azagira inka za kijyambere. (mu nzagihe)
- Ndamage **yari** umworozi **yari afite** inka za kijyambere. (mu mpitagihe)

***Ingero:***

- Ndamage **ni** umworozi **afite** inka za kijyambere.(Mu ndagihe)
- Ndamage **si** umworozi nta tungo agira.
- Ndamage **azaba** umworozi **azagira** inka za kijyambere (Mu nzagihe)
- Ndamage **yari** umworozi **yari afite** inka za kijyambere (Mu mpitagihe)

**Umwitozo ku moko y'inshinga**

Umwarimu atanga umwitozo ku moko y'inshinga, agasaba buri munyeshuri kuwukora ku giti ke maze akaza kubakosora, anareba niba isomo riri kumvikana bityo aho abona hari ikibazo hagashakirwa igisubizo.

**Mu nteruro zikurikira garagaza inshinga zisanzwe n'inshinga nkene:**

a) Umwarimu wacu akorana umurava iyo ari mu ishuri.
 **Akorana:** Inshinga isanzwe.
 **Ari:** Inshinga nkene.

b) Umunyeshuri uzi ubwenge abaza ibyo atumva neza.
 **Uzi:** Inshinga nkene.
 **Abaza:** Inshinga isanzwe.
 **Atumva:** Inshinga isanzwe.

c) Uruzi ukuntu ururimi rwacu rufite uburyohe mu buvanganzo.
 **Uruzi:** Inshinga nkene.
 **Rufite:** Inshinga nkene.

d) Abarezi bacu ni ingirakamaro badufatiye runini.
 **Ni:** Inshinga nkene.
 **Badufatiye:** Inshinga isanzwe.

e) Twese tubungabunge ibidukikije.
 **Tubungabunge:** Inshinga isanzwe.

## Umwandiko: Inyamaswa

### Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(amasomo 2)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranyamagambo n'umwandiko, araba ashobora:
- Gusoma umwandiko bucece no kuwusoma aranguruye ijwi
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanuye
- Gukoresha amagambo yungutse (mu mvugo cyangwa mu nyandiko) mu nteruro ngufi kandi ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku gufata neza ibidukikije, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, amafoto y'amatungo n'inyamaswa, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga, akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko cyangwa ibikubiye mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Vuga nibura inyamaswa eshatu waba warabonye cyangwa warumvise**?
   Ingwe, intare, impyisi, impongo…
   **Ikitonderwa:** Umwarimu yakwifashisha abanyeshuri, akosora umunyeshuri mu gihe haba hari uwitiranyije amatungo n'inyamaswa.
2. **Mwitegereje iyi shusho iri mu gitabo murabonaho iki?**
   Imbogo nyinshi zirisha hamwe mu ishyamba; hirya gato hari imparage na zo zirisha; hirya cyane hagaragara urusamagwe rwirukankana impara.
3. **Amatungo n'inyamaswa bitandukaniye he?**
   Amatungo arororwa naho inyamaswa ziba mu mashyamba.

   Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye kwiga umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko witwa: "Inyamaswa".

## II. Gusoma umwandiko.

### Gusoma bucece

Umwarimu yongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko **"Inyamaswa."** Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Uyu mwandiko uravuga ku biki?**
   Ku nyamaswa.
2. **Kubera iki abantu bamwe bakangarana iyo yumvise inyamaswa?**
   Ni uko bazi ko inyamaswa nyinshi ari inkazi ziryana.
3. **Rondora amazina nibura atatu y'inyamaswa wumvise mu mwandiko**.
   Imbogo, ibisamagwe, amasatura, isha...
4. **Inyamaswa zidufitiye akahe kamaro?**
   Inyamaswa zirasurwa zikatwinjiriza amadovize bityo tugatera imbere.

**Gusoma baranguruye**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III. Gusubiza ibibazo

Muri iki gice, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda bajya kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bagafatanya n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

### a) Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Subiza ibibazo bikurikira ukoresheje yego cyangwa oya:
    a) Inyamaswa ni amatungo yororerwa mu rugo: **oya**.
    b) Inyamaswa zitungwa n'ibyatsi ni zo zikenyuka kurusha izitungwa n'inyama: Oya.
    c) Inyamaswa nini ku isi iba mu mazi: **Yego**.
    d) Inyamaswa zitwa ingagi bazita amazina kugira ngo bigaragaze agaciro gakomeye zifite mu Gihugu: **Yego**.
2. Subiza ibibazo bikurikira ufatiye ku mwandiko:
    a) **Vuga nibura imimaro ibiri yo kwita izina abana b'ingagi zo mu Rwanda**.
    Bituma ba mukerarugendo biyongera, binatuma Igihugu cyacu kinjiza amadovize.
    b) **Rondora ibintu nibura bitatu biri mu mwandiko wakora ukaba ubungabunze ibidukikije birimo n'inyamaswa**.
    Gutungira inyamaswa mu byanya byabugenewe;

Kwirinda kwica inyamaswa,
Gutunga agatoki aho ubona bashaka kugirira nabi inyamaswa.

c) **Ibyondi n'impundu zaba ari iyamaswa ziribwa? Sobanura igisubizo cyawe**.

Ntabwo ziribwa kuko birabujijwe kwica inyamaswa.

**b) Inyunguramagambo**

## Ibibazo n'ibisubizo byabyo:

1. **Sobanura aya magambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) **By'amanzaganya:** By'imburagihe, bitunguranye.
   b) **Gusahuranwa:** Kurya cyangwa gutwara vubavuba usa n'ufite umururumba.
   c) **Inkongoro:** Ibisiga birya imirambo y'abantu cyangwa y'inyamaswa zapfuye.
   d) **Amasamake:** Amafi.
   e) **Ikazanzuranya:** Ikazica vuba zitaramye(zitamaze igihe kirekire).
   f) **Itazizigamye:** Itaziretse ngo hashire igihe.
   g) **Bakangarana:** Bagira ubwoba.
2. Garagaza amagambo ahuje inyito n'aya akurikira dusanga mu mwandiko:
   a) **Bikabyara bikagwira**: Bikororoka.
   b) **Ingurube z'ishyamba**: Amasatura.
3. Garagaza imbusane z'aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko:
   a) **Zikenyuka** ≠ Ziramba/zirama.
   b) **Indyanyama**≠ Indyabyatsi.

## Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo bungutse mu nteruro ngufi ziboneye, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. **Himba interuro ngufi kandi ziboneye zirimo amagambo akurikira**:
   a) **Barene**
   Mu nyanja habamo amafi yitwa Barene/ Barene ni inyamaswa nini cyane.
   b) **Inyamabere**
   Ubwoko bw'ibinyabuzima byonsa bwitwa inyamabere.
   c) **Ibyanya**
   **Ibyanya** ni ahantu hagari hagenewe kubungabungirwa ubuzima bw'inyamaswa.
   d) **Ikazanzuranya**
   Inka zigomba gucungwa kugira ngo hatagira indwara izifata **ikazanzuranya**.
2. **Uzuza interuro zikurikira wifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko**:

a) Intare ni inyamaswa y'**inkazi** uyegereye ntiyakurebera izuba.
b) Abakerarugendo basura inyamaswa zo muri pariki batuzanira **amadovize**.
c) **Umushimusi** ni umuntu uhiga inyamaswa ku nyungu ze bwite.
d) Inyamaswa na zo ni **ibiremwa** by'Imana nkatwe.
e) Inyamaswa zirisha zitwa **indyabyatsi**.

### Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko(isomo 1)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:
- Kugaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.
- Gusobanura ibikorwa yakora bishishikariza abandi kwita ku nyamaswa kugira ngo zikomeze kugirira akamaro abatuye isi.
- Guhuza insanganyamatsiko n'ubuzima busanzwe.
- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cyumwarimu, igitabo cy'umunyeshuri ndetse n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki**?
   Witwa "Inyamaswa".
2. **Muri rusange uvuga ku biki**?
   Amoko y'inyamaswa anyuranye, akamaro k'inyamaswa n'imibereho ya zimwe mu nyamaswa.
3. **Mu mwandiko bagaragaje ko inyamaswa ziba he**?
   Hari inyamaswa ziba mu ishyamba, hari n'iziba mu mazi.

## II. Gusoma

Umwarimu asaba abanyeshuri kongera gusoma umwandiko "**Inyamaswa**." Abanyeshuri umwumwe bagenda basimburana, basoma baranguruye ijwi ku buryo bufasha abafite ubumuga bwo kutumva neza, maze ibibazo byo gusesengura umwandiko bakanabyandika ku kibaho kugira ngo n'ufite ikibazo cyo kutumva abisome, hanyuma bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda, akabasaba gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Babanza kungurana ibitekerezo ku bisubizo bari butange, umwarimu na we akazenguruka mu matsinda areba niba bose bitabira gutanga ibitekerezo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi n'umwanditsi Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

### Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.

1. **Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko**.

   **Ingingo z'ingenzi:**

   - Mu nyamaswa habamo indyanyama n'indyabyatsi.
   - Inyamanswa ziba mu mashyamba n'iziba mu mazi.
   - Indyanyama ntizirama.
   - Inyamaswa zinjiza amadovize.
   - Dukwiriye kurengera inyamaswa dutunga agatoki aho zirimo guhungabanywa.

   **Ingingo z'ingereka:**

   - Inyamaswa ni ibiremwa bivuka, bigakura hanyuma bigapfa.
   - Hari utunyamaswa twagowe kuko turibwa n'izindi nyamaswa.
   - Barene ni yo nyamaswa nini kuruta izindi ku isi.
   - Hari inyamaswa z'inyantege nke zitungwa no guhunahuna.
   - Isha n'ingeragere ni inyamaswa zitera imigeri cyane.
2. **Wowe nk'umunyeshuri ukiri mu mwaka wa gatatu, ni iki wiyemeje gukora ngo ibidukikije birimo inyamaswa n'ibyanya byazo birusheho kugirira umumaro abatuye isi mu buzima babamo?**
   Gutanga amakuru no kwamagana ba rushimusi, kutavogera ibyanya by'inyamaswa.
3. **Inyamaswa n'ubukerarugendo byakumarira iki nk'umwana ukiri muto mu rwego rw'ubukungu?**
   Nakora imitako nkayigurisha ba mukerarugendo, nakomeza kubungabunga inyamaswa kugira ngo hatagira ikizihungabanya maze uko zikomeza gusurwa zikinjiza amadovize nange nkabyungukiramo kuko Igihugu cyange kiba gitera imbere kandi iterambere ry'Igihugu ni na ryo terambere ryacu nk'abanyagihugu.

**Umwitozo w'ubumenyi ngiro**

**Intera ya mbere: Kungurana ibitekerezo(amasom 2)**

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko,araba ashobora:
- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe.
- Gutanga ibitekerezo ashize amanga ku ngaruka zo konona ibidukikije.
- Guhanga umwandiko ntekerezo avuga ibyo atekereza ahereye ku ngingo yo gufata neza ibidukikije.
- Kujora ibitekerezo bya bagenzi be.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku nsanganyamatsiko yo kwita ku bidukikije, imyandiko ivuga ku byanya by'inyamaswa n'inyamaswa.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Witwa "Inyamaswa".
2. **Mu mwandiko bagaragaje ko inyamaswa ziba he?**
   Hari inyamaswa ziba mu ishyamba, hari n'iziba mu mazi.
3. **Mu mwandiko bagaragaje ko inyamaswa zitungwa n'iki?**
   Hari izitungwa n'ibyatsi hari n'izitungwa n'inyama.
4. **Inyamaswa zitungwa n'ibyatsi mwumva zigeze mu myaka yahinzwe n'abantu byagenda bite?**
   Zayona.

## II. Kungurana ibitekerezo

Kungurana ibitekerezo si ukujya impaka ahubwo ni umwanya buri muntu ahabwa akavuga icyo atekereza ku ngingo iyi n'iyi.

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma baranguruye ijwi insanganyamatsiko yo kunguranaho ibitekerezo igaragara mu gitabo cy'umunyeshuri, ibyo byafasha abafite ubumuga bwo kutabona neza kumva insanganyamatsiko. Insanganyamatsiko inandikwa ku kibaho kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva babibone aho byanditse. Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo ujya aha abandi umwanya wo

gutanga ibitekerezo byabo no kugira icyo yavuga ku bitekerezo by'abandi. Iyo hari aho ibitekerezo bivuguruzanya, umuyobozi afasha mu guhitamo igitekerezo gifite ireme ariko kikumvikanwaho n'abagize itsinda.

Mu gihe bungurana ibitekerezo umwarimu agenzura uko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira abibashishikarize. Nyuma yo kungurana ibitekerezo umwarimu afasha abanyeshuri gukora umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo, bikandikwa ku kibaho.

**Insanganyamatsiko:**

Inyamaswa ziva mu byanya zikangiza imyaka y'abahinzi. Bazisangamo zikabica cyangwa bo bakazica. Mu rwego rwo kurinda inyamaswa n'iyo myaka, utekereza ko hakorwa iki ngo inyamaswa zibeho mu mahoro zihe n'amahoro abahinzi?

**Ibyagerwaho nk'umwanzuro:**

- Hagomba ibikorwa byo kwigisha abaturage ibyiza byo kudahungabanya umutekano w'inyamaswa cyangwa kuzica ahubwo hagashakwa izindi ngamba zafatwa mu rwego rwo kurinda imyaka yabo.
- Gusiga umwanya uhagije hagati y'ubutaka buhingwa n'ubwagenewe icyanya (kudahinga basatira icyanya).
- Gusaba abaturage gufatanya na Leta hakubakwa uruzitiro rwabuza inyamaswa kuva mu cyanya ngo zigere mu mirima y'abaturage.

## III. Umwitozo wo gukora ubushakashatsi mu isomero no guhanga umwandiko ntekerezo

(Uyu mwitozo ushobora gukorwamo umukoro wo mu rugo, abanyeshuri bakabanza kwitabira amasomero bagakora ubushakashatsi).

Umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo guhanga umwandiko ntekerezo bubahirije amabwiriza agenga ihangamwandiko ntekerezo, bagakora ubushakashatsi mu masomero hanyuma bakagaragaza ibyo batekereza ku ngingo yo gufata neza ibidukikije. Umwarimu yandika ikibazo ku kibaho mu rwego rwo gufasha abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva neza, kandi ikibazo kigasomwa mu ijwi riranguruye mu rwego rwo gufasha abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva neza. Nyuma y'igihe cyagenwe umwarimu akosorera abanyeshuri imyandiko bahimbye areba niba bubahirije amabwiriza y'ihangamwandiko.

**Insanganyamatsiko:**

«Gufata neza ibidukikije ni ukurengera ubuzima bwacu.»

**Umwandiko ukoze neza ukwiriye kwita nibura kuri ibi bikurikira:**

- Isuku n'imigaragarire iboneye.

- Imbata igaragaramo umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo.
- Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.
- Inozamvugo rishingiye ku kutavanga indimi no kudakoresha interuro nyobyamvugo.
- Ingingo nibura enye kandi zisobanuye neza.

***Ingero:***

Ibidukikije ni byo bituma tugira ubuzima bwiza : ibimera biduha umwuka duhumeka, amazi meza tuyabuze ubuzima bwahagarara, ibidukikikije bimwe na bimwe ni byo dukuraho ibyo kurya... muri make ubuzima bwacu bushingiye ku bidukikije ni yo mpamvu tugomba kubibungabunga kuko ni kimwe no kubungabunga ubuzima bwacu.

## Ikibonezamvugo

## Intera ya mbere: Uturemajambo tw'inshinga(amasomso 3)

## Uturemajambo tw'ibanze : Indanganshinga, indangagihe, igicumbi n'umusozo

***Intego zihariye:***

Abanyeshuri bahereye ku nshinga bahawe, baraba ashobora:
- Gusesengura inshinga mu matsinda bagaragaza uturemajambo tw'ibanze twazo.
- Gutandukanya uturemajambo tw'ibanze tw'inshinga: indanganshinga, indangagihe, igicumbi n'umusozo.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, umwandiko uvuga ku gufata neza ibidukikije, igitabo k'ikibonezamvugo.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu arashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri hanyuma yifashishije interuro zikoreshejwemo inshinga zinyuranye, arazandika ku kibaho, abazeho ibibazo bituma abanyeshuri bazisesengura, bagaragaze uturemajambo tw'ibanze tw'inshinga.

***Urugero rw'ikibazo yababaza:***

Mwitegereze inshinga zandikishijwe ibara ry'umukara tsiri mu nteruro zikurikira, maze mugaragaze ngenga, igihe, igicumbi n'umusozo by'izo nshinga.

a) Muri izo nyamaswa ndyabyatsi **twavuga** nk'isha, benshi **bita** ingeragere.
b) Mu mibereho yazo **ziranavunika**.

c) **Uzabaze** ayo twinjiza ku munsi.
d) **Tuzatunga** agatoki aho twumvise Rushimusi.

**Inshinga zisanzwe** n'**inshinga nkene** cyangwa **mburabuzi**, zose zishobora kugaragarizwa **intego** cyangwa **uturemajambo**. Gusa twibuke ko inshinga nkene idakorana n'**imisozo y'inshinga**.

Mu turemajambo tw'inshinga habamo utw'ibanze. Twitwa "**Uturemajambo tw'ibanze**" kubera uruhare runini dufite mu kumvikanisha ijambo kandi ntidukunze kubura mu nshinga.

Muri nshinga zagaragajwe, harimo uturemajambo tugaragaza ngenga cyangwa inteko ijambo ririmo. Utwo twitwa **indanganshinga** cyangwa **indangasano ya ruhamwa**. Hagaragaramo uturemajambo twerekana igihe inshinga itondaguwemo. Utwo ni two bita **indangagihe** cyangwa **ingenantego**. Hari uturemajambo twumvikanisha inyito y'inshinga. Utwo ni two bita **igicumbi** cyangwa **umuzi w'inshinga**. Ndetse hari n'**imisozo y'inshinga**. Ni ukuvuga ko intego mbonera y'inshinga isanzwe igizwe n'indangasano ya ruhamwa, indangagihe, igicumbi n'umusozo.

Mu mpine byandikwa gutya: Rsh-Ggh-C-Sz

## 1. Indanganshinga (Rsh)

Ni akaremajambo kagaragaza ngenga cyangwa inteko ijambo cyangwa inshinga birimo. Indanganshinga igaragaza isano inshinga ifitanye na ruhamwa haba mu gihe ruhamwa igaragara no mu gihe itagaragara.Ni na yo mpamvu indanganshinga banayita indangasano ya ruhamwa.

***Ingero:***

- **tu**-a-vug-a — **"tu"** ifitanye isano na twebwe.
- **ba**-ø-it-a — **"ba"** ifitanye isano n' abantu.
- **zi**-ra-na-vunik-a — **"zi"** igaragaza ko ari za nyamaswa zavugwaga mu mwandiko.
- **u**-za- baz-e — **"u"** ni umuntu urimo kubwirwa ariko utagaragara.
- **tu**-za-tung-a — **"tu"** ni twebwe.

Indanganshinga ziboneka muri ngenga zose uko ari eshatu mu bumwe no mu bwinshi.

**Ikitonderwa:** Inteko z'amazina zose zibarirwa muri ngenga ya gatatu.

Imbonerahamwe y'indanganshinga n'ingero z'inshinga zigaragaramo

| **Ngenga cyangwa Inteko** | **Indanganshinga** | **Urugero mu nshinga** |
|---|---|---|
| ng. 1bu | n- | Ndavuga. |
| ng. 1bw | tu- | Tuzatunga. |
| ng. 2bu | u- | Uzabaze. |
| ng. 2bw | mu- | Muzabaze. |

| | | |
|---|---|---|
| Ng. 3 nt. 1 | a- | Umwana azasukura. |
| nt. 2 | ba- | Abantu bazasukura. |
| nt. 3 | u- | Umurima uzahingwa. |
| nt. 4 | i- | Imirima izahingwa. |
| nt. 5 | ri- | Iriba rizavomwa. |
| nt. 6 | a- | Amazi azavomwa. |
| nt. 7 | ki- | Igiti gikuze kizatemwa. |
| nt. 8 | bi- | Ibiti bikuze bizatemwa. |
| nt. 9 | i- | Ihene izororwa. |
| nt. 10 | zi- | Ihene zizororwa. |
| nt. 11 | ru- | Urugo ruzubakwa. |
| nt. 12 | ka- | Akagezi kazasukurwa. |
| nt. 13 | tu- | Utunyoni tuzigurukira. |
| nt. 14 | bu- | Ubwato burareremba. |
| nt. 15 | ku- | Ukuboko kurandika. |
| nt. 16 | ha- | Ahantu haratuje. |
| nt.17 | ha- | Ku isoko harakonje. |
| nt.17 | ha- | Mu ishuri haracyeye. |
| nt.17 | ha- | Ino harashyuha. |

**2. Ingenantego/ indangagihe**

Ni akaremajambo kerekana igihe inshinga runaka itondaguwemo. Dore zimwe mu ndangagihe ziboneka mu nshinga z'Ikinyarwanda.

**Ikitonderwa:** Bitewe n'imihindagurikire y'inshinga mu bihe bitandukanye, indanganshinga zishobora kugira amasaku atandukanye, ndetse akagenda ahindagurika uko inshinga na yo ihinduye igihe itondaguwemo.

Ingero z'uturemajambo tugaragaza igihe mu nshinga itondaguye:

| Ingenantego | Ingero z'inshinga | Uturemajambo | |
|---|---|---|---|
| - **ø - (**indagihe y'ubusanzwe**)** | bavuga | ba - **ø** - vug - a | Nta tegeko. |
| - **a** - :(impitakare) (imptakera) | twavugaga: | tu - **a** - vug - aga | Nta tegeko. |
| - **ra** - :(indagihe) | ziravunika: | zi - **ra** - vun - ik - a | Nta tegeko. |
| - **za** -:(inzagihe) | uzabaze: | u - **za** - baz - e | Nta tegeko. |
| - **a** - **ra** -:(impitakera) | yarakamye: | a - **a** - **ra** - kam - ye | Nta tegeko. |

**Ingero z'uturemajambo tugaragaza igihe mu nshinga itondaguye**

Ziravunika: zi-ra-vunik-a
Zaravunitse: zi-ar-vunik-ye : i→ ø/-J: k+y→ ts
Zavunitse: zi-a-vunik-ye : i→ ø/-J: k+y→ ts
Zizavunika: zi-za-vunik-a : nta tegeko
Bavuga: ba-ø-vug-a : nta tegeko

**Impugukirwa:** Indanganshinga ni tumwe mu turemajambo tw'ingenzi cyane ku buryo tutagomba kubura mu nshinga. Iyo utwo turemajambo cyangwa kamwe muri two katagaragara gasimbuzwa iki kimenyetso - **ø**.

*Ingero:*

- **Avuze** ko mwita ku bidukikije: a – ø – vug – ye
- Iyo witegereje uko **zihiga**. zi – ø – hig – a
- **Zitora** ibyo izo z'inkazi zishigaje. zi – ø – tor – a
- **Kora** ndeba iruta vuga **numve**: ø – ø – kor – a, n-ø-umv-e

## 3. Igicumbi

Ni akaremajambo kadahinduka inshinga isangiye n'andi magambo yose ayikomokaho. Igicumbi ni cyo gitanga inyito y'inshinga.

**Icyitonderwa:** Umunyeshuri azagarukira gusa ku gicumbi, kugisesenguramo umuzi n'ingereka bizakorwa mu kiciro gikurikiyeho.

## Uko bashaka umuzi w'inshinga

Kugira ngo igicumbi k'inshinga kiboneke, iyo ari inshinga igizwe n'imigemo ibiri ibangutse, iyo nshinga ishyirwa mu mpitakare muri ngenga ya gatatu y'ubumwe, hanyuma igakurwaho umugemo ubanza "ya" n'umugemo uheruka "ye" noneho umugemo usigaye akaba ari wo ufatwa nk' igicumbi.

*Ingero:*

**Kugwa:** yaguye: ya-gu-ye
Igicumbi ni **"gu"** kuko ya na ye biratara.
**Gusya:** yaseye; ya-se-ye
Igicumbi ni **"se"** kuko ya na ye biratakara.
**Guca:** yaciye: ya-ci-ye. Igicumbi ni **"ci"** kukjo ya na ye biratakara.

Iyo ari inshinga igizwe n'imigemo ibiri ariko irimo ubutinde, cyangwa inshinga igizwe n'imigemo irenze ibiri, icyo gihe inshinga ishyirwa mu ntegeko maze igakurwaho umusozo, igice gisigaye kikaba ari cyo gicumbi.

*Ingero:*

**Koga:** oga.
Igicumbi ni **"og"** kuko umusozo uratakara.
**Gushaka:** shaka.
Igicumbi ni **"shak"** kuko umusozo uratakara.
**Kwiga:** iga.
Igicumbi ni **"ig"** kuko umusozo uratakara.
Guhingira: -hingir**a**
Gutemesha: - temesh**a**

**Mu nteruro:**

- **Bifatiye** runini ikiremwa muntu.
  Iri jambo rikomoka ku nshinga "gufata". Umuzi wayo ni **–fat-**
- Twese **tuzatunga** agatoki aho **twumvise** Rushimusi.
  Tuzatunga rikomoka ku nshinga "gutunga," umuzi wayo ni **–tung-**. Ijambo twumvise rikomoka ku nshinga "kumva" ifite umuzi **–umv-**.

### 4. Umusozo

Ni akaremajambo gaheruka utundi. Inshinga y'ikinyarwanda isanzwe igira imisozo **ine: -a;-e;-aga;-ye.**

*Ingero:*

- **Arasenga:** a-ra-seng-<u>a</u>.(umusoza ni-a)
- **Asenge:** a-ø-seng-<u>e</u>. (umusoza ni-e)
- **Yarasenze:** a-a-ra-seng-<u>ye</u>. (umusoza ni-ye)
- **Yarasengaga:** a-a-ra-seng-<u>aga</u>. (umusoza ni-aga)

### Umwitozo ku turemajambo tw'inshinga

Umwarimu atanga umwitozo ku turemajambo tw'inshinga, agasaba buri munyeshuri gukora umwitozo ku giti ke maze akaza kubakosora, anareba niba isomo riri kumvikana bityo aho abona hari ikibazo hagashakirwa igisubizo.

### Garagaza uturemajambo tw'ibanze tw'inshinga zanditse n'umukara tsiri mu nteruro zikurikira n'amategeko y'iginamajwi:

a) Uyu munyeshuri **arandika** mu ikaye ye kandi **afite** ibyishimo.
b) **Uzafashe** uriya munyantege nke **azarye** ku byo wejeje.
c) Uwiga neza **azatsinda** ikizamini k'Ikinyarwanda, rwose **azagwa** ahashashe.
d) **Uzi** ukuntu **nashakaga** ibihembo nkabura amahirwe.
e) **Kora** ndebe iruta vuga **numve**.

**Ibisubizo:**

| | | | |
|---|---|---|---|
| a) | Arandika: | a – ra- andik – a | a→ø/-J |
| | Afite: | a – ø – fite | Nta tegeko. |
| b) | Uzafashe : | u – za – fash – e | Nta tegeko. |
| | Azarye : | a – za – ri – e | i→y/-J |
| c) | Azatsinda: | a – za – tsind – a | Nta tegeko. |
| | Azagwa: | a – za – gu – a | u→w/-J |
| d) | Uzi: | u – ø – zi/u-ø-z-i | Nta tegeko. |
| | Nashakaga: | n – a – shak – aga | Nta tegeko. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| e) | Kora: | ø – ø – kor – a | Nta tegeko. |
| | Numve: | n – ø – umv - e | Nta tegeko. |

## Inshamake y'ibyizwe muri uyu mutwe wa kane

Muri uyu mutwe uvuga ku bidukikije, twasesenguye imyandiko ivuga ku matungo no ku nyamaswa tunagaragaza akamaro bifitiye abantu. Amatungo atuma twikenura, tukaba twanayafataho amafunguro. Amatungo kandi ni yo dukesha kweza imyaka kuko atanga ifumbire. Twakomoje ku mibereho y'inyamaswa n'akamaro zidufitiye ndetse n'uko tugomba kubungabunga uwo mutungo ntagereranywa.

Twabonye amoko y'inshinga ndetse n'uturemajambo twazo. Mu moko y'inshinga harimo inshinga zisanzwe n'inshinga mburabuzi.

Inshinga zisanzwe zihinduranya mu bihe by'inshinga, zigira imisozo mu bihe bitandukanye kandi imbundo zazo zirazwi ndetse nta rujijo zitera. Zigira uturemajambo tw'ibanze tugizwe n'indanganshinga, indangagihe, igicumbi n'umusozo (Rsh-Rgh-C-Sz).

Inshinga mburabuzi ni inshinga zifite imbundo zitazwi. Ntizikorana n'imisozo y'inshinga ndetse zigenda zihindura ishusho mu bihe bimwe na bimwe, ahubwo zigasimburana n'izindi bihuje inyito cyangwa zikifashisha izindi nshinga zinyunganizi.

### Ubumenyi bw'inyongera

## Imigani y'imigenurano ifatiye ku bidukikije

a) **Ubuze icyo atuka inka agira ati: "Dore icyo gicebe cyayo".**
Mu muco nyarwanda inka ni itungo ryiza ryubashywe kandi rikunzwe. Nta nenge rero wayijora. Aha uyu mugenurano uragaragaza ko hari igihe umuntu abura icyo anenga akitoratoza ubusa.

b) **N'uwagaya urukwavu ntiyabura kuvuga ko ruzi kwiruka**:
Ubusanzwe urukwavu ruzi kwiruka. Uyu mugenurano na wo wakoreshwa igihe umuntu abona ku kintu ibintu bibi gusa. Mbese ni nko kuvuga ko wanenga wagira, hari ukuri kuba kuzwi kandi kukuvuga nta cyo bitwaye cyane ko guca mu ziko ntigushye mbese ushatse ikintu kiza ku kintu ntiwakibura.

c) **Igiti kigororwa kikiri gito**:
Ushaka gukosora ingeso z'umuntu ubitangira hakiri kare.

d) **Igiti kimwe si ishyamba**:
Ntawigira, abantu ni magirirane, umwe nta cyo yakwigezaho.

e) **Uhagarikiwe n'ingwe aravoma:**
Iyo ufite abagushyigikiye urisanzura ugakora ibyo ushaka.

f) **Ihene mbi nta wuyizirikaho iye**:
Iyo umuntu akururukanye n'umunyangeso mbi na we amaherezo arahinduka akaba mubi.

**Isuzuma rusange risoza umutwe wa kane.**

(Mu gitabo cy'umunyeshuri)

Nyuma yo kurangiza umutwe wa kane, umwarimu atanga isuzuma riteganyijwe, buri munyeshuri arikora ku giti ke. Nyuma y'ikosora umwarimu asuzuma urwego abanyeshuri bagezeho kugira ngo niba hari ibigomba gusubirwamo bisubirwemo ndetse akareba abafite ibibazo byihariye kugira ngo abafashe mbere yo gutangira undi mutwe. Nyuma y'isuzuma umwarimu atanga imyitozo ku banyeshuri bafite intege nke mu myigire yabo.

## I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. **Ni iki basingiza muri uno mwandiko?**
   Barimo gushimagiza gahunda ya Gira inka Munyarwanda.
2. **Iyi gahunda yatekerejwe na nde?**
   Yatekerejwe na Nyakubahwa Perezida w'u Rwanda.
3. **Vuga akamaro ka Gira inka Munyarwanda ku iterambere ry'Igihugu**.
   Izamura ubukungu bw'Igihugu iyo umuturage abayeho neza akitabira gahunda za Leta kandi akitabira ibikorwa by'iterambere.
4. **Kuki atari byiza ko umuturage yasangira ivomo n'amatungo**?
   Amatungo ashobora kwanduza abantu indwara.
5. **Ni iki cyavuzwe mu mwandiko kigaragaza umwana warezwe n'amata**?
   Uzasanga amatama atemba itoto.
6. **Ni iki cyakorwa ngo tworore ariko tunabungabunga ibidukikije**?
   Dukwiye kororera mu biraro no gutera ibyatsi ku mirwanyasuri.
7. **Ku bwawe ni gihe ki wumva umuturage akwiriye kugurisha itungo yoroye**?
   Igihe amatungo ye amaze kugwira kandi yahuye n'ikibazo gikomeye.
8. **Inyiturano ikwiye ni iyihe ku muturage wahawe inka muri gahunda ya Gira inka Munyarwanda**?
   Kuyifata neza, kuziturira umuturanyi we w'umworo, kubahiriza gahunda za Leta.

## II. Inyunguramagambo

1. **Sobanura aya magambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) **Kwikenura:** Kugura ibintu ibyo ari byo byose ukeneye ukabyiyegereza.
   b) **Ikibumbiro:** Aho inka zinywera amazi.
   c) **Umworo:** Umuntu wigeze gutunga inka hanyuma zikamushiraho.

d) **Kuziturira:** Guha umuntu inka ikomoka mu zo woroye kugira ngo na we yorore.

## III.Ikibonezamvugo

1. **Mu nteruro zikurikira amagambo aciweho akarongo ni bwoko ki?**
   a) Ufite inka yahawe muri iyo gahunda arasabwa kuyitaho.
   **Ufite:** Inshinga nkene.
   **Arasabwa:** Inshinga isanzwe itondaguye.
   b) Ibyo ariko nta n'ubwo bigoye; ubwatsi babutera ku mirwanyasuri.
   **Babutera:** Inshinga isanzwe itondaguye.
   c) Amazi meza ahenshi yegerejwe abaturage. Si byiza ariko ko abantu basangira ivomo n'amatungo.
   **Yegerejwe:** Inshinga isanzwe itondaguye.
   **Basangira:** Inshinga isanzwe itondaguye.
   d) Inka **iri** mu kiraro itunganyirizwa aho inywera amazi cyangwa igashoka ikibumbiro.
   **Iri:** Inshinga nkene.
   **Igashoka:** Inshinga isanzwe itondaguye.
   e) Ibyo na byo ni inzira iboneye yo kwita ku matungo yacu tutirengagije no kubungabunga amagara yacu.
   **Ni:** Inshinga nkene.
   **Kubungakunga:** Inshinga isanzwe idatondaguye.
2. **Garagaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe kuri izi nshinga ziciweho akarongo:**
   a) Umukuru w'Igihugu cyacu yabonye akamaro inka ifite mu mibereho y'abaturage agena ko buri rugo ruzatunga nibura inka imwe.
   **Yabonye:** a – a – bon – ye a→y/-J
   **Ifite:** i – ø – fite
   **Ruzatunga:** ru – za – tung - a
   b) Ni muri urwo rwego umuturage wese ahabwa nkatunga.
   **atunga:** a – ø– tung – a k→g/-GR
   c) Yarebye kure pe! Uruzi ukuntu inka itanga ifumbire ibihingwa bikera.
   **Yarebye:** a – a – reb – ye a→y/-J
   **Uruzi:** u – ø – ruzi

## IV. Ubumenyi rusange

Vuga nibura imimaro ibiri y'inyamaswa haba mu rwego rw'ubukungu cyangwa urw'imibereho myiza y'abaturage.

**Igisubizo:**

**Ubukungu:** Zinjiza amadovize, zikurura ba mukerarugendo bakaza kuzisura bagasiga amadovize maze Igihugu kikiteza imbere.

**Imibereho y'abaturage:** Ziraribwa, impu za zimwe muri zo zikorwamo imyambaro…

## V. Ihangamwandiko

Hanga umwandiko mu mirongo makumyabiri n'itanu (25) kuri imwe muri izi nsanganyamatsiko. Urasabwa kandi kugaragaza nibura ingingo enye zisobanuye neza.

a) Kwita ku bidukikije ni ko kurengera ubuzima bwacu.
b) Kororera mu biraro ni inzira nyayo yo kurengera ibidukikije.

## Ingingo zishobora gushingirwaho

**Ibidukikije:**

- Natwe ubwacu tubarirwa mu bidukikije.
- Ni byo dukomoraho ibidutunga.
- Bizana umwuka duhumeka.
- Bitariho ntitwabaho.
- Birinda isuri idutwarira ubutaka duhingaho.

**Kororera mu biraro:**

- Bitanga ifumbire nyinshi kuko isakumirwa ahantu hamwe ndetse n'amaganga ntapfe ubusa.
- Bituma amatungo atonona ibidukikije.
- Bituma gukurikirana amatungo byoroha.
- Bituma amatungo atanduzanya indwara zimwe na zimwe.

## Imyitozo nzamurabushobozi igenewe abafite intege nke mu myigire yabo

1. **Tanga ingero eshanu z'amatungo magufi yororerwa mu rugo**?
   Inkoko, imbata, inkwavu, ihene, intama, ingurube…
2. **Tanga ingero eshanu z'inyamaswa ziba mu ishyamba**.
   Intare, ingwe, isatura, imbogo, impyisi...
3. **Amatungo yororerwa mu rugo adufitiye akahe kamaro**?
   Atanga inyama, atanga amata, atanga ifumbire, atuma twikenura,
4. **Mu Kinyarwanda tugira ayahe moko y'inshinga**?
   Tugira inshinga isanzwe n'inshinga nkene.
5. **Ni ubuhe bwoko bw'inshinga budakorana n'imisozo y'inshinga**?
   Ni inshinga nkene.

6. **Amoko y'inshinga atandukaniye he mu rwego rw'uturemajambo twayo**?
Inshinga isanzwe igira uturemajambo tune tw'ibanze ari two: indanganshinga, indangagihe, igicumbi n'umusozo; naho inshinga nkene igira uturemajambo dutatu tw'ibanze ari two: indanganshinga, indangagihe n'igicumbi. Ariko si zose kuko "ni" na "si" zidasesengurwa.

## Imyitozo nyagurabushobozinsindagirabumenyi

**Garagaza uturemajambo tw'inshinga ziciweho akarongo mu nteruro zikurikira n'amategeko y'igenamajwi:**

a) Ibidukikije bifite akamaro kanini cyane.
b) Nyogokuru azasya amasaka ejo tuzarye umutsima.
c) Kurinda ibidukikije ni igikorwa k'ingirakamaro.
d) Kororera mu kiraro byatumye inka zitarwaragurika.
e) Mfite amatsiko yo kuzabona intare yo mu ishyamba.
f) Gahunda ya Gira inka Munyarwanda izakura Abanyarwanda mu bukene.
g) Umukuru w'Igihugu yarebye kure.
h) Iyo gahunda iracyakomeza abayishyigikiye twaratsinze pe.
i) Abanyarwanda bazi kwihesha agaciro.
j) Mbere yororaga inka z'amahembe maremare

**Ibisubizo:**

a) **Bifite:** bi – ø – fite — Nta tegeko.
b) **Azasya:** a- za – se – a — e→y/-J
**Tuzarye:** tu – za – ri – e — i→y/- J

c) **Kurinda:** ku – rind – a — Nta tegeko.
**Ni:** ni ntisesengurwa
d) **Byatumye:** bi – a – tum – ye — i→y/-J
e) **Mfite:** n – ø - fite — n→ m/-f
**Kuzabona:** ku – za – bon – a — Nta tegeko.
f) **Izakura:** i – za – kur – a — Nta tegeko.
g) **Yarebye:** a – a – reb – ye — a→y/-J
h) **Twaratsinze:** tu – a – ra – tsind – ye — u→w/-J, d+y→z
i) **Bazi:** ba – ø – zi — Nta tegeko.
i)Yororaga: a-a-oror-aga — : a →y/-J
a →ø/-J

# 5 Ibyiza bitatse u Rwanda

**(Umubare w'amasomo: 10)**

| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:** |
|---|
| - Gusesengura imyandiko n'indirimbo ku byiza bitatse u Rwanda no gukoresha mu nteruro amagambo yungutse yubahiriza amategeko y'imyandikire y'Ikinyarwanda<br>- Gusesengura ibinyazina mpamagazi. |
| **Ubumenyi bw'ibanze** |
| Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe agomba kuba azi icyo ikinyazina ari cyo, inteko z'ibinyazina, ikinyazina ngenga. |
| **Ingingo nsanganyamasomo** |
| - **Uburinganire n'ubwuzuzanye**.<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa himakazwa iri hame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abanyeshuri ubwabo, abahungu n'abakobwa bashyirwa mu matsinda hubahirijwe iri hame ndetse no mu gukorana hagati yabo bari mu matsinda bunganirana kandi buzuzanya.<br>- **Umuco wo kuzigama**.<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa hasobanurwa akamaro ko kumenya gucunga umutungo ndetse no kwizigamira dukeduke kugeza ubwo umuntu yagwiza umutungo maze akagira ubushobozi bwo gusura ibyiza bitatse u Rwanda byose.<br>- **Uburezi budaheza**.<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa umwarimu yita ku banyeshuri bose cyanecyane abafite ubumuga ndetse no mu gushyira abanyeshuri mu matsinda nta vangura iryo ari ryo ryose rishingiweho. |
| **Ubushobozi nsanganyamasomo** |
| - Ubushobozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo, gukurikira neza ibivugwa ajora ibyo yasomye.<br>- Ubushobozi bwo gukoresha mu mvugo cyangwa mu nyandiko amagambo mashya yungutse asubiza ibibazo.<br>- Gusabana mu Kinyarwanda atanga ibitekerezo bifite ireme, yubaha ibitekerezo by'abandi. |
| **Amagambo n'ibitekerezo by'ingenzi:** |
| Ibyiza bitatse u Rwanda, ubukerarugendo, indirimbo, ibihozo |

| **Uburyo bwo kwita ku bafite ibibazo byihariye:** |
|---|
| Abana bafite ibibazo bagomba kwitabwaho by'umwihariko, hagendewe ku bibazo bafite. Abana bafite ibibazo bitabwaho ku buryo bwose bushoboka bubafasha gukurikira amasomo nk'abandi.<br><br>Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Asoma mu ijwi riranguruye yegereye kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva neza n'abafite ubumuga bwo kutabona babyumve. Ni ngombwa kandi gufasha ku buryo bwihariye abafite ibibazo byihariye. |

## Ibyigawa bikubiye muri uyu mutwe n'umubare w'amasomo ya buri Kigwa

| Isomo | Umubare w'amasomo |
|---|---|
| 1. Umwandiko: «**Wari uzi u Rwanda**?» | |
| Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko «**Wari uzi u Rwanda?**» | Isomo 1 |
| Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko «**Wari uzi u Rwanda?**» | Isomo 1 |
| 2. Umwitozo w'ubumenyi ngiro | Isomo 1 |
| Intera ya1: Kujya impaka ku mpamvu. Abanyarwanda batitabira ubukerarugendo. | |
| 3. **Ikibonezamvugo:**<br>Intera ya 1: **Ikinyazina mpamagazi.** | Isomo 1 |
| **4. Umwandiko: IGIHOZO**<br>Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko **«Igihozo»**. | Isomo 1 |
| Intera ya kabiri : Gusoma no gusesengura umwandiko **«Igihozo»**.<br>5. Ubuvanganzo:<br>Intera ya 1: Ibihozo. | Isomo 1 |
| **6. Umwandiko: Indirimbo: Ikirezi cyange**<br>Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko **«Ikirezi cyange»**. | Isomo 1 |
| Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko **«Ikirezi cyange»**. | Isomo 1 |
| 7. Umwitozo w'ubumenyi ngiro:<br>Intera ya 1: Kuririmbira abandi indirimbo yafasha mu mutwe. | Isomo 1 |
| 8. Ubuvangazo:<br>Intera ya 1: Indirimbo | Isomo 1 |

**Umwandiko: Wari uzi u Rwanda?**

**Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(isomo 1)**

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranyamagambo n'umwandiko, araba ashobora:
- Gusoma umwandiko bucece no kuwusoma aranguruye ijwi
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gukoresha amagambo yungutse (mu mvugo cyangwa mu nyandiko) mu nteruro ngufi kandi ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku byiza bitatse u Rwanda, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, amafoto y'ahantu nyaburanga, imfashanyigisho z'iyumvabona, indirimbo, ibihozo, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko cyangwa ibikubiye mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**
   Turabona ingagi.
2. **Murabona izo ngagi zimeze gute?**
   Zimwe ziricaye, akandi karimo kurira igiti.
3. **Ese ingagi zimariye iki Igihugu?**
   Ziri mu byiza bitatse u Rwanda, zisurwa na ba mukerarugendo.

Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye kwiga umwarimu arabwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko **«Wari uzi u Rwanda?»**

## II. Gusoma umwandiko.

### Gusoma bucece

Umwarimu yongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko **"Wari uzi u Rwanda?"** Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Uyu mwandiko uravuga ku biki?**
   Uravuga ku byiza bitatse u Rwanda.
2. **Ni ibiki ubivugaho?**
   Uravuga aho ibintu nyaburanga byo mu Rwanda biherereye, ukararikira Abanyarwanda n'abanyamahanga kubisura.
3. **Kugira ngo umuntu abone amafaranga, abashe gusura ibyiza by'u Rwanda yabigenza ate?**
   Umuntu yatangira kwizigamira amafaranga buhorobuhoro yazagwira agasura ibyiza bitatse u Rwanda.
4. **Ni iki kindi Umunyarwanda ahamagarirwa?**
   Gusura ibyiza bitatse Igihugu ke no kuratira abanyamahanga ibyiza bitatse u Rwanda, kugira ngo abakururire kubisura.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, mu ijwi riranguruye kandi bubahiriza utwatuzo. Iyo abanyeshuri ari benshi umwe asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza igihe umwandiko urangiriye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uhari.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa bagiye bakora iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe bari gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo babasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III. Gusubiza ibibazo

Muri iki gice, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda bajya kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bagafatanya n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

### a) Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Sobanura ibyiza nyaburanga biboneka mu Rwanda dusanga mu mwandiko**.

Ibintu nyaburanga biboneka mu Rwanda ni imisozi iteye neza, ibibaya n'imigezi, ibiyaga, urunana rw'ibirunga, ibyanya bibamo inyamaswa zinyuranye, amazu ndangamurage usangamo ibitwibutsa amateka y'Igihugu cyacu, ahantu nyaburanga hatwibutsa amateka, imisozi ikoze isunzu rya Kongo Nili, imigi n'amahoteri yubatsemo, ibihangano by'ubukorikori n'iby'ubuvanganzo...

2. **Ni akahe kamaro k'ubukerarugendo kaboneka mu mwandiko?**
   Akamaro k'ubukerarugendo kaboneka mu mwandiko ni ako gutuma abantu batembera bakishima, bakaruhuka mu mutwe. Bunatuma kandi ba mukerarugendo bazana mu Rwanda amadovize atuma tubasha kugura ibintu dukeneye biva mu mahanga.
3. **Ni iyihe nama umwanditsi agira Abanyarwanda yabafasha kubona amafaranga yo gutembera mu Gihugu cyabo?**
   Umwanditsi arabagira inama yo kuzigama amafaranga yo gutembera, akababwira ko bagenda babika makemake, akabizeza ko nyuma y'imyaka yazaba yaragwiriye.
4. **Ni izihe nyungu Umunyarwanda yabonera mu gutembera mu Gihugu ke?**
   Inyungu Umunyarwanda afite mu gutembera Igihugu ke harimo kukimenya kurushaho akamenya ibyiza bigitatse maze akabona uko akiratira abandi.
5. **Nyuma yo kwiga uyu mwandiko, urumva ari iki wakora kugira ngo uteze imbere ubukerarugendo kandi ubukundishe abandi?**
   Mbere na mbere nzajya mu masomero, nsome ibitabo bivuga ku byiza bitatse u Rwanda hanyuma ngende nzigama amafaranga, nagwira nzage mbisura kugeza igihe byose mbizengurukiye.
   Hanyuma kandi nakangurira bagenzi bange baba Abanyarwanda cyangwa abanyamahanga, gusura ibyiza bitatse Igihugu cyacu kugira ngo barusheho kukimenya no kugikunda.
6. **Ese ubona hari aho ubukerarugendo buhurira no kwidagadura?**
   Yego. Ubukerarugendo ni bumwe mu buryo bwo kwidagadura, ukaruhuka mu mutwe. Iyo umuntu arimo gutembera agenda areba ibyiza bitatse Igihugu, aba arimo kwishimisha kandi afatanya kwishima n'abo batemberana. Akarusho kari mu bukerarugendo ni uko umuntu yidagadura ari na ko yiyungura ubumenyi.
7. **Kuki ari ngombwa kwita ku hantu nyaburanga hari mu Gihugu?**
   Ni ngomwa kwita ku hantu nyaburanga hari mu Gihugu kugira ngo abahasura basange hasa neza kandi hari n'ibyangombwa byose bakeneye.
8. **Sobanura uburyo bugaragara mu mwandiko umuntu ashobora gukoresha yiyungura ubumenyi**.
   Ubwo buryo ni ukwitabira amasomero: mu isomero ushobora kunguka ubumenyi bushya cyangwa ugasobanukirwa ku buryo bwimbitse ibyo wize mu mashuri.

**b Inyunguramagambo**

**Ibibazo n'ibisubizo byabyo:**

1. **Sobanura amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) **Buhebuje:** Butangaje.
   b) **Kinogeye ijisho:** Gishimishije kukireba.
   c) **Urunana:** Uruhererekane rw'ibintu bikurikiranye→akenshi bigiye bifatanye.
   d) **Guhaba:** Kuyoba.
   e) **Guhabura:** Kuyobora uwari wahabye akagaruka mu nzira.
   f) **Icyanya:** Pariki, ahantu h'ishyamba haba haragenewe kubungabungirwa ubuzima bw'inyamaswa.
   g) **Icyondi:** Ubwoko bw'inguge y'umukara igira ibara ry'umweru ku ijosi ikunda kuboneka mu cyanya cya nyungwe.
   h) **Ubuziraherezo:** Nta gihe kizwi ibintu bigomba kurangirira.
   i) **Amashyuza:** Amazi asohoka mu butaka ashyushye, ashobora no kuba yatuye cyane. Hari n'ahantu hamwe na hamwe tuyasanga mu Rwanda nk'i Nyakabuye hafi ya Bugarama, muri Rubavu n'ahandi.
   j) **Isunzu rya Kongo Nili:** Uruhererekane rw'imisozi miremire isa n'ikikije igice k'Igihugu kitegeye ikiyaga cya Kivu.
   k) **Kwiroha:** Kwisuka.
   l) **Amahoteri:** Amazu manini yakirirwamo abantu bakaba banahafata amafunguro cyangwa n'amacumbi mu buryo bunoze.
   m) **Tubahe yombi:** Tubakire neza tububashye kandi tubishimiye.
   n) **Guha akato:** Kwamaganira kure umuntu cyangwa ikintu kubera ubusembwa runaka.
2. **Shaka impuzanyito z'aya magambo cyngwa itsinda ry'amagambo yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) **Kunogera ijisho:** Kuryohera ijisho/gushimisha.
   b) **Kwihera ijisho:** Kureba, kwitegereza.
   c) **Icyanya:** Pariki.
3. **Shaka imbusane z'aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) Imihangayiko ≠ **Umutuzo**
   b) Kwiroha ≠ **Kuvubuka**, **gusohoka**
   c) Baduhaye ≠ **Batwimye**
4. **Huza amagambo yo mu itsinda A n'ibisobanuro byo mu itsinda**.

| **Itsinda A** | **Itsinda B** |
|---|---|
| 1) Icyanya | a) Kugenda k'umuntu munini uhese ibitugu kandi utegeranya amaguru kubera ubunini. |
| 2) Ubukerarugendo | b) Ishyamba cyangwa ubwatsi bukomye. |

| | |
|---|---|
| 3) Kubutabuta | c) Kugenda uturuka imusozi ugana mu kabande. |
| 4) Kumanuka | d) Gahunda yo gutembera ahantu ureba ibyiza nyaburanga bihari. |
| 5) Amahoteri | e) Inyubako zagenewe gucumbikwamo n'abantu bari ku rugendo. |

**Ibisubizo: 1=b, 2=d, 3=a, 4=c, 5=e**

### Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. **Koresha aya magambo mu nteruro**:
   a) **Guhebuza**
   Ingagi ni inyamaswa **zahebuje** izindi gukundwa mu Rwanda rwa Gasabo.
   b) **Guhaba**
   Twagiye gusura Akagera tubanza **guhaba** kuko umushoferi twari kumwe na we atari ahazi neza.
   c) **Guha akato**
   Si byiza guaha akato abantu bafite ubwandu bwa virusi itera SIDA.
   d) **Ubuziraherezo**
   Ibyiza bitatse u Rwanda nibifatwa neza bizatuma bikomeza gusurwa **ubuziraherezo**.
   e) **Amashyuza**
   Bavuga ko **amashyuza** avura rubagimpande.
2. **Shaka muri iki kinyatuzu amazina icumi afitanye isano n'ibyiza nyaburanga biboneka mu Rwanda**.
   Amagambo abonekamo mu butambike, mu buhagarike cyangwa ku buryo buberamye.

| | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| V | A | A | K | A | G | E | R | A | A | H |
| H | O | M | A | I | N | G | A | G | I | S |
| S | E | A | I | D | B | N | G | N | E | K |
| I | A | S | V | M | K | I | V | U | I | N |
| M | N | H | I | U | I | G | Y | A | T | D |
| I | N | Y | A | M | A | S | W | A | A | A |
| G | T | U | O | A | I | G | O | D | G | B |
| E | R | Z | Z | N | D | G | H | Z | N | A |
| Z | P | A | Y | W | I | M | I | O | I | D |
| I | B | I | R | U | N | G | A | I | G | E |

**Ibisubizo:**
**Mu butambike:** Akagera, ingagi, inyamaswa, kivu, ibirunga.
**Mu buhagarike:** Imigezi, amashyuza, Ndaba.
**Uberamishije:** Inyoni, imigi, imisozi, ibiyaga.
*(Interuro zihimbwa ziraba zitandukanye bitewe n'imyumvire y'abanyeshuri)*

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko(Isomo 1)

*Intego zihariye:*

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:
- Kugaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.
- Gusobanura icyo ubukerarugendo bwafasha mu kwidagadura ashingiye ku bivugwa mu mwandiko ndetse abihuza n'ubuzima busanzwe.
- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cyumwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku byiza bitatse u Rwanda, amafoto y'ahantu nyaburanga, ndetse n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Witwa "Wari uzi u Rwanda?"
2. **Muri rusange uvuga ku biki?**
   Uvuga ibyiza bitatse u Rwanda biri mu mpande zinyuranye z'Igihugu.
3. **Gusura ahantu nyaburanga mu Gihugu cyawe bimaze iki?**
   Bituma umenya ibyiza biri mu Gihugu cyawe ukabyishimira, kandi ukabiratira abanyamahanga kugira ngo bazaze kubisura.

## II. Gusoma

Umwarimu asaba abanyeshuri bakabanza kongera gusoma umwandiko **"Wari uzi u Rwanda?"** Umunyeshuri umwumwe agenda asimburana na bagenzi be, basoma baranguruye ijwi ku buryo bufasha abafite ubumuga bwo kutumva neza, maze ibibazo byo gusesengura umwandiko bakanabyandika ku kibaho kugira ngo n'ufite ikibazo cyo kutumva abisome, hanyuma bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, agasaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Babanza kungurana ibitekerezo ku bisubizo bari butange, umwarimu na we akazenguruka mu matsinda areba niba bose bitabira gutanga ibitekerezo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi n'umwanditsi hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

### Ibibazo byo gusesengura umwandiko n'ingero z'ibisubizo

1. **Shaka ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziboneka muri uyu mwandiko.**

   **Ingingo z'ingenzi:**
   - Ibyiza bitatse u Rwanda
   - Ubukerarugendo n'akamaro kabwo.

   **Ingingo z'ingereka:**
   - Kuzigama
   - Umuco wo gusoma no kwitabira amasomero.
2. **Duhereye ku ngingo yo kwidagadura mubona ubukerarugendo bwafasha iki mu kwidagadura?**

   Ubukerarugendo ubwabwo ni uburyo bwo kwidagadura. Kuko iyo utembera ureba ibyiza bitatse ahantu runaka uba uri kuruhura ubwonko nka nyuma y'igihe runaka uba umaze uhugiye mu kazi. Ubukerarugendo rero ntibukorwa mu rwego rwo kwica akazi ahubwo bukorwa abantu bakitse imirimo bagira ngo bishimishe baruhuke, bidagadure bareba kandi bishimira ibyiza nyaburanga biri aha n'aha.
3. **Mu buzima bwacu bwa buri munsi mubona Abanyarwanda bitabira ubukerarugendo?**

   Abanyarwanda ntibakunda kwitabira ubukerarugendo muri rusange. Mu mpamvu zituma Abanyarwanda batitabira ubukerarugendo ni ukutamenya ibyiza nyaburanga ngo bagire amatsiko yo kubireba. Ikindi kibitera ni ukubura amikoro, kuko abenshi mu Banyarwanda ntibaramenya kuzigamira igikorwa nk'icyo, ubishaka akabona ko bihenze.
4. **Ni iki ubona cyakorwa kugira ngo ubukerarugendo bwitabirwe n'Abanyarwanda benshi?**

   Icyakorwa ngo ubukerarugendo bwitabirwe ni ubukangurambaga, Abanyarwanda bagasobanurirwa ibyiza bitatse Igihugu cyabo kandi bagashishikarizwa kuzigama kugira ngo bababashe kubona amafaranga yo kubajyana gusura ibintu nyaburanga aho kubibwirwa gusa batihereye n'ijisho.

### Umwitozo w'ubumenyi ngiro

### Intera ya 1: Kungurana ibitekerezo(isomo 1)

*ntego zihariye:*

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko,araba ashobora:
- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe.
- Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku bijyanye n'ubukerarugendo.
- Kujora ibitekerezo bya bagenzi be.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cyumwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku myidagaduro, amafoto y'ahantu nyaburanga, ndetse n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga?**
   Duheruka kwiga umwandiko witwa "Wari uzi u Rwanda?"
2. **Ese twasanze Abanyarwanda benshi bitabira ubukerarugendo?**
   Abanyarwanda benshi ntibitabira ubukerarugendo.
3. **Twabonye ko ari iki cyakorwa ngo Abanyarwanda bitabire gusura ibyiza bitatse u Rwanda?**

Hagomba ubukangurambaga Abanyarwanda bakabwirwa ibyiza bitatse Igihugu cyabo bityo bagashishikarira kubisura bakanabikundisha abanyamahanga.

## II. Kungurana ibitekerezo

Kungurana ibitekerezo si ukujya impaka ahubwo ni umwanya buri muntu ahabwa akavuga icyo atekereza ku ngingo iyi n'iyi.

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma baranguruye ijwi insanganyamatsiko yo kunguranaho ibitekerezo igaragara mu gitabo cy'umunyeshuri, ibyo byafasha abafite ubumuga bwo kutabona neza kumva insanganyamatsiko. Insanganyamatsiko inandikwa ku kibaho kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva babibone aho byanditse. Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo ujya aha abandi umwanya wo gutanga ibitekerezo byabo no kugira icyo yavuga ku bitekerezo by'abandi. Iyo

hari aho ibitekerezo bivuguruzanya, umuyobozi afasha mu guhitamo igitekerezo gifite ireme ariko kikumvikanwaho n'abagize itsinda.

Mu gihe bungurana ibitekerezo umwarimu agenzura uko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira abibashishikarize. Nyuma yo kungurana ibitekerezo umwarimu afasha abanyeshuri gukora umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo, bikandikwa ku kibaho.

**Insanganyamatsiko:**

a) Igituma Abanyarwanda batitabira ubukerarugendo ku bwinshi ni uko buhenze, bakaba batabibonera amafaranga.
b) Umuco wo kuzigama ni imwe mu ngamba zafatwa kugira ngo Abanyarwanda babashe kwitabira ubukerarugendo n'ibindi bikorwa byose by'imyidagaduro.

**Bimwe mu bitekerezo byatangwa:**

- Kuba Abanyarwanda batitabira ubukerarugendo si uko bihenze mu by'ukuri.
- Amafaranga si cyo kibazo kuko n'abaza gusura ibyiza nyaburanga si uko babuze aho bayashyira ahubwo baba barabanje kuzigamira icyo gikorwa kugira ngo bazagikore nyuma y'igihe runaka.
- Kuba Abanyarwanda batitabira ubukerarugendo babiterwa no kutamenya ibyiza Igihugu cyabo gifite.
- Kuba Abanyarwanda batitabira gusura ibyiza nyaburanga ni uko batagira umuco wo kuba bazigamira igikorwa k'ingenzi mu buzima nk'iki.
- Kuba Abanyarwanda batitabira gusura ibyiza nyaburanga ni uko batagira umuco wo kwishimisha muri ubwo buryo nyuma y'igihe kinini bari mu kazi.
- Abanyarwanda bagomba kwimakaza umuco wo kuzigamira ibikorwa binyuranye mu buzima bwabo, harimo no kuzigamira igikorwa cyo gusura ibyiza bitatse u Rwanda.

## Ikibonezamvugo

### Intera ya mbere: Ikinyazina mpamagazi(isomo1)

***ntego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku nteruro yahawe araba ashobora:
- Gusobanura inshoza y'ikinyazina mpamagazi.
- Gutahura imiterere y'ikinyazina mpamagazi.
- Gutahura ibinyazina mpamagazi mu nteruro, kubisesengura no kugaragaza amategeko y'igenamajwi.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku myidagaduro, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo n'inkoranyamagambo.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu yifashishije interuro zirimo ibinyazina mpamagazi, asaba abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri bakitegereza amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri, bagatahura imiterere n'imimaro yayo mu nteruro.

Soma interuro zikurikira maze witegereze amagambo y'umukara tsiri, uvuge ijambo aherekeje n'inshoza afite mu nteruro.

***Urugero rw'interuro zatangwa:***

a) **Mwa** bantu mwe, natembereye u Rwanda mbona ni rwiza!
b) **Mwa** Banyarwanda mwe, mujya mufata akanya mukirebera imisozi iteye ubwuzu ikikijwe n'ibishanga?
c) **Wa** muntu we buriya uzi akamaro k'ubukerarugendo ?
d) **Mwa** banyeshuri mwe, mugomba kugira umuco wo kuzigama.

Ijambo ribanziriza izina rifite inshoza yo guhamagara ryitwa ikinyazina mpamagazi.

### Inshoza y'ikinyazina mpamagazi

Ikinyazina mpamagazi ni ijambo ribanziriza izina, rihamagara umuntu cyangwa ikintu gihagarariwe n'iryo zina. Izina ribanjirijwe n'ikinyazina mpamagazi ritakaza indomo iyo riyifite kandi rigakurikirwa n'ikinyazina ngenga.

***Urugero:***

- <u>Mwa</u> banyarwanda mwe. Aha «<u>mwa</u>» ni ikinyazina mpamagazi naho «mwe» kikaba ikinyazina ngenga.

### Uturango tw'ikinyazina mpamagazi

Ikinyazina mpamagazi kiza imbere y'izina ry'umuntu cyangwa ikintu gihamagarwa. Ikinyazina mpamagazi kandi gihora muri ngenga ya kabiri. Nk'uko byumvikana iyo umuntu ahamagaye umuntu cyangwa ikintu aba amuvugishije cyangwa akivugishije, izina riherekejwe n'ikinyazina mpamagazi rijya muri ngenga ya kabiri ya nyakubwirwa bityo n'ikinyazina ngenga bijyanye kikisanisha muri iyo ngenga.

### Intego y'ikinyazina mpamagazi

Ikinyazina mpamagazi kigira igicumbi kimwe ari cyo –**a** naho ikinyazina ngenga bijyanye kikagira igicumbi –**e**. Byombi bigira indangasano cyangwa indangakinyazina

yo muri ngenga ya kabiri y'ubumwe cyangwa y'ubwinshi bitewe n'izina biherekeje rishobora kuba mu bumwe cyangwa mu bwinshi. Ikinyazina mpamagazi kigira intego igizwe n'uturemajambo tubiri ari two indangakinyazina n'igicumbi ; mu mpine ni Rkz – C.

***Ingero:***

- **Wa** muntu **we**:
  Ikinyazina mpamagazi: u – a u→w/-J
  Ikinyazina ngenga: u – e u→w/-J
- **Mwa** Banyarwanda **mwe:**
  Ikinyazina mpamagazi: mu – a u→w/-J
  Ikinyazina ngenga: mu – e u→w/-J

**Ikitonderwa:** Ikinyazina mpamagazi bashobora kugitsindagira bakoresheje irangamutima **–yee** imbere yacyo cyangwa se irangamutima rikurikiwe n'ikinyazina ngenga.

***Ingero:***

- Yee wa mwana we.
- Yee we wa mwana we.
- Yee mwa bana mwe
- Yee mwe mwa bana mwe.

### Umwitozo ku kinyazina mpamagazi

Umwarimu atanga umwitozo ku kinyazina mpamagazi, agasaba buri munyeshuri gukora umwitozo ku giti ke maze akaza kubakosora, anareba niba isomo riri kumvikana bityo, aho abona hari ikibazo hagashakirwa igisubizo.

1. **Tahura mu mwandiko interuro zose zakoreshejwemo ikinyazina mpamagazi, maze ugende wandukura ikinyazina mpamagazi, izina kigaragiye ndetse n'ikinyazina ngenga kibiherekeje**.
   Ibinyazina mpamagazi byakoreshejwe mu mwandiko:
   - Mwa bantu mwe
   - Wa Rwanda we
   - Wa muntu we
   - Mwa Banyarwanda mwe
2. **Garagaza uturemajambo tw'ibinyazina mpamagazi wabonye mu mwandiko**.
   **Mwa: mu – a u→w/-J**
   **Wa: u – a u→w/-J**
3. **Himba interuro eshanu zawe bwite ukoreshemo ibinyazina mpamagazi**.
   *(Umwarimu areba niba abanyeshuri bakoresheje ikinyazina mpamagazi neza)*
4. **Erekanisha urugero rwo mu mwandiko n'urundi rwawe bwite ko ikinyazina**

**mpamagazi gikoreshwa no ku bintu bitumva**.

**Wa** Rwanda we: Hano barahamagara u Rwanda kandi si ikinyabuzima.
**Wa** giti we wera amapera ukaba umwe: Hano barabwira igiti kandi igiti nticyumva.

## Umwandiko: Igihozo

## Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(isomo 1)

*Intego zihariye:*

Umunyeshuri yifashishije inkoranyamagambo n'umwandiko, araba ashobora:

- Gusoma umwandiko bucece no kuwusoma aranguruye ijwi
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gukoresha amagambo yungutse (mu mvugo cyangwa mu nyandiko) mu nteruro ngufi kandi ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imfashanyigisho zumvikanisha ibihozo ndetse n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

### I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko cyangwa ibikubiye mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**
   Turabona umugore uteruye umwana anamukinisha.
2. **Uwo mwana angana iki?**
   Aracyari muto.
3. **Muratekereza ko uriya mubyeyi ateruriye iki umwana?**
   Ni ukugira ngo umwana agubwe neza.

Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye kwiga umwarimu arabwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko: "**Igihozo**".

## II. Gusoma umwandiko.

### Gusoma bucece

Umwarimu yongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko **"Igihozo."** Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.
Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Uyu mwandiko uravuga ku biki?**
   Urahamagara abantu ngo bazane ibyo guhoza umwana kandi ukanasezeranya umwana ibindi bazamuha kugira ngo ahore.
2. **Murakeka ko ari nde uri guhoza umwana?**
   Ashobora kuba ari nyina uri kumuhoza.
3. **Ni ibiki bihoreshwa umwana bigaragara mu mwandiko?**
   Amata, udukoni, gutemberana na we.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, mu ijwi riranguruye kandi bubahiriza utwatuzo. Iyo abanyeshuri ari benshi umwe asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza igihe umwandiko urangiriye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uhari.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa bagiye bakora iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe bari gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo babasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III.Gusubiza ibibazo

Muri iki gice, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda bajya kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bagafatanya n'umurezi kubinoza.

*Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:*

**a) Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. **Ukurikije ibivugwa mu mwandiko, ni nde uvuga?**
   Uvuga ni umubyeyi.
2. **Uwo abwira aramusaba iki?**
   Aramusaba kureka kurira.
3. **Ese ni iki uyu mubyeyi yizeza umwana kugira ngo ahore?**
   Aramwizeza kumuha amata, kumucira udukoni tw'imikore no kuzamutembereza.
4. **Ese amata bshaka guhoresha uyu mwana azazanwa na nde?**
   Azazanwa na Gacumbitsi ka Gicantore.
5. **Ni ayahe mata umubyeyi atifuza ko ahabwa abana?**
   Ni amarindira.
6. **Kuki ayo mata atagomba kuzanirwa abana?**
   Amarindira ntagomba kuzanirwa abana kuko ari amata agenewe abashumba.
7. **Ni izihe nka zizakamirwa uyu mwana?**
   Ni inka z'intarama.

**b) Inyunguramagambo**

**Ibibazo n'ibisubizo byabyo:**

1. **Shaka ibisobanuro by'aya magambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko**.
   a) **Gicantore:** Ni izina riva ku ntore bivuga igisate cy'umutsima.
   b) **Amarindira:** Amata y'inka bakama ubwa kabiri babanje kongera kuretesha.
   c) **Imikore:** Ni ubwoko bw'igiti gikunda kumera mu mashyamba, kiranoga kikaramvurwamo imiheto cyangwa kigacibwaho inkoni.
   d) **Intarama:** Inka z'imbyeyi zabaga ibwami cyangwa ibutware. Ahantu hitwa hatyo haherereye mu Bugesera.
   **Ncyuze intarama:** Inka z'imbyeyi mvuge bazicyure.
   e) **Imbogeka:** Ikintu kituzuye icyo arimo. Amata atuzuye icyansi abe akumporeje wekurira.

**Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro**

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo bungutse mu nteruro ngufi ziboneye, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. **Himba interuro wifashishije amagambo wasobanuye mu nyunguramagambo**.
   a) **Gicantore**
   Bamuhimbye **Gicantore** kubera gukunda gutera inogo z'umunayu cyane.
   b) **Amarindira**
   Inka ikunda kumira amata bayishyiraho iyayo yareta bakayikama **amarindira**.
   c) **Imikore**
   Kubera ko umuheto bawuramvuraga mu giti cy'**umukore** ingabo zawitaga umukore.
   d) **Intarama**
   Inka z'**intarama** usanga zose ari inyamibwa zifite umubiri mwiza.
   e) **Imbogeka**
   Iyo nzoga ubwo ari **imbogeka** y'intango iracyari nyinshi.

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko(isomo1)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:
- Kugaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.
- Gusobanura no kubwira abandi ibyo abona mu buzima busanzwe bijyanye n'ibihozo.
- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imfashanyigisho zumvikanisha ibihozo ndetse n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Witwa "Igihozo."
2. **Muri rusange uvuga ku biki?**
   Uvuga ku bintu bazanira umwana n'ibyo bamwizeza kugira ngo ahore.
3. **Ku bwanyu murumva ijambo igihozo rishatse kuvuga iki?**
   Ijambo igihozo ni amagambo cyangwa akaririmbo bakoresha bahoza abana cyangwa abageni.

## II. Gusoma

Umwarimu asaba abanyeshuri bakabanza kongera gusoma umwandiko **"Igihozo."** Abanyeshuri umwumwe bagenda basimburana, basoma baranguruye ijwi ku buryo bufasha abafite ubumuga bwo kutumva neza, maze ibibazo byo gusesengura umwandiko bakanabyandika ku kibaho kugira ngo n'ufite ikibazo cyo kutumva abisome, hanyuma bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Babanza kungurana ibitekerezo ku bisubizo bari butange, umwarimu na we akazenguruka mu matsinda areba niba bose bitabira gutanga ibitekerezo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi n'umwanditsi Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

***Urugero rw'bibazo n'ibisubizo bishoboka:***

1. **Ni izihe ngingo z'ingezi n'iz'ingereka ziboneka muri uyu mwandiko?**

   Ingingo z'ingenzi:
   - Umwana ahoreshwa amata.
   - Umwana ahoreshwa kumwizeza impano.
   - Umwana ahoreshwa kumwizeza ibintu byiza.
   - Umwana ahoreshwa kandi kumubwira ko uzamutembereza.

   Ingingo z'ingereka ziboneka mu mwandiko?
   - Amarindira ni amata y'abashumba.
   - Umukore uvamo inkoni nziza.

2. **Murumva aya magambo yavugwa mu buryo busanzwe cyangwa aririmbwe byarushaho kuba byiza?**

   Amagambo aririmbwe byarushaho kuba byiza kuko n'injyana yo mu bihozo na yo ubwayo igira umumaro ukomeye mu gutuma umutima w'uwuyumva utuza.

3. **Ese iwanyu ababyeyi bajya bahoza abana babaririmbira? Niba babikora cyangwa batabikora, ubona bifite izihe ngaruka ku bana?**

   Muri iki gihe, kubera ko ababyeyi benshi babyuka bajya gushaka icyababeshaho ntibiririrwane n'abana kandi bagataha igicuku kinishye, ntibakibona umwanya wo kuririmbira abana babahoza n'izo ndirimbo kandi abenshi ntibazizi. Ibyo bituma abana bakurana umutima mubi kuko baba bataragaragarijwe urukundo n'ababyeyi babo ngo babaririmbire, babavugirize ubuhuha. Ubumwe hagati y'umwana n'umubyeyi buriyongera iyo amuhoza amuririmbira. Indirimbo zigira imbaraga yo guturisha umutima kurusha amagambo gusa.

## Ubuvanganzo

### Intera ya mbere: Ibihozo

*Intego zihariye:*

Abanyeshuri bahereye ku gihozo bize mu ishuri, baraba bashobora:
- Gusobanura inshoza y'ibihozo.
- Gutahura uturango tw'igihozo.
- Guhanga igihozo no kukiririmbira abandi.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imfashanyigisho zumvikanisha ibihozo, igitabo cy'ubuvanganzo n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

### I. Isubiramo

Umwarimu yifashishije igihozo kizwe kandi cyasesenguwe mu ishuri, ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane (akibuka gufasha abanyeshuri baba bakeneye ubufasha mu buryo butandukanye) bakongera gusoma neza igihozo, hanyuma bakagerageza kuvumbura inshoza y'igihozo no gutahura uturango tw'igihozo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi uza kumurikira andi matsinda ibyo itsinda ahagarariye ryagezeho, hanyuma umwarimu agakurikirana uko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo mu matsinda kandi akaza kubafasha kunoza ibyo bagezeho mu matsinda, bakandika ku kibaho umwanzuro ku nshoza n'uturango tw'igihozo.

### II. Ibihozo

#### Inshoza y'ibihozo

Ibihozo ni uturirimbo tunogeye amatwi, tugenewe guhoza abana, kubanezeza cyangwa kubabikira ngo basinzire. Habamo utugambo tunoze two kubyinirira abana. Si abana gusa baririmbirwa ibihozo, ahubwo hari n'ibiririmbirwa abageni mu bitaramo by'ubukwe.

#### Uturango tw'ibihozo

Ibihozo birangwa no kugira insanganyamatsiko yo guhoza. Buri gitero gisozwa n'umukarago w'inyikirizo ugenda ugaruka. Ibigenewe abana bigenda bivuga ubuguyiguyi kugira ngo babaguyaguye babahoza, bababikira ngo basinzire, babanezeza, bababembereza bababwira ibyo bazabakorera byiza ngo bashire agahinda banezerwe.

Ibihozo by'abageni byo bibabwira ubuzima bagiyemo ko ari bushya, ariko ko ari ubusanzwe ku mukobwa, ko abagore babona bose bahoze na bo ari abakobwa. Bikababwira kandi uko bagomba kwitwara muri ubwo buzima bushya.

Ku byerekeye ikeshamvugo, ibihozo bigaragaramo isubirajwi n' isubirajambo.

- **Isubirajwi:**
  Nzakujyana mu gicuku
  Nkugarure mu gicuba
- **Isubirajambo:**
  Ntushyiremo amarindira,
  N'amarindira y'abashumba.

### Umwitozo wo guhanga ibihozo

Umwarimu abwira abanyeshuri kongera gukorera mu matsinda bari barimo batahura inshoza n'uturango tw'ibihozo, bagahanga igihozo bubahiriza uturango twacyo hanyuma bakakiririmbira abandi.

## Umwandiko: Ikirezi cyange

### Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(isomo1)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranyamagambo n'umwandiko, araba ashobora:
- Gusoma umwandiko bucece no kuwusoma aranguruye ijwi
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gukoresha amagambo yungutse (mu mvugo cyangwa mu nyandiko) mu nteruro ngufi kandi ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imfashanyigisho zumvikanisha indirimbo ndetse n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

### I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko cyangwa ibikubiye mu mwandiko bagiye gusoma.

*Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:*

1. **Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**
   Turabona abantu baririmba, n'umugore ubayoboye atera igipimo.
2. **Ese abo bantu bose barariririmba gusa?**
   Oya harimo n'abacuranga gitari.
3. **Ibyo birerekana ko tugiye kwiga iki?**
   Tugiye kwiga indirimbo/umuziki.

Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye kwiga umwarimu arabwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko "Ikirezi cyange".

## II. Gusoma umwandiko.

### Gusoma bucece

Umwarimu yongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko "Ikirezi cyange."Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

*Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:*

1. **Uyu mwandiko uravuga ku biki?**
   Uravuga ku bwiza bw'Igihugu cy'umuririmbyi.
2. **Ubwo bwiza arabuvuga ate?**
   Aragenda avuga ibintu nyaburanga bigitatse.
3. **Ibyo byiza se ari kubijyana umujyo umwe?**
   Oya ari kugenda abivuga mu bika bitandukanye.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, mu ijwi riranguruye kandi bubahiriza utwatuzo. Iyo abanyeshuri ari benshi umwe asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza igihe umwandiko urangiriye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uhari.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa bagiye bakora iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe bari gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo babasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III. Gusubiza ibibazo

Muri iki gice, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda bajya kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bagafatanya n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

### a) Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Umuririmbyi agaragaza ko ikirezi ke yagikuye hehe?**
   Ikirezi ke yagihawe n'Imana.
2. **Rondora ibintu nyaburanga bivugwa muri iyi ndirimbo**.
   Haravugwamo imigezi; inzuzi z'Akanyaru na Nyabarongo, ibiyaga bya Burera, Ruhondo, Muhazi, Rweru, Cyohoha na Kivu; amashyamba ya Nyungwe na Gishwati n'utunyamaswa tubamo nk'inkende n'ibyondi ; Pariki y'Ibirunga n'iy'Akagera n'inyamaswa zibamo ; urutare rwa Kamegeri, urwa Ndaba n'urwa Ngarama.
3. **Ni ibihe biyaga biboneka mu Rwanda bitavuzwe mu mwandiko?**
   Ikiyaga cya Rwanyakizinga, Ihema, Mugesera, Hago.
4. **Vuga Pariki itavuzwe mu mwandiko?**
   Pariki itavuzwe ni iya Nyungwe.
5. **Ni iki umuririmbyi abwira abanyamahanga?**
   Arahamagarira abanyamahanga kuza kwirebera ibyiza bitatse u Rwanda kuko ari urukererezabagenzi.

### b) Inyunguramagambo

### Ibibazo n'ibisubizo byabyo:

1. Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:
   a) **Ikirezi:** Akazu kameze nk'igufa kitwikirwa n'udukoko tumwe na tumwe two mu mazi. Bagakora neza bakakambara mu ijosi by'umurimbo.
   b) **Urubogobogo:** Ibara rijya gusa nk'ubururu bwerurutse. Iri jambo rikunze gukoreshwa ku mazi meza atarimo umwanda.
   c) **Ibyondi:** Ubwoko bw'inguge zirabura.
   d) **Inkende:** Akaguge gatoya gafite ibara ry'ikijuju keruruka no mu maso h'umukara hakikijwe n'ubwoya bw'umweru.
   e) **Ukanezwa:** Ugashimishwa, ukanyurwa.

f) **Urukererezabagenzi:** Ikintu gishimishije mu kukireba ku buryo cyagutwara ukibagirwa ibindi byose warimo.

2. **Tanga impuzanyito z'aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko**
   a) Yangeneye: **Yampaye**
   b) Ishusho: **Isura**
   c) Kwiyongera: **Kugwira**
   d) Ugashimishwa: **Ukanezwa**
3. **Tanga imbusane z'aya magambo: zakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) Gutuba ≠ **Kugwira**
   b) Ndabikomeje ≠ **Ndabicumbitse**
   c) Genda ≠ **Ngwino**

## Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo bungutse mu nteruro ngufi ziboneye, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. **Koresha neza buri jambo ryakoreshejwe mu mwandiko mu nteruro yawe bwite**:
   **a) Kurondora**
   Kurondora ibyiza bitatse u Rwanda **ntibyoroshye**.
   **b) Inkende**
   **Inkende** ni akaguge kaba mu ishyamba rya Nyungwe.
   **c) Ikirezi**
   Uwambaye **ikirezi** ntamenya ko kera.
   **d) Urukererezabagenzi**
   Ibyiza biri mu nzu ndangamurage y'u Rwanda ni **urukererezabagenzi**.
   **e) Icyondi**
   Ugiye mu ishyamba rya Nyungwe wahabona **icyondi**.
2. **Uzurisha interuro zikurikira amagambo yakoreshejwe mu mwandiko**:
   a) **Igihugu** cyacu kiri mu mutima w'Afurika.
   b) **Icyondi** gishobora kwinaganika ku ishami ry'igiti gikoresheje umurizo wacyo.
   c) Ibare ni **ibuye** rinini cyane kandi rikomeye.
   d) Tube **ducumbikiye aha** ibiganiro twagiranaga tuzabikomeze ejo dore burije.
   e) Iri torero ni **urukererezabagenzi** riraririmba, rikabyina ukumva uranyuzwe pe!

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko(isomo1)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:
- Kugaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.
- Gusobanura no kubwira abandi ibyo abona mu buzima busanzwe bijyanye n'indirimbo.
- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imfashanyigisho zumvikanisha indirimbo ndetse n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Witwa "Ikirezi cyange."
2. **Muri rusange uvuga ku biki?**
   Uvuga ku byiza bitatse u Rwanda.
3. **Umwandiko "Ikirezi cyange" wanditse ute?**
   Wanditse mu nteruro ngufi kandi ugiye urimo ibika bitandukanye.

## II. Gusoma

Umwarimu asaba abanyeshuri bakabanza kongera gusoma umwandiko "Ikirezi cyange." Abanyeshuri umwumwe bagenda basimburana, basoma baranguruye ijwi ku buryo bufasha abafite ubumuga bwo kutumva neza, maze ibibazo byo gusesengura umwandiko bakanabyandika ku kibaho kugira ngo n'ufite ikibazo cyo kutumva abisome, hanyuma bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda akabasaba gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Babanza kungurana ibitekerezo ku bisubizo bari butange, umwarimu na we akazenguruka mu matsinda areba niba bose bitabira gutanga ibitekerezo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi n'umwanditsi hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

*Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko:*

1. **Ni izihe ngingo z'ingenzi dusanga mu mwandiko?**
   U Rwanda ni ikirezi Imana yaduhaye.
   U Rwanda rutatse ibyiza nyaburanga byinshi.
2. **Uyu mwandiko ni bwoko ki?**
   Uyu mwandiko ni indirimbo.
3. **Sobanura aho uyu mwandiko uhuriye n'imyidagaduro**.
   Uyu mwandiko uhuye n'imyidagaduro kuko ari indirimbo. Indirimbo ni bumwe mu buvanganzo bukoreshwa mu myidagaduro. Abaririmbyi baridagadura bakagorora umuhogo ndetse bagatambana n'abaje kubatega amatwi injyana iri mu ndirimbo, bakagorora umubyimba.
4. **Ese indirimbo ubona zimaze iki mu buzima bwa buri munsi?**
   Indirimbo zigira akamaro kenshi, zituma abantu bidagadura bakaruhuka mu bwonko zaba iziririmbiweho cyangwa izisohoka mu byuma nsakazamajwi. Indirimbo kandi zigira akamaro ko kunyuzwamo ubutumwa bukumvikana mu buryo bwihuse kubera ko abantu hafi ya bose bazikunda bakazitega amatwi.

## Intera ya kane: Indirimbo

***Intego zihariye:***

Abanyeshuri bahereye ku ndirimbo bize mu ishuri, baraba bashobora:
- Gusobanura inshoza y'indirimbo.
- Gutahura uturango tw'indirimbo.
- Guhanga indirimbo no kuririmbira imbere y'abandi.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imfashanyigisho zumvikanisha indirimbo, igitabo cy'ubuvanganzo n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu yifashishije indirimbo yizwe kandi yasesenguwe mu ishuri, ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane (akibuka gufasha abanyeshuri baba bakeneye ubufasha mu buryo butandukanye) bakongera gusoma neza indirimbo, hanyuma bakagerageza kuvumbura inshoza y'indirimbo no gutahura uturango tw'indirimbo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi uza kumurikira andi matsinda ibyo itsinda ahagarariye ryagezeho, hanyuma umwarimu agakurikirana uko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo mu matsinda kandi akaza kubafasha kunoza ibyo bagezeho mu matsinda, bakandika ku kibaho umwanzuro ku nshoza n'uturango tw'indirimbo.

## II. Indirimbo

### Inshoza y'indirimbo

Indirimbo ni bumwe mu buvanganzo bwo muri rubanda. Indirimbo ni amajwi afite injyana yungikana n'amagambo. Indirimbo zivuga ku ngingo zitandukanye zigusha ku buzima bwa buri munsi ; hari indirimbo z'urukundo, indirimbo zisingiza umuntu cyangwa ikintu, hari izigisha, izibara inkuru n'izindi.

### Uturango tw'indirimbo

Ahanini indirimbo irangwa n'ibice bibiri by'ingenzi : ibitero n'inyikirizo. Uko igitero kirangiye, umuririmbyi ashyiraho inyikirizo. Uburyo ibi bice bihimbwa usanga ari nk'umuvugo ariko byo bigashyirwa mu majwi aryoheye amatwi no mu njyana runaka yatoranyijwe. Indirimbo ishobora kuba iy'amajwi y'umuntu cyangwa urusobe rw'amajwi y'abantu benshi. Ayo majwi kandi ashobora guherekezwa n'ay'ibyuma bya muzika kugira ngo indirimbo irusheho kuryohera abantu no gutuma barushaho kwidagadura.

Ikeshamvugo rikoreshwa mu ndirimbo ni rimwe n'iryo mu mivugo: uzasangamo isubirajwi, isubirajambo, imizimizo y'ubwoko bunyuranye bitewe n'urwego rw'ihanikarurimi umuhanzi yashatse gushyiramo indirimbo ye.

### Umwitozo wo guhanga indirimbo

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, akababwira ko bagomba gufatanya bagahimba indirimbo ku byiza bitatse u Rwanda, bubahiriza uturango tw'indirimbo. Umwarimu aha abanyeshuri uyu mwitozo nk'umukoro. Abaha igihe cyo kuwukora. Nyuma y'igihe cyagenwe buri tsinda rimurika indirimbo ryahimbye, umwarimu agafatanya n'abanyeshuri gutoranya inziza muri zo.

### Inshamake y'ibyizwe muri uyu mutwe wa gatanu

Muri uyu mutwe, imyandiko yose iraganisha ku nsaganyamatsiko y'ibyiza bitatse u Rwanda n'ubukerarugendo.

Mu buvanganzo bwo muri rubanda twabonye ibihozo n'indirimbo. Ibihozo bigenewe guhoza abana ariko habaho n'ibyo guhoza abageni. Indirimbo ni ubuvangazo bwo muri rubanda bugezwa ku bantu hakoreshejwe amajwi aryoheye amatwi. Indirimbo akenshi irangwa no kugira ibitero n'inyikirizo.

Mu kibonezamvugo twabonye ikinyazina mpamagazi. Twabonye ko kigira igicumbi –**a** kandi kikaboneka muri ngenga ya kabiri. Izina giherekeje ritakaza indomo, rigakurikirwa n'ikinyazina ngenga bihuje ngenga.

## Ubumenyi bw'inyongera

**Imigani migufi ishishikariza abantu ibyiza bafite.**

1. **Ijisho ry'undi ntirikurebera umugeni:**
   Ubusanzwe umuntu ni we wirebera icyo afitiye amatsiko maze akayashira. Iyo undi akurebeye akakubwira uko yabibonye ntabwo wanezerwa nk'uko wari kuba uhibereye ukabyirebera.
2. **Uwambaye ikirezi ntamenya ko kera:**
   Abanyarwanda dufite ibyiza byinshi bitatse Igihugu cyacu nyamara abenshi ntibabizi ahubwo abanyamahanga bava iwabo bakaza kubireba, bakabyitegereza bikabashimisha. Bene byo ntibazi ubwiza bwabyo kandi ari bo bagombye kubumenya mbere y'abandi.
3. **Inkuru mbarirano iratuba:**
   Iyo ubwiwe inkuru cyangwa se imiterere y'ikintu runaka, hari ubwo utabyumva nk'uko wari kuba warakiboneye ubwawe cyangwa se iyo nkuru warayihagazeho. Ni ngombwa kwirebera ibyiza nyaburanga by'iwanyu utarindiriye kubibwirwa n'abandi.

### Isuzuma risoza umutwe wa gatanu

Nyuma yo kurangiza umutwe wa gatanu umwarimu atanga isuzuma riteganyijwe , buri munyeshuri arikora ku giti ke. Nyuma y'ikosora umwarimu asuzuma urwego abanyeshuri bagezeho kugira ngo niba hari ibigomba gusubirwamo bisubirwemo ndetse akareba abafite ibibazo byihariye kugira ngo abafashe mbere yo gutangira undi mutwe. Nyuma y'isuzuma umwarimu atanga imyitozo ku banyeshuri bafite intege nke mu myigire yabo.

## Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma

### I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. **Ibidukikije ni iki?**
   Ibidukikije ni ibintu byose tubona aho dutuye, aho tugenda. Bigizwe n'ibifite ubuzima nk'amatungo, inyamaswa zigenda, izikururuka, iziguruka n'iziba mu mazi, inigwahabiri iyo ziva zikagera, zose ziri mu bidukikije.
2. **Inyamaswa zirimo ayahe moko?**
   Hari inyamaswa zo mu byanya, hakaba n'amatungo.
3. **Tanga ingero eshatu z'ibidukikije bitari ibinyabuzima**.
   Amabuye, amazi, umwuka.
4. **Kuki abantu badakwiye gucukura amabuye ahabonetse hose?**
   Abantu ntibakwiye gucukura amabuye ahabonetse hose kugira ngo birinde ibisimu byaridukana abantu.

5. **Uyu mwandiko ni bwoko ki?**
   Uyu mwandiko ni umwandiko ntekerezo.
6. **Ni iki wakora kugira ngo ubungabunge ibidukikije aho utuye?**
   Nakwirinda kwangiza amashyamba, ngatera ibiti. Nacukura kandi imirwanyasuri, ngateraho ibyatsi.

## II. Inyunguramagambo

1. **Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) **Kubungabunga:** Kwita ku kintu, ukakirinda kugira ngo hatagira ikigihutaza cyangwa ikicyangiza.
   b) **Kimeza:** Kimejeje, kizanye, kitatewe cyangwa ngo gihangwe na muntu.
   c) **Itumba:** Igihe k'imvura gitangira muri Werurwe kikarangira muri Gicurasi.
   d) **Igisimu:** Icyobo kigari kandi kirekire kiri mu butaka.
   e) **Inigwahabiri:** Udusimba dutoya dufite umubiri ugizwe n'ibice bitatu: umutwe agatuza n'inda.
   f) **Umuhindo:** Igihe k'imvura gitangira muri Nzeri kikarangira muri Mutarama.
   g) **Ibyanya:** Ahantu hagenewe inyamaswa z'inyagasozi, izoroheje n'iz'inkazi.
   h) **Amanegeka:** Ahantu h'igihanamanga hadakwiye guturwa hashobora guteza impanuka abahatuye.
2. **Shaka impuzanyito z'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko**:
   a) Yaragize ati: **Yaravuze ati**
   b) Byombi: **Uko ari bibiri**
   c) Ikirere: **Ijuru**
3. **Tanga imbusane z'amagambo akurikira aboneka mu mwandiko**
   a) Iki ≠ **Itumba**
   b) Kubungabunga ≠ **Gutererana**
   c) Mu kirere≠ **Ku butaka**.

## III.Ikibonezamvugo n'ubuvanganzo

1. **Shaka mu kiganiro ukurikira ibinyazina mpamagazi byakoreshejwe, maze ugaragaze intego n'amategeko y'igenamajwi**.
   - Yemwe mwa banyeshuri mwe mugiye he ko mbona mwuhanya?
   - Tugiye ku murenge kwifotoza ngo tuzafate indangamuntu.
   - Harya ni uyu munsi mujyayo ? Wa mutwe wange we wagiye unyibutsa amatangazo! Ariko ndakurenganya uba uri muri rwinshi.
   - Wagiye ubishyira muri terefone se ikakwibutsa! Ntuzi ko ikoranabuhanga ryakemuye ikibazo cyo kwibagirwa.
   - Have wa mwana we ntugashinyagure! Iki kinyabazungu se umwuzukuru yampaye nzi no kugikoresha? Ariko ndimo kukiga, nzakimenya.

- Wa musaza we genda urasetsa!
- Reka mbareke mugende mwa bana mwe ! Mutaza kuvaho mukererwa mwokanyagwa mwe !

Ibinyazina mpamagazi birimo ni:

- Mwa: mu-a u→w/-J
- Wa: u-a u→w/-J
- Wa: u-a u→w/-J
- Wa: u-a u→w/-J
- Mwa: mu-a u→w/-J

2. **Indirimbo ni iki?**
   Indirimbo ni bumwe mu buvanganzo bwa rubanda. Indirimbo zivuga ku ngingo zitandukanye zivuga ku buzima bwa buri munsi : hari indirimbo z'urukundo, indirimbo zisingiza umuntu cyangwa ikintu, hari izigisha, izibara inkuru n'izindi.
3. **Indirimbo igizwe n'ibihe bice by'ingenzi?**
   Igizwe n'ibice bibiri: ibitero n'inyikirizo.
4. **Gereranya indirimbo n'umuvugo**.
   Indirimbo n'umuvugo bijya kumera kimwe, kuko byose byanditse mu mikarago, bikabamo n'iminozanganzo ijya kuba imwe. Aho bitandukaniye ni uko indirimbo ishyirwa mu majwi aryoheye amatwi kandi ikagira akenshi inyikirizo na ho umuvugo barawutondagura bubahiriza injana n'iyitsa.
5. **Igihozo ni iki?**
   Ibihozo ni akaririmbo kanogeye amatwi, kagenewe guhoza, kunezeza cyangwa kubikira abana ngo basinzire.
6. **Vuga amoko y'ibihozo uvuge n'aho ataniye.**
   Ibihozo birimo amoko abiri: iby'abana n'iby'abageni.

## Imyitozo nzamurabushobozi: abafite intege nke mu myigire yabo.

1. **Vuga ibyiza nyaburanga biri aho utuye?**
   (*Abanyeshuri bazatanga ibisubizo bitandukanye bitewe n'ibyiza nyaburanga biri aho batuye. Umwarimu areba ko babashije kubimenya).*
2. **Ni izihe nzitizi zituma Abanyarwanda badasura ibyiza nyaburanga bitatse Igihugu cyabo?**
   - Abanyarwanda ntibagira ubushake bwo gusura ibyiza bitatse Igihugu cyabo.
   - Abanyarwanda ntibakangurirwa gusura ibyo byiza.
   - Hari n'abafite ubushake ariko badafite ubushobozi bw'amikoro ndetse n'umwanya.
3. **Mu Rwanda hari pariki zingahe? Zivuge?**
   - Mu Rwanda hari pariki enye:
   - Pariki y'Ibirunga

- Pariki y'Akagera
- Pariki ya Nyungwe.
- Pariki ya Gishwati.

4. **Vuga akamaro k'indirimbo**
   - Indirimbo ziraruhura.
   - Indirimbo zitambutsa ubutumwa bunyuranye.
   - Indirimbo zizana amafaranga (mu marushanwa anyuranye no kuzicuruza).
   - Indirimbo ziranezeza, n'ibindi.
5. **Itegereze amagambo aciyeho akarongo mu nteruro maze uvuge ubwoko bwayo nurangiza uyasesengure ugaragaza n'amategeko y'igenemajwi yakoreshejwe niba ahari.**
   - <u>Wa</u> mugabo we ugiye kureba nde?
   - <u>Wa</u> nka we urirukanswa n'iki?
   - <u>Mwa</u> hene mwe ngiye kubazirika hariya hepfo.
   - <u>Mwa</u> banyeshuri mwe mugomba gukorana umwete!

   Amagambo aciyeho akarongo ni ibinyazina mpamagazi.

   <u>Wa</u>: u-a　　　　　　u→w/-J

   <u>Mwa</u>: mu-a　　　　　　u→w/-J

## Imyitozo nyungurabushobozi igenewe abanyeshuri bihuta cyane kurenza abandi:

1. **Ubukerarugendo buhuriye he n'iterambere ry'Igihugu cyacu?**

   Ubukerarugendo bwinjiza amadovize. Ayo mafaranga akoreshwa mu bikorwa binyuranye by'iterambere. Akoreshwa mu kubaka ibikorwa remezo nk'imihanda, amashuri, amavuriro n'ibindi.

2. **Vuga uburyo bubiri bukoreshwa mu kuririmba.**
   Hari ubukoresha amajwi gusa ntibushyiremo ibikoresho by'umuziki byaba ibya gakondo cyangwa se ibya kizungu. Hari n'ubukoresha amajwi aherekejwe n'ibikoresho by'umuziki bya gakondo nk'iningiri, inanga, umuduri, ikondera, n'ibindi, cyangwa se ibya kizungu nka gitari, sentetizeri n'ibindi bigezweho.
3. **Shaka ibinyazina biri mu mwandiko ukurikira nurangiza uvuge ubwoko bwabyo, unabisesengure ugaragaza amategeko y'igenamajwi niba ahari**.
   U Rwanda si ruto mwa bantu mwe! Nararugenze nitegereza ibyiza birutatse ndatangara. Nabonye ishyamba rya Nyungwe, mbona amashyuza yo mu Bugarama n'ibindi byiza byinshi bitatse Igihugu cyacu.

   <u>Mwa</u>: Ikinyazina mpamagazi　　　　mu-a　　　u→w/-J

| | | |
|---|---|---|
| <u>Rya</u>: Ikinyazina ngenera | ri-a | i→y/-J |
| <u>Yo</u>: Ikinyazina ngenera | a-o | a→y/-J |
| <u>Ibindi</u>: Ikinyazina ndafutura | i-bi-ndi | nta tegeko rihari |
| <u>Wa</u>: Ikinyazina nyereka | u-a | u→w/-J |
| <u>Cyacu</u>: Ikinyazina ngenera ngenga | ki- a - cu | i→y/-J, ky→cy mu myandikire |

# 6 Umuco w'amahoro

**(Umubare w'amasomo: 12)**

| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:** |
|---|
| - Gusesengura imyandiko ku ngingo y'umuco w'amahoro<br>- Gusesengura ikinyazina kibaza n'ikinyazina mboneranteko.<br>- Gukora inyandiko mvugo y'inama. |
| **Ubumenyi bw'ibanze** |
| Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe agomba kuba azi amahoro icyo ari cyo anazi ko jenoside ari mbi kandi ko idakwiriye kubaho ukundi, agomba kandi kuba afite ubumenyi ku kinyazina kibaza na mboneranteko. |
| **Ingingo nsanganyamasomo** |
| - **Uburinganire n'ubwuzuzanye**.<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa hasobanurwa ihame n'akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abashakanye, mu mashuri, mu kwita ku bana no mu buyobozi, hanasobanurwa ingaruka ziterwa no kutubahiriza iryo hame. Iyi ngingo kandi igomba kwitabwaho hubahirizwa uburinganire n'ubwuzuzanye mu gushyira abanyeshuri mu matsinda bagendeye ku bitsina byombi.<br><br>- **Kurwanya Jenoside**<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa abanyeshuri babanje kubwirwa icyo jenoside ari cyo, bagaragarizwe ububi n'ingaruka jenoside yagize mu Rwanda, hanyuma bashishikarizwe kurwanya no gukumira jenoside n'ingengabitekerezo yayo.<br><br>- **Umuco w'amahoro**<br>Iyi ngingo nsanganyamasoma izubahirizwa abanyeshuri bashishikarizwa kurwanya ikintu cyose cyahungabanya amahoro n'ubumwe bw'Abanyarwanda. Binyuze kandi mu biganiro nyunguranabitekerezo, abanyeshuri bazasangira ibitekerezo ku byakorwa mu rwego rwo kwimakaza umuco w'amahoro mu Banyarwanda.<br><br>- **Uburezi budaheza**<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa umwarimu yita ku banyeshuri bose cyanecyane abafite ubumuga ndetse no mu gushyira abanyeshuri mu matsinda nta vangura iryo ari ryo ryose rishingiweho. |
| **Ubushobozi nsanganyamasomo** |
| - Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo akurikira neza ibivugwa ajora ibyo yasomye cyangwa yasomewe kandi atanga ibitekerezo bifite ireme. |

| |
|---|
| - Gusabana mu kinyarwanda akoresha neza amagambo yungutse<br>- ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi n'ubunmenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi, afatanya n'abandi mu matsinda, atanga ibitekerezo kandi yubaha ibitekerezo bya bagenzi be.<br>- ubushakashatsi: asoma ibitabo binyuranye bimufasha kubona ibisubizo kuburyo yabajijwe cyangwa yahaweho.<br>- kwiga no guhora yiyungura ubumenyi: akora imikoro, asobanuza ibyo adasobanukiwe. |
| **Amagambo n'ibitekerezo by'ingenzi:**<br><br>Umuco w'amahoro, Jenoside Yakorewe Abatutsi, ingengabitekerezo ya jenoside, ingaruka za jenoside, gupfobya jenoside, gukumira jenoside, ubumwe n'ubwiyunge, amahoro, gukumira amakimbirane, inyandiko mvugo y'inama, ikinyazina kibaza, ikinyazina mboneranteko… |
| **Uburyo bwo kwita ku bafite ibibazo byihariye:**<br><br>Abana bafite ibibazo bagomba kwitabwaho by'umwihariko, hagendewe ku bibazo bafite. Abana bafite ibibazo bitabwaho ku buryo bwose bushoboka bubafasha gukurikira amasomo nk'abandi.<br><br>Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Asoma mu ijwi riranguruye yegereye kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva neza n'abafite ubumuga bwo kutabona babyumve. Ni ngombwa kandi gufasha ku buryo bwihariye abafite ibibazo byihariye. |

## Ibyigwa bikubiye muri uyu mutwe n'umubare w'amasomo ya buri somo

| Ibyigwa | Umubare w'amasomo |
|---|---|
| **1. Umwandiko: Ingaruka za jenoside** | |
| Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko «Ingaruka za jenoside». | Amasomo 2 |
| Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko «Ingaruka za jenoside». | Isomo 1 |
| **2. Umwitozo w'ubumenyi ngiro** | |
| Intera ya 1: Kujya impaka | Isomo 1 |
| Intera ya 2: Inyandiko mvugo y'inama. | Amasomo 2 |
| **3. Umwandiko: Jenoside ntikongere ukundi** | |
| Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko. | Amasomo 2 |
| Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko «Jenoside ntikongere ukundi». | Isomo 1 |
| **4. Umwitozo w'ubumenyi ngiro** | |
| Intera ya 1: Kungurana ibitekerezo. | Isomo 1 |
| **5. Ikibonezamvugo** | |
| Intera ya 1: Ikinyazina kibaza | Imasomo 1 |
| Intera ya 2: ikinyazina mbonera nteko | Isomo 1 |

**Umwandiko: Ingaruka za jenoside**

**Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(amasomo)**

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya magambo n'umwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusoma umwandiko bucece no kuwusoma aranguruye umwandiko.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe.
- Gukoresha amagambo yungutse (mu mvugo cyangwa mu nyandiko) mu nteruro ngufi kandi ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku muco w'amahoro no kuri jenoside n'ingaruka zayo, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, inkoranyamagambo.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko cyangwa ibikubiye mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**
   Umukecuru wicaranye n'umwana ku musambi mu mbuga y'akazu gato k'amabati kadakorewe amasuku. Iruhande hari indi nzu nini yavuyeho igisenge ikanasenyuka urukuta rumwe.
2. **Mwaba mwarabonye ahantu hari amazu ameze atya?**
   Yego/oya.
3. **Muratekereza ko aya mazu yasenywe n'iki?**
   Ibiza, imvura, intambara…

## II. Gusoma umwandiko

### Gusoma bucece

Umwarimu yongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko "Ingaruka za jenoside." Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.
Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

*Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:*

1. **Uyu mwandiko uravuga ku biki?**
   Umwandiko uravuga kuri zimwe mu ngaruka za Jenoside yakorewe Abatutsi.
2. **Jenoside Yakorewe Abatutsi yakozwe mu wuhe mwaka?**
   Mu mwaka wa 1994.
3. **Ese Jenoside Yakorewe Abatutsi yasize ubumwe bw'Abanyarwanda bwifashe gute?**
   Yasize ishenye bikomeye ubumwe bw'Abanyarwanda.

## Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, mu ijwi riranguruye kandi bubahiriza utwatuzo. Iyo abanyeshuri ari benshi umwe asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza igihe umwandiko urangiriye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uhari.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa bagiye bakora iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe bari gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo babasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III. Gusubiza ibibazo

Muri iki gice, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda bajya kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bagafatanya n'umurezi kubinoza.

*Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:*

### a) Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Rondora nibura ingaruka enye za Jenoside Yakorewe Abatutsi ku Gihugu cyacu.**
   Abantu bapfuye ari benshi mu gihe gito, jenoside yasize imfubyi n'abapfakazi, ihungabana ku bayirokotse, ibikorwaremezo byarangiritse, ubumuga budakira, indwara z'ibyorezo...
2. **Vuga nibura ibintu bibiri by'ingenzi Leta y' u Rwanda yakoze ngo igarure ubumwe n'amahoro mu Banyarwanda?**
   Leta yashyizemo imbaraga nyinshi ngo ikumire amacakubiri yongere yunge Abanyarwanda ibinyujije muri Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge.

Leta kandi yashyizeho amategeko atavangura inagenzura iyubahirizwa ryayo.

3. **Jenoside yaba yaradutwaye abantu bangana iki?**
   Jenoside yahitanye miriyoni irenga y'inzirakarengane.
4. **Jenoside ivugwa mu mwandiko yakozwe mu gihe kingana iki?**
   Jenoside yakozwe mu gihe cy'amezi atatu gusa.
5. **Ni iyihe mpamvu y'ibanze igaragara mu mwandiko yo guhakana no gupfobya jenoside?**
   Ipfunwe n'ikimwaro ku bayikoze ni intandaro y'ihakana n'ipfobya rya jenoside.
6. **Ni ikihe kimenyetso simusiga kigaragaza ko jenosine yasize ubukungu bw'u Rwanda buri hasi bikabije?**
   Amabanki yarasahuwe bidasubirwaho. Jenoside ikirangira, Banki Nkuru y'Igihugu yari irimo inote z'ijana gusa na zo zibarirwa ku ntoki.
7. **Rondora nibura izindi ngaruka enye za Jenoside Yakorewe Abatutsi zitavuzwe mu mwandiko**.
   Abanyamahanga bagize imitekerereze itari myiza ku Banyarwanda, jenoside yateye ubukene bukabije Abanyarwanda, na n'ubu hari imfubyi zamaririje kubera jenoside, ingengabitekerezo ya jenoside ikigaragara hamwe na hamwe mu Banyarwanda, Igihugu kiracyatakaza ingufu nyinshi mu gukumira ingengabitekerezo ya jenoside…

### Ibibazo n'ibisubizo byabyo:

1. **Sobanura amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko.**
   a) **Jenoside:** Ubwicanyi ndengakamere bugamije gutsemba imbaga y'abantu bafite icyo bahuriyeho. Twavuga nk'ubwoko, ururimi, igihugu, imyemerere, ibara ry'uruhu n'ibindi.
   b) **Ihungabana:** Imyitwarire idasanzwe igaragaza ko umuntu yabuze amahoro, irangwa no guhora umuntu afite ubwoba budashira no ku bintu bidakanganye, bitewe n'ibyamubayeho mu buzima.
   c) **Ipfobya:** Gutesha agaciro ikintu runaka, kugabanyiriza ikintu imbaraga cyangwa ntugisobanure uko kiri ku bw'inyungu zawe bwite.
   d) **Gushegesha:** Kubabaza umuntu cyangwa ikintu ku buryo bukabije.

e) **Inshike:** Uwapfushije abe bose agasigara wenyine, akenshi ageze mu zabukuru.
e) **Kuzima k'umuryango:** Kuba mu muryango bose barapfuye ntihasigare n'umwe.

2. **Garagaza amagambo ari mu mwandiko afite inyito n'aya zikurikira**
    a) Kwishishanya, umwe yumva ko undi yamugirira nabi: **Urwikekwe**.
    b) Kwisanga nta kintu ugifite bitewe n'icyago runaka cyaguteye: **Gusigwa iheruheru**.
    c) Gukumirwa kubera ko wanzwe: **Guhabwa akato**.
    d) Nyinshi ku buryo bukabije: **Zitabarika**.
3. **Garagaza imbusane z'aya magambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko**:
    a) Ipfunwe ≠ **Ishema**.
    b) Rwarasenyutse ≠ **Rwariyubatse**.

### Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. **Uzuza interuro zikurikira wifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko**.
    a) Kana yariye umwenda w'abandi none agira **ipfunwe** ryo kujya mu bandi.
    b) Icyaha cya **jenoside** kibasira inyoko muntu.
    c) Leta y'u Rwanda yashyizeho amategeko ahana abagaragaweho **ingengabitekerezo** ya jenoside.
    d) Ibyaha bya jenoside byasigiye abantu **ihungabana**.
    e) Komisiyo y'Igihugu y'**Ubumwe** n'**Ubwiyunge** yagize uruhare rukomeye mu kunga Abanyarwanda.

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko(isomo)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:
- Kugaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.
- Gusobanura ibijyanye no kwimakaza umuco w'amahoro ashingiye ku bivugwa mu mwandiko ndetse abihuza n'ubuzima busanzwe.
- Kuvuga no kubwira abandi ibyo yumvise cyangwa atekereza ahereye ku ngingo yo kwimakaza umuco w'amahoro.
- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku muco w'amahoro no kuri jenoside n'ingaruka zayo, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, n'izindi mfashanyigisho zaboneka zafasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Witwa: "Ingaruka za jenoside"
2. **Muri rusange uvuga ku biki?**
   Uvuga kuri zimwe mu ngaruka za Jenoside Yakorewe Abatutsi mu 1994.
3. **Ese mwumva ahantu hari jenoside hashobora kuba umuco w'amahoro?**
   Oya. Ahantu hari jenoside nta mahoro aharangwa.
4. **Mwumva hari umuntu se ukwiriye kuzira uko yaremwe?**
   Nta muntu n'umwe ukwiriye kuzira uko yaremwe kuko ntawusaba kuvuka uku n'uku.

## II. Gusoma

Umwarimu asaba abanyeshuri bakabanza kongera gusoma umwandiko **"Ingaruka za jenoside."** Umunyeshuri umwumwe agenda asimburana na bagenzi be, basoma baranguruye ijwi ku buryo bufasha abafite ubumuga bwo kutumva neza, maze ibibazo byo gusesengura umwandiko bakanabyandika ku kibaho kugira ngo n'ufite ikibazo cyo kutumva abisome, hanyuma bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, agasaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Babanza kungurana ibitekerezo ku bisubizo bari butange, umwarimu na we akazenguruka mu matsinda areba niba bose bitabira gutanga ibitekerezo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi n'umwanditsi hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.***

1. **Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko**.
   Ingingo z'ingenzi:
   - Jenoside yahitanye abantu barenga miriyoni.

- Jenoside yakozwe mu gihe cy'amezi atatu.
- Ingaruka zinyuranye za jenoside.
- Jenoside yasize ibikomere byinshi ku mitima no ku mubiri.
- Ubukungu bwarazahaye cyane.
- U Rwanda rwasigaye rwagaragaye nabi mu ruhando mpuzamahanga.
- Kurwanya jenoside n'ingebitekerezo yayo.

Ingingo z'ingereka:
- Hari imiryango yazimye burundu
- Umutamenwa wa Banki Nkuru warasahuwe bitavugwa.

2. **Ukurikije ingaruka zavuzwe mu mwandiko n'izitavuzwe, urumva hari ikindi cyaha kiruta gukora jenoside?**
   Icyaha cyo kwica, gukora amaraso hibasirwa inyoko muntu ni icyaha kibi cyane nta kindi kikiruta.
3. **Mubona ari iki cyakorwa mu rwego rwo gukumira jenoside?**
   - Abakiri bato bagomba kubwirwa ibya Jenoside Yakorewe Abatutsi, bakamenya ingaruka zayo kugira ngo bakure bayirwanya ntizongere kuba ukundi.
   - Abantu bagomba gukomeza kwerekwa no kubwirwa ububi bwayo ndetse n'ingaruka yagize mu Gihugu cyacu.
   - Ibiganiro kuri jenoside ni ngombwa cyane kugira ngo abantu bakomeze kumva no kumenya ububi bwayo.
   - Abantu bagomba gukomeza kwitabira igikorwa cyo kwibuka buri mwaka inzirakarengane zazize jenoside.
   - Jenoside igomba gukumirwa harwanywa ingengabitekerezo yayo ndetse hafatwa ibihano bikarishye ku bantu bagaragayeho ingengabitekerezo yayo…

## Intera ya gatatu: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

(Mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 98)

### Kungurana ibitekerezo

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko, araba ashobora:
- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe.
- Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga.
- Kujora ibitekerezo bya bagenzi be.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga muco w'amahoro no kuri jenoside n'ingaruka zayo, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, n'izindi mfashanyigisho zaboneka zafasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka kwiga wavugaga ku biki?**
   Ingaruka za Jenoside Yakorewe Abatutsi.
2. **Ese ubu hari ingaruka za Jenoside zikiriho mu Gihugu cyacu?**
   Ziracyariho kandi nyinshi cyane.
3. **Icyaha cya jenoside gishobora gusibangana?**
   Oya icyaha cya jenoside ntigishobora na rimwe gusibangana.

## II. Kujya impaka

Kubera ko insanganyamatsiko itangwa isaba gutanga ibitekerezo mu buryo bw'ikiganiro mpaka, uyu mwitozo ngiro urakorwa hubahirijwe amabwiriza y'uko ibiganiro mpaka bikorwa. Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda abiri manini ku buryo bwubahiriza uko ibiganiro mpaka bikorwa; ni ukuvuga abaza kwemeza n'abahakana insanganyamatsiko. Ayo matsinda atora umuyobozi n'umuhuza w'ikiganiro ndetse n'umwanditsi w'ibitekerezo biza gutangwa, hakaza no kuboneka indorerezi. Umwarimu afasha abanyeshuri mu migendekere myiza y'ikiganiro mpaka, hanyuma bakaza gufatira umwanzuro hamwe.

### Insanganyamatsiko:

Nta mpamvu yo gukiranura abantu barwanye utazi icyo bapfa kuko ushobora guhurira n'ibibazo mu mirwano yabo. Ibyiza ni ukwikuriramo akawe karenge inzira zikigendwa maze ukabaha rugari bakesurana. N'ubundi Abanyarwanda bari barabivuze ngo: "Usenya urwe umutiza umuhoro". Umuntu utekereza atya uramushyigikiye cyangwa ntimuhuje imyumvire? Wifashishije ingero zifatika, sobanura uruhande ubogamiyemo.

### Umwanzuro waza gufatwa ku nsanganyamatsiko:

- Amakimbirane aho ava akagera arasenya ntiyubaka.
- Amakimbirane ni intambamyi y'amahoro mu bantu nta muntu n'umwe ukwiriye kuyashyigikira.
- Abantu bagomba iteka kurangwa n'ubumwe n'ubufatanye hagati yabo nta mpamvu yo gushoza intambara.
- Abantu bagomba kwimakaza umuco w'amahoro barwanya ikintu icyo ari cyo cyose cyabatanya.

## Intera ya 2: Inyandiko mvugo(amasomo 2)

**Intego zihariye:**

Umunyeshuri ahereye ku rugero rw'inyandiko mvugo y'inama, araba ashobora:

- Gusobanura inshoza y'inyandiko mvugo .
- Gutahura imbata y'inyandiko mvugo y'inama.
- Gukorera mu itsinda, bandika inyandiko mvugo y'inama bakurikiye no kuyigeza kuri bagenzi babo.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, urugero rw'inyandiko mvugo y'inama, imfashanyigisho z'iyumvabona n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza ibibazo bifitanye isano n'isomo rigiye kwigwa kugira ngo afashe abanyeshuri kuvumbura ikigwa.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Uramutse utumiwe mu nama ni iki cyazagufasha kujya wibuka ibyayivugiwemo nyuma yayo?**
   Nakwandika ibyayivugiwemo cyangwa nkakoresha uburyo bwo gufata amajwi n'amashusho.
2. **Muri ubwo buryo bwombi ni ubuhe buryo buhendutse kandi bwizewe?**
   Uburyo buhendutse ni ukwandika ibyayivugiwemo.

Umwarimu asobanurira abanyeshuri ko uburyo bwo kwandika ibyavugiwe mu nama ari bwo bwitwa "gukora inyandiko mvugo y'inama."

## II. Ibijyane n'inyandiko mvugo y'inama.

Umwarimu yifashishije urugero rw'inyandiko mvugo y'inama iri mu gitabo cy'abanyeshuri, ashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, akabasaba gusoma inyandiko mvugo y'inama iri mu gitabo cyabo, hanyuma akababazaho ibibazo bibafasha kuvumbura inshoza y'inyandiko mvugo y'inama, imbata yayo n'uburyo inyandiko mvugo y'inama ikorwa. Buri tsinda rimurikira ayandi ibyo ryagezeho, nyuma y'igihe runaka cyagenwe, umwarimu akabafasha kubinoza no kubinonosora, bikandikwa ku kibaho kandi bigasomwa mu ijwi riranguruye mu rwego rwo gufasha ababa bakeneye ubufasha bwihariye, nk'abafite ubumuga bwo kutumva neza cyangwa kutabona neza.

***Urugero rw'ibibazo yababaza ku nyandiko mvugo yasomwe:***

1. Buri mwandiko ugira umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo. Umaze gusoma iyi nyandiko mvugo, garagaza aho buri gice kigarukiye n'ibigikubiyemo.
2. Uyu mwandiko urabona utandukaniye he n'umwandiko ntekerezo wize?
3. Rondora uturango tw'uyu mwandiko.

### Dore ibyakwandikwa nyuma yo kumurika ibyavuye mu matsinda:

### Inshoza y'inyandiko mvugo

Inyandiko mvugo nk'uko inyito ibivuga ni inyandiko igaragaza ibintu runaka byavuzwe. Inyandiko mvugo ikubiyemo ibyavugiwe mu nama cyangwa mu kiganiro runaka. Habaho amoko abiri y'inyandiko mvugo:

- Inyandiko mvugo irambuye
- Inyandiko mvugo ivunaguye

**Inyandiko mvugo irambuye:** Igaragaza ibitekerezo byose byatanzwe n'amazina y'ababitanze ijambo ku rindi. Igaragaza ndetse n'amarangamutima y'abagiye bafata amagambo.

***Urugero:***

Umuyobozi w'Akagari (amazina ye) arahaguruka avuga mu ijwi rifite ubukana ko nta kwihanganira ingengabitekerezo ya jenoside n'amagambo yose asesereza.

**Inyandiko mvugo ivunaguye:** Igaragaza gusa ibitekerezo by'ingenzi byatanzwe hatitawe ku marangamutima ababitanze bagaragaje cyangwa abagiye batanga ibitekerezo byunganira.

### Imbata y'inyandiko mvugo

Kimwe n'izindi nyandiko zose za gihanga, inyandiko mvugo igira ibice bine ari byo: Umutwe,intangiriro, igihimba n'umusozo.

a) Umutwe: Usobanura urwego inama iriho n'igihe yabereye(itariki, ukwezi, umwaka)

b) Intangiriro igaragaramo:
- Itariki n'aho inama cyangwa ikiganiro byabereye
- Uwayoboye inama cyangwa ikiganiro
- Insanganyamatsiko
- Abitabiriye(umubare wabo cyangwa ibyiciro barimo)
- Igihe inama yatangiriye.
- Ibyari ku murongo w'ibyigwa.

c) Igihimba kigaragaza uko inama yagenze ingingo ku ngingo:
- Ibitekerezo byatangiwe (ndetse bitewe n'urwego rwayo hakagaragazwa n'ababitanze) mu nama cyangwa mu kiganiro kuri buri ngingo.
- Ibyemezo n'imyanzuro byafashwe kuri buri ngingo

d) Umusozo ugaragaramo :
- Gushimira abaje mu nama cyangwa ikiganiro

- Igihe inama yarangiriye
- Kugaragaza igihe bazongera guhura niba ari ngombwa
- Kwibutsa impanuro yatanzwe mu ijambo ry'umushyitsi mukuru
- Icyaba cyakurikiyeho. *(Urugero: Nyuma y'ikiganiro hakurikiyeho gufata amafoto y'urwibutso, kwakira abatumirwa...)*

## Ibyitabwaho mu gukora inyandiko mvugo

- Uwandika inyandiko mvugo agomba gukurikira ibivugwa, mu bwitonzi n'ubushishozi. Ntagomba kugira ibindi arangariramo.
- Kwandika ibitekerezo n'ibindi byose byakozwe uko bigenda bikurikirana kandi nta cyo akuyeho cyangwa yongeyeho.
- Kwandika nyiri igitekerezo iyo aringombwa bitewe n'ubwoko bw'imyandikiko mvugo yakozwe.
- Gukoresha ngenga ya gatatu. Uwandika ntagomba kubyiyerekezaho.

***Urugero: Havuzwe ko…***

- Kudashyiramo ibitekerezo bye bwite, agomba kwandika ibitekerezo byatanzwe n'abitabiriye inama, akirinda kugira ibyo ashaka kugorora azanamo amarangamutima ye bwite.

  ***Urugero:***

  Kwandika ngo yasaga n'ushaka kuvuga ko…cyangwa se ngo witegereje neza wabonaga… urebye yashakaga kuvuga ko... Ibyo ntibyemewe.
- Uwandika inyandiko mvugo agomba kwitoza kwandika vuba kugira ngo hatagira igitekerezo kimucika.

## Ikitonderwa:

Inyandiko mvugo ni inyandiko ivuga ibyabaye, uko byagenze nta cyo ihinduyeho. Ishobora gukorwa n'umuntu witabiriye inama kugira ngo atazibagirwa ibyayibereyemo cyangwa igakorwa igenewe abantu batitabiriye inama kugira ngo bamenye uko inama yagenze n'imyanzuro yafatiwemo.

## Umwitozo ku nyandiko mvugo

Umwarimu aratanga umwitozo, ukorerwa mu matsinda ya babiribabiri, wo kwandika inyandiko mvugo y'inama abanyeshuri bitabiriye, hanyuma anabasabe kuyigeza kuri bagenzi babo.

## Uko ikibazo giteye:

Andika inyandiko mvugo y'inama witabiriye yabereye mu kigo cyanyu maze uzayigeze kuri bagenzi bawe.

*(Umwarimu afasha abanyeshuri kunoza inyandiko mvugo bakoze)*

**Umwandiko: Jenoside ntikongere ukundi!**

**Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(amasomo 2)**

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'umwandiko yahawe, araba ashobora:
- Gusoma umwandiko bucece no kuwusoma aranguruye ijwi.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe.
- Gukoresha amagambo yungutse (mu mvugo cyangwa mu nyandiko) mu nteruro ngufi kandi ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, Imyandiko ivuga ku muco w'amahoro no kuri jenoside n'ingaruka zayo, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, inkoranyamagambo.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko cyangwa ibikubiye mu mwandiko bagiye gusoma.

*Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:*

1. **Ni iki mubona kuri aya mashusho abanjirije umwandiko?**
   Hari inzu nziza ndetse imbeye yayo hari ibendera ry'u Rwanda.
2. **Iriya nzu mwaba mwarigeze kuyibona he?**
   Ku rwibutso rwa Jenoside rwa Gisozi.
3. **Jenoside twabonye ko ari iki?**
   Ni ubwicanyi ndengakamere bugamije gutsemba imbaga y'abantu bafite icyo bahuriyeho. Twavuga nk'ubwoko, ururimi, igihugu, imyemerere, ibara ry'uruhu n'ibindi.
4. **Kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside mwumva bigamije iki?**
   Ni ukugira ngo itazongera kubaho ukundi.

## II. Gusoma umwandiko

### Gusoma bucece

Umwarimu yongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko "Jenoside ntikongere ukundi." Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Umutwe w'umwandiko mwasomye uvuga ngo iki?**
   Jenoside ntikongere ukundi.
2. **Ese hari indi nyito ikwiriye guhabwa amahano yabaye mu Rwanda?**
   Nta yindi nyito uretse: "Jenoside Yakorewe Abatutsi."
3. **Haba hari indi jenoside zakozwe ku isi uzi?**
   Yego, hari Jenoside Yakorewe Abayahudi.
4. **Rondora ibintu nibura butatu byagaragaza ko umuntu runaka afite ingengabitekerezo ya jenoside**.

   Amagambo no gusesereza byibasira abantu runaka, ibikorwa bibi nk'urugomo rwibasira igice cy'abantu runaka, kutifatanya n'abandi nkana mu bikorwa byo kwibuka...

## Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, mu ijwi riranguruye kandi bubahiriza utwatuzo. Iyo abanyeshuri ari benshi umwe asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza igihe umwandiko urangiriye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uhari.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa bagiye bakora iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe bari gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo babasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III. Gusubiza ibibazo

Muri iki gice, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda bajya kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bagafatanya n'umurezi kubinoza.

*Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:*

a) **Ibibazo byo kumva umwandiko:**

1. **Jenoside ni iki?**
   Ni ubwicanyi ndengakamere bugamije gutsemba imbaga y'abantu bafite icyo bahuriyeho. Twavuga nk'ubwoko, ururimi, igihugu, imyemerere, ibara ry'uruhu n'ibindi.
2. **Wifashishije umwandiko, vuga jenoside ebyiri waba uzi zabaye ku isi**.
   Jenoside Yakorewe Abayahudi na Jenoside Yakorewe Abatutsi.
3. **Jenoside Yakorewe Abatutsi mu Rwanda yaba ifite uwuhe mwihariko ugereranyije n'izindi**?
   Umwihariko wa Jenoside Yakorewe Abatutsi 1994 ni uko yabaye mu gihe gito ariko igahitana abantu benshi. Ikindi ni uko yakozwe n'Abanyarwanda kandi igahitana Abanyarwanda ndetse ikaba yarahagaritswe n'Abanyarwanda ubwabo.
4. **Ingengabitekerezo ya jenoside ni iki**?
   Ingengabitekerezo ni urusobe rw'ibitekerezo bigaragarira mu myifatire, imvugo, inyandiko n'ibindi bikorwa bigamije cyangwa bihamagarira abantu kwanga abandi bishingiye ku bwoko, inkomoko, ubwenegihugu, akarere, ibara ry'uruhu, isura, igitsina, ururimi, idini…
5. **Ni uruhe ruhare urwego rw'uburezi rwagira mu kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside?**
   Urwego rw'uburezi rwagirwa umuyoboro w'ibanze w'ingamba zihashya ingengabitekerezo ya jenoside n'amacakubiri.
6. **Ushingiye ku mwandiko, sobanura ibitera jenoside, ingaruka zayo n'uko wumva yakumirwa**.
   Mu by'ukuri nta mpamvu n'imwe cyangwa urwitwazo rwakagombye kubaho rwo gukora jenoside. Icyakora abayikora akenshi baba bashaka kugundira ubutegetsi bagashyira imbere inzangano no kurema amacakubiri mu bo bayobora.
   Ingaruka za jenoside ni nyinshi harimo imfu z'abantu, kwangirika k'ubukungu bw'igihugu, ibikorwa remezo birahatikirira, jenoside isiga inshike, abapfakazi n'imfubyi zitagira epfo na ruguru, ubumuga budakira, guhungabana kw'abarokotse jenoside, ipfunwe n'urwikekwe mu bantu, ubumwe burasenyuka…

   Jenoside igomba gukumirwa, irwanywa ndetse n'ingengabitekerezo yayo, abagaragayeho ingengabitekerezo bagafatirwa ibihano bikarishye. Kugira ngo kandi ikumirwe igomba kuvugwa cyane abantu bakamenya ububi bwayo bityo bakayirwanya bivuye inyuma.

7. **Uburyo burambye bwo gukumira jenoside buvugwa mu mwandiko bwaba ari ubuhe?**
   Uburyo burambye bwo gukumira jenoside ni uguca umuco wo kudahana, gushyiraho amategeko ahana kandi akanakumira icyaha cya jenoside n'ingengabitekerezo yayo ndetse no kwita ku muryango ukaba ingoro y'amahoro. Igikomeye ariko kurusha ibindi ni ubukangurambaga buhoraho no kugira urwego rw'uburezi umuyoboro w'ibanze w'ingamba zihashya ingengabitekerezo ya jenoside n'amacakubiri.
8. **Ni ibihe bikorwa bifasha gukumira jenoside no kurwanya ingaruka zayo ujya ubona bikorerwa aho utuye?**
   *(Aha ibisubizo biranyurana bitewe n'aho abanyeshuri batuye, gusa umwarimu areba neza niba koko ari ibikorwa bigamije kurwanya jenoside.)*

### Ibibazo n'ibisubizo byabyo:

1. Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko.
   a) **Umwihariko:** Icyo ikintu gitandukaniyeho n'ibindi; icyo umuntu afite abandi badafite.
   b) **Gukumira:** Kubuza ikintu kubaho cyangwa kugera ahantu runaka.
   c) **Impanuka:** Ikintu kibi kibayeho gitunguranye.
   d) **Urusobe:** Ibintu byinshi bihuriranye ndetse bisobekeranye.
   e) **Bikakaye:** Bikomeye, bifite imbaraga.
   f) **Ubukangurambaga:** Inyigisho ku kintu runaka zihabwa abantu benshi ku buryo buhoraho.
   g) **Nyirabayazana:** Uwateje ikibazo.
   h) **Ingoro:** Inzu y'umwami, inyito y'ahantu hubashywe cyane bitewe n'ibihakorerwa.

### Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. **Wifashishije rimwerimwe muri aya magambo, himba interuro ngufi kandi ziboneye**.
   a) **Nyirabayazana**
      Izuba ryavuye mu ki ni ryo **nyirabayazana** y'aya mapfa.
   b) **Ingoro**
      Ubutoni bwa cyane bukunyaza mu **ngoro**.
   c) **Urusobe**
      Ubuvanganzo ni **urusobe** rw'ibyahimbwe by'umwimerere.
   d) **Amahano**
      **Amahano** yagwiriye u Rwanda mu 1994 ntazongere ukundi.
2. **Uzuza interuro zikurikira wifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko**.
   a) **Jenoside** Yakorewe **Abatutsi** mu Rwanda mu 1994 yamaze iminsi **ijana** gusa ihitana imbaga y'abantu.
   b) Twese tugomba kurwanya **ingengabitekerezo** ya jenoside tukayirandurana n'imizi yayo yose.
   c) Jenoside Yakorewe Abatutsi yarateguwe ntiyabayeho nk'**impanuka**.
   d) Amashuri agomba kutubera **umuyoboro** unyuzwamo ingamba zo gukumira jenoside, ntizongere **kubaho** ukundi.

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko(isomo 1)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:
- Kugaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.
- Gusobanura ibijyanye no kwimakaza umuco w'amahoro ashingiye ku bivugwa mu mwandiko ndetse abihuza n'ubuzima busanzwe.
- Kuvuga no kubwira abandi ibyo atekereza ahereye ku ngingo yo gukumira jenoside.
- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, Imyandiko ivuga ku muco w'amahoro no kuri jenoside n'ingaruka zayo, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, n'izindi mfashanyigisho zaboneka zafasha abanyeshuri.

### I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Witwa "Jenoside ntikongere ukundi!"
2. **Muri rusange uvuga ku biki?**
   Usobanura jenoside icyo ari cyo, ukavuga ahabaye jenoside ku isi ukanavuga ku nzitwazo zimwe abategura jenoside bitwaza kugira ngo ikorwe.
3. **Ni iki cyavuzwe ku burezi mu rwego rwo gukumira jenoside?**
   Uburezi bugomba kugirwa umuyoboro wa gahunda n'ingamba byo kurwanya jenoside.

## II. Gusoma

Umwarimu abwira abanyeshuri bakabanza kongera gusoma umwandiko **"Jenoside ntikongere ukundi."** Umunyeshuri umwumwe agenda asimburana na bagenzi be, basoma baranguruye ijwi ku buryo bufasha abafite ubumuga bwo kutumva neza, maze ibibazo byo gusesengura umwandiko bakanabyandika ku kibaho kugira ngo n'ufite ikibazo cyo kutumva abisome, hanyuma bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, agasaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Babanza kungurana ibitekerezo ku bisubizo bari butange, umwarimu na we akazenguruka mu matsinda areba niba bose bitabira gutanga ibitekerezo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi n'umwanditsi hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

*Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.*

1. **Tahura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko umaze gusoma**.
   Ingingo z'ingenzi:
   - Jenoside Yakorewe Abatutsi yaremejwe ku rwego rw'isi.
   - Nta yindi nyito ikwiye gukoreshwa uretse Jenoside Yakorewe Abatutsi.
   - Jenoside si impanuka irategurwa.
   - Ingengabitekerezo ya jenoside icyo ari cyo.
   - Hari abapfobya jenoside.
   - Jenoside igomba gukumirwa.

   Ingingo z'ingereka:
   - Leta y'u Rwanda ifite ubushobozi bwo gukumira Jenoside, Jenoside y'Abayahudi, uburezi mu kurwanya Jenoside, kugundira ubutegetsi…

2. **Ku bwawe, wumva ari ibihe bikorwa wakora bigashishikariza abandi gufasha abafite ibibazo baterwa n'ingaruka za jenoside**.
   Kubanza kumenya aho abantu bagize ibibazo batewe n'ingaruka za jenoside bari hanyuma hakifashishwa ibitangazamakuru tugahamagarira abantu kubafasha.
3. **Ni iki ubona wakwirinda nk'urubyiruko kugira ngo uzabe mu Rwanda ruzira jenoside, ahubwo u Rwanda rwimakaza umuco w'amahoro**?
   Kwirinda ingengabitekerezo ya jenoside, kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge mu rubyiruko, kwimakaza umuco w'amahoro, kwirinda amakimbirane n'amacakubiri...

### Intera ya mbere: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

### Guhanga umwandiko no gukora umukoro wo gusomera mu isomero (isomo 1)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko,araba ashobora:
- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe.
- Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga.
- Kujora ibitekerezo bya bagenzi be.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku muco w'amahoro no kuri jenoside n'ingaruka zayo, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, n'izindi mfashanyigisho zaboneka zafasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Witwa "Jenoside ntikongere ukundi."
2. **Twizeko umuryango ugomba kugirwa iki?**
   Umuryango ugomba kugirwa ingoro y'amahoro.
3. **Ese Jenoside Yakorewe Abatutsi yakozwe n'abanyamahanga?**
   Oya. Ntabwo ari abanyamahanga bayikoze, yakozwe n'Abanyarwanda.
4. **Jenoside Yakorewe Abatutsi yahagaritswe na bande?**
   Jenoside yakozwe n'Abanyarwanda kandi ihagarikwa n'Abanyarwanda.

## II. Umwitozo wo guhanga umwandiko

Umwarimu atanga umwitozo wo guhimba umwandiko ku bijyanye no kwimakaza umuco w'amahoro yubahiriza ikeshamvugo kuri imwe mu nsanganyamatsiko yabahaye. Bagahimba umwandiko ntekerezo, umwarimu akabakosora areba ko bubahirije amabwiriza agenga umwandiko ntekerezo.

**Hanga umwandiko mu mirongo 20 witaye ku ikeshamvugo n'imyandikire yemewe y'ikinyarwanda kuri imwe mu nsanganyamatsiko zikurikira:**

a) Amahoro y'igihugu ahera mu muryango.
b) Ikosa rikosojwe irindi riteza amakimbirane.
c) Guca umuco wo kudahana no kubahiriza amategeko bikemura amakimbirane.

## III. Umwitozo wo gusomera mu isomero

Umwarimu aha abanyeshuri umwitozo wo kubafasha gukangukira gusomera mu isomero bakora ubushakashashi kandi biyungura ubumenyi. Buri munyeshuri yitabira isomero agakora inshamake y'ibyo yasomye, hanyuma nyuma y'igihe cyagenwe akageza kuri bagenzi be inshamake yakoze mu ruhame.

## Ikibonezamvugo

### Intera ya mbere: Ikinyazina kibaza(isomo 1)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku nteruro zirimo ikinyazina kibaza yahawe, araba ashobora:

- Gutahura no gusobanura inshoza y'ikinyazina kibaza.
- Gutahura intego n'uturango tw'ikinyazina kibaza.
- Gutahura mu nteruro ibinyazina bibaza, kubisesengura no kugaragaza amategeko y'igenamajwi.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku muco w'amahoro, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu yifashishije interuro zirimo ibinyazina bibaza, asaba abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri bakitegereza amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri, bagatahura imiterere n'imimaro byayo mu nteruro.

### Ikibazo yatanga:

Soma interuro zikurikira, witegereze amagambo yagaragajwe mu ibara ry'umukara tsiri maze ugire icyo uyavugaho mu rwego rw'imiterere yayo n'umumaro afite mu nteruro.

***Urugero rw'interuro zatangwa:***

a) Uburyo burambye bwo gukumira jenoside bwaba **ubuhe**?
b) Ni **izihe** nzira zikoreshwa mu ihakana n'ipfobya rya Jenocide?
c) Muri ibi byose umwanzuro ukaba **uwuhe**?
d) Jenoside Yakorewe Abatutsi mu 1994 yahitanye inzirakarengane **zingahe**?
e) Ni **bangahe** bashobora kwemera guha imbabazi umuntu utazibasabye?

Amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri afite umumaro wo kubaza.

Umwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza inshoza n'uturango tw'ikinyazina kibaza, akabafasha kunoza neza ibitekerezo bagezeho ubwabo, ibyagezweho bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara ndetse bigasomwa mu ijwi riranguruye mu rwego rwo gufasha ababa bafite nk'ubumuga bwo kutumva neza cyangwa kutabona neza.

## Dore ibyakwandikwa:

### Inshoza y'ikinyazina kibaza

Ikinyazina kibaza ni ijambo riherekeza izina cyangwa rikarisimbura rikagira ingingo yo gusiguza, gusiganuza, gusobanuza no kubaza ubwoko bw'ikintu, umuntu cyangwa kubaza ingano yabyo.

### Intego y'ikinyazina kibaza

Ikinyazina kibaza kigira ibicumbi bibiri ari byo: **"-he"** na **"-ngahe"**. Ikinyazina kibaza gishobora kugira indomo, indangakinyazina n'igicumbi, ariko hari n'ikigira indangakinyazina n'igicumbi. Mu mpine ni (D-Rkz-C cyangwa Rkz - C), KZN kibaza gifite igicumbi **-he** gifata indomo iyo kibanjirije izina cg kirisimbuye.

***Urugero:***

- Ni **izihe** nzira zikoreshwa muri iryo hakana n'ipfobya ryayo?
  **Izihe:** i-zi-he
- Uburyo burambye bwo gukumira jenoside bwaba **ubuhe** rero?
  **Ubuhe:** u-bu-he
- Muri ibi byose umwanzuro ukaba **uwuhe**?
  **Uwuhe:** u-wu-he
- Ni **ayahe** masaka agomba kugosorwa.
  **Ayahe:** a – ya – he

**Ikitonderwa:** Iki kinyazina kibaza gishobora gutakaza indomo iyo gikurikiye izina.

***Urugero:***

- Umuntu **wuhe**?
  **Wuhe: ø** – wu – he
- Amata **yahe**?
  **Yahe:** ø – ya – he
- igiti **kihe**?
  **Kihe:** ø – ki – he
- Urugo **ruhe**?
  **Ruhe:** ø – ru – he

Ikinyazina kibaza gifite igicumbi – **ngahe**, kigira indangakinyazina n'igicumbi, kibaza umubare. Ni na yo mpamvu hari abakita ikinyazina mbazamubare. Ikinyazina kibaza gifite igicumbi –**ngahe** kiboneka mu nteko z'ubwinshi gusa.

***Ingero:***

- Imirima **ingahe**?
  **Ingahe:** i - ngahe
- Inka **zingahe**?
  **Zingahe:** zi - ngahe
- Amatara **angahe**?
  **Angahe:** a – ngahe

**c) Imbonerahamwe y'ibinyazina mbaza**

| Inteko | Igicumbi | | Igicumbi | |
|---|---|---|---|---|
| | -he | | -ngahe | |
| | | Intego | | Intego |
| Nt. 1 | uwuhe? | u-wu-he | - | - |
| Nt. 2 | abahe? | a-ba-he | bangahe? | ba-ngahe |
| Nt. 3 | uwuhe? | u-wu-he | - | - |
| Nt.4 | iyihe? | i-yi-he | ingahe? | i-ngahe |
| Nt.5 | irihe? | i-ri-he | - | - |
| Nt.6 | ayahe? | a-ya-he | angahe? | a-ngahe |
| Nt.7 | ikihe? | i-ki-he | - | - |
| Nt.8 | ibihe? | i-bi-he | bingahe? | bi-ngahe |
| Nt.9 | iyihe? | i-yi-he | - | - |
| Nt.10 | izihe? | i-zi-he | zingahe? | zi-ngahe |
| Nt.11 | uruhe? | u-ru-he | - | - |
| Nt.12 | akahe? | a-ka-he | kangahe? | ka-ngahe |
| Nt.13 | utuhe? | u-tu-he | tungahe? | tu-ngahe |
| Nt.14 | ubuhe? | u-bu-he | bungahe? | bu-ngahe |
| Nt.15 | ukuhe? | u-ku-he | kungahe | ha-ngahe |
| Nt.16 | ahahe? | a-ha-he | hangahe? | Ha-ngahe |

**Ikitonderwa: kangahe**
- Hari amagambo abaza ashobora kwitiranywa n'ibinyazina mbaza
  Aha twavuga nka ryari? he? iki? nde?
- Kangahe iboneka mu nteko ya 12 si ikinyazina ni umugereka ubaza inshuro.

***Urugero:***

Turi kuwa **kangahe**?
Wabaye uwa **kangahe**?
Hari amagambo abaza ashobora kwitiranywa n'ibinyazina mbaza
Aha twavuga nka **Ryari? He? Iki? Nde?**...

***Ingero:***

- Jenoside ivugwa yabaye **ryari**?
- Ni **nde** mwana watubwira zimwe mu ngaruka za jenoside?
- Ni **iki** gituma umuntu atinyuka gukora amahano?

## Intera ya 2: Ikinyazina mboneranteko

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku nteruro zirimo ikinyazina mboneranteko yahawe, araba ashobora:
- Gutahura no gusobanura inshoza y'ikinyazina mboneranteko.
- Gutahura intego n'uturango tw'ikinyazina mboneranteko.
- Gutahura mu nteruro ibinyazina mboneranteko, kubisesengura no kugaragaza amategeko y'igenamajwi.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku muco w'amahoro, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, igitabo k'ikibonezamvugo.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu yifashishije interuro zirimo ibinyazina mboneranteko, asaba abanyeshuri kujya mu matsinda ya babiribabiri bakitegereza amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri, bagatahura imiterere n'imimaro byayo mu nteruro.

### Ikibazo yatanga:

Soma interuro zikurikira, witegereze amagambo yagaragajwe mu ibara ry'umukara tsiri maze ugire icyo uyavugaho mu rwego rw'imiterere yayo n'umumaro afite mu nteruro.

***Urugero rw'interuro zatangwa:***

a) **Ba** Nkurunziza baje.
b) **Za** dodo ni imboga rwatsi.
c) **Cya** Mahuma kirakanganye cyane.
d) **Twa** bushari turadwinga cyane.

Amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri afite umumaro wo kugaragaza inteko amagambo abanjirije arimo.

Umwarimu asaba abanyeshuri kugaragaza inshoza n'uturango tw'ikinyazina mboneranteko, akabafasha kunoza neza ibitekerezo bagezeho ubwabo, ibyagezweho bikandikwa ku kibaho n'inyuguti zigaragara ndetse bigasomwa mu ijwi riranguruye mu rwego rwo gufasha ababa bafite nk'ubumuga bwo kutumva neza cyangwa kutabona neza.

## Dore ibyakwandikwa:

### Inshoza y'ikinyazina mboneranteko

Ikinyazina mboneranteko cyangwa indanganteko ni ijambo rijya imbere y'izina ridafite indomo cyangwa izina rigizwe n'igicumbi gusa ritagaragaza indomo n'indanganteko. Ikinyazina mboneranteko kinajya imbere y'amazina bwite igihe hari ibintu byinshi cyangwa abantu benshi bahuriye kuri iryo zina.

Ikinyazina mboneranteko kandi gikoreshwa hagamijwe gutubya, gutubura cyangwa kugaya ikintu. Kerekana inteko izina rishyizwemo ari na yo mpamvu bamwe bakita ikinyazina ndanganteko kandi kikaba ari cyo kigenga amasomo ashingiye kuri iryo zina. Gikoreshwa mu nteko ya 2,7,8,10,11,12,13 na 14.

***Ingero:***

a) **Ka** Mugabo karaje(nt.12)
b) **Twa** bushari (Nt.13)
c) **Za** feri (nt. 10)
d) **Ba** data (nt. 2)
e) **Cya** Mukunzi (nt. 7)
f) **Rwa** Rutura ( nt. 11)
g) **Bya** dodo (nt. 8)

***Intego y'ikinyazina mboneranteko***

Ikinyazina ndanganteko kigira igicumbi –**a**. Intego y'ikinyazina mboneranteko igizwe n'uturemajambo tubiri ari two indangakinyazina n'igicumbi. Mu mpine ni Rkz - C.

***Ingero:***

- **Ba** Rukarabankaba
  Ba: ba – a  a→ø/-J
- **Twa** bushari
  Twa: tu – a  u→w/-J

- **Cya** Mukunzi
  Cya : ki – a    i→y/-J, ky→cy mu myandikire
- **Bya** dodo
  Bya: bi – a    i→y/-J
- Za fanta
  Za: zi – a    i→ø/-J

## c) Imbonerahamwe y'ibinyazina mboneranteko

| **Inteko** | **Ibinyazina** | **Intego** |
|---|---|---|
| Nt. 1 | - | - |
| Nt. 2 | ba | ba-a |
| Nt. 3 | - | - |
| Nt.4 | - | - |
| Nt.5 | - | - |
| Nt.6 | - | - |
| Nt.7 | cya | ki-a |
| Nt.8 | bya | bi-a |
| Nt.9 | - | - |
| Nt.10 | za | zi-a |
| Nt.11 | rwa | ru-a |
| Nt.12 | ka | ka-a |
| Nt.13 | twa | tu-a |
| Nt.14 | bwa | bu-a |
| Nt.15 | - | - |
| Nt.16 | - | - |

**Umwitozo ku kinyazina kibaza n'ikinyazina mboneranteko**

Umwarimu atanga umwitozo ku kinyazina kibaza mboneranteko, agasaba buri munyeshuri gukora umwitozo ku giti ke maze akaza kubakosora, anareba niba isomo riri kumvikana bityo aho abona hari ikibazo hagashakirwa igisubizo.

1. **Garagaza ibinyazina mboneranteko n'ibinyazina bibaza biri mu nteruro zikurikira ubiceho akarongo, unagaragaze intego zabyo n'amategeko y'igenemajwi**.
   a) Ba Mukamurigo bazanye ibiseke bingahe?
      **Ba:** ikinyazina mboneranteko    ba – a    a→ø/-J
      **Bingahe:** ikinyazina kibaza    bi – ngahe    Nta tegeko.
   b) Ni uwuhe murima wahaweho umugabane?
      **Uwuhe:** ikinyazina kibaza    u – wu – he    Nta tegeko.

c) Za nka Uwamwiza yakowe ni <u>zingahe</u>?
**Zingahe:** ikinyazina kibaza zi – ngahe Nta tegeko.

d) Aya mazi wayavomye ku iriba <u>rihe</u>?
**Rihe:** ikinyazina kibaza ri – he Nta tegeko.

e) Umuco w'amahoro ugomba kuranga abahe bantu?
**Abahe:** ikinyazina kibaza a – ba – he

2. **Kora interuro ebyirebyiri zirimo ikinyazina kibaza n'ikinyazina mboneranteko**.
*(Interuro ziraba zinyuranye bitewe n'ibyo abanyeshuri bahisemo, gusa umwarimu arakosora areba niba ibinyazina bibaza n'ibinyazina mboneranteko byakoreshejwe neza.)*

## Inshamake y'ibyizwe muri uyu mutwe wa gatandatu

Muri uyu mutwe wa gatandatu « umuco w'amahoro », imyandiko irimo iganisha ku kwimakaza umuco w'amahoro ifatiye ku kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo. Imyandiko yerekanye ko jenoside ari ubwicanyi ndengakamere bwibasira abantu bafite icyo bahuriyeho nk'ubwoko, akarere, idini n'ibindi. Twabonye ububi bwa Jenoside Yakorewe Abatutsi muri Mata 1994; mu gihe kitarenze amezi atatu gusa yari ihitanye abarenga miriyoni. Twabonye kandi zimwe mu ngaruka zayo aho ubukungu n'imibanire y'Abanyarwanda yahungabanye bikabije.
Mu bumenyi rusange bw'ururimi twabonye ko inyandiko mvugo ari inyandiko igaragaza ibyabereye mu nama cyangwa ikiganiro. Uyandika yandika ibitekerezo byatanzwe ku ngingo ziri ku murongo w'ibyigwa kandi akirinda kugira icyo ahindura cyangwa yongeramo.
108 109
Mu kibonezamvugo twabonye ko ikinyazina mbaza gifite inyito yo kubaza. Kigira ibicumbi bibiri ari byo "**–he**" na "**-ngahe.**" Ikinyazina kibaza gishobora kugira indomo, indangakinyazina n'igicumbi, ariko hari n'ikigira indangakinyazina n'igicumbi. Mu mpine ni (D-Rkz-C cyangwa Rkz - C). Twabonye kandi n'ikinyazina mboneranteko cyo kigira igicumbi **–a** ihorana ubutinde kandi kigira uturemajambo tubiri ati two: indangakinyazina n'igicumbi. Mu mpine ni Rkz – C..

### Ubumenyi bw'inyongera

**Imigani y'imigenurano ifatiye ku muco w'amahoro.**

a) **Aho umwaga utari, uruhu rw'urukwavu rwisasira batanu:**
Iyo abantu babanye neza babasha gusaranganya uduke bafite bakanyurwa.

b) **Ubumwe buranuka:**
Ahantu hari amahoro abantu babanye neza birigaragaza n'uhageze wese akabyibwira.

c) **Ijisho ridahuga ntirihaka:**
Ni byiza rimwe na rimwe kwirengagiza amakosa y'abandi kugira ngo mubane neza. Nta muntu udakosa ni yo mpamvu umuyobozi atagomba gushyira imbere cyane ibihano ahubwo habaho no kubabarira.

**Isuzuma rusange risoza umutwe wa gatandatu**

Nyuma yo kurangiza umutwe wa gatandatu, umwarimu atanga isuzuma riteganyijwe, buri munyeshuri arikora ku giti ke. Nyuma y'ikosora umwarimu asuzuma urwego abanyeshuri bagezeho kugira ngo niba hari ibigomba gusubirwamo bisubirwemo ndetse akareba abafite ibibazo byihariye kugira ngo abafashe mbere yo gutangira undi mutwe. Nyuma y'isuzuma umwarimu atanga imyitozo ku banyeshuri bafite intege nke mu myigire yabo.

**Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma**

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1. **Gusaba imbabazi bimariye iki uwahemutse?**
   Bituma yiyunga n'uwo yahemukiye, bakareka kurebana ay'ingwe.
2. **Gutanga imbabazi bimariye iki uwahemukiwe?**
   Biruhura umutima binatinyura uwahemutse kuko rimwe na rimwe aba afite ubwoba n'ipfunwe imbere y'uwo yahemukiye.
3. **Rondora ibyiciro bitatu bigirwa inama muri uyu mwandiko.**
   Abakoze jenoside, abayikorewe n' abatarakoze amahano ariko bafite ipfunwe kubera amakosa yakozwe na bene wabo.
4. **Ni iki wakora kugira ngo Abanyarwanda bakomeze kubana neza nyuma ya jenoside yabaye mu Rwanda?**

   Nakwirinda amagambo akomeretsa abandi kandi ngashishikariza bagenzi bange gutera intero y'amahoro aho batuye n'aho bagenda.

**II. Inyunguramagambo**

1. **Sobanura aya magambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko**:
   a) **Ipfunwe:** Ikimwaro cyangwa ubwoba akenshi buterwa no guhura cyangwa Kwibuka abo wahemukiye.
   b) **Urwikekwe:** Kumva ko abantu bose bamenye amakosa yawe.
   c) **Inzirakarengane:** Abantu bazize akarengane.
   d) **Icyaha ndengakamere:** Icyaha gikomeye cyane kirenze imyumvire.
2. **Tanga imbusane y'aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko:**

   a) Ubutwari ≠ **Ubugwari**.
   b) Urwango ≠ **Urukundo**.
   c) Intimba ≠ **Ibyishimo**.

**III. Ikibonezamvugo**

1. **Garagaza ubwoko n'inteko by'amagambo yaciweho akarongo**

   a) Ariko se ni <u>bangahe</u> babitinyutse?
   **Bangahe : ikinyazina kibaza nt.2**

   b) <u>Bya</u> Bakame biryarya izindi nyamanswa
   bya: Kzn mboneranteko

   c) Ariko se ni <u>uwuhe</u> mwana waba waragize ubutwari bwo gusabira imbabazi ababyeyi be?
   **Uwuhe: ikinyazina kibaza nt 1**

2. **Garagaza ibinyazina mboneranteko byakoreshejwe muri izi nteruro zikurikira:**

   a) Yigize za masore ngo ntiyakwikoza umweyo. **(za)**
   b) Cya Mugabo ni igisore pe! **(cya)**
   c) Genda uzane za karuvati ndende. **(za)**

3. **Garagaza ibinyazina bibaza muri izi nteruro:**

   a) Ni bangahe bagize ubutwari bwo gusaba imbabazi? **(bangahe)**
   b) Uwasabye imbabazi akatirwa igifungo k'imyaka ingahe? **(ingahe)**

4. **Garagaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe kuri aya magambo:**

   a) <u>Ba</u> data badutoza kwirinda ingengabitekerezo ya jenoside.
   **Ba: ba-a a→ø/-J**

   b) Uravuze ngo ni abantu <u>bangahe</u> bagiye ku <u>wuhe</u> mugabane ?
   **Bangahe: ba – ngahe ntategeko**
   **Wuhe: ø – wu – he ntategeko**

   c) Abakoze <u>za</u> Jenoside zose ku isi ni abagome.
   **Za: zi – a i→ø/-J**

   d) Ni <u>izihe</u> ngorane wahuye nazo?
   **Izihe: i – zi – he ntategeko**

**IV. Ihangamwandiko**

Hanga umwandiko mu mirongo makumyabiri n'itanu kuri imwe muri izi nsanganyamatsiko zikurikira:

a) Vuga ku ngaruka nibura enye za Jenoside Yakorewe Abatutsi mu 1994 n'icyo ubona gikwiriye gukorwa ngo Abanyarwanda babane mu mahoro.
b) Vuga ku bintu nibura bibiri bishobora gutera amakimbirane mu muryango uvuge n'uburyo bwo kuyakumira.

**Ibyitabwaho:**

- Kubahiriza imirongo n'andi mabwiriza uko byasabwe
- Isuku n'imigaragarire.
- Kutavanga indimi cyangwa ngo akoreshe amagambo atari ay'Ikinyarwanda cyangwa ngo ashyiremo ibindi bimenyetso bitemewe.

- Gukora interuro ziboneye.
- Kugaragaza no gusobanura nibura ingingo enye.
  *(Ibindi umwarimu abona ko ari ngombwa).*

**Imyitozo nzamurabushobozi**

1. **Inyandiko mvugo y'inama ni iki?**
   Inyandiko mvugo nk'uko inyito ibivuga ni inyandiko igaragaza ibintu runaka byavuzwe. Inyandiko mvugo ikubiyemo ibyavugiwe mu nama cyangwa mu kiganiro runaka. Habaho amoko abiri y'inyandiko mvugo: Inyandiko mvugo irambuye n'inyandiko mvugo ivunaguye.
2. **Garagaza ibice bigize inyandiko mvugo y'inama, unavuge ibikorwa muri buri gice.**
   Inyandiko mvugo igira ibice bine ari byo: intangiriro, igihimba n'umusozo.

   Mu mutwe: - bagaragaza urwego inama iriho.
   - itariki, ukwezi n;umwaka yabereyeho.

   Mu ntangiriro igaragaramo:
   - Itariki n'aho inama cyangwa ikiganiro byabereye.
   - Uwayoboye inama cyangwa ikiganiro.
   - Insanganyamatsiko.
   - Abitabiriye(Umubare wabo cyangwa ibyiciro barimo).
   - Igihe inama yatangiriye.
   - Ibyari ku murongo w'ibyigwa.

Mu gihimba hagaragazwa uko inama yagenze ingingo ku ngingo:

- Ibitekerezo byatangiwe (ndetse bitewe n'urwego rwayo hakagaragazwa n'ababitanze), mu nama cyangwa mu kiganiro kuri buri ngingo.
- Ibyemezo n'imyanzuro byafashwe kuri buri ngingo.

Mu musozo hagaragaramo:

- Gushimira abaje mu nama cyangwa ikiganiro.
- Igihe inama yarangiriye.
- Kugaragaza igihe bazongera guhura niba ari ngombwa.
- Kwibutsa impanuro yatanzwe mu ijambo ry'umushyitsi mukuru.
- Icyaba cyakurikiyeho. *(Urugero: Nyuma y'ikiganiro hakurikiyeho gufata amafoto y'urwibutso, kwakira abatumirwa...)*

3. **Ikinyazina kibaza ni iki?**
   Ikinyazina kibaza ni ijambo riherekeza izina rikagira ingingo yo gusiguza, gusiganuza, gusobanuza no kubaza ubwoko bw'ikintu, umuntu cyangwa ingano yabyo.
4. **Vuga intego z'ikinyazina kibaza**.
   Ikinyazina kibaza kigira ibicumbi bibiri ari byo: "- he" na "- ngahe". Ikinyazina kibaza gishobora kugira indomo, indangakinyazina n'igicumbi, ariko hari n'ikigira indangakinyazina n'igicumbi. Mu mpine ni (D-Rkz-C cyangwa Rkz - C).
5. **Ikinyazina mboneranteko ni iki**?
   Ikinyazina mboneranteko ni ijambo rijya imbere y'izina ridafite indomo cyangwa

izina rigizwe n'igicumbi gusa ritagaragaza indomo n'indanganteko. Ikinyazina mboneranteko kinajya imbere y'amazina bwite igihe hari ibintu byinshi cyangwa abantu benshi bahuriye kuri iryo zina.

Ikinyazina mboneranteko kandi gikoreshwa hagamijwe gutubya, gutubura cyangwa kugaya ikintu. Icyo gihe kibanziriza izina kikerekana inteko iryo zina rishyizwemo ari na yo mpamvu bamwe bakita ikinyazina ndanganteko.

6. **Garagaza intego z'ikinyazina mboneranteko**.
Intego y'ikinyazina mboneranteko igizwe n'uturemajambo tubiri ari two indangakinyazina n'igicumbi -**a**. Mu mpine ni Rkz - C.

**Imyitozo nyagurabushobozi igenewe abanyeshuri bihuta cyane kurenza abandi:**

Vuga ubwoko bw'amagambo aciweho akarongo mu nteruro zikurikira, maze ugaragaze uturemajambo twayo n'amategeko y'igenamajwi.

a) <u>Ababyeyi</u> <u>bazasabira</u> abana <u>babo</u> imbabazi se ni <u>bangahe</u>?
b) Inzego <u>zose</u> <u>zakoze</u> uko zishoboye ngo <u>zibanishe</u> Abanyarwanda.
c) <u>Ba</u> Rukarabankaba <u>batinya</u> kwirega no kwemera <u>icyaha</u>.
d) Ariko se ni <u>uwuhe</u> mwana waba waragize ubutwari bwo gusabira imbabazi ababyeyi <u>be</u>?
e) Bigatuma <u>ufite</u> intimba yoroherwa vuba.

**Ibisubizo:**

| | | |
|---|---|---|
| **Ababyeyi:** izina rusange | a –ba – byeyi | Nta tegeko. |
| **Bazasabira:** inshinga isanzwe itondaguye: | ba – za – sab – ir – a | Nta tegeko. |
| **Babo:** ikinyazina ngenera ngenga: | ba – a – ba – o | a→ø/-J |
| **Bangahe:** ikinyazina kibaza/mbazamubare: | ba – ngahe | Nta tegeko. |
| **Zose:** ikinyazina ngenga gifite umusuma "se" | zi – o (se) | i→ø/-J |
| **Zakoze:** inshinga isanzwe itondaguye | zi – a – kor – ye | i→ø/-J, r+y→z |
| **Zibanishe:** inshinga isanzwe itondaguye: | zi – ø – ban – ish – e | Nta tegeko. |
| **Ba:** ikinyazina mboneranteko | ba – a | a→ø/-J |
| **Batinya:** inshinga isanzwe itondaguye | ba – ø – tiny – a | Nta tegeko. |
| **Bcyaha:** izina rusange | i – ki – aha i→y/-J, | ky→cy mu myandikire |
| **Uwuhe:** ikinyazina kibaza | u – wu – he | Nta tegeko. |
| **Be:** ikinyazina ngenera ngenga | ba – ø – ø – e | a→ø/-J |
| **Ufite:** inshinga nkene: | u – ø – fite | Nta tegeko. |

# 7 Itumanaho

**(Umubare w'amasomo: 12)**

| |
|---|
| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:** |
| - Gusesengura imyandiko ku nsanganyamatsiko y'itumanaho<br>- Kwandika inyandiko z'ubutegetsi n'amatangazo anyuranye n'umwirondoro. |
| **Ubumenyi bw'ibanze** |
| Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe agomba kuba azi itumanaho icyo ari cyo, yumva ikoranabuhanga mu buzima bwe bwa buri munsi ndetse azi na bimwe mu bikoresho byaryo. |
| **Ingingo nsanganyamasomo** |
| - **Uburinganire n'ubwuzuzanye**.<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo igomba kwitabwaho hubahirizwa uburinganire n'ubwuzuzanye mu gushyira abanyeshuri mu matsinda bagendeye ku bitsina byombi, bityo hagati yabo bagafashanya kandi bakuzuzanya mu myigire yabo.<br>- **Umuco w'ubuziranenge**.<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa hasobanurwa ko tugomba kujya tubanza kwitondera ibikoresho by'ikoranabuhanga tugura ndetse n'ibindi byose, tukabanza kumenya niba byujuje ubuziranenge mbere y'uko tubikoresha. Kuko nka terefoni zitujuje ubuziranange zakwangiza umubiri w'umuntu cyanecyane ubwonko.<br>- **Uburezi budaheza**<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa umwarimu yita ku banyeshuri bose cyanecyane abafite ubumuga ndetse no mu gushyira abanyeshuri mu matsinda nta vangura iryo ari ryo ryose rishingiweho. |
| **Ubushobozi nsanganyamasomo** |
| - Ubushobozi no gushakira ibibazo ibisubizo, akurikira neza ibivugwa, ajora ibyo yasomye n'ibyo yasomewe kandi ajya impaka kunsanganyamatsiko zinyuranye.<br>- Ubushakashatsi yiyungura ubumenyi akoresheje ikoranabuhanga n'ibitabo bitandukanye kandi asobanuza ibyo adasobanukiwe.<br>- Gusabana mu kinyarwanda ageza ibitekerezo bye kubandi, akoresha neza amagambo yungutse.<br>- Ubufatanye imisabanire ikwiye n'abandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi |
| **Amagambo n'ibitekerezo by'ingenzi:**<br>Itumanaho, ikoranabuhanga, ibaruwa, terefoni, interineti, umwirondoro, amatangazo |

**Uburyo bwo kwita ku bafite ibibazo byihariye:**

Abana bafite ibibazo bagomba kwitabwaho by'umwihariko, hagendewe ku bibazo bafite. Abana bafite ibibazo bitabwaho ku buryo bwose bushoboka bubafasha gukurikira amasomo nk'abandi.

Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Asoma mu ijwi riranguruye yegereye kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva neza n'abafite ubumuga bwo kutabona babyumve. Ni ngombwa kandi gufasha ku buryo bwihariye abafite ibibazo byihariye.

## Byigwa bikubiye muri uyu mutwe n'umubare w'amasomo ya buri kigwa

| Isomo | Umubare w'amasomo |
|---|---|
| **1. Umwandiko: Ibikoresho by'itumanaho** | |
| Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko **«Iterambere ry'itumanaho mu Rwanda»**. | Amasomo 2 |
| Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko **«Iterambere ry'itumanaho mu Rwanda»**. | Amasomo 2 |
| **2. Umwitozo w'ubumenyi ngiro.** | Isomo 1 |
| Intera ya 1: Inyandiko zikoreshwa mu butegetsi: Umwirondoro. | Isomo 1 |
| **3. Umwandiko: Itumanaho n'akamaro karyo** | |
| Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko **«Itumanaho n'akamaro karyo»**. | Amasomo 2 |
| Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko **«Itumanaho n'akamaro karyo»**. | Amasomo 2 |
| **5. Ihangamwandiko** | |
| Intera ya gatatu: **Amatangazo**. | Amasomo 2 |

## Umwandiko: Ibikoresho by'itumanaho

## Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(amasomo 2)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranyamagambo n'umwandiko yahawe, araba ashobora:
- Gusoma umwandiko bucece no kuwusoma aranguruye ijwi.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko.

- Gusobanura amagambo adasobanukiwe.
- Gukoresha amagambo yungutse (mu mvugo cyangwa mu nyandiko) mu nteruro ngufi kandi ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku itumanaho n'ikoranabuhanga, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko n'inkoranyamagambo.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko cyangwa ibikubiye mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**
   Turabona umugore ufite mudasobwa imbere ye kandi urimo kuvugira kuri terefoni.
2. **Ni uwuhe murimo mudasobwa na terefoni bishobora guhuriraho?**
   Ni umurimo wo gufasha umuntu mu itumanaho.
3. **Ese terefoni zitaraza abantu bohererezanyaga ubutumwa bate?**
   Bandikiranaga amabaruwa.
4. **Mugereranyije ubwo buryo bwo hambere n'ubukoreshwa ubu bw'ikoranabuhanga, ni iki twavuga ku itumanaho?**
   Twavuga ko itumanaho ryateye imbere cyane rikaba rikoresha ikoranabuhanga.

Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye kwiga, umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko **«Ibikoresho by'itumanaho»**.

## Gusoma umwandiko

### Gusoma bucece

Umwarimu yongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko **"Ibikoresho by'itumanaho."** Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Umwandiko mumaze gusoma witwa ngo iki?**
   Ibikoresho by'itumanaho

2. **Uyu mwandiko uravuga ku biki?**
   Uravuga uko ibikoresho by'itumanaho byari bimeze kera n'uko byagiye bitera imbere.
3. **Ni iyihe nama tugirwa ku byerekeye gukoresha imbuga nkoranyambaga?**
   Turasabwa gushishoza, kuko ibivugirwaho byose atari ko biba ari ukuri. Turasabwa no kwirinda kurondogoreraho, tuvugana n'uwo tutazi.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, mu ijwi riranguruye kandi bubahiriza utwatuzo. Iyo abanyeshuri ari benshi umwe asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza igihe umwandiko urangiriye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uhari.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa bagiye bakora iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe bari gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo babasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III.Gusubiza ibibazo

Muri iki gice, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda baraza kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bafatanye n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

### a) Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Vuga uburyo itumanaho ryakorwaga ibwami**.
   Itumanaho ryo ku ngoma ya cyami yakoreshaga imvugo. Bumwe mu buryo ryakorwagamo ni ubu bukurikira:
   Umwami yashoboraga gutuma ibyegera bye kuri rubanda ubwo butumwa bugatangwa mu nama.
   Abamotsi na bo bashoboraga gutumwa ku bantu bakabagezaho amatangazo yihutirwa.
   Ibwami habaga n'imirishyo y'ingoma ifite icyo isobanura, nk'ivuga ko umwami yibambuye, ivuga ko agiye ku karubanda, n'iyindi.
2. **Vuga uburyo bw'itumanaho bwasimbuye ubwakoreshaga imvugo kuva kera kugeza ubu**.
   Itumanaho ryakoreshaga imvugo ryasimbuwe n'amabaruwa, nyuma haje amaradiyo n'amaterefoni atagendanwa, nyuma haza televiziyo, none kuri ubu terefoni zigendanwa zasakaye hose mu Gihugu.

3. **Kuki ari ngombwa guhitamo terefoni igendanwa yo kugura?**
Ni ngombwa kwitonda mu gihe tugura terefoni igendanwa kuko hari izishobora gukorwa zitujuje ubuziranenge, zikaba zakwangiza umubiri w'umuntu cyanecyane ubwonko bwe.
4. **Ese ubuziranenge abantu bagomba kubwitaho kuri terefoni gusa?**
Oya. Ubuziranenge bugomba kwitabwaho igihe cyose abantu bagiye kugura ikintu, bakabanza gusuzuma niba cyujuje ubuziranenge.
5. **Ese kugira ngo umuntu abashe gukoresha itumanaho ryo kuri murandasi ashobora kwifashisha ibihe bikoresho bigaragara mu mwandiko?**
Ashobora gukoresha terefoni cyangwa mudasobwa.
6. **Ni izihe mbuga nkoranyambaga zagaragaye ko zikoreshwa mu itumanaho ryo kuri murandasi?**
Imbuga nkoranyambaga zagaragaye ni Fesibuku, Twita na Watsapu.
7. **Ni iyihe nyungu iri mu gutumanaho hakoreshejwe ikoranabuhanga?**
Inyungu iri mu gukoresha ikoranabuhanga ni uko ushobora kuvugana n'abari mu bihugu bya kure ku buryo bwihuse kandi budahenze.
8. **Ni iki gikwiye kwitonderwa mu gihe umuntu akoresha itumanaho ryo kuri murandasi?**
Mu itumanaho ryo kuri murandasi, umuntu akwiye kubanza kumenya umwirondoro w'uwo bavugana kandi akirinda kuvugiraho ibyo abonye byose abwira uwo atazi. Agomba kumenya kandi ko ibivugirwaho byose atari ukuri. Hari abaryihisha inyuma bakavugiraho ibinyoma, abarikoresha barasabwa gushishoza.

### Ibibazo n'ibisubizo byabyo:

1. **Shaka ibisobanuro by'aya magambo cyangwa amatsinda y'amagambo ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko**.
   a) **Itumanaho:** Uburyo bwo guhana amakuru akenewe hagati y'abantu batandukanye.
   b) **Uko ibihe biha ibindi:** Uko iminsi igenda ihita.
   c) **Ibyegera:** Abafasha ba hafi, abagaragu b'umuntu bamwishyikiraho kurusha abandi. (Iri jambo rikunze gukoreshwa ku banyacyubahiro).
   d) **Abiru:** Bari abanyamabanga n'abanyamihango b'ibwami.
   e) **Abamotsi:** Bari abantu bashinzwe guhagarara ku karubanda bagakomera, bagatanga amatangazo avuye mu buyobozi agenewe abaturage.Uyu murimo wakorwaga mu museso kare cyangwa ku mugoroba.
   f) **Ibitekerezo:** Ni ubwoko bw'ibihangano byafatiraga ku byabaga byavuzwe n'umuvuzi w'amacumu cyangwa ku mateka yabayeho cyangwa ku bantu bazwi babayeho ariko abatekereza babyo bakongeramo n'amakabyankuru.

g) **Iposita:** Urwego rw'itumanaho rushinzwe kwakira no kohereza ubutumwa bw'abantu muri rusange bunyujijwe mu mabaruwa.
h) **Gusakara:** Gukwira ahantu henshi.
i) **Ubutumwa bugufi:** Ubwoko bw'inyandiko akenshi zitari ndende nk'uko izina ribivuga, zohererezanywa kuri terefone.
j) **Interineti:** Umuyoboro ukoreshwa mu buryo bw'ikoranabuhanga mu guhanahana amakuru hirya no hino ku isi, ku bantu benshi kandi mu buryo bunyaruka cyane.
k) **Iyo gihera:** Ahantu kure cyane.
l) **Imbuga nkoranyambaga:** Imbuga zihurizwaho amakuru menshi abantu bahanahana ari imbaga kandi mu gihe kimwe.

2. **Tanga impuzanyito z'aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko**:
   a) Rubanda: **Abaturage**
   b) Rirakataje: **Ririhuta**, **riteye imbere**
3. **Tanga imbusane z'aya magambo dusanga mu mwandiko:**
   a) Kera ≠ **Ubu**, **vuba aha**.
   b) Biratandukanye ≠ **Birahura**
   c) Guhubuka ≠ **Kwitonda**
4. **Shaka muri iki kinyatuzu amagambo nibura umunani afitanye isano n'itumanaho mu Rwanda. Soma mu byerekezo byose (ubuhagarike, ubutambike, imberame). Rebera ku rugero muri iki kinyatuzu, ahagaragajwe ijambo "ijwi".**

| | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| I | T | I | B | A | R | U | W | A | M |
| P | D | E | U | T | E | K | B | T | U |
| O | P | G | R | A | D | I | Y | O | D |
| S | W | V | U | E | I | O | I | B | A |
| I | N | M | B | N | F | W | G | M | S |
| T | U | C | U | G | J | O | S | A | O |
| A | V | R | G | I | H | L | N | J | B |
| M | U | R | A | N | D | A | S | I | W |
| N | A | B | A | V | U | G | A | N | A |
| B | N | A | N | P | O | K | Y | T | W |

**Ibisubizo:**

Mu butambike: Ibaruwa, radiyo, abavugana, murandasi.
Mu buhagarike: Iposita, urubuga, mudasobwa, ijambo.
Mu buryo buberamye: Terefoni, ijwi.

### Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umwarimu abwira abanyeshuri kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. **Uzuza izi nteruro ukoresheje amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo ari mu mwandiko**
   a) Itumanaho rikorewe ku **mbuga nkoranyambaga** nka fesibuke na twita ririhuta, kandi rigahenduka.
   b) Mu Rwanda rwo hambere, **abamotsi** bari bashinzwe gutangariza rubanda amakuru.
   c) Terefone zujuje **ubuziranenge** ni zo zikwiye gukoreshwa mu itumanaho kugira ngo umubiri wacu udahungabana.
   d) Mu byangombwa bisabwa umuntu ushaka akazi habamo **ibaruwa** isaba akazi.

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko(amasomo 2)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:
- Kugaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.
- Gusobanura akamaro k'ibikoresho by'itumanaho ashingiye ku bivugwa mu mwandiko ndetse abihuza n'ubuzima busanzwe.
- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku itumanaho n'ikoranabuhanga, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko n'inkoranyamagambo.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Ibikoresho by'itumanaho."

2. **Ibyo bikoresho bimaze iki?**
   Byoroshya itumanaho.
3. **Muri rusange umwandiko uvuga iki ku itumanaho mu Rwanda?**
   Uvuga uko itumanaho ryagiye ritera imbere kuva kera kugeza ubu.
4. **Ni ibihe bikoresho by'itumanaho by'ikoranabuhanga bivugwamo?**
   Havugwamo mudasobwa, na terefoni zigendanwa n'izitagendanwa, radiyo na tereviziyo.

## II. Gusoma

Umwarimu asaba abanyeshuri bakabanza kongera gusoma umwandiko **"Ibikoresho by'itumanaho."** Umunyeshuri umwumwe agenda asimburana na bagenzi be, basoma baranguruye ijwi ku buryo bufasha abafite ubumuga bwo kutumva neza, maze ibibazo byo gusesengura umwandiko bakanabyandika ku kibaho kugira ngo n'ufite ikibazo cyo kutumva abisome, hanyuma bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, agasaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Babanza kungurana ibitekerezo ku bisubizo bari butange, umwarimu na we akazenguruka mu matsinda areba niba bose bitabira gutanga ibitekerezo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi n'umwanditsi hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.***

1. **Muvumbure ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziboneka muri uyu mwandiko**.
   Ingingo z'ingenzi:
   - Itumanaho rya kera ryari uruhererekane mvugo.
   - Itumanaho ry'ubu ryifashisha ibikoresho by'ikoranabuhanga.

   Ingingo z'ingereka:
   - Kugenzura ubuziranenge bw'ibikoresho by'itumanaho.
   - Gukoresha itumanaho mu bifite akamaro.
   - Ibikoresho by'itumanaho bya kera.
2. **Ni ibihe bikoresho by'itumanaho bikoreshwa iwanyu? Ese ubona bikoreshwa ku kigero gishimishije?**
   *(Ibisubizo biratandukana bitewe n'ibyo abanyeshuri babona iwabo. Ariko ahenshi radiyo na terefoni birakoreshwa, tereviziyo na interineti biracyari ku kigero cyo hasi cyane).*
3. **Nk'umunyeshuri wiga mu wa gatatu w'Amashuri Yisumbuye, ni iki wumva ukeneye kugira ngo witabire itumanaho rikoresha ikoranabuhanga?**
   *(Ibisubizo byanyurana bitewe n'imyumvire y'abanyeshuri ndetse n'aho ibigo*

*by'amashuri biri kuko hari nk'ahataragera amashanyarazi ngo babashe gukoresha mudasobwa neza...)*

4. **Mu buzima bwacu bwa buri munsi, utekereza ko itumanaho ritabaho byagira iyihe ngaruka?**
   Itumanaho ritabayeho hakwangirika byinshi cyane, kuko akamaro karyo ni kenshi mu guhanahana amakuru, mu gusangira ibitekerezo, mu kumenya amakuru atandukanye yo hirya no hino, mu kumenyekanisha, kurangisha cyangwa kubikira abawe… Itumanaho ritabayeho abantu baba bameze nk'abari mu icuraburindi.
5. **Ni iki cyakorwa kugira ngo abantu bitabire gukoresha itumanaho rikoresha ikoranabuhanga?**
   Abantu bagomba gukangurirwa kandi bakerekwa ibyiza biri mu itumanaho rikoresha ikoranabuhanga maze bakarushaho kuryitabira.

### Intera ya 1: Umwitozo w'ubumenyi ngiro

## Kujya impaka

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko, araba ashobora:

- Kujya impaka na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe.
- Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku ngaruka zo kudakoresha ikoranabuhanga mu itumanaho.
- Kujora ibitekerezo bya bagenzi be.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umunyeshuri n'igitabo cy'umwarimu n'izindi nyandiko zivuga ku itumanaho.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Uburyo bw'itumanaho ryahozeho n'ubukoreshwa ubu ubwihuta ni ubuhe**?
   Ubwihuta ni ubukoreshwa ubu.
2. **Mubona itumanaho ryo muri iki gihe ryihutishwa n'iki?**
   Ryihutishwa n'ikoranabuhanga ritera imbere uko bwije n'uko bukeye.
3. **Mukurikije aho isi igeze mubona kutajyana n'igihe twizirika ku bya kera bikwiye?**
   Oya! Ntibikwiye kuko umuntu utajyanye n'igihe, abandi baramusiga, ugasanga yaratakaye atazi aho isi igeze.

## II. Kujya impaka:

Umwarimu afatanya n'abanyeshuri kurema amatsinda aza kujya impaka nk'uko bigomba gukorwa, bagahitamo umuyobozi w'ikiganiro mpaka, umucungagihe abasigaye bakaba indorerezi, hanyuma akabaha insanganyamatsiko baza kujyaho impaka bakaziganiraho mu matsinda yabo begeranya ibitekerezo bari butange mbere yo kujya mu ruhame kumurika ibyo bateguye ku kiganiro mpaka. Umwarimu akurikirana uko abanyeshuri bakora ikiganiro mpaka n'ubwitabire bwabo, hanyuma akaza kubafasha, hamwe n'indorerezi, gufata umwanzuro ukandikwa ku kibaho mu nyuguti zigaragara, ukanasomwa mu ijwi riranguruye mu rwego rwo gufasha nk'abafite ubumuga bwo kutumva cyangwa kutabona neza.

### Insanganyamatsiko bajyaho impaka ni:

a) Kudakoresha ikoranabuhanga mu itumanaho byadindiza iterambere ry'umuntu ku giti ke n'iry'igihugu muri rusange.

Ingingo zakwibandwaho:
- Ubwigunge no kudasabana n'abandi.
- Kutamenya amakuru ya ngombwa.
- Kutamenya amategeko n'amabwiriza.
- Kutamenya amasoko n'ibyo wayabarizamo.
- Kutamenya aho wahahira ibyo udafite kandi ukeneye.
- Kutajijuka.

b) Bimwe mu bikoresho by'ikoranabuhanga mu itumanaho bidakoreshejwe neza bigira ingaruka mbi ku bantu.

Ingingo zakwibandwaho:
- Gucunga ubuziranenge bw'ibikoresho by'itumanaho.
- Kuvugisha ukuri kuri terefoni no ku mbuga nkoranyambaga.
- Gusesengura amakuru atangwa ku mbuga nkoranyambaga ugatandukanya ukuri n'ibinyoma.
- Kuvangura ibifite akamaro n'ibitagafite mu bivugirwa ku mbuga nkoranyambaga cyangwa ibyerekanwaho.

### Umwanzuro wafatwa ku nsanganyamatsiko zagiweho impaka:

Kudakoresha ikoranabuhanga mu itumanaho byadindiza umuntu kuko umuntu utarikoresha ntamenya aho isi igeze nta n'iterambere ashobora kugira. Tugomba kugendana n'igihe nta mpamvu n'imwe yo guheranwa n'ibintu bya kera byataye igihe. Ariko nubwo bwose itumanaho rikoresha ikoranabuhanga rifasha abaturage gutera imbere mu buryo bwihuse, abarikoresha bagomba kugira amakenga bakavangura ibifite akamaro n'ibitagafite mu bivugirwa ku mbuga nkoranyambaga cyangwa ibyerekanwaho, bagasesengura amakuru atangirwaho mbere yo kuyahururira kandi bakagenzura ubuziranenge bw'ibikoresho by'itumanaho mbere yo kubikoresha.

## Intera ya kabiri: Inyandiko zikoreshwa mu butegetsi: Umwirondoro

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku rugero rw'umwirondoro, araba ashobora:
- Gusobanura inshoza y'umwirondoro .
- Gutahura ibice bigize umwirondoro.
- Kwandika umwirondoro yubahiriza ibisabwa byose.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, urugero rw'umwirondoro, imfashanyigisho z'iyumvabona n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza ibibazo bifitanye isano n'isomo rigiye kwigwa kugira ngo afashe abanyeshuri kuvumbura ikigwa.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Ese iyo abantu bahuriye ahantu bataziranye bakora iki?**
   Baribwirana.
2. **Muri uko kwibwirana havugwamo iki?**
   Amazina, aho umuntu aturuka, aho avuka, imyaka ye, icyo akora...
3. **Ese iyo usaba akazi, utanga iki kugira ngo abo ugasaba bakumenye?**
   Utanga umwirondoro wawe.

## II. Ibijyanye n'umwirondoro.

Umwarimu yifashishije urugero rw'umwirondoro ruri mu gitabo cy'amunyeshuri, ashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, akabasaba gusoma umwirondoro uri mu gitabo cyabo, batahura inshoza y'umwirondoro, ndetse n'ibice bigize umwirondoro, bakanitegereza neza uko umwirondoro ukorwa. Buri tsinda rimurikira ayandi ibyo ryagezeho, nyuma y'igihe runaka cyagenwe, umwarimu akabafasha kubinoza no kubinonosora, bikandikwa ku kibaho kandi bigasomwa mu ijwi riranguruye mu rwego rwo gufasha ababa bakeneye ubufasha bwihariye, nk'abafite ubumuga bwo kutumva neza cyangwa kutabona neza.

*Urugero rw'umwirondoro yabaha:*

## Umwirondoro

**I. Ibiranga umuntu**

Amazina: MANZI Jacques
Data: MURERAMANZI Jean
Mama: KANGABE Marie
Itariki y'amavuko: 1/1/1991
Igitsina: Gabo
Irangamimerere: Ingaragu
Ubwenegihugu: Umunyarwanda
Imeri: mayako@yahoo.fr
Terefoni: 0788.....
07288.....

Aho navukiye:
Akagari ka Remera
Umurenge wa Remera
Akarere ka Ruhango
Intara y'Amajyepfo

Aho ntuye:
Akagari ka Munini
Umurenge wa Muko
Akarere ka Kacyiru
Umujyi wa Kigali

**II. Amashuri nize**

2010- 2013: Kaminuza y'u Rwanda, Koreji y'Uburezi, Agashami k'Indimi, mpakura impamyabumenyi y'ikiciro cya 2 cya kaminuza.
2004-2009: Amashuri yisumbuye mu Rwunge rw'Amashuri rwa Byimana.
1998-2003: Amashuri Abanza ku Ishuri Ribanza Inyange, mu Ruhango.
1995-1997: Amashuri y'Inshuke ku Ishuri Ribanza Inyange.

**III. Imirimo nashinzwe n'iyo nakoze**

2016: Umuyobozi w'Urwunge rw'Amashuri rwa Kacyiru, mu Karere ka Kacyiru.
2014- 2015: Umwarimu ku Ishuri Ryisumbuye rya Byimana, mu Karere ka Ruhango.

**IV. Indimi nzi kuvuga no kwandika:**

Ikinyarwanda
Igifaransa
Icyongereza
Igiswahili.

**V. Ubundi bumenyi mfite**

Ubumenyi mu ikoranabuhanga: Windows OS, Word software, MS Excel, MS PowerPoint.

**VI. Ibyo nkunda**

Nkunda gusoma inkuru no kuzandika, gukurikirana amakinamico nkoresheje ibikoresho by'itumanaho mu ikoranabuhanga.

**VII. Abahamya**

1. UWINEZA Mariam, Umuyobozi w'Ishuri Ryisumbuye rya Byimana, terefoni: 0788.......
2. KAMANA Jean Claude, umwarimu muri Kaminuza y'u Rwanda, Koreji y'Uburezi, mu Gashami k'Indimi. Terefoni: 0788.......
3. KARENZI Bosco Umuyobozi w'Akarere ka Kacyiru.

Ndahamya ko amakuru maze gutanga haruguru ari ukuri.

Bikorewe ku Kacyiru, ku wa 26 Mutarama 2017.

MANZI Jacques



Nyuma yo gutanga ibisobanuro by'isesengura ryakozwe, umwarimu arafasha abanyeshuri kugera kuri ibi:

## Inshoza y'umwirondoro

Umwirondoro ni inyandiko rikoreshwa mu butegetsi. Umwirondoro urondora ubuzima bw'umuntu yaciyemo n'ubushobozi yagiye ageraho. Muri rusange havugwamo ibiranga umuntu, amashuri yize, n'imirimo yagiye akora n'ibyo akunda bimuhesha kwizerwa nk'umukandida wahatanira umwanya w'akazi uri ku isoko. Iyo rwandiko ni nk'icyungo hagati yo gusaba akazi no kugahabwa. N'ubwo umwirondoro ukunze gukoreshwa mu rwego rwo gusaba akazi, ujya unakoreshwa mu biganiro by'abantu, igihe barimo kwibwirana kugira ngo basabane baziranye.

## Uturango tw'umwirondoro

Nk'uko bigaragara mu mwirondoro wasomwe, umwirondoro ugira ibice bikuru birindwi: Ibiranga umuntu, ni ukuvuga amakuru kuri nyiri ubwite, amashuri yize ahereye ku yo yize nyuma y'ayandi, imirimo yashinzwe cyangwa yaba yarakoze, ubundi bumenyi: indimi azi kuvuga no kwandika. Ibyo akunda, hagaheruka abantu bamuzi bahamya bibaye ngombwa, ko ibyo avuga ari ukuri.

Mu makuru atangwa, yaba ayerekeye amashuri cyangwa imirimo umukandida yagiye ashingwa, umuntu agenda ayatondeka ahereye ku makuru aheruka. Urugero ku mwirondoro twasomwe, uhera ku mashuri ya kaminuza ugasoreza ku y'inshuke; imirimo yahereye ku wo muri 2016, haheruka uwo muri 2014.

Mu gice cy'ubundi bumenyi, umuntu avugamo ubwo yungukiye mu mahugurwa no mu bundi buryo bwo kwiyungura ubumenyi yagiye agira nyuma y'amashuri yize. Icyo gihe biba byiza kwerekana ikemezo wahawe nyuma yo guhugurwa bikaba gihamya ko ubwo bumenyi ubufite koko. Naho mu gice cy'abantu bakuzi, ni byiza kuvugamo abakwigishije cyangwa se abakuyoboye mu mirimo wagiye ukora kuko ari bo bashobora guhamya ubuhanga n'ubudakemwa byawe maze ukavuga icyo bashinzwe na nimero ya terefone bashakirwaho biramutse bibaye ngombwa.

**Ikitonderwa:** Umwirondoro usozwa n'indahiro yemeza ko amakuru nyiri ukuyikora yatanze ari ukuri. Uwandika umwirondoro kandi agomba gushyira amazina n'umukono ku mwirondoro we.

### Umwitozo wo kwandika umwirondoro

Umwarimu atanga umwitozo wo kwandika umwirondoro, agasaba buri munyeshuri gukora umwitozo ku giti ke maze akaza kubakosora, anareba niba isomo riri kumvikana bityo aho abona hari ikibazo hagashakirwa igisubizo.

### Uko ikibazo giteye:

Kora umwirondoro n'umuntu warangije muri Kaminuza Yigenga ya Kigali, mu ishami wihitiyemo, maze uwandike wubahiriza ibisabwa byose.

*(Abanyeshuri barakora imyirondoro itandukanye, umwarimu abakosore areba niba bubahirije ibisabwa byose).*

## Umwandiko: Itumanaho n'akamaro karyo

## Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko(amasomo 2)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranyamagambo n'umwandiko yahawe, araba ashobora:

- Gusoma umwandiko bucece no kuwusoma aranguruye ijwi.
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gukoresha amagambo yungutse (mu mvugo cyangwa mu nyandiko) mu nteruro ngufi kandi ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku itumanaho n'ikoranabuhanga, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko n'inkoranyamagambo.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko cyangwa ibikubiye mu mwandiko bagiye gusoma.

*Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:*

1. **Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**
   Turabona abantu bari mu mirimo itandukanye barumva na radiyo.
2. **Urakeka ko bumva iki kuri radiyo?**
   Barumva indirimbo, ibiganiro cyangwa amatangaro.
3. **Ese gutanga itangazo kuri radiyo bimaze iki?**
   Ni uburyo bwo gutumaho abantu ukoresheje inyandiko cyangwa amajwi, bakamenya ibyo washakaga kubagezaho utagombye kuvugana na bo.

   Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye kwiga umwarimu arabwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko "**Itumanaho n'akamaro karyo**".

## II. Gusoma umwandiko

### Gusoma bucece

Umwarimu yongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko **"Itumanaho n'akamaro karyo."** Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

*Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:*

1. **Umwandiko mumaze gusoma witwa ngo iki?**
   Witwa "Itumanaho n'akamaro karyo."
2. **Uyu mwandiko uravuga ku biki?**
   Uravuga uburyo itumanaho rikoreshwa mu buzima bw'abantu.
3. **Ni ubuhe buryo bw'itumanaho bwavuzwe cyane?**
   Ni amatangazo, yaba ayanditse, aca kuri radiyo n'amanikwa ahantu. Haravugwa n'itumanaho rya terefoni.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III. Gusubiza ibibazo

Muri iki gice, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda bajya kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bagafatanya n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

**a) Ibibazo byo kumva umwandiko**

1. **Ni ubuhe buryo dufite bwo kumenya ibyo abo tutari kumwe bavuga?**
   Uburyo dufite bwo kumenya ibyo abo tutari kumwe bavuga ni ukwitabaza ibikoresho by'itumanaho.
2. **Vuga ubwoko bune bw'amatangazo dushobora kumva kuri radiyo cyangwa tereviziyo?**
   Amatangazo ahita kuri radiyo arimo ayo kumenyesha, ayo kurangisha, ayo kwamamaza n'ayo kubika.
3. **Itumanaho rimariye iki abantu mu buzima bwabo bwa buri munsi?**
   Rituma abantu bamenya amakuru ku byo bakeneye n'aho babibariza, rituma abahanye gahunda bazikomeza neza, rituma uwagize ibyago atabarwa akanasurwa n'ibindi.
4. **Kuri ubu ni iki cyoroheje itumanaho mpuzamahanga?**
   Ni interineti cyangwa murandasi.
5. **Ni akahe gashya interineti yazanye mu itumanaho?**
   Wifashishije interineti ushobora kuvugana n'umuntu umureba, ushobora kumwohererereza ifoto cyangwa kopi y'icyangombwa ashaka, ushobora kumwohererereza n'indirimbo, wamwohererereza igitabo agasoma n'ibindi. Ikindi kandi ni uburyo bwihuta kandi buhendutse kurusha ubwari busanzwe bukoreshwa.
6. **Kera ibikoresho by'itumanaho bitarasakara, umuntu yabigenzaga ate iyo yakeneraga kugira icyo avugana n'umuri kure?**
   Byamusabaga gukora urugendo, akajya kumuvugisha.

7. **Uburyo bwo kujya gushaka uwo ukeneye kuvugisha, urabona bwarashoboraga gutera ibihe bibazo?**
   Kujya gushaka umuntu ushaka kuvugisha byashoboraga guteza ibi bibazo :
   - Imvune y'urugendo umuntu ajya gushaka uwo bavugana cyangwa atanga amafaranga y'urugendo rujyayo.
   - Kugenda ugasanga adahari kandi wenda ari hafi aho, ukagaruka mutabonanye.
   - Gutakaza igihe umuntu yagakozemo ibindi.
8. **Erekana uburyo itumanaho rishingiye ku ikoranabuhanga rikemura ibyo bibazo?**
   Iyo ukoresha itumanaho rya terefoni cyangwa rya interineti ntibiba bikiri ngombwa gufata urugendo, uvugira aho uri cyangwa ukandika ikoranabuhanga rikabigeza aho bigomba kugera; igihe n'amafaranga bikaba birasugiye. Ibyo bikaba utavunitse kandi nta n'amafaranga y'urugendo utanze. Umuntu ujya kumusura mukabanza mukavugana ukumva ko aboneka ukajyayo abizi, yakwiteguye. Ntawugisura umuntu amutunguye. N'iyo usanze hari aho anyarukiye, uramuhamagara na terefoni akamenya ko wahageze kandi nawe ukamenya aho ari.

## Ibibazo n'ibisubizo byabyo:

1. **Tanga ibisobanuro by'amagambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira dusanga muri uyu mwandiko:**
   a) **Guhugukira:** Gukangukira kwita ku kintu.
   b) **Kubîka:** Kumenyesha abandi ko umuntu yapfuye.
   c) **Imbaga nyamwinshi:** Abantu benshi.
   d) **Kunoga:** Gutungana, kugenda neza.
   e) **Mu kanya nk'ako guhumbya:** Mu kanya gato cyane, bidatinze na gato.
   f) **Iyo bigwa:** Ahantu kure cyane.
   g) **Yabaye nk'umudugudu:** Yabaye nto.
2. **Tanga impuzanyito z'aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) (uburyo) butandukanye: **Bunyuranye**.
   b) Interineti: **Murandasi**.
   c) (umusaruro) ushimishije: **Unejeje**.
3. **Tanga imbusane z'aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko**.
   a) (uburyo) butandukanye ≠ **Buhuye**, **bumwe**.
   b) Gahunda ≠ **Akavuyo/akajagari**.
   c) Ibyago ≠ **Ibyishimo**.

### Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo bungutse mu nteruro ngufi ziboneye, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. **Koresha neza buri jambo mu nteruro yawe bwite kandi yumvikana:**
   a) **Guhugukira**
   Abantu benshi bamaze **guhugukira** gukoresha ikoranabuhanga mu itumanaho.
   b) **Kubika**
   Amatangazo yo **kubika** aba atabariza imiryango yapfushije abantu.
   c) **Imikoranire**
   Abayobozi bafite **imikoranire** myiza n'abo bayobora bagera kuri byinshi.
   d) **Iyo bigwa**
   Isi isigaye yarabaye nk'umudugudu kuko n'abari **iyo bigwa** ubu muravugana.
   e) **Kunoga**
   Ibiganiro mpaka bituma gahunda nyinshi zikorwa mu buryo **bunoze**.
2. **Uzurisha buri nteruro rimwe muri aya magambo akurikira:**
   **Kumubika, umushinga, ikoranabuhanga, kwamamaza, gahunda**.
   a) Amatangazo yo **kwamamaza** agirira akamaro rwiyemezamirimo, akanakagirira abakiriya be.
   b) Gashugi yapfiriye mu nzu ari wenyine maze habura umuntu wo **kumubika**.
   c) **Ikoranabuhanga** ni ikintu k'ingenzi gituma iterambere ryihuta.
   d) Umuntu wize arangwa no kugira **gahunda** mu byo akora byose.
   e) Niba ufite **umushinga** ushaka ko tuguteramo inkunga, andika ibaruwa ibisaba maze tugufashe kwiteza imbere.

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko(amasomo 2)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:

- Kugaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.
- Gusobanura akamaro k'itumanaho ashingiye ku bivugwa mu mwandiko ndetse abihuza n'ubuzima busanzwe.
- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku itumanaho n'ikoranabuhanga, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko n'inkoranyamagambo.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Witwa "Itumanaho n'akamaro karyo."
2. **Muri rusange uvuga ku biki?**
   Uvuga ku itumanaho uko rikoreshwa n'akamaro karyo mu buzima bwa buri munsi.
3. **Musanga itumanaho hari akamaro kanini rifitiye abantu?**
   Yego. Itumanaho rifitiye abantu akamaro kanini cyane.

## II. Gusoma

Umwarimu asaba abanyeshuri bakabanza kongera gusoma umwandiko "**Itumanaho n'akamaro karyo**." Abanyeshuri umwumwe bagenda basimburana, basoma baranguruye ijwi ku buryo bufasha abafite ubumuga bwo kutumva neza, maze ibibazo byo gusesengura umwandiko bakanabyandika ku kibaho kugira ngo n'ufite ikibazo cyo kutumva abisome, hanyuma bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu asaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Babanza kungurana ibitekerezo ku bisubizo bari butange, umwarimu na we akazenguruka mu matsinda areba niba bose bitabira gutanga ibitekerezo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi n'umwanditsi Hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

*Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.*

1. **Shaka ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziboneka muri uyu mwandiko**.
   Ingingo z'ingenzi:
   - Itumanaho rituma abantu bamenya aho ibyo bakeneye biri.
   - Itumanaho rituma abantu bamenya uwabo witabye imana bagatabara.
   - Terefoni na interineti bituma abakozi n'abakoresha bahanahana amakuru akazi kakihuta.

   Ingingo z'ingereka:
   - Amoko y'amatangazo.
   - Kugabanya ingendo.
2. **Kuba bemeza ko isi yabaye nk'umudugudu kubera itumanaho rikoresha ikoranabuhanga bishatse kwerekana iki?**

Bishatse kwerekana ko abantu babasha gushyikirana no koherezanya ubundi butumwa hirya no hino ku isi mu kanya nk'ako guhumbya bifashishije itumanaho ryihuse.

3. **Ubona ari ibihe bibazo byugarije urubyiruko biterwa no gukoresha itumanaho rya interineti? Ni iki cyakorwa mu kubishakira umuti?**

**Ibibazo:**

- Kureberaho amashusho y'urukozasoni atuma bashamadukira kwigana ibiyagaragaramo, bishora mu busambanyi, n'uburara.
- Guta igihe ku mbuga nkoranyambaga zo kuri interineti bityo bakanebwa, ntibite ku murimo.
- Gutakaza indangagaciro yo gusabana n'abo bari kumwe bagahugira kuri izo mbuga.
- Gukwirakwiza amakuru y'ibihuha bakoresheje imbuga nkoranyambaga…

**Umuti:**

- Kuganiriza urubyiruko rukumvishwa ububi bwo kureba amashusho y'urukozasoni agaragara kuri interineti no kubasaba kubicikaho.
- Gushyiraho amategeko abuza abantu kujya ku mbuga nkoranyambaga mu masaha y'akazi.
- Gutoza abantu kubaha no kugaragariza urugwiro abaje babagana birinda guhugira ku mbuga nkoranyambaga igihe k'imirimo.
- Gutoza abantu kuvugisha ukuri ku mbuga za interineti no gushyiraho uburyo bwo gukurikirana abakwirakwizaho ibinyoma.

**Ikitonderwa:** Nyuma y'iri somo, umwarimu aha abanyeshuri umukoro wo gukora umwitozo w'ubumenyi ngiro uri mugitabo cyabo

1. Ni iki cyakorwa kugira ngo itumanaho rigere mucyaro?
2. Itumanaho ryagufasha gute igihe uhuye nikibazo kandi uri kure y'abawe?

### Ihangamwandiko

### Intera ya gatatu: Amatangazo

*Intego zihariye:*

Umunyeshuri ahereye ku ngero z'amatangazo, araba ashobora:
- Gusobanura imiterere y'amatangazo anyuranye.
- Gusesengura amatangazo anyuranye batahura uturango twayo.
- Kwandika amatangazo anyuranye no kuyageza kuri bagenzi be.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ingero z'amatangazo anyuranye, imfashanyigisho z'iyumvabona n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza ibibazo bifitanye isano n'isomo rigiye kwigwa kugira ngo afashe abanyeshuri kuvumbura ikigwa.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Isomo duheruka kwiga ni irihe?**
   Twashubije ibibazo byo gusesengura umwandiko « Itumanaho n'akamaro karyo ».
2. **Twabonye ko uburyo bw'itumanaho bwiganje muri uyu mwandiko ari ubuhe?**
   Ni amatangazo amanikwa cyangwa agaca kuri radiyo.

**II. Uko isomo ritangwa**

Umwarimu yifashishije ingero z'amatangazo ziri mu gitabo cy'abanyeshuri, ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, akabasaba gusoma amatangazo ari mu gitabo cyabo, batahura imiterere yayo, ndetse n'uturango twayo, bakanitegereza neza uko amatangazo yandikwa. Buri tsinda rimurikira ayandi ibyo ryagezeho, nyuma y'igihe runaka cyagenwe, umwarimu akabafasha kubinoza no kubinonosora, bikandikwa ku kibaho kandi bigasomwa mu ijwi riranguruye mu rwego rwo gufasha ababa bakeneye ubufasha bwihariye, nk'abafite ubumuga bwo kutumva neza cyangwa kutabona neza.

**Uko igikorwa yabaha giteye**

Mu matsinda ya banebane, musome amatangazo akurikira maze muyasesengure muvuga uturango twa buri bwoko.

1. Umuryango wa Gakuru, utuye mu Kabagari, mu Murenge wa Rwamagana mu Karere ka Rwamagana, ubabajwe no kumenyesha inshuti n'abavandimwe ko umwana wabo Turinayo Jean Claude yitabye Imana ejo ku wa gatanu tariki ya 9 Ukuboza 2016 mu Bitaro by'a Rwamagana.

   Bimenyeshejwe:
   - Karangwa Medard utuye mu Ruhango;
   - Munyandamutsa Alphonse utuye i Nyanza;
   - Kagiraneza Jackson utuye mu Nyakabanda, i Kigali.

   Umuhango wo guherekeza nyakwigendera uzaba ku Cyumweru tariki ya 11 Ukuboza 2016, i Rusororo, saa saba z'amanywa. Inshuti n'abavandimwe, mwihutire gutabara.
2. Iduka ISUKU ricuruza amarangi riramenyesha abantu bose ko ritagikorera i Nyamirambo ko ahubwo ryimukiye Nyabugogo haruguru y'aho bategera imodoka zijya mu ntara, mu nyubako y'Amashyirahamwe, mu igorofa rya mbere. Abakiriya bahabwirwa n'icyapa kinini cyanditseho izina "ISUKU". Uwagira ikibazo, yahamagara kuri terefone nimero 0788...... umukozi ubishinzwe akamuyobora.
3. Karimunda Jean utuye mu Mudugudu wa Kanyinya, Akagari ka Bihembe, mu Murenge wa Kabagari mu Karere ka Ruhango ararangisha ibyangombwa bye birimo indangamuntu, uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga n'ikarita y'akazi byaburiye mu isoko rya Ruhango ku wa Gatanu, tariki ya 4 Gashyantare 2017. Uwabibona yabigeza ku buyobozi bwa Porisi bumwegereye, cyangwa agahamagara kuri terefoni nomero 0732......., akazahembwa bishimishije.

**Dore ibyakwandikwa nyuma yo kumurika ibyagezweho mu matsinda:**

**Inshoza y'amatangazo**

Amatangazo ni inyandiko yandikiwe abantu bose cyangwa itsinda ry'abantu bafite icyo bahuriyeho cyangwa se umuntu kugiti ke, igashyirwa ahantu bashobora kuyisomera cyangwa ikanyuzwa mu bitangazamakuru bisomwa cyangwa bivuga. Amatangazo abamo amoko anyuranye: amatangazo abika, amatangazo amenyesha, amatangazo arangisha, amatangazo anenga, ayamamaza n'ayandi.

**Itangazo ryo kubika** ni itangazo rigamije gutabaza ab'umuryango w'uwitabye Imana n'inshuti zabo kugira ngo bazaze kumushyingura.

**Itangazo ryo kumenyesha** ni iriba rigamije kumenyesha abantu runaka cyangwa abantu bose amakuru, cyanecyane nka gahunda nshya kandi yabagirira akamaro. Urugero ni nk'itangazo ry'icyamunara, itangazo ry'inama, n'ayandi.

**Itangazo ryo kuranga no kurangisha** ni itangazo ritangwa n'umuntu wabuze ikintu runaka cyangwa watoye ikintu runaka. Aritanga agira ngo uryumva yaratoraguye icyo kintu amenye nyiracyo, amenye n'uburyo yakoresha ngo akimugezeho cyangwa se kugirango uwagitaye amenye aho giherereye n'uburyo yakibona.

**Itangazo ryo kwamamaza:** ni itangazo ritangwa mu rwego rwo kumenyekanisha ibicuruzwa cyangwa gahunda iyi n'iyi kugira ngo abaguzi babikunde bamenye n'aho babishakira cyangwa bakundishijwe yamamazwa bayitabire. Rishobora kandi kumenyesha abantu bose ikintu cyatoraguwe kugira ngo uwumva ari ike amenye aho kiri n'uburyo yakibonamo.

**Uturango tw'amatangazo**

Mu itangazo hagomba kubonekamo ibi bikurikira: umutwe (ubwoko bw'itangazo), utanze itangazo, icyo aritangiye, aho kibera (cyabereye cyangwa kizabera), igihe kibera (cyabereye cyangwa kizabera), ugenewe itangazo n'icyo ategerejweho.

Ku buryo bw'umwihariko, itangazo ryo kubika rigaragaramo amazina y'uwitabye Imana, aho yaguye, igihe azashyingurirwa n'aho bazamushyingura. Hagaragaramo kandi utanze itangazo n'abo rigenewe cyangwa abamesheshejwe.

Itangazo ryo kumenyesha rirangwa no kugira umenyesha, abamenyeshwa, icyo bamenyeshwa n'icyo abamenyeshwa basabwa.

Itangazo rirangisha cyangwa riranga rirangwa no kugaragaza amazina y'urangisha cyangwa uranga, ibirangishwa cyangwa ibirangwa, aho byaburiye cyangwa byabonywe, aho byashyikirizwa aho biri n'ibihembo bizahabwa uwaba yarabibonye cyangwa ibyo urebwa nitangazo asabwa.

**Umwitozo ku matangazo**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, akababaha umwitozo wo kwandika amatangazo, hanyuma bakaza kuyageza kuri bagenzi babo bigana ayo bajya bumva. Umwarimu akurikirana ubwitabire bw'abanyeshuri mu matsinda, hanyuma akaza no gukurikirana uko bageza kuri bagenzi babo amatangazo banditse, akabafasha kunoza uwo murimo wo gutanga amatangazo.

**Ikibazo yatanga:**

Mu matsinda ya babiribabiri, nimwandike itangazo rimwe kuri buri bwoko bwizwe, maze murisomere abandi banyeshuri mwigana ayo mujya mwumva.

*(Umwarimu aragenzura ko bubahirije imyandikire yemewe n'uturango tw'amatangazo.)*

## Inshamake y'ibyizwe muri uyu mutwe wa karindwi

Muri uyu mutwe wa karindwi twabonyemo imyandiko ivuga ku ngingo zerekeye akamaro k'itumanaho n'uburyo bw'itumanaho bwagiye bukoreshwa mu Rwanda. Itumanaho ryahozeho kuva kera ariko rigoranye, none aho ikoranabubanga ryaziye itumanaho ryateye imbere ndetse isi yabaye nk'umudugudu. Twanabonye kandi akamaro k'itumanaho mu mibanire y'abantu.

Mu bumenyi busanzwe bw'ururimi, twabonye umwirondoro tubona n'ibice biwugize harimo ibiranga nyiri ubwite, amashuri yize, impamyabumenyi, akazi yaba yarashinzwe, indimi avuga, ubundi bumenyi afite, abantu bamuzi ndetse n'indahiro ihamya ko ibyo avuze ari ukuri.

Twabonye kandi inshoza y'amatangazo n'amoko anyuranye y'amatangazo harimo amatangazo abika, arangisha, amenyesha n'ayamamaza. Amatangazo abika aba atabariza umuntu witabye Imana kugira ngo inshuti n'abavandimwe batabare, amatangazo arangisha aba amenyekanisha ikintu runaka cyabuze kugira ngo uwagitoraguye agishyikirize bene cyo, amatangazo amenyesha aba atanga amakuru runaka y'ikintu kitari kimenyerewe naho amatangazo yamamaza yo aba akundisha abaguzi igicuruzwa runaka cyangwa gahunda iyi niyi bahamagarira kuyitabira.

### Ubumenyi bw'inyongera

## Imigani migufi igusha ku nsanganyamatsiko y'itumanaho

a) **Utaganiriye na se ntamenya icyo sekuru yasize avuze**:
Mu buzima bw'abantu ni ngombwa ko abantu bahanahana amakuru mu rwego rwo guhugurana.

b) **Akanyoni katagurutse ntikamenya iyo bweze:**
Aha barashaka kutwereka ko, kubaho mu bwigunge ntacyo byatugezaho. Ni ngombwa ko abantu bamenya uburyo bwo gushakisha amakuru, bityo bakabona n'uburyo bwo kubaho.

c) **Utageze ibwami abeshywa byinshi:**
Aha na ho baradukangurira kumenya gutara amakuru, hato tutazajya tubwirwa ibinyoma cyangwa amakuru atari yo.

d) **Ifuni ibagara ubucuti ni akarenge:**
Kugira ngo abantu b'inshuti basangire ibitekerezo cyangwa babwirane ibyiyumviro byabo, bisaba ko basurana.

## Isuzuma rusange risoza umutwe wa karindwi

(Mu gitabo cy'umunyeshuri ku rupapuro rwa 123)

Nyuma yo kurangiza umutwe wa karindwi, umwarimu atanga isuzuma riteganyijwe, buri munyeshuri arikora ku giti ke. Nyuma y'ikosora umwarimu asuzuma urwego abanyeshuri bagezeho kugira ngo niba hari ibigomba gusubirwamo bisubirwemo ndetse akareba abafite ibibazo byihariye kugira ngo abafashe mbere yo gutangira undi mutwe. Nyuma y'isuzuma umwarimu atanga imyitozo ku banyeshuri bafite intege nke mu myigire yabo.

### Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko:**

1. **Uyu mwandiko uravuga ku yihe nsanganyamatsiko?**
   Uravuga ku itumanaho.
2. **Abamotsi bavugwa mu mwandiko bari bashinzwe iki mu Rwanda rwa kera?**
   Bari bashinzwe gutangaza amakuru avuye mu buyobozi.
3. **Ni iki ubona cyari kibangamiye abajyaga gutara amakuru mu Rwanda rwo hambere?**
   Ni imvune yaterwaga n'urugendo rujya gushaka ayo makuru.
4. **Vuga ibikoresho by'itumanaho byavuzwe mu mwandiko n'icyo babivuzeho.**
   Havuzwemo terefoni, radiyo, tereviziyo, murandasi. Havuzwe ko ari byiza iyo bikoreshejwe neza. Ariko iyo bikoreshejwe nabi bigira ingaruka mbi. Si byiza kubikoresha mu migambi mibi, kubitindaho ukirengagiza abaje bakugana na byo si byiza. Nka terefoni kuyihoza ku gutwi bagaragaje ko byatera indwara mu matwi.
5. **Ni akahe kamaro k'itumanaho mu mibanire y'abantu?**
   Itumanaho ryoroshya ubuzima, abantu babasha kugezanyaho ubutumwa ku buryo bwihuse, butavunanye kandi budahenze.
6. **Ni iyihe nama wagira umunyeshuri mugenzi wawe ku ikoresha rya murandasi?**
   Namugira inama yo kuyikoresha mu bushakashatsi, ariko ntimutware ngo abe ari yo ahoraho. Namubwira kandi ko amakuru ayibonekaho yose atari ko aba ari ukuri, asabwa gushishoza. Ikindi namubwira ko habaho n'imbuga zitangaza iby'urukozasoni akaba akwiye kuzirinda.
7. **Ushingiye ku ngero zifatika, sobanura aho ubona itumanaho mu Rwanda rigeze.**
   Itumanaho mu Rwanda mbona ryarateye imbere, Abanyarwanda benshi cyane, baba abo mu migi n'abo mu cyaro, abakire n'abacikiritse bakoresha

terefoni zigendanwa. Amaradiyo n'amatereviziyo ni menshi mu Gihugu ku buryo guhererekanya amakuru bisigaye iri nko guhumbya.

8. **Iyo terefone na mudasobwa zikoresha interineti bikoreshejwe neza bifasha umunyeshuri kuzuza inshingano ze. Byakoreshwa nabi bikamuyobya. Uhereye ku ngero zifatika, nk'umunyeshuri garagaza uko wumva gukoresha neza no gukoresha nabi ibyuma nk'ibi by'itumanaho**. Ku munyeshuri gukoresha neza interineti ni ukuyibyaza ubumenyi, akayishakiraho ibijyanye n'amasomo yiga. Yaba yahawe umukoro agakoreraho ubushakashatsi kugira ngo abashe gusubiza neza ibyo yabajijwe. Ariko iyo umunyeshuri akoresheje interineti mu kureba amashusho y'urukozasoni, iyo aho kwiga yibera iteka kuri interineti, iyo igihe ke akimara mu kwandikirana utuganiro tudafite umumaro n'urundi rubyiruko cyangwa n'abakuze bamushuka, icyo gihe aba arimo gukoresha interineti nabi kandi bishobora kumukururira n'izindi ngaruka mbi nko gutsindwa, kugwa mu bishuko n'ibindi.

## II. Inyunguramagambo

1. **Mu magambo yawe bwite, sobanura aya magambo cyangwa itsinda ry'amagambo yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) **Gutara amakuru:** Kujya ahantu habereye ikintu, ukabaza abo uhasanze uko byagenze, hanyuma ukazabitangaza mu gitangazamakuru.
   b) **Ikantarange:** Ahantu kure.
   c) **Imbuto:** Imyaka yatoranyijwe kugira ngo izaterwe mu gihe k'ihinga.
   d) **Ikerekezo:** Aho umuntu agana cyangwa aho ikintu giherereyemo.
   e) **Mu kanya nk'ako guhumbya:** Mu gihe gito cyane.
2. **Simbuza ijambo cyangwa itsinda ry'amagambo akurikira irindi jambo bihuje inyito uvanye mu mwandiko**
   a) **Umupaka:** Inkiko.
   b) **Rutuku:** Umuzungu.

## III. Ubumenyi bw'ururimi

Hitamo ikibazo kimwe mu bibazo bikurikira maze ugisubize neza :

1. Tekereza umwirondoro waba ufite urangije amashuri yisumbuye maze uwandike wubahirije ibisabwa byose.
   *(Umwarimu arakosora areba ko umwirondoro wujuje ibisabwa.)*
2. Wubahirije ibijya mu itangazo, andika itangazo riranga ikintu waba watoraguye. *(Umwarimu arakosora areba niba itangazo ryujuje ibisabwa.)*

## Imyitozo nzamurabushobozi igenewe abafite intege nke mu myigire yabo

1. **Ku bwawe wumva ikoranabuhanga rimaze iki mu itumanaho?**
   Ikoranabuhanga rituma itumanaho rirushaho kunoga, tukava ku itumanaho rivunanye kandi rigoye ndetse ritanizewe, tugakoresha itumanaho ryihuta, rihendutse ndetse ryizewe.
2. **Garagaza ibice bigize umwirondoro?**
   Ibice bigize umwirondoro ni: ibiranga nyiri ubwite, amashuri yize, impamyabumenyi, akazi yaba yarashinzwe, indimi avuga, ubundi bumenyi afite, abantu bamuzi ndetse n'indahiro ihamya ko ibyavuzwe ari ukuri.
3. **Sobanura inshoza y'amatangazo**.
   Amatangazo ni inyandiko yandikiwe abantu bose cyangwa itsinda ry'abantu, cg umuntu ku giti ke, igashyirwa ahantu bashobora kuyisomera cyangwa ikanyuzwa mu bitangazamakuru bisomwa cyangwa bivuga. Amatangazo abamo amoko anyuranye: amatangazo abika, amatangazo amenyesha,amatangazo arangisha n'ayandi.
4. **Garagaza amoko y'amatangazo akoreshwa mu buzima bwa buri munsi.**
   Mu buzima bwa buri munsi hakoreshwa amatangazo amenyesha, amatangazo arangisha, amatangazo yamamaza n'amatangazo yo kubika.

## Imyitozo nyagurabushobozi igenewe abanyeshuri bihuta cyane kurenza abandi:

1. Andikira minisitiri wa minisiteri ifite inshingano runaka, umusabe akazi nurangiza ushyireho n'umwirondoro nk'umuntu warangije kaminuza kandi umaze imyaka ibiri mu kazi runaka.

   *(Umwarimu akosora areba niba ibaruwa y'ubutegetsi ikoze neza ndetse n'umwirondoro wujuje ibisabwa byose).*

# 8 Ubufatanye no gukorera hamwe

**(Umubare w'amasomo: 13)**

| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:** |
|---|
| - Gusesengura imyandiko ku nsanganyamatsiko y'ubufatanye no gukorera hamwe.<br>- Gusesengura inkuru ishushanyije n'inyandiko y'ikinyamakuru. |
| **Ubumenyi bw'ibanze** |
| Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe agomba kuba azi icyo ubufatanye no gushyira hamwe ari cyo ndetse azi icyo aya magambo avuga: ubudehe, ishyirahamwe, koperative. Umunyeshuri agomba kuba yarabonyemo inkuru ishushanyije kandi yarabonye ikinyamakuru runaka. |
| **Ingingo nsanganyamasomo** |
| - **Uburinganire n'ubwuzuzanye**.<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa hitabwa ku buringanire n'ubwuzuzanye mu gushyira abanyeshuri mu matsinda bagendeye ku bitsina byombi, bityo hagati yabo bagafashanya kandi bakuzuzanya mu myigire yabo.<br>- **Umuco w'amahoro**<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa hasobanurwa mbere na mbere akamaro ko gushyira hamwe n'inyungu ituruka mu gushyira hamwe no gukorera hamwe. Ibyo rero ntibyagerwaho abantu badafite amahoro cyangwa batabanye neza bimakaza umuco w'amahoro kuko abantu bafitanye amakimbirane biragoranye ko bakwishyira hamwe ngo bagire icyo bageraho cyabateza imbere.<br>- **Uburezi budaheza**.<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa umwarimu yita ku banyeshuri bose cyanecyane abafite ubumuga ndetse no mu gushyira abanyeshuri mu matsinda nta vangura iryo ari ryo ryose rishingiweho. |
| **Ubushobozi nsanganyamasomo** |
| - Ubushishozi no gushakira ibibazo: akrikira ibibazo: akurikira neza ibivugwa, ajora ibyo yasomye cangwa yasomewe, ashaka ibisubizo by'ibibazo byabajijwe.<br>- Gusabana mu kinyarwanda akoresha neza amagambo yungutse kandi atanga ibitekerezo bifite ireme.<br>- Ubushakashatsi: asoma ibibazo binyuranye, atahura inshoza zinyuranye asobanuza ibyo adasobanukiwe.<br>- Guhanga udushya, akina kandi ahanga imkuru ishushanyije |

| |
|---|
| - Ubufatanye n'imibanire ikwiye n'abandi akorana n'abandi mu matsinda kandi yubaha ibitekerezo bya bagenzibe. |
| **Amagambo n'ibitekerezo by'ingenzi:** Ubufatanye, gukorera hamwe, gutera imbere, amashyirahamwe, amakoperative, inkuru ishushanyije, inyandiko y'ikinyamakuru. |
| **Uburyo bwo kwita ku bafite ibibazo byihariye:**<br><br>Abana bafite ibibazo bagomba kwitabwaho by'umwihariko, hagendewe ku bibazo bafite. Abana bafite ibibazo bitabwaho ku buryo bwose bushoboka bubafasha gukurikira amasomo nk'abandi.<br><br>Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Asoma mu ijwi riranguruye yegereye kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva neza n'abafite ubumuga bwo kutabona babyumve. Ni ngombwa kandi gufasha ku buryo bwihariye abafite ibibazo byihariye. |

## Ibyigwa bikubiye muri uyu mutwe n'umubare w'amasomo ya buri kigwa

| Ibyigwa | Umubare w'amasomo |
|---|---|
| **1. Umwandiko: Kwishyira hamwe** | |
| Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko **«Kwishyira hamwe»**. | Isomo 1 |
| Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko **«Kwishyira hamwe»**. | Isomo 1 |
| **2. Umwandiko: Gira inka Munyarwanda** | |
| Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko **«Gira inka Munyarwanda»**. | Isomo 1 |
| Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko **«Gira inka Munyarwanda»**. | Isomo 1 |
| 3. Umwitozo w'ubumenyi ngiro: | Isomo 1 |
| **Intera ya 1: Kungurana ibitekerezo**. | |
| **4. Inkuru ishushanyije: Kagenzi mu iterambere** | |
| Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko **«Kagenzi mu iterambere»**. | Isomo 1 |
| Intera ya kabiri: Gusesengura umwandiko **«Kagenzi mu iterambere»**. | Isomo 1 |
| 5. Umwitozo w'ubumenyi ngiro.<br>Intera ya 1: Gukina no gufata mu mutwe | Isomo 1 |
| 6. Ubuvanganzo:<br>Intero ya 1: Inkuru ishushanyije. | Isomo 1 |

| | |
|---|---|
| 7. Umwandiko: **Inyandiko y'ikinyamakuru**<br>Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko «Inyandiko y'ikinyamakuru».<br>Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko «Inyandiko y'ikinyamakuru». | Isomo 1 |
| 8. Umwitozo w'ubumenyi ngiro:<br>Intera ya 1: **Kungurana ibitekerezo**. | Isomo 1 |
| 9. Ubuvanganzo<br>Intera ya 1: Inyandiko y'ikinyamakuru. | Isomo 1 |

### Umwandiko: Kwishyira hamwe

### Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko (Isomo 1)

(Mu gitabo cy'umunyeshuri )

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranyamagambo n'umwandiko, araba ashobora:
- Gusoma umwandiko bucece no kuwusoma aranguruye umwandiko
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe.
- Gukoresha amagambo yungutse (mu mvugo cyangwa mu nyandiko) mu nteruro ngufi kandi ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku nsanganyamatsiko y'ubufatanye no gukorera hamwe, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona, n'inkoranyamagambo.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko cyangwa ibikubiye mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Mwitegereje iri shusho murabonaho iki?**
   Turabona abantu benshi b'ibitsina byombi barimo gusarurira hamwe ikawa mu murima munini.
2. **Ese twavuga ko buri wese muri aba bantu yisoromera?**
   Biragaragara ko barimo gukorera hamwe, nk'ishyirahamwe cyangwa koperative y'ubuhinzi bw'ikawa.

3. **Mutekereje murumva umurimo bari bukore umuntu umwe yawushobora?**
   Oya, umuntu umwe ntiyawushobora cyangwa yawukora mu gihe kirekire.

Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye kwiga umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko **«Kwishyira hamwe»**.

## II. Gusoma umwandiko mu matsinda.

### Gusoma bucece

Umwarimu yongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko "**Kwishyira hamwe**." Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Umwandiko mumaze gusoma witwa ngo iki?**
   Witwa: "Kwishyira hamwe."
2. **Uyu mwandiko uravuga ku biki?**
   Uravuga ukuntu kwishyira hamwe biri mu muco w'Abanyarwanda kuva kera ukavuga uburyo bwo kwishyira hamwe bukorwa ubu.
3. **Umwandiko urahamagarira Abanyarwanda gukora gute?**
   Umwandiko urasaba Abanyarwanda kureka kuba ba nyamwigendaho, bakibumbira mu mashyirahammwe kuko ari byo bizana inyungu nyinshi.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III.Gusubiza ibibazo

Muri iki gice, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva

umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda bajya kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bagafatanya n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

**a) Ibibazo byo kumva umwandiko:**

1. **Tanga ingero ebyiri zerekana ko mu muco wabo Abanyarwanda kuva kera bashyigikiye umuco w'ubufatanye**.
   Mu muco w'Abanyarwanda hagaragaramo ubufatanye mu buryo bahingiraga hamwe mu "budehe" n'uburyo bafatanyaga mu gihe k'imihango y'ubukwe batwererana.
2. **Ni ubuhe buryo bwo gushyira hamwe ubuyobozi bw'uyu munsi buhamagarira Abanyarwanda gushyira mu bikorwa?**
   Ni ukwibumbira mu mashyirahamwe cyangwa amakoperative.
3. **Vuga ingero z'ibikorwa by'amashyirahamwe n'amakoperative akunze kuboneka mu Rwanda?**
   Hari agamije guteza imbere uburezi, ay'ubuhinzi, ay'ubworozi bw'amafi, ay'uburobyi, ay'ubwikorezi n'ayandi.
4. **Amashyirahamwe n'amakoperative amariye iki abanyamuryango bayo?**
   Atuma abanyamuryango bongera umusaruro bityo bakabasha kwiteza imbere.
5. **Ni iki amashyirahamwe amariye igihugu?**
   Iyo abaturage biteje imbere mu mashyirahamwe n'amakoperative n'igihugu na cyo kirahazamukira. Iterambere ry'abaturage, ni na ryo terambere ry'igihugu muri rusange.
6. **Vuga izindi nyungu ebyiri zitavuzwe mu mwandiko zo kwishyira hamwe?**
   Kwishyira hamwe bituma umutungo n'ibintu by'abantu bicungirwa neza umutekano kandi iyo abantu bishyize hamwe, kubona inguzanyo muri banki biroroha.
7. **Abantu batinya gukorera mu mashyirahamwe n'amakoperative wumva wabagira iyihe nama?**
   Nabagira inama yo gutinyuka gukorana n'abandi, nkababwira ko «umwe arya bihora», kandi ko «Inkingi imwe itagera inzu». Nababwira ko gukorera hamwe atari bibi, ahubwo ko ikibi ari ugukora nta ngamba z'imicungire myiza y'umutungo abantu basangiye. Nababwira ko iyo umutungo ucunzwe neza, koperative zunguka n'abanyamuryango bazo bakiteza imbere ku buryo bugaragara.

**b) Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukorera mu matsinda ya babiribabiri, bagashakira hamwe ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe bakanayandika ahantu ari kumwe n'ibisobanuro byayo, hanyuma bakagaragaza ibyagezweho mu matsinda, umwarimu akabafasha kubinoza.

### Ibibazo n'ibisubizo byabyo:

1. **Shaka ibisobanuro by'amagambo cayngwa amatsinda y'amagambo akurikira dusanga mu mwandiko:**
   a) **Nyamwigendaho:** Umuntu uba ushaka kubaho no gukora wenyine.
   b) **Indangamitekerereze:** Urusobe rw'ibitekerezo by'uko abaturage b'igihugu runaka bumva ibintu, bikababamo, bakabigenderaho igihe kirekire.
   c) **Guca mu rihumye:** Kutagaragara kw'ikintu runaka, kwihisha.
   d) **Ubugeni n'ubukorikori:** Umwuga runaka ugaragaramo ubwenge bwo gukora cyangwa kubyaza ibintu ibindi byinshi bitandukanye binogeye ijisho.
   e) **Katagereranywa:** Kanini cyane.
   f) **Urebererwa:** Ucungwa ngo utangizwa.
   g) **Ingwate:** Icyo umuntu atanga kugira ngo agurizwe, akiyemerera ko cyafatirwa mu gihe ananiwe cyangwa yanze kwishyura.
   h) **Terera iyo:** Utagira icyo yitaho.
   i) **Ntibawumunge:** Ntibawonone, ntibawurigise mu buryo butazwi.

### Umwitozo w'inyunguramagambo

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. **Huza amagambo yo mu ruhushya A n'ibisobanuro biri mu ruhushya B ukoresheje utwambi**.

| A | B |
|---|---|
| Guca mu rihumye | Umujura |
| Ingwate | Guha umuntu icyo akeneye kugira ngo abashe gutunganya ibyo arimo gukora. |
| Uw'akaboko karekare | Kugenda ntawukubonye. |
| Kumunga | Ikintu utanga kugira ngo nutishyura bazabe ari cyo bafata biyishyure. |
| Kunganira | Kwangiza. |
| Urwego | Kutabasha kumenya icyo ufata n'icyo ureka. |
| Umusaruro | Ibintu byose bikomoka ku kwiyuha akuya. |
| Gushidikanya | Ikiciro ikintu gifatwamo. |

2. **Shaka impuzanyito z'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) Kunganirana: **Gufashanya, kuyambana, guterana ingabo mu bitugu**.
   b) Kongera: **Gusubira**.
   c) Kwihuta: **Kunyaruka**.
3. **Shaka imbusane z'amagambo cyangwa amatsinda y'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) Umutekano ≠ **Amahane**, **akaduruvayo**, **imidugararo.**
   b) Gushidikanya ≠ **Kwemera**, **guhakana**.
   c) Kugira agaciro ≠ **Gusuzugurika**.
   d) Guca mu rihumye ≠ **Kugaragara**.
4. **Uzurisha interuro zikurikira amagambo cyangwa amatsinda y'amagambo yakoreshejwe mu mwandiko**.
   a) Iyo umuntu **ashidikanya** ku kemezo agomba gufata, abanza kugisha inama inshuti ze.
   b) Amatembabuzi ava mu gasabo k'indurwe **yishyira hamwe** n'ayo mu gifu bigatuma igogorwa ry'ibiryo rigenda neza.
   c) Uyu mwandiko twari twawukosoreye mu itsinda ryacu kandi twizeye ko nta kosa risigayemo; ukuntu iri **ryaduciye mu rihumye** sinabimenya rwose.
   d) Amazi afite akamaro **katagereranywa** mu buzima bwa muntu.
   e) Abanyarwanda bagira **ingengamitekerereze** yabo bwite itandukanye n'iy'abanyamahanga.

### Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko (isomo 1)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:
- Kugaragaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zikubiye mu mwandiko.
- Gusobanura ashingiye ku mwandiko ibyo yungutse bijyanye n'ubufatanye no gukorera hamwe.
- Guhuza insanganyamatsiko n'ubuzima busanzwe abamo.
- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku bufatanye no gukorera hamwe, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko ndetse n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Witwa "Kwishyira hamwe".
2. **Muri rusange uvuga ku biki?**
   Uvuga ukuntu kwishyira hamwe bigira inyungu kurusha kuba nyamwigendaho.
3. **Ni ubuhe buryo bwo kwishyira hamwe buvugwa mu mwandiko?**
   Havugwamo gukorera mu mashyirahamwe cyangwa mu makoperative.

## II. Gusoma

Umwarimu abwira abanyeshuri bakabanza kongera gusoma umwandiko "Kwishyira hamwe." Umunyeshuri umwumwe agenda asimburana na bagenzi be, basoma baranguruye ijwi ku buryo bufasha abafite ubumuga bwo kutumva neza, maze ibibazo byo gusesengura umwandiko bakanabyandika ku kibaho kugira ngo n'ufite ikibazo cyo kutumva abisome, hanyuma bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, agasaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Babanza kungurana ibitekerezo ku bisubizo bari butange, umwarimu na we akazenguruka mu matsinda areba niba bose bitabira gutanga ibitekerezo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi n'umwanditsi hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

*Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.*

1. **Vuga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziboneka mu mwandiko?**
   Ingingo z'ingenzi:
   - Nta mugabo umwe
   - Umuco w'ubufatanye watangiye kera.
   - Ubuyobozi bukangurira abantu gukorera mu mashyirahamwe n'amakoperative.
   - Muri iki gihe kwishyira hamwe biboneka ku buryo bunyuranye.
   - Abanyarwanda bakwiye kwitabira kwibumbira mu mashyirahamwe

   Ingingo z'ingereka:
   - Kwibaza ku musaruro w'umuntu umwe.
   - Ingero z'amashyirahamwe.
   - Kongera umusaruro bituma abantu biteza imbere.
2. **Ni iki wungukiye mu mwandiko kijyanye no gukorera hamwe uhereye ku bivugwa mu mwandiko?**
   Kwishyira hamwe bituma abantu bahuza imbaraga n'ibitekerezo bikaba byinshi ku buryo nta kintu bashaka gukora ngo kibananire. Kwishyira hamwe bituma

abantu bizerwa n'amabanki, bituma kandi abangizi batinya ibikorwa byabo kuko biba birinzwe na benshi.

3. **Mu buzima bwacu bwa buri munsi duhora twumva gahunda ya « Gira inka Munyarwanda », urumva mu rwego rw'ubufatanye izageza iki ku Banyarwanda?**
   Binyuze mu gikorwa kiza cyo kuziturirana, gahunda ya «Gira inka Munyarwanda» izateza imbere Abanyarwanda babe aborozi b'inka zitanga umukamo utubutse barwanye ubukene n'inzara, babone ifumbire yongera umusaruro maze bihaze mu biribwa ndetse bakumire indwara ya bwaki iterwa n'imirire mibi. Iyi gahunda kandi izatuma Abanyarwanda babona amafaranga kuko basagurira amakusanyirizo y'amata ku mukamo babona.
   Iyi gahunda kandi izashimangira ubumwe bw'Abanyarwanda binyuze mu gusabana no kugabirana.
4. **Nyuma yo gusoma uyu mwandiko wavuga iki ku mvugo igira iti "Abishyize hamwe nta kibananira? Ese ubona byafasha iki abanyeshuri ubijemo no gukorera mu matsinda.**
   Imbaraga z'abantu benshi zikora n'ibyo abantu babonagako bidashoboka. N'abanyeshuri rero iyo bakorera mu matsinda barunganirana bakagera kubyo bakeneweho

## Umwandiko: Gira inka Munyarwanda

## Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranyamagambo n'umwandiko, araba ashobora:
- Gusoma umwandiko bucece no kuwusoma aranguruye umwandiko
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe.
- Gukoresha amagambo yungutse (mu mvugo cyangwa mu nyandiko) mu nteruro ngufi kandi ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku nsanganyamatsiko y'ubufatanye no gukorera hamwe, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, imfashanyigisho z'iyumvabona n'inkoranyamagambo

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko cyangwa ibikubiye mu mwandiko bagiye gusoma.

*Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:*

1. **Mwitegereje iri shusho murabonaho iki?**
   Turabona amatsinda abiri y'abantu: abayobozi ku ruhande rumwe n'abayoborwa ku rundi. Hagati y'abo bantu hari inka eshanu n'umuntu ugaragara nk'uri kuvuga amazina y'inka.
2. **Murumva hano hantu habaye iki cyahuje aba bantu?**
   Ndabona baje gutanga inka.
3. **Mukurikije ibyo twavuze dusesengura umwandiko, murumva izi nka ziri gutangwa mu yihe gahunda?**
   Muri gahunda ya "Gira inka Munyarwanda".

   Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye kwiga umwarimu arabwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko: "**Gira inka Munyarwanda**".

## II. Gusoma umwandiko mu matsinda.

### Gusoma bucece

Umwarimu yongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko "**Gira inka Munyarwanda**." Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

*Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:*

1. **Uyu mwandiko uravuga ku biki?**
   Uravuga kuri gahunda ya Gira inka, ukuntu ari igitekerezo cya Perezida wa Repubulika ushaka ko abantu bose borora bakivana mu bukene. Uravuga kandi ko uhawe inka ya Gira inka afite inshingano zo koroza abaturanyi be mu gihe iyo yahawe yungutse.
2. **Usibye iby'ubukungu, ni iki kindi izamarira Abanyarwanda?**
   Izatuma babana neza kubera gusangira amata, bityo amacakubiri acike mu Banyarwanda.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, mu ijwi riranguruye kandi bubahiriza utwatuzo. Iyo abanyeshuri ari benshi umwe asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza igihe umwandiko urangiriye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uhari.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa bagiye bakora iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira:

Kunamiriza mu gitabo mu gihe bari gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo babasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III. Gusubiza ibibazo

Muri iki gice, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda bajya kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bagafatanya n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

**a) Ibibazo byo kumva umwandiko:**

1. **Uyu mwandiko ni bwoko ki? Sobanura impamvu.**
   Ni umuvugo. Impamvu ni uko ufite uturango tw'umuvugo: kuba ari umwandiko urata cyangwa usingiza, wanditse mu mikarago, urimo uturango tw'ikeshamvugo nk'isubirajwi n'isubirajambo, imizimizo, imibangikanyo n'ibindi.
2. **Gahunda ya "Gira inka Munyarwanda" yaje ikemura ikihe kibazo kivugwa mu mwandiko?**
   Gira inka Munyarwanda yaje ikemura ikibazo k'imirire mibi kuko yatumye Abanyarwanda banywa amata, inakemura n'ikibazo cyo kurumbya itanga ifumbire.
3. **Umusizi aravuga «ayera» ni amaki ? Rondora nibura amazina atatu ayerekezaho**.
   Ayera ni amata: ikivuguto, umubanji, inshyushyu, amirire, amarindira, amasitu, amakaba, umujago, umwerera, umuhondo, amacunda.
4. **Ni izihe nshingano z'uwagezweho na gahunda ya "Gira inka Munyarwanda" zavuzwe mu mwandiko**?
   Uwahawe iyo nka asabwa kuyifata neza kandi akoroza na bagenzi be.
5. **Ni iyihe ndwara yavuzwe mu mwandiko ikomoka ku gutungwa n'indyo ituzuye? Ikomoka ku kubura amata wari warayamenyereye yo bayita bate**?
   Indwara yavuzwe iterwa n'indyo ituzuye ni bwaki. Iterwa no kubura amata wari warayamenyereye ni ubwоro.
6. **Ni iki wabonye aho utuye cyangwa ugenda abagezweho na gahunda ya "Gira inka Munyarwanda" bungutse kitavuzwe mu mwandiko**?
   *(Umunyeshuri aratanga ibitekerezo, umwarimu abisuzume).*

7. Wumva ari izihe nyungu umunyeshuri nkawe yabonera mu ikwirakwiza ry'iyi gahunda mu gihugu cyacu.

- Umuryango wange uvuye mu bukene, byamfasha kwiga neza mbona ibyo nkeneye (ibikoresho n'amafaranga y'ishuti) ndetse n'uburyo bw'imibereho bukaba bwiza

**b) Inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri gukorera mu matsinda ya babiribabiri, bagashakira hamwe ibisobanuro by'amagambo badasobanukiwe bakanayandika ahantu ari kumwe n'ibisobanuro byayo, hanyuma bakagaragaza ibyagezweho mu matsinda, umwarimu akabafasha kubinoza.

**Ibibazo n'ibisubizo byabyo:**

1. **Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko**.
   a) **Gira inka Munyarwanda:** Gahunda yatangijwe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika igamije koroza Abanyarwanda badafite inka.
   b) **Amashyo:** Inka nyinshi ziba hamwe.
   c) **Utagira ifumba:** Utagira inka. Ifumba ubundi ni ibyatsi bahambiramo umuriro. Ifumba ivugwa mu mwandiko ni yo gukongeza igicaniro gishushanya inka.
   d) **Ihumure:** Umutuzo uboneka nyuma y'ibihe bigoye; urugero nk'intambara.
   e) **Kurumbya:** Kuteza imyaka yo mu murima.
   f) **Kubuganiza:** Gusuka amata mu gisabo, mu gicuba.
   g) **Imitavu:** Inka zikiri nto cyane.
   h) **Uruhongore:** Ikiraro k'inyana.
   i) **Inkongoro:** Igikoresho bakoresha banywa amata.
   j) **Igihango:** Isezerano, ibanga ugiranye n'umunywanyi utagomba gutatira.

**Umwitozo w'inyunguramagambo**

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. **Koresha neza aya magambo cyangwa amatsinda y'amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, mu nteruro ngufi kandi ziboneye:**
   a) **Gira inka Munyarwanda**
   Iyi nka ya **Gira inka Munyarwanda** mpawe nzayitaho maze izatwororokere twese.
   b) **Amashyo**
   Uko Kanyarwanda afite amafaranga ni na ko afite **amashyo** y'inka ari hirya no hino mu Gihugu.

c) **Ifumba**
   Ujya gukoma **ifumba** abanza kuzinga ibyatsi hanyuma akabona kurahuriramo umuriro.
d) **Igicaniro**
   Mu mahamba umutahira aravuga ngo; "i**gicaniro** k'inka ntugacubangane."
e) **Ibirunge**
   Ibiryo bashyizemo amavuta y'inka babyita **ibirunge**.
f) **Igihango**
   Uramenye ntuzatatire **igihango** wagiranye n'uwakugabiye inka akaguheta indi.

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko

*Intego zihariye:*

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:
- Kugaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.
- Guhuza insanganyamatsiko n'ubuzima busanzwe abamo.
- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku bufatanye no gukorera hamwe, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko ndetse n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Witwa "Gira inka Munyarwanda."
2. **Muri rusange uvuga ku biki?**
   Uravuga kuri gahunda ya "Gira Inka" n'inyungu iri mu korora inka.
3. **Ese muremeza ko ubworozi bw'inka bushobora kugeza umuntu ku iterambere.**
   Yego. Ntawutabyemeza ubworozi bwageza umuntu ku iterambere.

## II. Gusoma

Umwarimu abwira abanyeshuri bakabanza kongera gusoma umwandiko "**Gira Inka Munyarwanda**." Umunyeshuri umwumwe agenda asimburana na bagenzi be, basoma baranguruye ijwi kandi bubahiriza injyana n'iyitsa ku buryo bufasha abafite ubumuga bwo kutumva neza, maze ibibazo byo gusesengura umwandiko bakanabyandika ku kibaho kugira ngo n'ufite ikibazo cyo kutumva abisome, hanyuma bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, agasaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Babanza kungurana ibitekerezo ku bisubizo bari butange, umwarimu na we akazenguruka mu matsinda areba niba bose bitabira gutanga ibitekerezo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi n'umwanditsi hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.***

1. **Vuga ingingo z'ingenzi zikubiye muri uyu mwandiko**.
   Gira inka ni gahunda yashyizweho na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika.
   Gira inka izakemura ikibazo k'imirire mibi n'icyo kurumbya.
   Gufata neza inka yo muri iyi gahunda no kugabira abandi ni inshingano z'uyihawe.
2. **Gahunda ya Gira inka Munyarwanda" ihuriye he n'iterambere rirambye ry'umuryango**?
   Birahuye kuko inka igenda yororoka igatuma umuntu ahora afite itungo, ibikomoka ku nka nk'amata, amavuta, ifumbire, amafaranga bituma umuryango witeza imbere haba mu mirire, mu musaruro uturuka ku myaka, no kwikenura bahaha ibyo badafite… kandi korozanya bizatuma ubukene bugabanuka kuri bose.
3. **Hari ikeshamvugo ryakoreshejwe mu mwandiko rigusha ku nka n'ibiyikomokaho tanga ingero z'iryo keshamvugo**.
   Kubuganiza mu bisabo, amashyo, ibiraro, imitavu, uruhongore, uwagabiwe, ibirunge, inkongoro...
4. **Mu mwandiko baravugamo "igihango". Ukiziho iki mu muco nyarwanda**?
   Hambere igihango cyari nk'umuti umuntu yanywaga kugira ngo atazamena ibanga cyangwa agahemukira uwo basezeranye. Ubu bivuga isezerano ritagomba gutatirwa.

## Umwitozo w'ubumenyi ngiro

## Intera ya 1: Kungurana ibitekerezo (isomo 1)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko,araba ashobora:
- Kungurana ibitekerezo na bagenzi be ku nsanganyamatsiko bahawe.
- Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga.
- Kujora ibitekerezo bya bagenzi be.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku bufatanye no gukorera hamwe, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko ndetse n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko twasesenguye ubushize witwa ngo iki?**
   Ubushize twasesenguye umwandiko witwa "Gira inka Munyarwanda".
2. **Twabonye ko ari gahunda yatangijwe na nde?**
   Ni gahunda yatangijwe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika.
3. **Murumva ari uwuhe muco iyo gahunda izatoza Abanyarwanda?**
   Umuco wo korora no kugabirana.

## II. Kungurana ibitekerezo

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma baranguruye ijwi insanganyamatsiko yo kunguranaho ibitekerezo igaragara mu gitabo cy'umunyeshuri, ibyo byafasha abafite ubumuga bwo kutabona neza kumva insanganyamatsiko. Insanganyamatsiko inandikwa ku kibaho kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva babibone aho byanditse. Umwarimu asaba abanyeshuri kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo ujya aha abandi umwanya wo gutanga ibitekerezo byabo no kugira icyo yavuga ku bitekerezo by'abandi. Iyo hari aho ibitekerezo bivuguruzanya, umuyobozi afasha mu guhitamo igitekerezo gifite ireme ariko kikumvikanwaho n'abagize itsinda.

Mu gihe bungurana ibitekerezo umwarimu agenzura uko abanyeshuri bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo abatabyitabira abibashishikarize. Nyuma yo kungurana ibitekerezo umwarimu afasha abanyeshuri gukora umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo, bikandikwa ku kibaho.

### Insanganyamatsiko:

Uguhaye inka aba aguhaye umukiro mu buhinzi, mu mibereho myiza maze ifaranga ntirisibe iwawe no muri banki. Ni izihe ngingo ubona zashimangira cyangwa zavuguruza igitekerezo gikubiye muri iyi mvugo?

### Ibitekerezo byatangwa:

- Inka ubwayo ni umutungo.
- Inka n'ibiyikomokaho byagurwa amafaranga.
- Inka itanga ifumbire abantu bakeza imyaka bahinze.

**Umwanzuro:**

Abaturage nibagira umuco wo kugabirana no gufata neza inka bagabanye, bazabona umukamo banywe amata asagutse bayakuremo ifaranga bikenuza, ifumbire na yo bayikoreshe mu kurumbura imirima umusaruro ube mwiza babone amafunguro banasagurire isoko.

## Inkuru ishushanyije: Kagenzi mu iterambere

## Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko (isomo 1)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranya n'inkuru ishushanyije yahawe, araba ashobora:
- Gusoma umwandiko bucece no kuwusoma aranguruye inkuru ishushanyije.
- Gusubiza ibibazo byo kumva inkuru ishushanyije.
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe.
- Gukoresha amagambo yungutse (mu mvugo cyangwa mu nyandiko) mu nteruro ngufi kandi ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkuru ishushanyije ivuga ku gufatanya no gukorera hamwe, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko n'inkoranyamagambo.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko cyangwa ibikubiye mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Mu isomo ryo kungurana ibitekerezo duheruka kwiga ni iki k'ingenzi mwasigaranyemo**?
   Ni uko uhawe inka imukura mu bukene akabona ibyo kurya, amafaranga n'amata.
2. **Gahunda ya Gira inka ihuriye he n'iterambere?**
   Aho bihuriye ni uko uwo yagezeho igira aho imugeza mu kwizamura mu bukungu ndetse n'abaturanyi be bakabyungukiramo.

## II. Gusoma umwandiko.

### Gusoma bucece

Umwarimu yongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko **"Kagenzi mu iterambere."** Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Iyi nkuru iravuga ku biki?**
   Iravuga ukuntu Kagenzi n'umugore we biteguye guhabwa inka ya "Gira inka", bayibona ikabateza imbere.
2. **Gereranya ubuhinzi bwa Kagenzi mbere yo kubona inka na nyuma yaho**.
   Mbere imirima ye yari yaragundutse, ahinga, agasarurira mu gapfunsi. Ubu bwo kubera ifumbire, umusaruro wariyongereye.
3. **Ni iyihe nama umuyobozi agira abituwe inyana?**
   Barasabwa kuzazifata neza.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko mu buryo bw'ikiganiro, baranguruye ijwi, bubahiriza utwatuzo. Bitewe n'umubare w'abanyeshuri, umunyeshuri asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza umwandiko wose urangiye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uko ungana.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri akagenda areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa yagiye akorwa n'abanyeshuri iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe barimo gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo arimo kubasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III.Gusubiza ibibazo

Muri iki gice, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda baraza kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bafatanye n'umurezi kubinoza.

*Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:*

a) **Ibibazo byo kumva umwandiko:**

1. **Ni iyihe nyungu uhawe inka muri gahunda ya "Gira inka Munyarwanda" agira ku giti ke?**
   Abona amata, amafaranga, n'ifumbire.
2. **Ese abaturanyi be hari cyo bamwungukiraho? Gihari wakivuga**.
   Kirahari. Araboroza cyangwa bakabona aho bigurira ubwabo inka z'icyororo kiza bizeye. Bakanamuguraho amata cyangwa ifumbire.
3. **Ni iki kigaragaza ko umuryango wa Kagenzi wacengewe n'umuco wo kuzigama**?
   Ni uko we n'umugore we babikije amafaranga atari make bazubakisha inzu igezweho mu mudugudu w'ikitegererezo.
4. **Kugabirana byuzuzanya bite n'umuco w'ubumwe bw'Abanyarwanda**?
   Byuzuzanya n'umuco w'ubumwe kuko ntiwagabira umuntu mutunze ubumwe. Kugabirana ubwabyo bigaragaza ubumwe abantu bafitanye.
5. **Iyo uza kuba ari wowe Kagenzi, wumva wari gukoresha ute umusaruro uva ku nka wahawe?**
   *(Aha ibisubizo byatandukana bitewe n'imyumvire y'abanyeshuri, umwarimu akareba niba bisobanutse).*

b) **Inyunguramagambo**.

## Ibibazo n'ibisubizo byabyo:

1. **Tanga inyito z'aya magambo cyangwa matsinda y'amagambo dusanga mu nkuru:**
   a) **Guteturura:** Gutabara umuntu ukamukura mu gisebo gikomeye.
   b) **Agahebuzo:** Byiza cyane ku buryo butangaje.
   c) **Ahaga:** Mu kababaro gakabije.
   d) **Inkoko ni yo ngoma:** Mu gitondo karekare.
   e) **Kwizihiza umunsi:** Kwitabira ibirori byawo.
   f) **Kugokera akamaama:** Kuruhira ubusa.
   g) **Inyamibwa:** Inka nziza cyane.
   h) **Kwagaza:** Gukorakora buhorobuhoro ushaka kugusha neza, cyanecyane nk'itungo.
   i) **Agafunguro:** Ibiribwa cyangwa ibinyobwa biyakiriza muri gahunda runaka.
   j) **Ni uko twari tumeze:** Amafunguro twari dufite yari ayo.
   k) **Ingweba:** Inka y'inzungu itagira amahembe.

2. **Tanga impuzanyito z'amagambo akurikira dusanga mu nkuru:**
   a) Ifunguro: **Ibiryo**
   b) Kugoka: **Kuruha**
   c) Akamama: **Ubusa**.
3. **Tanga imbusane z'amagambo akurikira dusanga mu nkuru:**
   a) Kugabira≠ **Kunyaga**
   b) Kubaka ≠ **Gusenya**
   c) Gufatanya ≠ **Kuba nyamwigendaho, kwirwariza**.

### Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. **Uzuza izi nteruro ukoresheje amagambo wungukiye mu mwandiko**:
   a) Kugabana inka birashimisha ariko guhabwa ingweba byo ni **agahebuzo**.
   b) Umuvuzi w'amatungo iyo agiye kuvura inka arabanza **akayagaza** kugira ngo itamwiyama.
   c) **Inkoko ni yo ngoma** duhurire ku nzu ya wa muturanyi wacu tumuhe umuganda twamwemereye, azave mu manegeka bidatinze.
   d) Karinda ko uhinga udafumbira ubwo nturuhira **akamaama** koko?
   e) Kuba umpaye imbuto yo gutera, buriya unkuye **ahaga** utabizi: nta yo nari kuzibonera rwose, nari ndaye ihinga birangiye.

### Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko (isomo 1)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku nkuru ishushanyije yahawe, araba ashobora:
- Kugaragaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zikubiye mu nkuru.
- Gusobanura ashingiye ku mwandiko ibyo yungutse bijyanye n'ubufatanye no gukorera hamwe ndetse abihuza n'ubuzima busanzwe.
- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkuru ishushanyije ijyanye n'ubufatanye no gukorera hamwe ndetse n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Inkuru duheruka kwiga yitwa ngo iki?**
   Yitwa "Kagenzi mu iterambere".
2. **Iryo terambere rivugwa Kagenzi arikesha iki?**
   Arikesha inka yahawe muri gahunda ya Gira inka.
3. **Muri rusange inkuru ivuga ku biki?**
   Ivuga uburyo Kagenzi n'umuryango we biteje imbere, babikesha inka bagabanye muri gahunda ya "Gira inka Munyarwanda".

## II. Gusoma

Umwarimu asaba abanyeshuri bakabanza kongera gusoma umwandiko "**Kagenzi mu iterambere.**" mu uburyo bw'ikiganiro. Umunyeshuri umwumwe agenda asimburana na bagenzi be, basoma baranguruye ijwi ku buryo bufasha abafite ubumuga bwo kutumva neza, maze ibibazo byo gusesengura umwandiko bakanabyandika ku kibaho kugira ngo n'ufite ikibazo cyo kutumva abisome, hanyuma bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, akabasaba gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Babanza kungurana ibitekerezo ku bisubizo bari butange, umwarimu na we akazenguruka mu matsinda areba niba bose bitabira gutanga ibitekerezo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi n'umwanditsi hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

## Ibibazo byo gusesengura umwandiko n'ingero z'ibisubizo

1. **Ni izihe ngingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziboneka mu nkuru yizwe?**

   Ingingo z'ingenzi:
   - Kugabirwa inka birashimisha bituma umuntu ava mu bukene.
   - Inka ntizamura ubworozi gusa, izamura n'ubuhinzi kubera ifumbire itanga.
   - Gahunda ya "Gira Inka Munyarwanda" ni gahunda igamije guteza imbere abaturage benshi.

   Ingingo z'ingereka
   - Ubwuzuzanye ni ngombwa mu muryango, butuma hatabaho gupfusha ubusa umutungo.
   - Ibimina bituma umuntu abasha kuzigama amafaranga, akazayakoresha yagwiriye.

2. **Ubusanzwe mu buzima tubamo umuco wo guhana inka uwumva ute?**
   Ni umuco mwiza wo guteza imbere umuntu usanzwe adatunze, abantu bakazamurana, kandi ukomeza ubucuti hagati y'abantu.
3. **Gira icyo uvuga ku mibanire y'abantu bavugwa mu nkuru wasomye.**
   Abantu bavugwa muri uyu mwandiko babanye neza cyane. Abaturanyi barafashanya, bagiye kubakira Kagenzi ikiraro. Ingo zibanye neza, umugabo n'umugore baraganira bakajya inama ku byerekeye iterambere ry'urugo.

## Umwitozo w'ubumenyi ngiro

**Intera ya 1: Gufata mu mutwe no gukina inkuru ishushanyije**

***Intego zihariye:***

Abanyeshuri bahereye ku nkuru ishushanyije bahawe, baraba bashobora:

- Gufata mu mutwe inkuru ishushanyije no kuyikinira mu ruhame imbere ya bagenzi babo.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inkuru ishushanyije ijyanye n'ubufatanye no gukorera hamwe ndetse n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Inkuru duheruka kwiga yitwa ngo iki**?
   Yitwa "Kagenzi mu iterambere."
2. **Muri rusange ni iki kivugwa muri iyo nkuru?**
   Ni uburyo Kagenzi yiteje imbere kubera inka yahawe muri gahunda ya "Gira inka Munyarwanda".

## II. Gufata mu mutwe inkuru ishushanyije no kuyikina

Umwarimu asaba abanyeshuri kwihitamo abanyarubuga bagendeye ku bavugwa mu nkuru, akabasaba gufata mu mutwe inkuru, hanyuma bakayikinira imbere ya bagenzi babo bigana imyifatire y'abavugwa mu nkuru ishushanyije. Umwarimu akurikirana ubwitabire bw'abanyeshuri mu matsinda ndetse akaza gufasha abanyeshuri mu kwitoza gukina inkuru bagaragaza imyifatire y'abavugwa mu nkuru.

**Uko ikibazo cy'umwitozo giteye:**

Mufate mu mutwe amagambo y'ikiganiro agize iyi nkuru ishushanyije, maze mukinire imbere y'abandi, mugaragaza imyitwarire y'abagize iyi nkuru.

## Ubuvanganzo

### Inkuru ishushanyije

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku rugero rw'inkuru ishushanyije, araba ashobora:

- Kugaragaza inshoza y'inkuru ishushanyije.
- Gusesengura inkuru ishushsanyije batahura uturango twayo.
- Guhanga inkuru ishushanyije no kuyigeza kuri bagenzi be.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, urugero rw'inkuru ishushanyije, imfashanyigisho z'iyumvabona n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza ibibazo bifitanye isano n'isomo rigiye kwigwa kugira ngo afashe abanyeshuri kuvumbura ikigwa.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Isomo duheruka kwiga ni irihe?**
   Twakinnye inkuru ishushanyije twigana abanyarubuga.
2. **Twabonye ko iriya nkuru ishushanyije igamije gutoza iki abantu?**
   Igamije gutoza abantu umuco wo gukorera hamwe, no kwiteza imbere binyuze mu bworozi bw'inka.
3. **Amata tunywa mu buzima bwacu bwa buri bunsi, ava he?**
   Ava ku nka zorowe n'aborozi hirya no hino mu Gihugu.

## II. Uko isomo ritangwa

Umwarimu yifashishije urugero rw'inkuru ishushanyije iri mu gitabo cy'abanyeshuri cyangwa indi nkuru ishushanyije, ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, akabasaba gusoma inkuru ishushanyije, batahura imiterere yayo, inshoza ndetse n'uturango twayo. Buri tsinda rimurikira ayandi ibyo ryagezeho, nyuma y'igihe runaka cyagenwe, umwarimu akabafasha kubinoza no kubinonosora, bikandikwa ku kibaho kandi bigasomwa mu ijwi riranguruye mu rwego rwo gufasha ababa bakeneye ubufasha bwihariye, nk'abafite ubumuga bwo kutumva neza cyangwa kutabona neza.

**Uko ikibazo yabaza giteye:**

Mu matsinda ya banebane, musome inkuru ishushanyije maze muyisesengure muvuga inshoza yayo ndetse mugaragaze uturango twayo.

## Inshoza y'inkuru ishushanyije

Inkuru ishushanyije ni inkuru ibarwa amagambo aherekejwe n'ibishushanyo. Bene iyo nkuru ishobora kugaragaramo amashusho yivugira adaherekejwe n'amagambo ku buryo uyisoma amenya icyo iyo shusho isobanura.

### Uturango tw'inkuru ishushanyije

Inkuru ishushanyije irangwa n'amashusho mbere na mbere. Igira abanyarubuga, ikagira urusobe rw'ibikorwa kuva ku ntangiriro kugera ku musozo. Buri munyarubuga arangwa n'igishushanyo gisa ukwacyo yaba ari umuntu akambara ukwe, ku buryo ntawamwitiranya n'undi. Amagambo umunyarubuga avuga aganira na bagenzi be ashyirwa mu kaziga kabwase cyangwa mu gakiramende gafite akarizo kerekeza ku gishushanyo kimugaragaza. Amashusho n'amagambo agabanywa mu tuzu, buri munyarubuga uri mu kazu avuga rimwe risa. Ibiganiro bitondekwa uva ibumoso ujya iburyo, ukabona kumanuka. Ibyo bikubahirizwa mu gutondeka utuzu no mu gutondeka ibiganiro byo muri buri kazu. Iyo hakenewe ibisobanuro, umubarankuru abitanga mu gakiramende katagira igishushanyo.

### Umwitozo ku nkuru ishushanyije

Umwarimu aratanga umwitozo ukurikira mu matsinda: "Fatanya na bagenzi bawe mu itsinda, muhimbe inkuru ishushanyije ku nsanganyamatsiko y'ubufatanye hanyuma muyimurikire abandi banyeshuri mwigana". Uyu mwitozo urakorwa nk'umukoro uzamurikwa nyuma y'igihe abanyeshuri bumvikanye n'umwarimu.
Mu gihe cyo kuwumurika, umwarimu azagenzura ko inkuru zishushanyije bahimbye zubahirije ibisabwa.

## Ikibazo cy'umwitozo:

Fatanya na bagenzi bawe mu itsinda, muhimbe inkuru ishushanyije ku nsanganyamatsiko y'ubufatanye hanyuma muyimurikire abandi banyeshuri mwigana.

**Umwandiko: Inyandiko y'ikinyamakuru**

**Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko (Isomo1)**

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranyamagambo n'umwandiko, araba ashobora:
- Gusoma umwandiko bucece no kuwusoma aranguruye umwandiko
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe.
- Gukoresha amagambo yungutse (mu mvugo cyangwa mu nyandiko) mu nteruro ngufi kandi ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku bufatanye no gukorera hamwe, inyandiko z'ibinyamakuru, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko n'inkoranyamagambo.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko cyangwa ibikubiye mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Iyo abantu bakeneye kumenya amakuru bayashakira he**?
   Bajya kuyabaririza, cyangwa bagakurikira ibitangazamakuru.
2. **Ni izihe ngero mwatanga z'ibitangazamakuru**?
   Amaradiyo, amatereviziyo, ibitabo, imbuga nkoranyamabaga...
3. **Usibye ibitabo ni iki kindi gisomwa wakuramo amakuru**?
   Ibindi wakuramo amakuru bitari ibitabo ni ibinyamakuru byanditse.

   Nyuma yo gusubiza ibibazo by'ivumburamatsiko, umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye gusoma inyandiko y'ikinyamakuru.

## II. Gusoma umwandiko mu matsinda.

### Gusoma bucece

Umwarimu yongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko **"Inyandiko y'ikinyamakuru."** Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma inyandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

*Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:*

1. **Ni ibiki bivugwa muri iyi nyandiko?**
   Haravugwamo ukuntu abaturage bibumbiye muri koperative bahawe inkunga y'Ikerekezo 2020 Umurenge, igatuma abanyamuryango bivana mu bukene.
2. **Koperative ivugwa muri iyi nyandiko imaze kugera ku ki?**
   Ifite umurima w'urutoki wa hegitari ebyiri.
3. **Kuki abanyamuryango b'iyi koperative bagomba gufata neza ibyo bageraho?**
   Ni uko umunsi umwe bazarekeraho gufashwa ibyo bagezeho bikaba ari byo bikomeza kubabeshaho neza.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, mu ijwi riranguruye kandi bubahiriza utwatuzo. Iyo abanyeshuri ari benshi umwe asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza igihe umwandiko urangiriye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uhari.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa bagiye bakora iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe bari gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo babasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III.Gusubiza ibibazo

Muri iki gice, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda baraza kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bafatanye n'umurezi kubinoza.

*Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:*

### a) Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Abaturage bavugwa mu mwandiko bari babayeho bate mbere yo kwishyira hamwe?**
   Bari babayeho nabi ku buryo babitaga abatindi.
2. **Ese amafaranga bahereyeho mu mishinga ya koperative yabo bayakuye he?**
   Ni inkunga y'«Ikerekezo 2020 Umurenge» bahawe.
3. **Ese bazakomeza bafashwe ubuziraherezo?**
   Oya, nibamara kugira ibyo bigezaho bazahagarara gufashwa, bafate neza ibyo bagezeho, bibatunge kandi bakomeze kwiteza imbere.

4. **Umunyamuryango utanga ubuhamya yabashije kwiteza imbere. Ni ibihe bintu bibiri bibihamya?**
   Yiteje imbere kuko yaguze umurima uterwamo urutoki, yavuye muri nyakatsi yubaka inzu y'amabati kandi yaguze n'amatungo amuha amafaranga.
5. **Ni iki umuntu umaze kwiteza imbere agomba kwibuka?**
   Umuntu umaze kwiteza imbere agomba kwibuka ko agomba gufasha abandi na bo kwiteza imbere.

**b) Inyunguramagambo**

## Ibibazo n'ibisubizo byabyo:

1. **Tanga ibisobanuro by'amagambo akurikira dusanga mu mwandiko.**
   a) **Kwiteza imbere:** Gukora ku buryo uva ku kigero cy'ubukungu wariho ukajya ku kisumbuyeho.
   b) **Imishinga:** Gahunda y'ibikorwa bifitiye akamaro umuntu cyangwa itsinda ry'abantu.
   c) **Abatindi:** Abantu bakennye cyane, badafite icyo batunze, yaba itungo cyangwa imyaka.
   d) **Gucuka:** Guhagarika konka by'umwana, hano mu nyandiko bivuga guhagarika gufashwa n'umuntu runaka.
   e) **Imishinga iciriritse:** Imishinga yoroheje, idasaba gushoramo ibintu bihenze.

### Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. **Uzurisha izi nteruro amagambo wungukiye mu mwandiko**:
   a) Uko abantu barushaho kujijuka, ni ko barushaho **kwiteza imbere**.
   b) Abakire tubona si ko batangiye; bahereye ku kanyungu **gaciriritse** bagenda bazamuka buhorobuhoro.
   c) Harakabaho inama z'abayobozi! Gashugi uriya ejobundi ntiyari **umutindi**/ **umukene** none inama yo kwiga umushinga no kuguza banki ntitumye yikura mu bukene!
   d) Bimaze kugaragara ko iwacu bamaze kwiteza imbere, **umushinga** wandihiraga amashuri **waranshukije** nsigara ndihirwa n'ababyeyi bange.

**Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko (Isomo 1)**

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:
- Kugaragaza imiterere y'inyandiko y'ikinyamakuru.
- Gutahura uturango tw'inkuru y'ikinyamakuru.
- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, inyandiko z'ibinyamakuru ndetse n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Witwa "Inyandiko y'ikinyamakuru".
2. **Muri rusange uvuga ku biki?**
   Uvuga ukuntu inkunga y'Ikerekezo 2020 Umurenge yatumye abaturage biteza imbere.
3. **Abo baturage biteje imbere bahuriye ku ki?**
   Bahuriye muri Koperative Goboka.

## II. Gusoma

Umwarimu asaba abanyeshuri bakabanza kongera gusoma umwandiko **"Inyandiko y'ikinyamakuru."** Umunyeshuri umwumwe agenda asimburana na bagenzi be, basoma baranguruye ijwi ku buryo bufasha abafite ubumuga bwo kutumva neza, maze ibibazo byo gusesengura umwandiko bakanabyandika ku kibaho kugira ngo n'ufite ikibazo cyo kutumva abisome, hanyuma bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, agasaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Babanza kungurana ibitekerezo ku bisubizo bari butange, umwarimu na we akazenguruka mu matsinda areba niba bose bitabira gutanga ibitekerezo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi n'umwanditsi hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

*Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.*

1. **Murabona umwandiko uteye nk'indi myandiko dusanzwe dusoma**?
   Oya, uyu mwandiko ntuteye nk'indi dusanzwe dusoma.
2. **Muri uyu mwandiko bagiye bagaragaza ibyavuzwe n'abantu batandukanye. Murumva byaba bihuriye he no gutangaza amakuru y'ibyavuzwe**?
   Bihuye no gutangaza amakuru kuko ibyavuzwe byashyizwe mu kinyamakuru, kugira ngo abantu batandukanye babisome maze bamenye uko abandi bibumbira mu makoperative bakiteza imbere.
3. **Muvumbure uturango tw'uyu mwandiko mukurikije imiterere yawo**.
   Inyandiko y'ikinyamakuru iba ifite ibika bitari birebire, ishobora gukoreshwamo amashusho, igira umwinjiro utangira igihimba kandi ibonekamo ibisubizo by'ibibazo nka: Nde? Iki? Hehe? Ryari? Gute?

### Umwitozo w'ubumenyi ngiro

(Mu gitabo cy'umunyeshuri)

## Intera ya 1: Kwitabira gusomera mu masomero. (isomo 1)

*Intego zihariye:*

Umunyeshuri ahereye ku byo yasomye mu binyamakuru, araba ashobora:
- Gukora inshamake y'ibyo yasomye.
- Kugeza ku bandi ibyo yasomye mu binyamakuru.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ibinyamakuru, n'izindi nyandiko zivuga ku kinyamakuru.

### I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

*Urugero rw'ibibazo yababaza:*

1. **Inyandiko twasomye ubushize iboneka he?**
   Mu binyamakuru.
2. **Ni izihe ngero z'ibinyamakuru muzi?**
   Imvaho Nshya, Rushyashya, Umuseke, New times...
3. **Kuki tugomba gusoma ibinyamakuru?**
   Tugomba gusoma ibinyamakuru kugira ngo tumenye amakuru atandukanye.

## II. Gusomera mu masomero.

Umwarimu asaba abanyeshuri kujya mu masomero, bagasoma ibinyamakuru bitandukanye, hanyuma bagakora inshamake ndetse bakageza ku bandi ibyo basomye. Umwarimu agenzura ubwitabire bw'abanyeshuri mu gusoma ibinyamakuru mu masomero.

Abanyeshuri bakora umwitozo wo gusoma ibinyamakuru, hanyuma bagakora inshamake ndetse bakageza ku bandi ibyo basomye.

### Ubuvanganzo

### Intera ya 1: Inyandiko y'ikinyamakuru (Isomo 1)

(Igitabo cy'umunyeshuri)

*Intego zihariye:*

Abanyeshuri bahereye ku ngero z'inyandiko z'ibinyamakuru, baraba bashobora:
- Gusobanura imiterere y'inyandiko y'ikinyamakuru.
- Gusesengura inyandiko y'ikinyamakuru batahura inshoza n'uturango twayo.
- Gukorera mu matsinda bahanga inyandiko y'ikinyamakuru no kuyigeza ku bandi.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, ingero z'inyandiko z'ibinyamakuru, imfashanyigisho z'iyumvabona n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza ibibazo bifitanye isano n'isomo rigiye kwigwa kugira ngo afashe abanyeshuri kuvumbura ikigwa.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Ubushize twabonye ko inyandiko z'ibinyamakuru zitumariye iki?**
   Zituma tumenya amakuru atandukanye.
2. **Umuntu utajya akurikirana amakuru yatera imbere?**
   Ntashobora gutera imbere kuko atamenya aho isi igeze.
3. **Ese ibinyamakuru bishobora gufasha umuntu mu gukora ubushakashatsi?**
   Yego kuko biba birimo ubumenyi n'amakuru atandukanye.

## III. Uko isomo ritangwa

Umwarimu yifashishije urugero rw'inyandiko y'ikinyamakuru iri mu gitabo cy'abanyeshuri, ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, akabasaba kongera gusoma inyandiko y'ikinyamakuru iri mu gitabo cyabo, batahura imiterere yayo, ndetse n'uturango twayo, bakanitegereza neza uko inyandiko y'ikinyamakuru

yandikwa. Buri tsinda rimurikira ayandi ibyo ryagezeho, nyuma y'igihe runaka cyagenwe, umwarimu akabafasha kubinoza no kubinonosora, bikandikwa ku kibaho kandi bigasomwa mu ijwi riranguruye mu rwego rwo gufasha ababa bakeneye ubufasha bwihariye, nk'abafite ubumuga bwo kutumva neza cyangwa kutabona neza.

**Uko ikibazo yabaza giteye:**

Mu itsinda na bagenzi bawe, nimwitegereze umwandiko mwasomye maze mugire icyo muvuga ku buryo uteye n'ibice biwugize.

## Inshoza y'inyandiko y'ikinyamakuru

Nk'uko byumvikana, inyandiko y'ikinyamakuru ni inyandiko abanyamakuru bakoresha kugira ngo bageze ku basomyi b'ibinyamakuru amakuru agezweho. Iyi nyandiko ishobora kuboneka mu kinyamakuru cyandikwa ku mpapuro cyangwa ikaboneka mu kinyamakuru gikoresha urubuga rwa interineti.

## Uturango tw'inyandiko y'ikinyamakuru

Inyandiko y'ikinyamakuru igomba kuba yanditse ku buryo umusomyi agera ku makuru bitamugoye. Igomba kuba isubiza ibibazo bitandatu bikurikira: Nde? Iki? Hehe? Ryari? Kuki? Gute? Igomba kuba idacucitse kandi yanditse ku buryo bw'inkingi cyangwa impushya kugira ngo uyisoma yihute. Bitewe n'igihe afite, umusomyi ashobora gusoma umutwe wonyine, intangiriro, imitwe yo hagati, cyangwa agasoma inkuru yose. Ni ngombwa rero ko ibyo bice bitandukanywa, bikagaragarira buri musomyi.

Inyandiko y'ikinyamakuru yuzuye irangwa no kugira ibice umunani: umutwe, intangiriro (igizwe n'inshamake y'inkuru yanditse ku buryo bwihariye), umwinjiro (utangira igihimba kandi hagomba kubonekamo ibisubizo by'ibibazo bine: Nde? Iki? Hehe? Ryari?) igihimba, ishusho (ishobora kuba ifoto, igishushanyo), igisobanuro k'ishusho, imitwe yo hagati, umusozo (ushobora kuba umwanzuro, ikibazo cyangwa urwenya).

Ushingiye ku buryo yubatse, inyandiko y'ikinyamakuru wasanga ishobora gukurikiza injyabihe y'ibikorwa ivugaho cyangwa ikagenda ivuga igikorwa n'inkurikizi zacyo.
Ushingiye ku bivugwamo, inyandiko z'ibinyamakuru wazisangamo amoko atandukanye: inyandiko itangira ikinyamakuru (yandikwa n'umuyobozi wacyo avuga umurongo gikoreramo), inshamake z'ibyabaye, inyandiko mvugo z'ibyabaye (iz'igikorwa cyangwa ibiganiro mpaka runaka), inkuru mbonankubone (umunyamakuru avuga igikorwa nk'uko yakibonye), ikiganiro n'umutangabuhamya (ibibazo n'ibisubizo), ubushakashatsi (gusobanura ikintu runaka uhuza ubuhamya butandukanye), intekerezo (ku nsanganyamatsiko runaka), ijora (ry'ibyavuzwe mu bitangazamakuru cyangwa mu bitabo).

**Umwitozo ku nyandiko y'ikinyamakuru**

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, agatanga umwitozo ku nyandiko y'ikinyamakuru, agasaba abanyeshuri guhanga inyandiko y'ikinyamakuru kandi bakamurikira bagenzi babo inyandiko bahanze.

Mu matsinda mwubahirije ingeri y'umwandiko mwahawe, mwandike inkuru ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza imiterere y'inkuru yo mu kinyamakuru kandi mwubahirize imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

**Insanganyamatsiko:**

Fatanya na bagenzi bawe mu itsinda maze mwandike inyandiko y'ikinyamakuru ivuga ku bintu byabereye mu kigo cyanyu hanyuma muyigeze ku bandi mwigana.

### Inshamake y'ibyizwe muri uyu mutwe wa munani

Muri uyu mutwe harimo imyandiko ihuriye ku nsanganyamatsiko y'ubufatanye no gukorera hamwe. Gukorera hamwe ni byiza kuko bituma abantu biteza imbere cyane ko baba bahuje imbaraga zabo. Kuba nyamwigendaho nta nyungu byamarira umuntu.

Mu bumenyi rusange bw'ururimi twabonye inkuru ishushanyije inshoza n'uturango twayo. Inkuru ishushanyije iba igizwe n'amashusho aherekejwe n'amagambo agaragaza ibivugwa n'abanyarubuga ayo mashusho ahagarariye.

Twabonye kandi inyandiko y'ikinyamakuru. Inyandiko y'ikinyamakuru ni inyandiko ikoreshwa n'abanyamakuru kugira ngo batangaze amakuru runaka mu kinyamakuru cyanditse ku mpapuro cyangwa kuri interineti. Inyandiko y'ikinyamakuru yuzuye igira umutwe, intangiriro, umwinjiro, igihimba, ishusho n'igisobanuro cyayo, imitwe yo hagati n'umusozo.

### Ubumenyi bw'inyongera

## Imigani migufi ivuga ku buringanire n'ubufatanye mu muryango

a) **Umwe arya bihora:**
Umurimo ukozwe n'umuntu umwe uratinda ariko ukozwe n'abantu bashyize hamwe urihuta ukarangira vuba.

b) **Abagiye inama Imana irabasanga:**
Iyo abantu bagiye inama bagera kuri byinshi kuko nta mahane aba arimo. Bivugwa ko Imana iba yabashyigikiye bakagira umugisha mu byo bakora bikunguka.

c) **Ababiri bajya inama baruta umunani urasana**:
Abantu nubwo baba ari babiri ariko buzuzanya bagirana inama mu byo bakora, baruta abantu benshi ba nyamwigendaho (badashyira hamwe) cyangwa benshi barangwa n'umwiryane n'amakimbirane.

d) **Ukurusha umugore aba akurusha urugo:**
Urugo rufite umugore w'umunyabwenge rurahirwa cyane kurusha ururimo umugore w'umupfapfa.

e) **Inkingi imwe ntigera inzu:**
Umuntu umwe ntacyo yabasha kwigezaho wenyine ni ngombwa ko afatanya n'abandi.

**Isuzuma risoza umutwe wa munani**

(Mu gitabo cy'umunyeshuri )

Nyuma yo kurangiza umutwe wa munani, umwarimu atanga isuzuma riteganyijwe buri munyeshuri arikora ku giti ke. Nyuma y'ikosora umwarimu asuzuma urwego abanyeshuri bagezeho kugira ngo niba hari ibigomba gusubirwamo bisubirwemo ndetse akareba abafite ibibazo byihariye kugira ngo abafashe mbere yo gutangira undi mutwe. Nyuma y'isuzuma umwarimu atanga imyitozo ku banyeshuri bafite intege nke mu myigire yabo.

## Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma

### I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. **Uyu mwandiko uravuga ku yihe nsanganyamatsiko?**
   Uyu mwandiko uravuga ku nsanganyamatsiko yo kwishyira hamwe.
2. **Rondora akamaro k'amashyirahamwe kavuzwe mu mwandiko**.
   Amashyirahamwe atuma abantu bunganirana mu byo bakora, atuma buzuzanya, ahuza imbaraga zabo bagakora ibintu byinshi mu gihe gito, atuma umuntu yungukira byinshi mu gusabana n'abandi. Iyo ugize ikibazo uri mu ishyirahamwe, abandi baragufasha.
3. **Ni iki uyu mubyeyi yabwiye umwana abonye ibitotsi bigiye kumutwara?**
   Yamubwiye ko kwibumbira mu mashyirahamwe ari byiza, ko abishyize hamwe ntakibananira.
4. **Nyina w'uyu mwana ubara inkuru yigiye he guteka neza**?
   Yabyigiye mu ishyirahamwe abyigishijwe na bagenzi be.
5. **Umwandiko urangira ute**?
   Urangira umwana abonye ko kwishyira hamwe bidasaba abantu bakuru gusa, ko n'abana bakwishyira hamwe.
6. **Ni iki ushima umubyeyi w'uyu mubarankuru**?
   Uyu mubyeyi ndamushima ko afata umwanya akaganira n'umwana, kandi yigisha neza atanga ingero zifatika.
7. **Mu buzima busanzwe ubona gufatanya n'abandi ku ishuri byakugeza kuki**?
   Gufatanya n'abandi ku ishuri mbona ari byiza kuko bituma twunga ubumwe, tugasobanurirana, ndetse tukanabazanya.

8. **Ni iki wungutse umaze gusoma uyu mwandiko?**
   Icyo nungutse ni uko kwishyira hamwe atari iby'abantu bakuru gusa, ko abato na bo bashobora gukorera hamwe bikababafasha. Nungukiyemo kandi igisobanuro cy'umugani "Inkingi imwe ntigera inzu".

## I. Inyunguramagambo

1. **Tanga ibisobanuro by'aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko**:
   a) **Abakurambere:** Ababyeyi b'ababyeyi bacu bo mu bisekuru bya kera, abasokuruza.
   b) **Urumambo:** Agati gasongoye ku mutwe umwe, kagenewe gushingwa ahantu bapimye ngo bahakorere ikintu nko kuhubaka.
   c) **Imbariro:** Ibiti birebire bitabyibushye bigenewe kuzirikwa ku bindi bishinze
   d) **Atwengatwenga:** Yenda guseka, amwenyura bitewe n'umunezero ufite.
   e) **Kubashashura:** Kubaha amafaranga bakoreye, kubishyura.
2. **Koresha aya magambo mu nteruro ngufi kandi ziboneye**.
   a) **Gutwengatwenga**
   Umwana w'igisekeramwanzi iyo arebanye n'umuntu **aratwengatwenga**.
   b) **Imbariro**
   Ziriya **mbariro** zo ku rugo, nubwo zumye ntihagire uzicana.
3. **Uzuza izi nteruro ukoresheje amagambo ukuye mu mwandiko**
   a) Umwana wiga agafata neza ibyo yize bamwita **injijuke**.
   b) **Inkingi** ni igiti cyangwa ikintu gikoze mu cyuma gifata inzu.
   c) Abantu ntibakirwara ngo bahere mu nzu bativuje kubera ko bafite **ubwishingizi**.

## II. Ubuvanganzo

1. **Rondora uturango tw'inyandiko y'ikinyamakuru**.
   Iyo nyandiko igomba kuba yanditse ku buryo umusomyi agera ku makuru bitamugoye. Igomba kuba isubiza ibibazo bitandatu bikurikira: Nde? Iki? Hehe? Ryari? Kuki? Gute? Igomba kuba idacucitse kandi yanditse ku buryo bw'inkingi kugira ngo uyisoma yihute. Bitewe n'igihe afite, umusomyi ashobora gusoma umutwe wonyine, intagiriro, imitwe yo hagati, cyangwa agasoma inkuru yose. Ni ngombwa rero ko ibyo bice bitandukanywa, bikagaragarira buri musomyi.

   Inyandiko y'ikinyamakuru yuzuye yo mu kinyamakuru irangwa no kugira ibice umunani : umutwe, intangiriro (igizwe n'inshamake y'inkuru yanditse ku buryo bwihariye), umwinjiro (utangira igihimba kandi hagomba kubonekamo ibisubizo by'ibibazo bine: Nde? Iki? Hehe? Ryari?) igihimba, ishusho (ishobora kuba ifoto, igishushanyo).

2. **Inkuru ishushanyije itandukaniye he n'izindi nkuru?**
   Aho bitandukaniye, ni uko buri munyarubuga arangwa n'igishushanyo gisa ukwacyo yaba ari umuntu akambara ukwe, ku buryo ntawamwitiranya n'undi. Amagambo umunyarubuga avuga aganira na bagenzi be ashyirwa mu kaziga kabwase cyangwa mu gakiramende gafite akarizo kerekeza ku gishushanyo kimugaragaza. Amashusho n'amagambo agabanywa mu tuzu, buri munyarubuga uri mu kazu avuga rimwe risa.

## III. Ihangamwandiko

Hanga inyandiko ngufi y'ikinyamakuru wumva yazashimisha bagenzi bawe mwigana ivuga ku ngingo yo gufashanya no gukorera hamwe.

*(Abanyeshuri bahanga inyandiko y'ikinyamakuru hanyuma umwarimu agakosora areba ko bujuje ibisabwa.)*

### Imyitozo nzamura bushobozi igenewe abafite intege nke mu myigire yabo

1. **Iyo bavuze ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye wumva ryaba rihuriye he n'insanganyamatsiko y'ubufatanye no gukorera hamwe?**

   Ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye rikangurira abantu ko bagomba kugira uburenganzira bumwe mu buzima bwa buri munsi, haba ku mutungo, mu ishuri, mu kazi, mu mirimo ya Leta, mu nzego z'ubuyobozi...kandi bakuzuzanya muri byose nta vangura iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina kuko ibitsina byombi birashoboye.

   Ubufatanye no gukorera hamwe ni ihame riza ryunga mu buringanire n'ubwuzuzanye, kuko abantu bafite uburenganzira bumwe, bubahana, bagasangira ibitekerezo, bakajya inama; barafatanya. Mu bufatanye ni ho hagaragarira kwa gukorera hamwe bagahuza imbaraga maze bakiteza imbere.

2. **Ese ayo mahame yombi hari aho yaba avuguruzanya?**

   Oya, ayo mahame yombi ntavuguruzanya ahubwo aruzuzanya kuko ibyo avuga bijya kuba bimwe.

3. **Ni akahe kamaro kari mu gukorera hamwe?**

   Gukorera hamwe bifite akamaro ntagereranywa kuko bituma abantu bahuza imbaraga bityo bakagera kuri byinshi byiza mu gihe gito. Twibuke ko "umwe arya bihora" n' "abashyize hamwe ntakibananira."

4. **Tandukanya inkuru ishushanyije n'izindi nkuru dusanzwe tubona mu rwego rw'imyandikire**.

   Inkuru ishushanyije ahanini iba igizwe n'amashusho aherekejwe n'amagambo

make agaragaza ibyo abanyarubuga bavuga. Mu gihe inkuru dusanzwe tubona zo zigizwe n'inyandiko ndende ziri mu bika ndetse rimwe na rimwe tukaba tutanabonamo ishusho.

5. **Inyandiko y'ikinyamakuru yo iba iteye ite muri rusange?**

   Inyandiko y'ikinyamakuru na yo iba igizwe n'inyandiko ikoze ibika ariko by'umwihariko yo iba yanditse mu mpushya ndetse ikaba yagira amashusho yerekana ibivugwaho.

## Umwitozo ngarurabushobozi

Umwarimu arashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, hubahirizwa ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hanubahirizwa uburezi budaheza, hanyuma abahe umukoro wo guhanga inkuru ishushanyije, ivuga ku ngingo y'ubufatanye no gukorera hamwe, nyuma y'igihe bumvikanyeho, abanyeshuri bamurika ibyo bakoze, umwarimu akabakosora areba niba inkuru zahimbwe zuzuje ibisabwa.

### Ikibazo:

Mu matsinda nimuhange inkuru ishushanyije ivuga ku ihame ry'ubufatanye no gukorera hamwe.

**Ikitonderwa:** Inkuru igomba kuba nibura iri ku mpapuro zitari munsi y'eshatu.

# 9 Uburezi n'uburere

**(Umubare w'amasomo: 12)**

| **Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe:** |
|---|
| - Gusesengura imyandiko ku ngingo yo guteza imbere uburezi n'uburere.<br>- Kwandika yubahiriza imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda no gukoresha uko bikwiye imigani migufi. |
| **Ubumenyi bw'ibanze** |
| Kugira ngo umunyeshuri atangire kwiga ibikubiye muri uyu mutwe agomba kuba azi: gusoma neza umwandiko, gukoresha ibimenyetso by'utwatuzo, gukoresha inkoranyamagambo y'Ikinyarwanda, zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda nk'imigani miremire, insigamigani… |
| **Ingingo nsanganyamasomo** |
| - **Uburinganire n'ubwuzuzanye**.<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo igomba kwitabwaho hubahirizwa uburinganire n'ubwuzuzanye mu gushyira abanyeshuri mu matsinda bagendeye ku bitsina byombi, bityo bagakorana buzuzanya, banafashanya mu myigire yabo.<br>- **Uburezi budaheza**.<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa umwarimu yita ku banyeshuri bose cyanecyane abafite ubumuga ndetse no mu gushyira abanyeshuri mu matsinda nta vangura iryo ari ryo ryose rishingiweho.<br>- **Kwita ku muco w'ubuziranenge.**<br>Iyi ngingo nsanganyamasomo izubahirizwa binyujijwe mu mwandiko, hasobanurwa ko dukwiye kujya twita ku buziranenge bw'amafunguro dufata mu buzima bwacu bwa buri munsi. |
| **Ubushobozi nsanganyamasomo** |
| - Ubushishozi no gushakira ibibazo ibisubizo akurikira neza ibivugwa, ajora ibyo asoma cyangwa asomerwa, atanga ibitekerezo bifite ireme, kandi ashaka ibisubizo by'ibibazo yahawe.<br>- Ubushobozi bwo gufashanya no gusabana hakoreshwa neza ururimi rw'ikinyarwanda<br>- Ubufatanye, imibanire ikwiriye n'abandi bakorera hamwe mu matsinda kandi bubaha ibitekerezo bya bagenzi babo. |

| |
|---|
| - Ubufatanye, imibanire ikwiye n'abandi bakorera hamwe mu matsinda kandi bubaha ibitekerezo bya bagenzi babo.<br>- Ubushakashatsi, bitabira isomero, bashaka inyandiko zivuga kunsanganyamatsiko bahawe |
| **Amagambo n'ibitekerezo by'ingenzi:**<br>Uburezi n'uburere, intangarugero, akamaro k'ishuri, umuryango, itorero, imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda, imigani migufi. |
| **Uburyo bwo kwita ku bafite ibibazo byihariye:**<br>Abana bafite ibibazo bagomba kwitabwaho by'umwihariko, hagendewe ku bibazo bafite. Abana bafite ibibazo bitabwaho ku buryo bwose bushoboka bubafasha gukurikira amasomo nk'abandi.<br>Umwarimu akora ku buryo yandika ku kibaho imyitozo ikorwa kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva bayisome. Asoma mu ijwi riranguruye yegereye kugira ngo abafite ubumuga bwo kutumva neza n'abafite ubumuga bwo kutabona babyumve. Ni ngombwa kandi gufasha ku buryo bwihariye abafite ibibazo byihariye. |

## Ibyigwa bikubiye muri uyu mutwe n'umubare n'amasomo ya buri kigwa

| Isomo | Umubare w'amasomo |
|---|---|
| **1. Umwandiko: Uburere buruta ubuvuke** | |
| Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko «Uburere buruta ubuvuke». | Amasomo 2 |
| Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko «Uburere buruta ubuvuke». | Isomo 1 |
| **2. Ubumenyi bw'ururimi:** | Amasomo 2 |
| Intera ya mbere: Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda: Amagambo yandikwa afatanye n'amagambo yandikwa atandukanye. | |
| **3. Umwandiko: Akamaro k'ishuri**<br>Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko **«Akamaro k'ishuri»**. | Amasomo 2 |
| Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko **«Akamaro k'ishuri»**. | Isomo 1 |
| **4.Umwitozo w'ubumenyi ngiro**<br>Intera ya mbere: Ihangamwandiko ku kamaro k'ishuri mu burezi n'uburere by'umwana. | Isomo 1 |

| | |
|---|---|
| **5. Umwandiko: « Akamaro k'itorero »** | |
| Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko **«Akamaro k'itorero»**. | Isomo 1 |
| Intera ya kabiri : Gusesengura umwandiko **«Akamaro k'itorero»**. | Isomo 1 |
| **6. Ubuvanganzo**<br>Intera ya mbere: **Imigani migufi** | Isomo 1 |

## Umwandiko: Uburere buruta ubuvuke

## Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko ( amasomo 2)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranyamagambo n'umwandiko, araba ashobora:

- Gusoma umwandiko bucece no kuwusoma aranguruye
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gukoresha amagambo yungutse (mu mvugo cyangwa mu nyandiko) mu nteruro ngufi kandi ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku burezi n'uburere, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko, amabwiriza y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda n'inkoranyamagambo.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko cyangwa ibikubiye mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**
   Turabona umugeni wambaye agatimba, umukecuru uteze urugori n'umusore wambaye ikositimu y'umukara. Hirya yabo hagaragara ihema ryicayemo abantu.
2. **Bariya bantu bari mu ihema mutekereza ko bakoramo iki?**
   Bari mu bukwe.

3. **Uriya mukecuru murabona ameze ate?**
   Bigaragara ko akeye kandi yishimye.
4. **Hanyuma se mutekereza ko ashimishijwe n'iki?**
   Ashimishijwe no kubona abana be bakoze ubukwe.

   Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye kwiga, umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko "**Uburere buruta ubuvuke**".

## II. Gusoma umwandiko

### Gusoma bucece

Umwarimu yongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko **"Uburere buruta ubuvuke."** Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Uyu mwandiko uravuga ku biki?**
   Uravuga ku burezi n'uburere.
2. **Ni ibiki ubivugaho?**
   Uravuga ko uburezi n'uburere byagombye gutangwa bihereye mu muryango.
3. **Ibyo uyu mwandiko uvuga byabereye he?**
   Byabereye mu muryango wo kwa Murorunkwere.
4. **Mu mwandiko bavuga ko byabaye ryari?**
   Byabayeho guhera Murorunkwere akiri umwana kugeza igihe arangirije amashuri ya kaminuza agashyingirwa.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, mu ijwi riranguruye kandi bubahiriza utwatuzo. Iyo abanyeshuri ari benshi umwe asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza igihe umwandiko urangiriye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uhari.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa bagiye bakora iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe bari gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo babasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III. Gusubiza ibibazo

Muri iki gice, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda bajya kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bagafatanya n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

### a) Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Shaka imigani migufi iri muri uyu mwandiko nurangiza unasobanure igihe ikoreshwa ugendeye ku mikoreshereze yayo mu mwandiko**.
   - "Uburere buruta ubuvuke": Bawukoresha iyo babonye umuntu witwara neza mu buzima abikomora ku burere yahawe.
   - "Inyana ni iya mweru": Bawukoresha iyo babonye umuntu uteye cyangwa witwara nk'umubyeyi we.
   - "Izina ni ryo muntu": Bawukoresha babonye umuntu urangwa n'ibikorwa bijyanye n'igisobanuro k'izina rye.
   - "Amagara ntaguranwa amagana": Bawuca bashaka kwerekana ko umuntu adakwiye kurarikira ubutunzi (cyanecyane amafaranga) ngo agere aho ashyira ubuzima bwe mu kaga.
2. **Rondora abanyarubuga bavugwa muri uyu mwandiko**.

   Murorunkwere, ababyeyi be, abarezi be, inshuti n'abaturanyi, abasore bamurambagizaga, ndetse na muganga waje kumubera umugabo.
3. **Erekana mu buryo burambuye imyitwarire yaranze Murorunkwere**.
   Murorunkwere yaranzwe no kumvira ababyeyi be, yumvira n'inama nziza yahabwaga n'inshuti n'abaturanyi. Akurikira amashuri ye neza, yirinda kwiyandarika. Byarangiye abonye akazi keza n'umugabo. Yihesha ishema, akarihesha n'umuryango we.
4. **Ni izihe nyungu Murorunkwere yagize kubera iyo myitwarire ye myiza?**
   Byamuviriyemo kubona impamyabumenyi n'akazi. Nyuma abona n'umugabo umwizihiye. Ibi byose kandi byamuviriyemo kwihesha ishema ndetse arihesha n'umuryango we.
5. **Sobanura imyitwarire y'ababyeyi ba Murorunkwere ku bijyanye n'uburezi n'uburere bw'umukobwa wabo**.
   Aba babyeyi bitwaye neza ku nshingano zabo mu burere n'uburezi by'umwana wabo. Bamuhaye uburere bwiza, banamubera ikitegererezo

banamuha inama nyinshi. Bamutangiza ishuri, igihe cyose yavaga ku ishuri kandi bakamufasha gusubira mu masomo ye. Bamwitagaho, ku buryo banamusuraga no ku ishuri.

6. **Muri uyu mwandiko ni bande bavuzweho gufata amafoto, kuyashyira mu nkuru zishushanyije no mu nyandiko z'ibinyamakuru ?**
   Ni abanyamakuru.
7. **Sobanura igikorwa k'iterambere Murorunkwere yituye ababyeyi be**.
   Yabubakiye inzu y'akatarabоneka ijyanye n'igihe.
8. **Sobanura akamaro k'ishuri kagaragara mu mwandiko.**
   Ishuri rituma umuntu ajijuka akamenya uko atunganya imibereho ye. Mu mwandiko bagaragaje Murorunkwere n'umugabo we bakurikiye amashuri yabo neza bituma babona akazi keza, bibahesha no gukora ubukwe bubahesheje ishema bukanarihesha imiryango yabo.

**b) Inyunguramagambo**.

## Ibibazo n'ibisubizo byabyo:

1. **Shaka ibisobanuro by'amagambo cyangwa amatsinda y'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) **Umwari**: Umukobwa w'inkumi uwo ari we wese.
   b) **Umwangavu:** Umukobwa umaze kumera amabere.
   c) **Ihoho:** Izina bita umuntu mwiza cyane.
   d) **Ubupfura:** Imigirire n'imyifatire y'indakemwa ituma umuntu agwa neza maze abandi bakamukunda.
   e) **Agaciro:** Umumaro.
   f) **Akabashwishuriza:** Akabahakanira yivuye inyuma.

2. **Mu byerekezo byose bishoboka (harimo n'impuzampembe), shaka amagambo avuga ku burezi n'uburere ari muri iki kinyatuzu**.

*Urugero:* **Umuryango**

| | A. | B. | C. | D. | E. | F. | G. | H. | I. |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1. | U | M | U | R | Y | A | N | G | O |
| 2. | B | M | R | I | S | I | Y | A | A |
| 3. | U | B | U | T | E | I | I | M | B |
| 4. | R | A | G | B | E | S | N | A | A |
| 5. | E | J | O | I | Y | H | A | S | K |
| 6. | R | U | R | A | M | E | O | U | O |
| 7. | E | B | I | K | E | M | Y | G | B |
| 8. | B | I | S | U | R | A | A | I | W |
| 9. | U | M | U | H | U | N | G | U | A |

**Ibisubizo:** Uburere, urugo, ishema, umubyeyi, urugori, ubute, isura, amasugi, umuhungu, abakobwa, nyina, ejo, se, rurame, bike, isi, uremye.

## Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

2. **Koresha amagambo akurikira mu nteruro ngufi kandi ziboneye:**
   a) **Wifashije**
      Kuba umuryango **wifashije** bituma abawugize babaho neza.
   b) **Ubwangavu**
      Umukobwa urenze igihe cy'**ubwangavu** aba amaze guca akenge.
   c) **Akataraboneka**
      Ubukwe bwa Murorunkwere bwabaye **akataraboneka**.
   d) **Ibishuko**
      Abari b'u Rwanda bagomba gutozwa kwirinda **ibishuko** kuva bakiri bato.

e) **Agaciro**
Iyo umwana akurikiza inama nziza ahabwa n'abamurera, ahesha **agaciro** umuryango avukamo.

3. **Uzuza interuro zikurikira wifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) **Uburere** duhabwa n'ababyeyi bugomba kuturanga aho turi hose.
   b) Abana b'**abakobwa** bageze mu gihe cy'ubwangavu batozwa kutiyandarika.
   c) Imyambaro yacu tuyigirira **isuku** kugira ngo duhore dukeye.
   d) Umunsi w'ubukwe aba ari umunsi w'**ibirori**.

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko (isomo 1)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:
- Kugaragaza ingingo z'ingenzi zikubiye mu mwandiko.
- Gusobanura akamaro k'uburezi n'uburere bigaragara mu mwandiko ndetse abihuza n'ubuzima busanzwe.
- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku burezi n'uburere, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko ndetse n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Witwa "Uburere buruta ubuvuke."
2. **Muri rusange uvuga ku biki?**
   Uvuga ku buzima bw'umukobwa witwa Murorunkwere.
3. **Ubuzima bwa Murorunkwere ubuvugaho iki**?

   Uvuga ukuntu yavutse agahabwa uburezi n'uburere mu muryango we, agakomereza no ku ishuri bikamuviramo kwihesha agaciro, akagahesha n'umuryango we.

## II. Gusoma

Umwarimu asaba abanyeshuri bakabanza kongera gusoma umwandiko **"Uburere buruta ubuvuke."** Umunyeshuri umwumwe agenda asimburana na bagenzi be, basoma baranguruye ijwi ku buryo bufasha abafite ubumuga bwo kutumva neza, maze ibibazo byo gusesengura umwandiko bakanabyandika ku kibaho kugira ngo n'ufite ikibazo cyo kutumva abisome, hanyuma bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, agasaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Babanza kungurana ibitekerezo ku bisubizo bari butange, umwarimu na we akazenguruka mu matsinda areba niba bose bitabira gutanga ibitekerezo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi n'umwanditsi hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.***

1. **Uyu mwandiko uri mu buhe bwoko bw'imyandiko? Sobanura impamvu**.
   Ni umwandiko mbarankuru.
   Impamvu ni uko urondora ibintu nk'aho byabayeho, ukarondora uko byagenze ukabivuga nkaho ari impamo kabone naho byaba ari ibihimbano, uyu mwandiko uragaragaza uko ibikorwa byakurikiranye, ufite abakinankuru barimo umukinankuru mukuru n'abakinankuru bungirije. Ni inkuru igaragaza intangiriro ikageza ku iherezo ry'ibivugwamo.
2. **Erekana ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko**.

   Ingingo z'ingenzi:
   - Ubufatanye bw'ababyeyi mu kwita ku burere n'uburezi bw'umwana.
   - Inyungu yo gukurikira ishuri neza.
   - Ibyiza byo kutiyandarika no kwitwara neza mu buzima.

   Ingingo z'ingereka:
   - Kubakira ababyeyi inzu nziza.
   - Ibijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye.
   - Ubuziranenge bw'amafunguro.
3. **Insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko ihuriye he n'ubuzima busanzwe bwa buri munsi**.

   Uyu mwandiko ufite insanganyatsiko y'uburere bwiza umuntu akomora mu muryango. Aho ihuriye n'ubuzima bwa buri munsi ni uko uvuga ku burezi n'uburere kandi kikaba ari ikintu gishingiyeho ubuzima muri rusange.

4. **Sobanura muri make ibikubiye mu gika cya nyuma cy'uyu mwandiko**.
   Igika cya nyuma cy'uyu mwandiko gikubiyemo ukuntu Murorunkwere yabonye uwo bashingana urugo waminuje amashuri, bagakora ubukwe bw'igitangaza buhesheje icyubahiro ababyeyi, Imana n'ubuyobozi. Ubu bukwe bwarimo amafunguro ateguye neza kandi bwahuruje imbaga irimo n'abanyamakuru. Ibyo byose byaturutse ku burere bwiza yakomoye ku muryango na we akemera kubukurikiza.

## Ubumenyi rusange bw'ururimi

## Intera ya mbere: Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda. (amasomo 2)

## Amagambo yandikwa afatanye.

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku nteruro yahawe araba ashobora:
- Gutahura imyandikire y'amagambo yandikwa afatanye n'ayandikwa adafatanye.
- Kurondora aho amagambo yandikwa afatanye n'aho yandikwa adafatanye.
- Gukosora umwandiko bandika neza amagambo afatana n'atandukana mu myandikire yayo.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, amabwiriza y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda, igitabo k'ikibonezamvugo n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abafite ibibazo runaka.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu yifashishije interuro zikoreshejwemo neza amagambo yandikwa afatanye n'ayandikwa atandukanye, asaba abanyeshuri kujya mu matsinda bubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bakitegereza uko zanditse maze bagatahura imikoreshereze y'amagambo yandikwa afatanye n'amagambo yandikwa atandukanye.

### Amagambo yandikwa afatanye

(Mu gitabo cy'umunyeshuri )

Nimusome interuro zikurikira maze mwitegereze imyandikire y'amagambo y'umukara tsiri, muvuge imiterere n'uburyo bw'imyandikire yayo.

a) Ababyeyi be bari **intangarugero** muri ako gace batuyemo.
b) Uko bazaga kumusura ababyeyi **be** babazaga abashinzwe imyitwarire uko umukobwa **wabo** yitwaye.

c) **Ntawutarabajije** niba hari icyo yaba yarahinduweho na bagenzi be.
d) **Cyanecyane** nyina utarahwemaga kumusura igihe itariki yo gusura **y**'ishuri **ryabo** yageraga.
e) Icyakora akabahakanira avuga ko igihe gikwiriye **nikigera** azakoshwa **nk'uko** izina rye ribivuga.
f) Yahoraga yibaza icyo azakora ngo yiture umuryango we wamuhaye umurongo **agenderaho**.
g) Abanyamakuru na bo bari bashitse bifatira ibyo gutangaza mu binyamakuru **byabo**.
h) Biteguye ko ubwo bukwe bagiye **kububyazamo** inkuru zishushanyije.

**Muri izi nteruro harimo amagambo yanditswe afatanye n'andi yanditswe adafatanye**.

**Amabwiriza agenga ifatana ry'amagambo mu myandikire yemewe y'Ikinyarwanda ari mu ngingo zinyuranye:**

Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda iteganya amagambo yandikwa afatanye aha hakurikira:

Ingingo ya 1:
Amazina y'inyunge harimo n'amazina bwite y'inyunge yandikwa afatanye.

***Ingero:***

- Umwihanduzacumu
- Rugwizangoga

Ingingo ya 2:
Ibyungo **"na"** na **"nka"** bikurikiwe n'ibinyazina ngenga bivuga nyakuvuga na nyakubwirwa (ngenga ya1n'iya 2) byandikwa mu ijambo rimwe.

***Ingero:***

- Ndumva **nawe** umeze **nkange**.
- Ndabona **natwe** tumeze **nkamwe**.

Ingingo ya 3:
Ikinyazina ngenera gikurikiwe n'ikinyazina ngenga byandikwa mu ijambo rimwe.

***Ingero:***

- Umwana **wange**.
- Amafaranga **yabo**.

Ingingo ya 4:
Impakanyi **"nta"** yandikwa ifatanye n'inshinga itondaguye iyikurikiye.

***Ingero:***

- Iwacu **ntawurwaye**.
- Muri iri shuri **ntabatsinzwe**.

Ingingo ya 5:
Ibinyazina ngenga byo mu nteko ndangahantu "**ho**", "**yo**", "**mo (mwo)**" n'akajambo "**ko**" bifatana n'inshinga bikurikiye mu gihe iyo nshinga atari "**ni**" cyangwa "**si**".

***Ingero:***

- Wa mugabo **nimusangayo turagenderako** ntitugaruka.
- Umuryango we wamuhaye umurongo **agenderaho**.

Ingingo ya 6:
Ijambo **"ni"** rikurikiwe n'inshinga ifite inshoza yo gutegeka cyangwa iyo guteganya ryandikwa rifatanye na yo.

***Ingero:***

- **Nimugende** mudasanga imodoka yabasize.
- **Nimugerayo** muzamunsuhurize.

Ingingo ya 7:
Amagambo yerekana ibihe yandikwa mu ijambo rimwe: "**nimunsi**", "**nijoro (ninjoro)**", "**nimugoroba**", "**ejobundi**".

***Ingero:***

- Aragera ino **nijoro**.
- Yatashye **ejobundi**.

Ingingo ya 8:
Ijambo "**munsi**" ryerekana ahantu na ryo ryandikwa mu ijambo rimwe.

***Urugero:***

- Imbeba yihishe **munsi** y'akabati.

Ingingo ya 9:
Imigereka ndangahantu iremewe ku ndangahantu "i" (imuhira, iheru, iburyo, ibumoso, ivure, imbere, inyuma, ibwami...) n'amagambo akomoka kuri "i" y'indangahantu ikurikiwe n'ikinyazina ngenera "wa", n'ikinyazina ngenga yandikishwa ijambo rimwe.

***Ingero:***

- Nujya **iburyo** ndajya **ibumoso**.
- Mbwirira abari **ikambere** bazimanira abashyitsi.
- Nimuza **iwacu** nzishima.

Ingingo ya 10:
Amagambo afatiwe hamwe akarema inyumane y'umugereka, inyumane y'icyungo cyangwa iy'irangamutima akomoka ku binyazina bitakibukwa amazina bisimbura yandikwa afatanye.

***Ingero:***

- **Niko**, uraza?
- Urahinga nuko uteza.

Ingingo ya 11:
Amagambo ashingiye ku isubiramo yandikwa afatanye.

***Ingero:***

- Perezida yavuze ijambo arangije amashyi ngo: "**kacikaci**"!
- Babwire bage binjira **umwumwe**.

Ingingo ya 12:
Ijambo "nyiri" iyo riri mu mazina amwe n'amwe y'icyubahiro rifatana n'ijambo ririkurikiye.

***Ingero:***

- **Nyiricyubahiro** Musenyeri
- **Nyirubutungane** Papa
- **Nyirubutagatifu**
- **Nyirijuru**

### Umwitozo ku myandikire yemewe y'Ikinyarwanda

Umwarimu atanga umwitozo ku myandikire yemewe y'ikinyarwanda, agasaba buri munyeshuri gukora umwitozo ku giti ke maze akaza kubakosora, anareba niba isomo riri kumvikana bityo aho abona hari ikibazo hagashakirwa igisubizo.

1. **Witaye ku bumenyi bw'ururimi umaze gusobanukirwa, andukura bundi bushya ibi bika byombi ukosora amakosa y'imyandikire yaba arimo**.

   umuco nyarwanda ntugacike. Umva rero mwana wa nge buriya ukwiye kugerageza kwitwara nka twe. kuko mu bintu byose umuntu uzi ubwenge agenda yigira ku babyeyi be agakurikiza inama za bo. Birumvikana ariko agomba gukurikiza imyitwarire ya bo igihe bagaragaza ubunyanga mugayo wongeye ho n'ikinya bupfura. Ibyo ari byo byose ndumva natwe tutarakubereye ababyeyi babi

   Si ibyo gusa kandi; ahubwo ni witwara neza mu buzima bwa we, nta kizaguhungabanya, kandi nta wuzaguhutaza na rimwe cyangwa ngo agusuzugure. Uhereye ubu uge witabira ishuri kandi wubahe abarezi ba we. Inama nziza bakugira buri munsi uzikurikize. Ntukaziteshukeho ngo ugane i buryo cyangwa i bumoso bwa zo. Ni ujya ugera i muhira uge uruhuka ho gato, ni joro usubire mu masomo yawe cyane cyane ayo utumvise neza. Ibi byose

nkubwiye mwana wa nge nubikurikiza uzabona abandi bagushyigikira maze i wacu muhateze i mbere.

**Ibisubizo by'umwitozo ku magambo yandikwa afatanye :**

Umuco nyarwanda ntugacike. Umva rero mwana wange buriya ukwiye kugerageza kwitwara nkatwe. Kuko mu bintu byose, umuntu uzi ubwenge agenda yigira ku babyeyi be, agakurikiza inama zabo. Birumvikana ariko agomba gukurikiza imyitwarire yabo, igihe bagaragaza ubunyangamugayo wongeyeho n'ikinyabupfura. Ibyo ari byo byose, ndumva natwe tutarakubereye ababyeyi babi.

Si ibyo gusa kandi; ahubwo niwitwara neza mu buzima bwawe, ntakizaguhungabanya, kandi ntawuzaguhutaza na rimwe cyangwa ngo agusuzugure. Uhereye ubu uge witabira ishuri kandi wubahe abarezi bawe. Inama nziza bakugira buri munsi uzikurikize. Ntukaziteshukeho ngo ugane iburyo cyangwa ibumoso bwazo. Nujya ugera imuhira uge uruhukaho gato, nijoro usubire mu masomo yawe cyanecyane ayo utumvise neza. Ibi byose nkubwiye mwana wange nubikurikiza uzabona abandi bagushyigikira maze iwacu muhateze imbere.

## Amagambo yandikwa atandukanye

Nimusome interuro zikurikira maze mwitegereze imyandikire y'amagambo y'umukara tsiri, muvuge imiterere n'uburyo bw'imyandikirwe yayo:

a) **Dore ko** ababyeyi be **bari** intangarugero aho batuye.
b) Yiga ku ishuri riri **ku** ntera ntoya uvuye **mu** rugo rw'iwabo.
c) **Na we** agashishikazwa no kwereka ababyeyi be ibyo yigishijwe.
d) "Inyana **ni iya** mweru" kandi ngo: "Uko muturera **ni ko** tuzakura".
e) Akababwira **ko** umwari w'u Rwanda adakwiye kugurwa nk'itungo.
f) Akaba **na we** yarakuze ari **nyiri ubupfura** mu muryango yarerewemo.
g) Hari abivugiye ko ubwo bukwe bagiye kububyazamo **inkuru shusho**.

**Muri izi nteruro harimo amagambo yanditswe afatanye n'andi yanditswe adafatanye.**

**Amabwiriza agenga itandukana ry'amagambo mu myandikire yemewe y'Ikinyarwanda:**

Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda iteganya amagambo yandikwa atandukanye aha hakurikira:

Ingingo ya 1:
Amagambo mfutuzi yandikwa atandukanye n'amagambo afuturwa.

***Ingero:***

- Inama **njyanama**
- Inyandiko **mvugo**

Ingingo ya 2:
Amazina nteruro agizwe n'amagambo arenze ane yo mu bisingizo, mu byivugo no mu migani yandikwa atandukanyijwe kandi agashyirwa mu twuguruzo n'utwugarizo.

***Ingero:***

- Ubwo "Inshyikanya ku mubiri ya Rugema ahica" aba arahashinze.
- "Saruhara rwa Nkomokomo umwami w'ibishwi n'ibisiga."

Ingingo ya 3:
Ibyungo "**na**" na "**nka**" bikurikiwe n'ibinyazina ngenga bivuga nyakuvugwa (ngenga ya 3) byandikwa bitandukanye n'ibinyazina ngenga.

***Ingero:***

- Ndumva **na we** ameze **nka bo**.
- Ndabona **na ko** kameze **nka bwo**.

Ingingo ya 4:
Impakanyi "**nta**" yandikwa itandukanye n'ubundi bwoko bw'ijambo riyikurikiye ritari inshinga itondaguye.

***Ingero:***

- **Nta we** mbona.
- **Nta cyo** ndwaye.

Ingingo ya 5:
Ibinyazina ngenga byo mu nteko ndangahantu "**ho**", "**yo**", "**mo (mwo)**" n'akajambo "**ko**" bitandukana n'inshinga bikurikiye mu gihe iyo nshinga ari "**ni**" cyangwa "**si**".

***Ingero:***

- **Ni ho** ngiye.
- **Si ko** avuze

Ingingo ya 6 :
Akajambo "**ko**" kunga inyangingo ebyeri gatandukana n'amagambo agakikije.

***Ingero:***

- Nizeye **ko** tuzatsinda.
- Hari abivugiye **ko** ubwo bukwe bagiye kububyazamo inkuru zishushanyije

Ingingo ya 7:
Urujyano rurimo ijambo "**ngo**" kimwe n'ibinyazina "**wa wundi**", "**bya bindi**", "**aho ngaho**", "**uwo nguwo**" n'ibindi biremetse nka byo byandikwa mu magambo abiri.

***Ingero:***

- Kugira ngo **wa wundi** atakubura, ukwiye kuba ugumye aho ngaho.
- Fata aka ngaka, **ibyo ngibyo** bireke.

Ingingo ya 8:
Amagambo "**ku**" na "**mu**" yandikwa atandukanye n'ikinyazina ngenera ndetse no mu magambo "ku wa" na "mu wa" abanziriza itariki cyangwa umubare mu izina ry'umunsi.

***Ingero:***

- Sindiho **ku bwabo**.
- Navutse **ku wa** 12 Ugushyingo.
- Azaza **ku wa** Mbere.
- Yiga **mu wa** Kane.

Ingingo ya 9:
Ijambo "**(i) saa**", rikurikiwe n'umubare byerekana isaha byandikwa mu magambo atandukanye.

***Ingero:***

- Abashyitsi barahagera **saa** tatu.
- **I saa** yine haba hakiri kare.

Ingingo ya 10:
Indangahantu "**i**" ikurikiwe n'izina bwite ry'ahantu yandikwa itandukanye n'iryo zina.

***Ingero:***

- **i** Kirinda
- **i** Muyunzwe

Ingingo ya 11:
Inshinga mburabuzi "**ari**" iyo ikoreshejwe mu nyangingo ngaragira yandikwa itandukanye n'ikinyazina kiyibanziriza n'ikiyikurikira.

***Ingero:***

- Itegeko rihana umuntu **uwo ari we** wese wangiza umutungo wa Leta.
- **Ibyo ari byo** byose sindara ntaje kukureba.

Ingingo ya 12:
Amagambo ahuje ishusho n'inyumane, ibinyazina biri kumwe bikerekeza ku kintu kizwi cyangwa kibukwa mu buryo bugaragara byandikwa bitandukanye.

***Ingero:***

- Uko arya **ni ko** akora.
- Uku kwezi **ni uko** guhinga.

Ingingo ya 13:
Amazina bwite y'ibihungu n'ay'uturere afite indomo yandikwa atandukanye n'iyo ndomo. Iyo ndomo ikandikwa mu nyuguti nto, keretse iyo itangira interuro.

***Ingero:***

- **A Marangara** n'**i Gisaka** ni tumwe mu turere twa kera tuvugwa mu mateka y'**u Rwanda**.
- **U Bubirigi** ni kimwe mu bihugu by'**i Burayi**.

Ingingo ya 14:
Akabimbura "**nyiri**" n'inshinga mburabuzi "**ni**" na "**si**" byandikwa bitandukanye n'amazina abikurikiye.

***Ingero:***

- **Nyiri** ubwenge aruta nyiri uburyo.
- Amasunzu **si** amasaka.
- Umwana **ni** umutware.

## Umwitozo ku myandikire yemewe y'Ikinyarwanda

Umwarimu atanga umwitozo ku myandikire yemewe y'ikinyarwanda, agasaba buri munyeshuri gukora umwitozo ku giti ke maze akaza kubakosora, anareba niba isomo riri kumvikana bityo aho abona hari ikibazo hagashakirwa igisubizo.

Witaye ku bumenyi bw'ururimi umaze gusobanukirwa, andukura bundi bushya ibi bika byombi bikurikira ukosora amakosa y'imyandikire yaba arimo.

- koko ubwenge burarahurwa. umunyeshuri yakundaga kwitabira ishuri. Igihe kiragera yiga mu ishami ry'indimi, maze agakunda kwitabira ibiganirompaka. Kubera ubuhanga abantu bamubonanaga, iyo bakoraga inama niwe basabaga kuzikorera inyandikomvugo. Aho arangirije amashuri yisumbuye, ategereje kujya mu mashuri makuru, doreko yari yagize amanota abimwemerera, yabaye yikorera ibihangano by'umuconyarwanda. Ahanga ibyivugo n'imigani miremire agakoreshamo na ya magambo atoroshye gukoresha nka "SaruharararwaNkomokomo umwamiw'ibishwin'ibisiga", "InshyikanyakumubiriyaRugemahica", "Rukubira umukakarwagikenyamukambwe ikaba impyisiy'umukubita igatwara inkotamukanwa iti: 'Ubwonzamutse RukomaninkamanukanaBikomomuzankuremuri izimpyisi' ".
- ageze n'ahongaho muri kaminuza, yabwiye bagenzi bekoinzozi ze ari izo kuba umuntu ukomeye. Nibyo kandi koko ngo: "Ushaka arashobora". Ibyo aribyo byose amashuri ye yayarangije afite amanota menshi bihebuje , ahita abona akazi keza k'ubusemuzi kwa Nyir'icyubahiro Musenyeri. Kuberako yakomeje kugaragaza ubuhanga n'umurava, yazamuwe mu ntera ahabwa gukomeza uwo murimo kwa Nyiri ubutungane Paapâ.

**Ibisubizo by'imyitozo ku magambo yandikwa atandukanye:**

- Koko ubwenge burarahurwa. Umunyeshuri yakundaga kwitabira ishuri. Igihe kiragera yiga mu ishami ry'indimi, maze agakunda kwitabira ibiganiro mpaka. Kubera ubuhanga abantu bamubonanaga, iyo bakoraga inama ni we basabaga kuzikorera inyandiko mvugo. Aho arangirije amashuri yisumbuye, ategereje kujya mu mashuri makuru, dore ko yari yagize amanota abimwemerera, yabaye yikorera ibihangano by'umuco nyarwanda. Ahanga ibyivugo n'imigani miremire agakoreshamo na ya magambo atoroshye gukoresha nka "Saruhara rwa Nkomokomo umwami w'ibishwi n'ibisiga", "Inshyikanya ku mubiri ya Rugemahica", "Rukubirumukaka rwa Gikenyamukambwe" ikaba impyisi y'umukubita igatwara inkota mu kanwa iti: 'Ubwo nzamutse Rukomani nkamanuka na Bikomo muzankure muri izi mpyisi."
- Ageze n'aho ngaho muri kaminuza, yabwiye bagenzi be ko inzozi ze ari izo kuba umuntu ukomeye. Ni byo kandi koko ngo: "Ushaka arashobora". Ibyo ari byo byose amashuri ye yayarangije afite amanota menshi bihebuje, ahita abona akazi keza k'ubusemuzi kwa Nyiricyubahiro Musenyeri. Kubera ko yakomeje kugaragaza ubuhanga n'umurava, yazamuwe mu ntera ahabwa gukomeza uwo murimo kwa Nyirubutungane Papa.

## Umwandiko: Akamaro k'ishuri

### Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko (amasomo 2)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranyamagambo n'umwandiko, araba ashobora:
- Gusoma umwandiko bucece no kuwusoma aranguruye
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gukoresha amagambo yungutse (mu mvugo cyangwa mu nyandiko) mu nteruro ngufi kandi ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku kamaro k'ishuri mu burere bw'umwana, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko n'inkoranyamagambo.

### I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko cyangwa ibikubiye mu mwandiko bagiye gusoma.

*Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:*

1. **Mwitegereje iyi shusho murabonaho iki?**
   Turabona abana babiri (umuhungu n'umukobwa) bareba mu gitabo gishushanyijemo indege.
2. **Utekereza ko bariya bana bari he?**
   Bameze nk'abari ku ishuri.
3. **Kuki ari umuhungu n'umukobwa?**
   Impamvu ni uko abana bose bagomba kwiga nta vangura ribayeho.
4. **Iriya ndege iri hejuru mu kaziga murayitekerezaho iki?**
   Turatekereza ko bariya banyeshuri bayitegereza bikaba bivuze ko mu kamaro k'ishuri hashobora kubamo no kugenda mu ndege, kuyitwara, kuyigura ndetse no kuyikora.

   Nyuma yo gusubiza ibyo bibazo cyangwa ibindi yababaza biganisha ku mwandiko bagiye kwiga, umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye gusoma umwandiko "**Akamaro k'ishuri**".

## II. Gusoma umwandiko

### Gusoma bucece

Umwarimu yongera kubibutsa urupapuro ruriho umwandiko **"Akamaro k'ishuri."** Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

*Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:*

1. **Uyu mwandiko uravuga ku biki?**
   Uravuga ku ishuri.
2. **Ni ibiki urivugaho?**
   Uravuga ku kamaro karyo mu buzima bw'uwarikurikiye neza.
3. **Ibyo uyu mwandiko uvuga bibera he?**
   Bibera mu muryango no ku ishuri.
4. **Mu mwandiko ni iki kivugwa cyahindutse amateka?**
   Ni uburyo hambere abafite ubumuga batigaga none ubu hakaba harimakajwe uburezi budaheza uwo ari we wese.

### Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, mu ijwi riranguruye kandi bubahiriza utwatuzo. Iyo abanyeshuri ari benshi umwe asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza igihe umwandiko urangiriye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uhari.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa bagiye bakora iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe bari gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo babasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III. Gusubiza ibibazo

Muri iki gice, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda bajya kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bagafatanya n'umurezi kubinoza.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:***

### a) Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Uyu mwandiko uravuga ku ki? Icyo kintu kiravugwaho iki**?
   Uravuga ku ishuri cyangwa se uburezi muri rusange. Iri shuri rirasingizwa kubera akamaro karyo.
2. **Erekana inyungu yo gukurikirana neza inzira y'ishuri**.
   Inyungu yabyo ni uko bituma umuntu ajijuka akirinda kuba ikirara ngo yangirike, ahubwo agakora ibikorwa byiza byo kumuteza imbere.
3. **Abanyarwanda bagira bati: "Kutiga biragatsindwa". Sobanura iyi mvugo wifashishije ibivugwa mu mwandiko**.
   "Kutiga biragatsindwa" kuko bituma umuntu yubikirwa n'icuraburindi ry'ubujiji bityo bikamudindiza mu iterambere. Ubwo kandi n'ubukungu burahadindirira.
4. **Sobanura ibyiciro by'abantu bashimwa muri uyu mwandiko**.
   Ikiciro cy'ababyeyi batoza umwana uburere bwiza, bakamujyana mu ishuri, bakamuha ibikoresho by'ishuri, n'ikiciro cy'abarezi bagira uruhare rwo gutanga ubumenyi n'uburere.
5. **Sobanura ukuntu uburezi n'ubumenyi bitangwa n'ishuri bishobora kongera umutungo**.
   Uburezi n'ubumenyi bikomoka ku ishuri bishobora kongera ubukungu kuko bituma umuntu amenya kwitwara neza, ibi bigatuma yirinda ingeso mbi zamutera gusesagura. Aboneraho ubumenyi n'ikoranabuhanga bimufasha kongera umutungo binyuze no mu gukunda umurimo no kuwunoza.

6. **Uyu mwandiko uravuga iki ku barwayi n'abafite ubumuga?**
   Uravuga ko bakwiye kwitabwaho ku bijyanye no kwiga, ibyo guhezwa bigasigara ari amateka.
7. **Erekana aho ubuyobozi bwiza buhuriye n'ibivugwa muri uyu mwandiko?**
   Aho ubuyobozi bwiza buhuriye n'umwandiko ni aho bavuga ko abakurikiye ishuri kandi bagakurikiza ibyo ryabatoje bavamo abayobozi beza. Baba baratojwe ikinyabupfura, gukunda umurimo no kuwunoza.
8. **Ni uwuhe mugenzo mwiza ujyanye n'umuco w'Abanyarwanda wo gushimira wavuzwe mu mwandiko?**
   Gutanga (gukoma) amashyi no kuvuza impundu, ndetse no kwifuriza ibyiza.

**b) Inyunguramagambo**

## Ibibazo n'ibisubizo byabyo:

1. **Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko**:
   a) **Byarafatitse:** Byaragaragaye ko bifite ireme.
   b) **Rubebe:** Umuntu utagira uburere, ikirara.
   c) **Akayabo:** Ibintu byinshi cyane.
   d) **Injijuke:** Umuntu usobanukiwe, ufite ubwenge.
   e) **Urufaya:** Aha bishatse kuvuga amashyi n'impundu byinshi cyane.
2. **Shaka impuzanyito z'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) Guhezwa: **Gukumirwa, kudahabwa ibyo wari ufitiye uburenganzira**.
   b) Ubukungu : **Ubukire** .
   c) Gusanga: **Kugan**a.
   d) Ingenzi: **Ingirakamaro**.

3. **Shaka imbusane z'amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) Igihombo ≠ **Inyungu**
   b) Ushimwa ≠ **Ugawa**, **unengwa**
   c) Inzitizi ≠ **Inyunganizi**
   d) Abagusanze≠ **Abaguhunze**.

### Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. **Koresha amagambo akurikira dusanga mu mwandiko mu nteruro ngufi kandi ziboneye**.
   a) **Abatakuzi**
      Rwanda yacu ubwiza bwawe tuzaburatira **abatakuzi**.
   b) **Umutwaro**
      Birabujijwe kwikoreza abana bakiri bato **umutwaro** uremereye.
   c) **Umubyeyi**
      Umuntu mukuru wese w'umugiraneza bamwita **umubyeyi**.
   d) **Uburezi**
      **Uburezi** bufite ireme ni inkingi y'iterambere.
   e) **Ubumuga**
      Abafite **ubumuga** bagomba kwitabwaho nk'abandi kuko atari bo baba barabwiteye.

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko (Isomo 1)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:
- Gusesengura umwandiko agaragaza imiterere yawo.
- Gusobanura akamaro k'ishuri n'uburere bigaragara mu mwandiko ndetse abihuza n'ubuzima busanzwe.
- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku kamaro k'ishuri, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko ndetse n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki**?
   Akamaro k'ishuri.
2. **Muri rusange uvuga ku biki?**
   Uvuga ku byiza byo kwitabira ishuri no kurikurikira neza.
3. **Kwitabira ishuri bimaze iki?**
   Bituma umuntu ajijuka agaha ubuzima bwe ikerekezo bityo bikazamufasha kubaho neza, akigirira akamaro, akakagirira igihugu ke n'umuryango rusange w'abantu.

## II. Gusoma

Umwarimu abwira abanyeshuri kubanza kongera gusoma umwandiko **"Akamaro k'ishuri."** Umunyeshuri umwumwe agenda asimburana na bagenzi be, basoma baranguruye ijwi ku buryo bufasha abafite ubumuga bwo kutumva neza, maze ibibazo byo gusesengura umwandiko bakanabyandika ku kibaho kugira ngo n'ufite ikibazo cyo kutumva abisome, hanyuma bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, agasaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Babanza kungurana ibitekerezo ku bisubizo bari butange, umwarimu na we akazenguruka mu matsinda areba niba bose bitabira gutanga ibitekerezo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi n'umwanditsi hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

***Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.***

1. **Uyu mwandiko uri mu buhe bwoko bw'imyandiko?**
   Uyu mwandiko uri mu bwoko bw'imyandiko yitwa imivugo.
2. **Garagaza uturango twa bene ubwo bwoko bw'umwandiko**.
   Umuvugo ni ubwoko bw'umwandiko w'ubuvanganzo urangwa n'ibi bikurikira:
   - Uba wanditse mu mikarago.
   - Buri mukarago utangizwa inyuguti nkuru.
   - Ukoresha imvugo ijimije kandi itatse inganzo (yiganjemo uturango tw'ikeshamvugo).
   - Ku bijyanye n'ikivugwa usanga urata cyangwa utaka ubwiza bw'umuntu cyagwa ikintu runaka, cyangwa se bikaba kubyamagana bitewe n'ububi umuhanzi abibonaho.
3. **Erekana aho insanganyamatsiko y'uyu mwandiko ihuriye n'ubuzima busanzwe bwa buri munsi?**
   Aho bihuriye ni uko uvuga ku kamaro k'ishuri. Ni mu gihe rero kuko ishuri ari ikintu gihuriweho n'ibyiciro byinshi by'abantu. Abanyeshuri, abarezi, ababyeyi, abayobozi mu nzego zinyuranye n'abandi.
4. **Garagaza ibindi bintu birebana n'ishuri ubona bitavuzweho muri uyu mwandiko**.
   Kwiga kubana n'abandi, imyambaro y'ishuri, ubusitani bw'ishuri, imirimo ikorerwa ku ishuri nk'iy'ubuhinzi n'ubworozi...

**Umwitozo w'ubumenyi ngiro**

**Intera ya mbere: andika ibitekerezo hubahirizwa amategeko y'imyandikire.**

*Intego zihariye:*

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko, araba ashobora:
- Kwandika ibitekerezo bye ku nsanganyamatsiko yahawe.
- Gutanga ibitekerezo mu nyandiko hakoreshejwe inyandiko iboneye yubahiriza amategeko y'imyandikire.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku kamaro k'ishuri, amabwiriza agenga imyandikire n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa, n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Ni uwuhe mwandiko duheruka kwiga?**
   Duheruka kwiga umwandiko witwa "Akamaro k'ishuri."
2. **Muri uyu mwandiko hagaragajwe iki muri rusange?**
   Hagaragajwe akamaro k'ishuri.
3. **Uwo mwandiko uri mu buhe bwoko bw'imyandiko?**
   Imyandiko yitwa "imivugo".

## II. Gutanga ibitekerezo mu nyandiko

Umwarimu atanga umwitozo usaba abanyeshuri kwandika ibitekerezo byabo ku kamaro k'ishuri, yubahiriza amabwiriza agenga imyandikire.

### Ikibazo cyatangwa:

Andika mu magambo make ibitekerezo byawe ku kamaro k'ishuri mu burezi n'uburere by'umwana kandi wubahirize amabwiriza y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.

***Urugero rw'igisubizo:***

Ibitekerezo biranyurana bitewe n'imyumvire y'abanyeshuri, umwarimu abakosore areba ibitekerezo byatanzwe niba koko bigusha ku kamaro k'ishuri.

Muri make: "Ishuri rituma umuntu ajijuka, akazabaho neza mu buzima bwe kandi akigirira akamaro kuko aba yararihashyemo ubwenge n'uburere bikwiye."

**Umwandiko: Akamaro k'itorero**

**Intera ya mbere: Gusoma no kumva umwandiko (Isomo 1)**

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri yifashishije inkoranyamagambo n'umwandiko, araba ashobora:
- Gusoma umwandiko bucece no kuwusoma aranguruye
- Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko
- Gusobanura amagambo adasobanukiwe
- Gukoresha amagambo yungutse (mu mvugo cyangwa mu nyandiko) mu nteruro ngufi kandi ziboneye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku kamaro k'itorero, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko n'inkoranyamagambo.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo byo mu buzima busanzwe biganisha ku mwandiko bagiye kwiga cyangwa se akabereka amashusho aganisha ku mwandiko bagiye kwiga akayababazaho ibibazo bituma bavumbura insanganyamatsiko cyangwa ibikubiye mu mwandiko bagiye gusoma.

***Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Kuri aya mashusho murayabonaho iki?**
   Abahungu n'abakobwa bashungereye umuhungu urimo gusimbuka urukiramende.
2. **Biragaragara ko bari he?**
   Bari mu kibaya cyangwa ikibuga.
3. **Mu Rwanda rwa kera urubyiruko rwitorezaga he imyitozo nk'iyi?**
   Bayikoreraga mu itorero.

## II. Gusoma umwandiko

### Gusoma bucece

Umwarimu yongera kubibutsa urupapuro rurìho umwandiko **"Akamaro k'itorero."** Umwarimu abwira abanyeshuri gusoma umwandiko bucece kandi buri muntu ku giti ke.

Iyo amaze kubona ko barangije gusoma bucece, umwarimu ababaza ibibazo bike bigaragaza ko abanyeshuri basomye koko.

*Urugero rw'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:*

1. **Uyu mwandiko uravuga ku biki?**
   Uravuga ku itorero mu Rwanda rwo hambere n'urwubu.
2. **Ni ibiki ukivugaho?**
   Uravuga ku kamaro k'itorero mu buzima bw'Abanyarwanda, uko abana babahungu batozwaga n'ibyo abakobwa batozwaga .
3. **Ibyo uyu mwandiko uvuga byabereye he?**
   Byabereye mu muryango wo kwa Karinda na mushiki we Kazuba.
4. **Mu mwandiko bavuga ko byabaye ryari?**
   Byabaye ari nimugoroba nyuma yo gufata amafunguro.

## Gusoma baranguruye

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma umwandiko, mu ijwi riranguruye kandi bubahiriza utwatuzo. Iyo abanyeshuri ari benshi umwe asoma igika kimwe agasimburwa n'undi bityobityo kugeza igihe umwandiko urangiriye. Iyo bibaye ngombwa banasubiramo bitewe n'umwanya uhari.

Umwarimu akurikirana abanyeshuri areba uko bitabira gusoma, akanakosora amwe mu makosa bagiye bakora iyo ahari. Ayo makosa ashobora kuba aya akurikira: Kunamiriza mu gitabo mu gihe bari gusoma, kutubahiriza ibimenyetso by'utwatuzo, gusoma gahoro biyongorera cyangwa barya amagambo ku buryo hari abanyeshuri batumva ibyo babasomera, gusoma basubiramo amagambo yari amaze gusomwa n'ayandi makosa umwarimu ashobora gutahura.

## III.Gusubiza ibibazo

Muri iki gice, umwarimu abwira abanyeshuri kujya mu matsinda ya banebane, bagasoma umwandiko bashakishamo ibisubizo birebana n'ibibazo byo kumva umwandiko n'iby'inyunguramagambo biteganyijwe mu gitabo cyabo. Buri tsinda ryitoramo urihagarariye. Nyuma yo kungurana ibitekerezo mu matsinda yabo, abahagarariye amatsinda baraza kumurika ibyo bakoreye mu matsinda, maze bafatanye n'umurezi kubinoza.

*Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo batanga:*

### a) Ibibazo byo kumva umwandiko

1. **Rondora abanyarubuga bavugwa muri uyu mwandiko**.
   Abo banyarubuga ni Karinda, Kazuba n'ababyeyi babo bombi.
2. **Se w'aba bana yababwiye ko mu itorero bigiragamo iki**?
   Se w'aba bana yababwiye ko mu itorero bigiragamo indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda. Bakiga n'imyitozo ijyanye n'urugamba kugira ngo nibiba ngombwa azashobore kurengera ubusugire bw'Igihugu. Bigishwaga imyitozo ijyanye no kumasha no guhamya intego, batibagiwe no gukinga

no kuzibukira. Bakiga gutera icumu, kwiruka, gusimbuka, imyiyereko itandukanye, kuba intyoza mu kuvugira mu ruhame, kwivuga no gukesha igitaramo. Bigiragamo no kumenya kwihagararaho imbere y'abashaka kubasererereza no kubacyocyora kuko banatozwaga kutaba ibifura. Ikindi bakanigiramo kubaha, kwitwararika amabwiriza y'ababakuriye no gushyira ibintu ku murongo.

3. **Garagaza uruhare rwa nyina w'aba bana muri iki kiganiro**.
   Uruhare rwa nyina rwabaye ko aho byabaga ngombwa yunganiraga umugabo we mu gusobanurira abana babo.
4. **Tanga imigani migufi itatu ukuye muri uyu mwandiko uvuge n'icyo ikwigishije**.
   - "Uburere buruta ubuvuke": Umuntu ayoborwa cyane n'ibyo agenda yigira ku bamurera kuko yibereye aho ntiyigishwe atamenya aho isi igeze.
   - "Igiti kigororwa kikiri gito": Umuntu akwiye kugirwa inama hakiri kare, atararengerana.
   - "Akanyoni katagurutse ntikamenya iyo bweze": Umuntu ntagomba kwigumira aho atuye ngo yumve ko bimuhagije; ahubwo agomba no gucishamo akajya guhaha izindi nama zamugirira akamaro ahandi.
5. **Erekana uko abakobwa bageze mu gihe cy'ubwangavu bitabwagaho**.
   Iyo umukobwa yamaraga kuba umwangavu bamutozaga kujya asanga ab'urungano rwe bakitoza gukora imirimo y'amaboko ibagenewe: irimo kuboha ibikoresho bitandukanye, gukora imitako n'ibindi.
6. **Vuga zimwe mu ndangagaciro z'umuco nyarwanda uhereye no kuri uyu mwandiko**.
   Indangagaciro: Gukunda Igihugu, kuvugisha ukuri, gutabarana, gucumbikirana, ubutwari, kwihangana, gukunda umurimo, kubahiriza amasezerano.
7. **Uyu mwandiko ugaragaza ute umuntu nyamuntu?**
   Uyu mwandiko uvuga ko umuntu nyamuntu atari isura nziza, ubunini n'ibindi; ahubwo umuntu nyamuntu ari uwanga umugayo.
8. **Gereranya itorero ryo mu gihe cya kera n'iry'ubu uvuge n'akamaro karyo muri rusange**.
   - Kera mu itorero hari ahantu abahungu b'ingimbi bajyanwaga bakitoza indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda. Bakiga imyitozo ijyanye n'urugamba. Bakigishwa imyitozo ijyanye no kumasha no guhamya intego, batibagiwe no gukinga no kuzibukira. Bigaga gutera icumu, kwiruka, gusimbuka, imyiyereko itandukanye, kuba intyoza mu kuvugira mu ruhame, kwivuga no gukesha igitaramo. Bigiragamo no kumenya kwihagararaho imbere y'abashaka kubasererereza no kubacyocyora kuko banatozwaga kutaba ibifura. Ikindi bakanigiramo kubaha, kwitwararika amabwiriza y'ababakuriye no gushyira ibintu ku murongo.

- Kuri ubu rero gahunda y'itorero ntiri kure y'iya kera kuko ari gahunda ibyiciro binyuranye by'abantu byigishirizwamo indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda. Batozwa gukorera ku mihigo, gukunda umurimo no kuwunoza n'ibindi. Ntirigenewe abahungu bonyine nka kera.
- Akamaro k'itorero muri rusange ni ugutoza Umunyarwanda kuba umuntu ugendera ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda. Akirinda gukora ibizira; ahubwo agaharanira kuba umuntu ukwiye kwifuzwa na buri wese kubera ubunyangamugayo no kwitabira umurimo bye.

## b) Inyunguramagambo

**Ibibazo n'ibisubizo byabyo:**

1. **Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:**
   a) **Itorero:** Ahantu abahungu b'ingimbi bajyaga bakigishwa indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda, n'ibindi byose bigamije kubaka Umunyarwanda usobanukiwe.
   b) **Gukinga:** Gutega ingabo igatangira imyambi bakurasa.
   c) **Kumasha:** Kurushanwa kuboneza intego by'abarasa.
   d) **Kuzibukira:** Kwitaza umwambi bakurashe cyangwa ikindi baguteye.
   e) **Intyoza:** Umuntu uzi gutunganya ibintu neza.
   f) **Igifura:** Umuntu baserereza cyangwa bacyocyora akarakara.

2. **Huza amagambo yo mu ruziga A n'ibisobanuro byatanzwe mu ruziga B**

**A**

1. Gucyocyora
2. Bwimbitse
3. Ubusugire
4. Intore
5. Kumasha

**B**

a. Uwateguwe neza ngo age atunganya ibyo ashinzwe yubahiriza n'amabwiriza yahawe.
b. Igikorwa cyo kutavogerwa.
c. Kubwira umuntu amagambo mabi yo kumutesha umutwe.
d. Kurasa.
e. Burambuye.

**Ibisubizo: 1=c, 2=e, 3=b, 4=a, 5=d**

### Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umwarimu abwira abanyeshuri bose gukoresha neza amagambo mu nteruro ngufi ziboneye cyangwa kuzuza interuro bifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko, ariko buri munyeshuri agakora ku giti ke. Umwarimu agenda akosora buri munyeshuri uko yagiye akoresha amagambo mu nteruro.

1. **Koresha amagambo akurikira dusanga mu mwandiko mu nteruro ngufi kandi ziboneye:**
   a) **Gutoza**
   Birakwiye rwose **gutoza** abana ikinyabupfura bakiri bato.
   b) **Umwangavu**
   **Umwangavu** aba ageze igihe cyo kwegera nyina ngo amwigireho inama zizamufasha mu buzima.
   c) **Indangagaciro**
   **Indangagaciro** z'umuco nyarwanda zishimwa n'amahanga.
   d) **Urugamba**
   Kera mu Rwanda imyitozo y'**urugamba** yaheraga mu itorero.
   e) **Ubunyangamugayo**
   Buri wese aranzwe n'**ubunyangamugayo** isi yaba Paradizo.

## Intera ya kabiri: Gusoma no gusesengura umwandiko (Isomo 1)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku mwandiko yahawe, araba ashobora:
- Gusesengura umwandiko agaragaza imiterere yawo.
- Gusobanura akamaro k'itorero n'uburere bigaragara mu mwandiko ndetse abihuza n'ubuzima busanzwe.
- Gusubiza ibibazo by'isesengura.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku kamaro k'itorero, amashusho ajyanye n'ibivugwa mu mwandiko ndetse n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bigamije kwibutsa umwandiko baheruka gusoma bakavuga muri make n'ibyari biwukubiyemo.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Akamaro k'itorero.

2. **Muri rusange uvuga ku biki?**
   Uvuga ku kiganiro Karinda na mushikiwe Kazuba bahawe n'ababyeyi babo ku byiza by'itorero mu Rwanda rwo hambere ndetse no kuri ubu.
3. **Itorero rimariye iki Abanyarwanda kuri ubu?**
   Rituma barushaho gukangukira kwita ku ndangagaciro zabo bigatuma baba Abanyarwanda babereye Igihugu cyabo kandi bihesha agaciro.

## II. Gusoma

Umwarimu asaba abanyeshuri kubanza kongera gusoma umwandiko **"Akamaro k'itorero."** Umunyeshuri umwumwe agenda asimburana na bagenzi be, basoma baranguruye ijwi ku buryo bufasha abafite ubumuga bwo kutumva neza, maze ibibazo byo gusesengura umwandiko bakanabyandika ku kibaho kugira ngo n'ufite ikibazo cyo kutumva abisome, hanyuma bakaboneraho gutangira gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko.

## III. Gusesengura umwandiko

Umwarimu ashyira abanyeshuri mu matsinda ya banebane, agasaba abanyeshuri gusubiza ibibazo biteguye mu gitabo cyabo mu rwego rwo gusesengura umwandiko. Babanza kungurana ibitekerezo ku bisubizo bari butange, umwarimu na we akazenguruka mu matsinda areba niba bose bitabira gutanga ibitekerezo. Buri tsinda ryitoramo umuyobozi n'umwanditsi hanyuma uhagarariye buri tsinda akaza kumurikira abandi ibyo ryagezeho, umwarimu agafasha abanyeshuri kunonosora ibyo bagiye bageraho mu matsinda.

## Bimwe mu bibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.

1. **Uyu mwandiko uri mu buhe bwoko bw'imyandiko?**
   Ni umwandiko mbarankuru.
2. **Garagaza uturango twa bene ubwo bwoko bw'umwandiko**.
   Uturango twa bene uyu mwandiko: Urondora ibintu nk'aho byabayeho, ukarondora aho byabereye kabone naho byaba ari ibihimbano. Ugaragaza intangiriro y'inkuru ukageza ku iherezo ryayo. Ugira abanyarubuga...
3. **Erekana ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko**.
   Ingingo z'ingenzi:
   - Ikiganiro cy'ababyeyi n'abana babo.
   - Akamaro k'itorero
   - Uko abana b'abahungu n'abakobwa barerwaga.
   - Uburezi n'uburere bitangirwa mu itorero.

   Ingingo z'ingereka:
   - Ibijyanye n'amafunguro n'indyo yuzuye.
4. **Mugereranye ubuzima mubamo bwo ku ishuri n'ibyagaragajwe mu mwandiko byakorerwaga mu itorero**.

Itorero ryahozeho igihe cy'abakoroni risimburwa n'ishuri kugeza ubwo ryongeye kwimakazwa risubizwaho ndetse rishyirwa mu ishuri kuko byagaragaye ko ubumenyi bwatangwaga mu ishuri nta ndangagaciro bwagiraga. Iyi nsanganyamatsiko ihuye n'ubuzima busanzwe tubamo rero kuko ivuga ku itorero ryinjijwe mu ishuri kandi rikaba riri muri gahunda Igihugu gishyize imbere mu rwego rwo kwimakaza indangagaciro z'umuco nyarwanda.

## Umwitozo w'ubumenyi ngiro

## Intera ya mbere: Kwitoza no gushishikarira gusoma. (isomo 1)

***Intego zihariye:***

Umunyeshuri ahereye ku byavuzwe n'ibyo yasomye mu mwandiko, araba ashobora:

- Kwitoza gusoma no gukora ubushakashatsi mu isomero.
- Gutanga ibitekerezo bye ashize amanga ahereye ku byo yasomye.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, imyandiko ivuga ku burere n'uburezi, ku kamaro k'ishuri n'akamaro k'itorero, ndetse n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abanyeshuri.

## I. Isubiramo

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bituma bibuka umwandiko uheruka kwigwa n'insanganyamatsiko ubumbatiye.

***Urugero rw'ibibazo yababaza:***

1. **Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
   Akamaro k'itorero.
2. **Uretse indangagaciro ni iki kindi urubyiruko rwigiraga mu itorero?**
   Bigiragamo na kirazira bagatozwa ibintu bizira batagomba gukora.
3. **Umuntu utagaragaza indangagaciro murumva hari umuco aba agifite?**
   Nta muco aba agifite kuko indangagaciro ni zo zigaragaza agaciro umuntu afite kandi yihesha. Uwataye indangagaciro rero aba yataye umuco we.

## II. Kwitabira gusoma.

Umwarimu atanga umukoro wo kwitabira gusoma no kubishishikarira, abanyeshuri bakajya mu isomero gushaka imyandiko ivuga ku burere n'uburezi, bakayisoma ari na ko bakora inshamake z'ibyo basomye maze bakazabigeza ku bandi. Umwarimu akurikirana uko abanyeshuri bitabira kujya mu masomero, hanyuma bakazageza ku bandi ibyo basomye ku burere n'uburezi.

**Ikibazo yatanga:**

Jya mu isomero ushake inyandiko zivuga ku burere n'uburezi, ibyo usomye ubyandike neza uzabisangize abandi ugaragaza uburere bwiza mu mvugo no mu nyandiko iboneye.

## Ubuvanganzo

### Intera ya mbere: Imigani migufi (Isomo 1)

*Intego zihariye:*

Umunyeshuri ahereye ku ngero z'imigani migufi yahawe, araba ashobora:
- Gutahura inshoza n'uturango by'imigani migufi.
- Gukoresha neza imigani y'imigenurano.

**Imfashanyigisho:** Igitabo cy'umwarimu, igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'ubuvanganzo n'izindi mfashanyigisho zaboneka mu rwego rwo gufasha abafite ibibazo runaka.

## I. Ivumburamatsiko

Umwarimu abaza ibibazo bifitanye isano n'isomo rigiye kwigwa kugira ngo afashe abanyeshuri kuvumbura ikigwa.

***Ingero z'ibibazo yababaza n'ibisubizo byabyo:***

1. **Ni nde watwibutsa ingeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda?**
   Harimo imigani miremire, imigani migufi, insigamigani, ibisakuzo, imbyino, ibitekerezo...
2. **Mu rwego rw'imisusire umugani mugufi n'insigamugani bihuriye he?**
   Byose bigizwe n'imvugo ikoresha amagambo make igizwe n'interuro ngufi.
3. **Ko twabonye ko insigamugani igira inkomoko imigani migufi yo ihimbwa na bande?**
   Ntabwo wamenya uwahimbye imigani migufi, ni imvugo iba yaramenyerewe igakoreshwa ariko tutazi uwayihimbye.

## II. Uko isomo ritangwa

Umwarimu yifashishije ingero z'imigani y'imigenurano iri mu gitabo cy'abanyeshuri cyangwa indi migenurano yihitiyemo, ashyira abanyeshuri mu matsinda ya babiribabiri, akabasaba gusoma imigenurano, batahura imiterere yayo, inshoza ndetse n'uturango twayo. Buri tsinda rimurikira ayandi ibyo

ryagezeho, nyuma y'igihe runaka cyagenwe, umwarimu akababafasha kubinoza no kubinonosora, bikandikwa ku kibaho kandi bigasomwa mu ijwi riranguruye mu rwego rwo gufasha ababa bakeneye ubufasha bwihariye, nk'abafite ubumuga bwo kutumva neza cyangwa kutabona neza.

**Uko igikorwa yabaha giteye:**

Mu matsinda ya babiribabiri musome interuro zikurikira muzitekerezeho hanyuma muvuge imiterere yazo ugendeye ku butumwa bukubiyemo.

- Uburere buruta ubuvuke.
- Igiti kigororwa kikiri gito.
- Agahugu umuco akandi umuco.
- Agahugu katagira umuco karacika.
- Nta mugabo umwe.
- Abantu ni magirirane.
- Abagiye inama Imana irabasanga.

Nyuma y'igihe yabageneye umwarimu ahuriza abanyeshuri hamwe bavuye mu matsinda, buri tsinda rikageza ku bandi ibisubizo byaryo. Ibisubizo batanga birababageza ku nshoza n'uturango by'imigani migufi.

***Urugero rw'ibyagerwaho:***

**Inshoza y'imigani migufi**

Imigani migufi ni interuro ngufi iba ikubiyemo ubutumwa mu buryo bw'amarenga. Imigani migufi ikoresha imvugo igizwe n'amagambo make nyamara igisobanuro ari kirekire. Bayita kandi imigani y'imigenurano kubera ko ikoreshwa ifite ikintu runaka igenuriraho cyangwa ikurizaho.

Imigani migufi bayikoresha batanga impanuro, inyigisho cyangwa bagira ngo bagire ibyo bakosora mu buzima bwacu bwa buri munsi, ndetse bakaba banakwerekana ibikwiye gukorwa bakangurira umuntu kubyitabira. Iyi ngeri y'ubuvanganzo ikubiyemo ubuhanga buhanitse bityo ikagaragaza umuntu wakenetse ururimi ndetse n'umuco wa ba nyirarwo.

**Uturango tw'umugani mugufi**

Umugani mugufi urangwa no kuba ugizwe n'amagambo make; ukoresha imvugo ica amarenga ku buryo uyibwiwe rimwe na rimwe adahita yumva icyo bashatse kuvuga atarebeye mu bwenge icyo bakurijeho. Umugani w'umugenurano uba ugizwe n'ibice bibiri by'interuro byuzuzanya. Ingingo zo mu buzima zifatirwaho imigenurano ni nyinshi kandi ntawamenya uwahimbye umugenurano.

Umugani mugufi usobanurwa mu buryo bubiri:
Uburyo bwa mbere ni uburyo bwa kamere yawo bukoresha imvugo itaziguye; ni ukuvuga igisobanuro cy'amagambo awugize ubwawo nk'interuro.

Uburyo bwa kabiri ari bwa bundi bw'amarenga bushushanya busaba uwo bawuciriye kwitonda agakoresha inyurabwenge kugira ngo avumbure ubutumwa bukubiyemo.

*Ingero z'imigani migufi isobanuye:*

a) **Ntawuvuma iritararenga:**
Uburyo bwa mbere (kumva amagambo agize interuro): Hano iryo bavuga rirenga ni "izuba." "Kuvuma" byo bisobanuye; gutuka cyangwa kwifuriza umuntu nabi. Ubwo bishatse kuvuga ko ntawutuka izuba ritararenga.
Uburyo bwa kabiri (uburyo bw'amarenga): Uyu mugani ushatse gusobanura ko ntawukwiye kwiheba burundu kubera ibibazo ahuye na byo kuko bishobora guhinduka mu kanya gato agahembuka. Bawucira umuntu bitewe n'ibibazo by'ubuzima ahuye na byo bagira ngo bamwihanganishe areke kwiheba.

b) **Agapfa kaburiwe ni impongo:**
Uburyo bwa mbere: Kuburira ni ukugira inama. Impongo ni ubwoko bw'inyamaswa. Ni ukuvuga ko impongo ari inyamaswa ipfa kandi yari yagiriwe inama zo gukira.
Uburyo bwa kabiri: Uyu mugani ushatse gusobanura ko igihe cyose umuntu ahawe inama nziza ntazikurikize ashobora guhura n'ibibazo bikomeye. Bawucira umuntu bagira ngo bamukebure agaruke mu murongo adashyira ubuzima bwe mu kaga.

c) **Igiti kigororwa kikiri gito:**
Ubusanzwe abamenyere iby'ubuhinzi babona ko iyo ushaka kugira isura runaka uha igiti ugomba kubikora kikiri gito kitarakomera; iyo ugoroye igiti kimaze gukura cyararengeranye, kiravunika. Uyu mugani rero bawuca bagereranya igiti n'umwana bakaba bashaka kuvuga ko umwana ahabwa uburere akiri muto, amazi atararenga inkombe. Ibyo bituma akurana uburere bwiza yatojwe hakiri kare; bitaba ibyo rero ukaba utamukosora yaramaze gukura.

## Imyitozo ku migani y'imigenurano

Umwarimu aratanga umwitozo ukorwa mu matsinda ya babiribabiri Uyu mwitozo urakorwa nk'umukoro uzamurikwa nyuma y'igihe abanyeshuri bumvikanye n'umwarimu.

Mu gihe cyo kumurika ibyagezweho, umwarimu azagenzura ko ibibazo byatanzwe byasubijwe neza ndetse ko umwandiko bahimbye wubahirije ibisabwa.

### Ibibazo yatanga ku migani mugufi:

1. **Nimushake imigani migufi yose yakoreshejwe mu nteruro zo mu mwandiko "Akamaro k'itorero."**

2. **Mutange imigani ibiri migufi kuri buri ngingo muri izi zikurikira:**
   a) Ubugiraneza
   b) Ubupfura
   c) Ibidukikije
   d) Inama
3. **Muhange inkuru yiganjemo imigani migufi y'Ikinyarwanda.**

## Inshamake y'ibyizwe muri uyu mutwe wa kenda:

Muri uyu mutwe wa kenda twasesenguye imyandiko ivuga ku nsanganyamatsiko y'uburezi n'uburere. Twabonye akamaro k'umuryango n'ak'ishuri mu burere bw'umwana, ndetse n'akamaro k'itorero mu gihe cya kera n'ubu. Ibi byose rero twabonye ko ari ingenzi mu gutoza abana uburere bwiza tutibagiwe nuko bungukiramo ubumenyi bunyuranye guhera bakiri bato, bityo bikazabafasha kwihesha agaciro mu buzima bwabo.

Twifashishije ingero z'interuro dukuye muri iyo myandiko ndetse n'izindi zo mu buzima busanzwe twasesenguye ibijyanye n'imyandikire y'Ikinyarwanda, aho twabonye amabwiriza agenga imyandikire y'amagambo yandikwa afatanye n'amagambo yandikwa atandukanye.

Mu buvanganzo twabonyemo ingeri y'imigani migufi iba ikubiyemo ubutumwa n'inyigisho zinyuranye. Ubwo butumwa butangwa mu buryo bw'amarenga bugira abantu inama yo kudakora iki cyangwa kiriya ngo badahuriramo n'ingorane, bushobora no kwereka umuntu ibyo yakoshejemo ngo yikosore cyangwa se ibikwiye gukorwa bamukangurira kubyitabira.

Usobanurwa mu buryo bubiri: Ubwa mbere ni uburyo bwa kamere yawo bukoresha imvugo itaziguye; mu gihe uburyo bwa kabiri ari bwa bundi bw'amarenga bushushanya busaba uwo bawuciriye kwitonda agakoresha inyurabwenge kugira ngo avumbure ubutumwa bukubiyemo.

### Ubumenyi bw'inyongera

## Imigani migufi ijyanye n'insanganyamatsiko y'uburezi n'uburere.

a) **Uburere buruta ubuvuke:**
Uyu mugani ushatse gusobanura ko ubwenge buyobora umuntu mu by'ukuri atari ubwo aba yaravukanye ; ahubwo ari ubwo agenda yigishwa uko agenda akura. Aho uyu mugani uhuriye n'insanganyamatsiko y'uburezi n'uburere ni uko ubwenge umuntu yunguka abukura muri gahunda z'uburezi (mu mashuri) n'uburere (mu muryango) agenda ahabwa.

b) **Ubwenge burarahurwa:**
Uyu mugani ushatse gusobanura ko umuntu atakwiyicarira gusa ngo ubumenyi buzamwizanira; ahubwo ko agomba kwegera abandi bakagenda bamwungura ibyo atazi. Aho uyu mugani uhuriye n'insanganyamatsiko y'uburezi n'uburere ni uko ibyo byose abyungukira mu bamurera ndetse n'abamwigisha muri gahunda zinyuranye.

c) **Nyiri ikirimi kibi yatanze umurozi gupfa:**
Uyu mugani ushatse kuvuga ko umuntu agomba kwitwararika ibyo avuga, ntapfe guhuragura amagambo adafitiye gihamya kuko bishobora kumukoraho. Uyu mugani uhuye n'insanganyamatsiko y'uburezi n'uburere kuko mu biranga umuntu warezwe neza harimo no kutagenda abunza umunwa.

d) **Ubugabo butisubiraho bubyara ububwa:**
Uyu mugani ushatse gusobanura ko igihe umuntu agaragarijwe impungenge z'umwanzuro yafashe aba agomba kwemera kwisubiraho akaba yawuhindura. Aho uyu mugani uhuriye n'insanganyamatsiko y'uburezi n'uburere ni uko umuntu wize cyangwa warezwe neza yemera gukosorwa igihe bibaye ngombwa.

e) **Umwana apfa mu iterura:**
Uyu mugani ushatse kuvuga ko uko umuntu azaba, bitegurwa guhera akiri muto. Uyu mugani uhuye n'insanganyamatsiko y'uburezi n'uburere kuko iyo umuntu atarezwe ngo anigishwe akiri muto aba atakaye kubikosora ugasanga bigoranye cyangwa se bitagishoboka.

f) **"Uwiba ahetse aba abwiriza uwo mu mugongo":**
Uyu mugani ushatse kuvuga ko iyo umubyeyi akora ikintu kibi umwana amureba, ibyo akora umwana arabifata akabikurana. Aho uhuriye n'insanganyamatsiko ni uko ibyo abana babona ku babarera, ingeso zabo se, byose bifatwa nk'ingero bari guha abana bityo ugasanga abana barabikuranye.

g) **"Ihene mbi ntawuyizirikaho inziza":**
Uyu mugani urerekana ko imico cyangwa imyifatire runaka ishobora kwanduzwa n'abantu umuntu ahura cyangwa abana na o. Aho uhuriye n'insanganyamatsiko ni uko mu burere abana bahabwa nko ku ishuri umwana ashobora kujya mu gatsiko k'abanyangeso mbi bityo izo ngeso mbi na we akazandura.

h) **"Isuku igira isoko":**
Uyu mugani urerekana ko mu buzima **"Ntakabura imvano."** Buri kintu kiba hari impamvu cyangwa intandaro itumye kiba. Aho uyu mugani uhuriye n'insanganyamatsiko ni uko akenshi mu buzima usanga abana bafite ikinyabupfura baba baragitojwe bakiri bato, bakagitozwa n'ababyeyi babo. Birumvika ko umubyeyi abaye nta kinyabupfura afite n'abana abyaye bakura ntacyo bafite cyane ko : **"Ntayima nyina akabara"** kandi **"Ntawutanga icyo adafite"** kandi **"Amata asabwa aho ari."**

## Isuzuma rusange risoza umutwe wa kenda

Nyuma yo kurangiza umutwe wa kenda, umwarimu atanga isuzuma riteganyijwe, buri munyeshuri arikora ku giti ke. Nyuma y'ikosora umwarimu asuzuma urwego abanyeshuri bagezeho kugira ngo niba hari ibigomba gusubirwamo bisubirwemo ndetse akareba abafite ibibazo byihariye kugira ngo abafashe mbere yo gutangira undi mutwe. Nyuma y'isuzuma umwarimu atanga imyitozo ku banyeshuri bafite intege nke mu myigire yabo.

## Ibibazo n'ibisubizo by'isuzuma

### I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. **Rondora abanyarubuga bavugwa muri uyu mwandiko. Muri bo abanyarubuga bakuru no abahe? Sobanura impamvu.**
   Nyagahungu, Nyiramahirwe, Rugendo, abana bo kwa Nyiramahirwe.
   Ni Nyagahungu na Nyiramahirwe. Kubera ko bigaragara ko ikiganiro cyabo ari cyo gifata umwanya munini mu mwandiko, akaba ari cyo umwandiko wubakiyeho.
2. **Nyagahungu yakiriwe ate akigera mu muryango wo kwa nyirasenge? Sobanura impamvu yakiriwe muri ubwo buryo**.
   Yakiriwe neza cyane baramuzimanira. Impamvu ni uko babyara be bari baratojwe uburere bwiza mu muryango wabo.
3. **Ni iyihe mpamvu nyamukuru y'uruzinduko rwa Nyagahungu kwa nyirasenge?**
   Yari yazinduwe no kubatumira mu birori byo kwakira impamyabumenyi y'amashuri ya kaminuza no kwerekana umukunzi we mu muryango. Yasabiraga na babyara be uruhushya rwo kuzaza kubafasha imirimo muri ibyo birori.
4. **Garagaza unasobanure imwe mu migenzo myiza y'umuco nyarwanda igaragara muri uyu mwandiko usobanure n'abo igaragaraho**.
   - Umugenzo mwiza wo gutumirana no kudahishanya ibirori: ugaragara kuri Nyagahungu n'umuryango w'iwabo kuko ibirori bye yagiye kubimenyesha no kubitumiramo umuryango wo kwa nyirasenge.
   - Umugenzo mwiza wo gusurana: ugaragara kuri Nyiramahirwe n'umugabo we kuko Nyagahungu abasura yasanze na bo bagiye gusura abaturanyi babo.
   - Umugenzo mwiza wo kutarogoya ikiganiro cy'abandi: ugaragara ku mugabo wa Nyiramahirwe n'abana be kuko bigaragara ko bahaye umwanya Nyagahungu akaganira na nyirasenge bisanzuye.
   - Umugenzo mwiza wo kudakekakakeka ibyo umuntu adafitiye gihamya: ugaragara kuri Nyiramahirwe aho yivugira ko atagombaga gukeka ko umukobwa yasanze iwabo wa Nyagahungu ari we bitegura kurushingana.

- Umugenzo wo kuganiriza abashyitsi, kubaherekeza no kwibuka gutashya abandi kandi na yo iramuranga.

5. **Gereranya ibivugwa muri uyu mwandiko n'ubuzima busanzwe bwa buri munsi**.
   Uyu mwandiko uhuye cyane n'ubuzima busanzwe kuko ugaragaramo ibintu byinshi mu biranga ubuzima busanzwe bw'Abanyarwanda. Gusurana, gutumirana, gufashanya mu mirimo imwe n'imwe, gushinga urugo, kwiga amashuri n'ibindi.
6. **Sobanura mu magambo yawe uko ikiganiro cya Nyiramahirwe n'umwisengeneza we cyasojwe**.
   Iki kiganiro cyasojwe Nyagahungu ashimira nyirasenge ko yemeye kumutega amatwi no kwakira ibyifuzo yamugejejeho. Nyagahungu kandi asoza agaragaza umuco mwiza wo kwibuka gusezera ku bagize umuryango yasuye.

## II. Inyunguramagambo

1. **Tanga ibisobanuro by'amagambo cyangwa amatsinda y'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko**.
   a) **Ingorabahizi:** Ibintu bikomeye cyane, biruhije.
   b) **Nta yindi ntumwa:** Gahunda ni iyo duhanye.
   c) **Inkumi:** Umukobwa ugeze mu gihe cyo gushyingirwa.
   d) **Twabukereye:** Twiteguye, twabyambariye.
   e) **Uduca mu rihumye:** Udutungura, uhimbira tutamureba.
2. **Shaka amagambo ari mu mwandiko y'imbusane z'aya yatanzwe.**
   a) Umusangwa ≠ **Umushyitsi**.
   b) Akazuba ≠ **Akavura**.
   c) Gusuzugura ≠ **Kubaha**.
3. **Koresha amagambo akurikira mu nteruro ngufi kandi ziboneye:**
   **a) Uburere**
   **Uburere** bwiza umwana abuherwa mu muryango no ku ishuri.
   b) **Indangagaciro**
   **Indangagaciro** z' umuco nyarwanda zikwiye kubahirizwa na buri wese.
   c) **Irungu**
   Iyo umuntu aganiriye n'abandi bimurinda kugira **irungu**.
   d) **Akaducucura**
   Nimugenda mwibuke gukinga neza hatagira umujura winjira mu nzu **akaducucura**.

**e) Kurenza umuntu irembo**
Reka mbanze **ndenze irembo umushyitsi** ndaje duhane gahunda neza.

## III.Ubumenyi bw'ururimi n'ubuvanganzo:

1. **Kosora umwandiko ukurikira wandika neza amagambo afatana n'adafatana ukurikije uko bigenwa n'amabwiriza y'imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.**

   Umwana warezwe neza agakurira mu mu conyarwanda agendana ishema akarangwa n'umurava mu byo akora. Si byo gusa; ahubwo usanga arangwa n'umuco mwiza wo kumvira abamukuriye cyanecyane mu gihe bamuyobora mu nzira nziza ijyanye n'umuco wabo. Iyo ari mu ishuri ntapfa gufata ijambo mu kajagari; ahubwo akurikiza gahunda y'uko hagomba kuvuga umwe umwe. Umuntu wese rero akwiye kurangwa n'ikinyabupfura mu byo akora byose n'aho ari hose.

   **Igisubizo:**

   Umwana warezwe neza agakurira mu muco nyarwanda agendana ishema akarangwa n'umurava mu byo akora. Si ibyo gusa; ahubwo usanga arangwa n'umuco mwiza wo kumvira abamukuriye cyanecyane mu gihe bamuyobora mu nzira nziza ijyanye n'umuco wabo. Iyo ari mu ishuri ntapfa gufata ijambo mu kajagari; ahubwo akurikiza gahunda y'uko hagomba kuvuga umwumwe. Umuntu wese rero akwiye kurangwa n'ikinyabupfura mu byo akora byose n'aho ari hose.

2. **Sobanura iyi migani migufi nurangiza uvuge aho ihuriye n'insanganyamatsiko y'uburezi n'uburere.**
   a) **Ubwenge burarahurwa**:
   Uyu mugani ushatse gusobanura ko umuntu atakwiyicarira gusa ngo ubumenyi buzamwizanira; ahubwo ko agomba kwegera abandi bakagenda bamwungura ibyo atazi. Aho uyu mugani uhuriye n'insanganyamatsiko y'uburezi n'uburere ni uko ibyo byose abyungukira mu bamurera ndetse n'abamwigisha muri gahunda zinyuranye.
   b) **Nyiri ikirimi kibi yatanze umurozi gupfa**:
   Uyu mugani ushatse kuvuga ko umuntu agomba kwitwararika ibyo avuga, ntapfe guhuragura amagambo adafitiye gihamya kuko bishobora kumukoraho. Uyu mugani uhuye n'insanganyamatsiko y'uburezi n'uburere kuko mu biranga umuntu warezwe neza harimo no kutagenda abunza umunwa.
   c) **Umwana apfa mu iterura**:
   Uyu mugani ushatse kuvuga ko uko umuntu azaba, bitegurwa guhera akiri muto. Uyu mugani uhuye n'insanganyamatsiko y'uburezi n'uburere kuko iyo umuntu atarezwe ngo anigishwe akiri muto aba atakaye, kubikosora ugasanga bigoranye cyangwa se bitagishoboka.

## IV. Ihangamwandiko

Hanga umwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko y'uburezi n'uburere wiganjemo imigani migufi kandi ukoreshemo n'ikeshamvugo.

Umwandiko umunyeshuri ahanga ugomba kuba uvuga kuri zimwe mu ngingo zikurikira:

- Akamaro k'umuryango mu burere bw'umwana.
- Akamaro k'ishuri mu burere bw'umwana.
- Akamaro k'itorero mu gihe cya kera no kuri ubu.
- Imyitwarire y'umuntu wahawe uburere bukwiye.

*(Umwarimu akosora umwandiko areba niba abanyeshuri, bubahirije ibisabwa mu ihangamwandiko, akanagenzura niba imigenurano yakoreshejwe ari yo koko).*

## Imyitozo nzamurabushobozi igenewe abafite intege nke mu myigire yabo

1. **Vuga akamaro k'ishuri n'akamaro k'itorero mu burere bw'umwana w'Umunyarwanda**.
   Ishuri ritanga ubumenyi butandukanye, ku ishuri umuntu ahigira byinshi bigamije kumwubaka no gutuma yihesha agaciro mu ruhando rw'abandi. Impamyabumenyi umuntu akura ku ishuri zituma umuntu abasha gushaka akazi kamubeshaho mu buzima we ubwe n'umuryango we. Ishuri rituma umuntu ajijuka akirinda kuba ikirara ngo yangirike, ahubwo agakora ibikorwa byiza byo kumuteza imbere.

2. **Iyo bavuze ngo : "Uburere buruta ubuvuke" baba bashaka kuvuga iki**?
   Bishatse kuvuga ko ibyo umuntu yungukira ku bandi mu burere ahabwa n'ababyeyi ndetse n'abandi bagenda bamurera nyuma yo kuvuka, ni byo bimugira umuntu nyamuntu ufite agaciro runaka mu bandi. Kuko umuntu avutse nyuma ntarerwe, nta muco yagira nta n'ubwenge yagira.

3. **Tanga ingero enye zigaragaza aho amagambo yandikwa afatanye mu Kinyarwanda**.
   - Amazina y'inyunge harimo n'amazina bwite y'inyunge yandikwa afatanye. Urugero: Rugwizangoga
   - Ibyungo"na" na "nka" bikurikiwe n'ibinyazina ngenga bivuga nyakuvuga na nyakubwirwa (ngenga ya1n'iya 2) byandikwa mu ijambo rimwe.
     Urugero: Ndumva nawe umeze nkange.
   - Ikinyazina ngenera gikurikiwe n'ikinyazina ngenga byandikwa mu ijambo rimwe. Urugero: Umwana wange.
   - Impakanyi "nta" yandikwa ifatanye n'inshinga itondaguye iyikurikiye.

**Imyitozonyagurabushobozi igenewe abanyeshuri bihuta cyane kurenza abandi:**

1. **Bitewe n'abo ubuvanganzo nyarwanda bwabaga bugenewe burimo ibice bingahe?**

   Habamo ubuvanganzo nyabami n'ubuvanganzo bwo muri rubanda.

2. **Bitewe n'uburyo bugezwa ku babugenewe burimo ibice bingahe?**

   Harimo ubuvanganzo nyemvugo n'ubuvanganzo nyandiko.

3. **Tandukanya ingeri y'insigamugani n'iy'imigani migufi.**

   Insigamugani ni imvugo cyangwa se imigani iba yarakomotse ku bantu bazwi mu mateka (aho babaye, ibyababayeho byakomotseho iyo mvugo, aho byabereye n'igihe byabereye ). Umwandiko w'ikirari k'insigamugani utangira uvuga uwo iyo mvugo yakomotseho, igihe n'aho byabereye, ugazoza werekana uko iyo mvugo yabaye gikwira.

   Naho Imigani migufi ni interuro ngufi iba ikubiyemo ubutumwa mu buryo bw'amarenga. Imigani migufi ikoresha imvugo igizwe n'amagambo make nyamara igisobanuro ari kirekire. Bayita kandi imigani y'imigenurano kubera ko ikoreshwa ifite ikintu runaka igenuriraho cyangwa ikurizaho. Imigani migufi bayikoresha batanga impanuro, inyigisho cyangwa bagira ngo bagire ibyo bakosora mu buzima bwacu bwa buri munsi.

4. **Iyo bavuze inshoberamahanga wumva iki?**

   Nk'uko izina ubwaryo ribivuga inshoberamahanga ni ikintu cyashobeye cyangwa cyayobeye amahanga. Inshoberamahanga rero ni imvugo ikoreshwa n'abenerurimi runaka ku buryo umuntu utarakenetse urwo rurimi nk'umunyamahanga, ayumva ntahite amenya icyo bashatse kuvuga. Bigasaba ko asobanurirwa icyo bashatse kuvuga bakoresheje iyo mvugo mu by'ukuri idasobanura icyo amagambo ayigize ubwayo avuze, ahubwo ari imvugo shusho.

   Urugero tuvuze tuti: "Kanaka agenda atera isekuru." Umuntu utazi neza ururimi rw'Ikinyarwanda yumvise iyi mvugo yamubera urujijo kuko gutera isekuru atahita yiyumvisha icyo bishatse kuvuga. Ubundi mu Kinyarwanda batera ibiti, bagatera imbuto y'imyaka nk'ibishyimbo, ibirayi n'ibindi. Kugira ngo amenye ko bashatse kuvuga ko kanaka agenda acumbagira, byasaba ko asobanurirwa icyo bashatse kuvuga.

5. **Tanga ingero nibura eshanu z'inshoberamahanga**.
   Ingero z'inshoberamahanga:
   Kugenda biguru ntege, kugenda runono, kwiruka amasigamana, kurara rwantambi, kurara nzira, kugenda iya rubika...

## Ibitabo, inyandiko n'imbuga nkoranyambaga byifashishijwe


**1. IBITABO**

BIZIMANA, S., KAYUMBA C., 2011, *Inkoranya y'ikinyarwanda mu Kinyarwanda*, IRST, 2ème Edition.

BIZIMANA, S., n'abandi, *Imiteêrere y'îkinyarwaanda*, igitabo cya mbere, IRST.

BIZIMANA, S., RWABUKUMBA, G., 2011, *Inkoranya y'ikinyarwanda mu Kinyarwanda*, IRST, 1ère Edition.

CHARMEAUX, E., 1975, *La lecture à l'école*, Cédix, Paris.

CONFÉRENCE DES MINISTRES DE L'EDUCATION DES ETATS D'EXPRESSION FRANÇAISE, 1986, *Promotion et intégration des langues nationales dans les systèmes éducatifs*, Librairie Honoré Champion, Paris.

GAGNÉ, G., PAGÉ, M. na ARRAB, E., 2002, *Didactique des langues maternelles. Questions actuelles dans différentes régions du monde*, De Boeck Universitégions du monde, De Boeck Université, Bruxelles.

GASIMBA F. X, NIYOMUGABO C, NSANZABIGA E, RUSINE J.B, TWILINGIYIMANA C, 2012, *Inkoranyamuga ndimeshatu*, Kigali.

HAMELINE, D., 1983, Les objectifs pédagogiques (4ème édition), Editions ESF, Paris.

IGIRANEZA, T., 1991, *Ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda, Iyigamajwi n'Iyigamvugo,Igitabo cy'umunyeshuri umwaka wa 2 n'uwa 3*, BPS, Kigali.

IKIGO CY'UBUSHAKASHATSI MU BY'UBUHANGA N'IKORANABUHANGA(IRST), 1998, *Imiterere y'Ikinyarwanda, Igitabo* I, 1998, Pallotti-Presse, Kigali.

IRST, (2004), Inkoranya y'ikinyarwanda mu Kinyarwanda.

MINISITERI Y'AMASHURI ABANZA N'AYISUMBUYE, 1990, *Ikinyarwanda. Ikibonezamvugo: Iyigantego.Inshoza y'inshinga nyarwanda. Isomo ryateguwe na Igiraneza Tewodomiri*, BPES, Kigali.

Minisiteri y'Amashuri Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga, (1986), *Ibirari by'insigamigani. Igitabo cya Kabiri*, Kigali.

MINISITERI Y'UBUREZI, 2015, *Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu kiciro Rusange.* REB, Kigali.

MURAYI, A., 1986, *Ubumenyi bwo kwigisha: bigisha bate mu mashuri abanza*? Editions Printer Set, Kigali.

NDEKEZI, S., 1981, Imyuga y'Abanyarwanda, INADES-formation-RWANDA, Imprimerie de Kabgayi.

**2. INYANDIKO:**

Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside, (2014), *Kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo*, Kigali.

Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside, (2015), *Ikiganiro ku ihakana n'ipfobya bya jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda 1994, Kigali*.

**3. IMBUGA NKORANYAMBAGA**

http://www.newsofrwanda.com/featured1/23600/nyarugenge-binyuze-ku-nkunga-ya-vup-bahabwa-bashinze-koperative-yatumye-biteza-imbere

http://www.lestrucsdunjournaliste.com/2009/06/le-communique-de-presse.html
https://www.docpourdocs.fr/IMG/pdf/structure_de_l_article_de_presse_4e_3e.pdf